

Yego, ndifuza...



Gusobanukirwa

n'Ubushake bw'Imana

Ku buzima bwanjye

Naremewe kwamamaza ubutumwa bwiza

Jim Harper

www.UnderstandGodsWill.com

Yego, ndifuza...

Gusobanukirwa

n'Ubushake bw'Imana

Ku buzima bwanjye

Naremewe kwamamaza ubutumwa bwiza

Jim Harper

www.UnderstandGodsWill.com

Copyright ©2013 I was made for mission inc.
Ntiwemerewe gucapisha iki gitabo utabiherewe uburenganzira

Tubararikiye gusura urubuga rwacu www.UnderstandGodsWill.com
kugira ngo mubone andi makuru yerekeye iki gitabo, umwanditsi
wacyo ndetse n'umuryango wacu. Turabifuriza kuba
abafatanyabikorwa bazadufasha gucapa no kugeza iki gitabo mu isi
yose, ndetse no kudufasha kugihindura mu zindi ndimi nyinshi.

Niba hari andi makuru mwifuza, mwakwandikira:
Jim@UnderstandGodsWill.com

Nibyo, mwaremewe kwamamaza ubutumwa bwiza!

Impano zo gushyigikira uyu murimo mwazohereza uyu muryango:

Understand God's Will
P.O. Box 846
Wayzata, MN 55391
USA
Email: info@UnderstandGodsWill.com

(Murebe umugereka A kugira ngo muhabwe amakuru arambuye)
Verisiyo 1.1
Nzeri 2019

Andi makuru arebana n'ibitabo byacu bya e-books, ibitabo bivugako
ndetse n'imfashanyigisho,
mwasura urubuga rwacu:
www.UnderstandGodsWill.com
Igifuniko cy'iki gitabo cyatunganijwe na Kaylyn afatanije na Diane
Branson

Iki gitabo cyahinduwe mu Kinyarwanda n'Umuyobozi akaba
n'Umufatanyabikorwa wa

Understand God's Will Ministry Rwanda
Pastor Jean Felix UWUMUREMYI
P.O. Box 340
Gisenyi-Rwanda
E-mail: Uwumuremyifelix@gmail.com
Phone: +250 788778738

Imana iguhe umugisha Jean Felix kubwo kwizerwa ndetse n'icyifuzo
cyo gufungura amaso ya benshi ku isi yose kugira ngo bamenye
ubwiza bw'umugambi w'Imana wasohojwe n'umwana wayo Yesu
Kristo.

Umwanditsi, Jim Harper

Impamvu iki gitabo cyanditswe



Charlene & Jim
Harper

Nashyingiranywe n'umugore nkunda, Charlene, hashize imyaka 35, twabyaranye abakobwa 2 beza cyane. Nta bumenyi bundi nagiraga- cyangwa icyifuzo runaka - cyo kwandika igitabo, natangiye kugira ibiyumviro muri nje byo kwandika ku mugambi Imana idufitiye twese. Byari ibiyumviro bibi, ndetse bidafite ishingiro, bityo rero ntangira kubyivanamo. Ni gute nagombaga kwandika ku kintu nanjye ubwanjye ntasobanukiwe? Byagombaga gufatwa nkaho nabuze ubwenge, cyangwa bigafatwa nk'ubupfu.

Ntacyo byamaze, ibiyumviro byarakomeje.

Ibiyumviro byakomeje kuba muri nje imyaka myinshi ndetse bitangira kumviramo umuhangayiko utazashira na rimwe. Simpangayitse- ibi nabyo ni ibindi biyumviro bitandukanye n'ibindi byumvikanaga muri nje. Byasaga nkaho ari Imana ubwayo yifuzaga kubinkoresha. Ariko kuki? None se kuki? Mu mutima wanjye, nibazaga uburyo nabasha gukora ikintu nk'iki mu gihe nta bumenyi bwihariye nari mfite bwo kubikora. Njya nkunda kugeragezwa ariko ibi byari birenze. Kuki byakomeje kuba akarande mu mutima wanjye? Kubera ko byari birenze cyane ubushobozi bwanjye, nta kundi nagombaga kubigenza uretse gukomeza kwikuramo ibyo biyumviro. Birashoboka ko nagomba gukora imyitozo myinshi.

Ntacyo byamaze, ibiyumviro byarakomeje.

Mu myaka yakurikiyeho, ibiyumviro byakomeje kugira imbaraga kandi byisukiranyaga nuko nkomeza kubwira Umwami wanjye mu isengesho niba ibi biyumviro byaraturutse kuri wowe- waba wararebye nabi- Ntabwo ndi umwanditsi. Mu by'ukuri, ntabwo nari nzi ibyerekeranye n' "Umurimo" adufitiye twese, kandi ikigeretse kuri ibyo, ntabumenyi buhagije nari mfite bwo kwandika. Ibyo ntibyari mu nshingano zanjye. Habe na gato. Byongeye kandi Imana yarizi ko nandikisha gusa intoki ebyiri. Ndayibwira nti: Shakisha umuntu ushobora kwandika.

Muri icyo gihe nahuye na Nikki Frizzell mu Itorero ryanjye. Icyo nari ntazi kuri Nikki Frizzell, nuko hari indilimbo yari amaze kwandika. Mu gitondo, nyuma ya rimwe mu majoro akomeye naraye nsenga, numvise imwe mu ndilimbo za Nikki. Yitwaga: "Waremewe kwamamaza ubutumwa bwiza". Aha nahakuye ubundi bufasha. Ariko ubu bwabaye ubufasha bukomaye cyane. Bwabaye ubufasha ntagombaga gusuzugura, kuko bwaje nyuma y'aho nari maze gusaba Umwami wanjye ikimenyetso- ikimenyetso ntagombaga kubura. Iki kimenyetso cyatumye ndira amarira menshi ku maso yanjye. Birumvikana ko nari mfite umubabaro mwinshi. Nibwo naje gusobanukirwa yuko guhura na Nikki bitari impanuka. Numva muri nje mbye nabi cyane. Umwami akomeza kunyongeramo imbaraga, nkomeza kumwirengangiza ndetse no

kumwihakana. Yashoboraga kubona ko nabuze kwizera. Amateka ya Petero muri Bibiliya atangira kwibutsa umutima wanjye, aho Petero yihakanye Yesu inshuro eshatu. Byari ibiyumviro bibabaje.

Byamaze imyaka myinshi cyane, ari nako ngenda mbona n'ubufasha bwinshi, ariko ku iherezo Umwami asubiza amasengesho yanjye, kandi igisubizo cyari gitunganye: "Uri mu ukuri. Nta bushobozi ufite bwo kwandika iki gitabo".

"Utamfite"

Nkimara kubwira Nikki ibirebana n'ubufasha bwose nakiriye, ndetse maze kumva ubwo nawe yakiriye, twembi twamenye yuko guhura kwacu atari impanuka. Twembi twaje kumenya ko indilimbo ye, ndetse n'igitabo cyanjye (cy'ahazaza), byabayeho kimwe ku bw'ikindi: gufasha abantu gusobanukirwa uwo Yesu ariwe, no gufasha buri wese kumenya neza ntashidikanya yuko Imana ifite umugambi n'umurimo kuri buri wese hagati muri twe. Twese twaremwe ku bw'umurimo- ntacyo bitwaye uko waba ungana kose.

Ibi byose byaratunzejeje ndetse bihamya umuhamagaro wacu, ariko igitabo cyari kitarandikwa. Ugh. Yego Mwami, aha niho utabarira. Ntabwo nizeye, ariko ngwino unkize kutizera. Muri uru rwego, nta bumenyi mfite, ndi muri zero, kandi sinanzi n'umutwe w'icyandikwa. Ibi byasaga nk'umusozo nari mfite imbere yanjye kandi nagombaga kuzamuka. Naje gukenera ikindi cyifuzo ndetse n'ubundi bufasha. Sinshobora kwandika (urugero: kuzamuka uyu musozo) kandi sinifuza no kubikora. Nasengeye iki kintu nuko Umwami aransubiza. Yanshyizemo icyifuzo cyo kwinjira mu ijamba rye kugira ngo mbashe kubona ibisubizo by'ibibazo byose nashidikanyagaho. Mbega igitangaza. Yanshyizemo igitekerezo cyo gukora ibyo natekerezaga ko bidashoboka - nko kuzamuka umusozo Everest. Ariko hamwe nayo ibintu byose birashoboka.

Noneho menye neza, kandi nsobanukiwe, ko igikwiriye-ari ukwizera. Kwizera guto cyane nk'akabuto ka sinapi.

Imana itubwira yuko naho twagira ukwizera kungana n'akabuto ka sinapi, nta kintu na kimwe kitashoboka imbere yacu. Ni gute twamenya igihe ikintu cyenda gusa n'umurimo udashoboka (ngo kwandika iki gitabo) kivuye ku Mana? Biroroshye cyane. Iyo tubasha kubikora ku bwacu tudakeneye Imana- icyo gihe ntabwo tuba tugikeneye ukwizere kugira ngo tubikore. Nuko rero ukwizera gukenerwa mugukora ibidashoboka. Nta kwizera ntibishoboka ko tunezeza Imana kuko uyegera akwiriye kwizera ko iriho- kandi ikazagororera abayishaka. Ni mukwizera kwacu dushobora gukora ibiruta cyane ibyo dusaba cyangwa ibyo dutekereza.

Nuko rero, biciye mukwizera (gusa), iki gitabo cyaranditswe.

Ndizera yuko ibi biguhumekaramo gukora ibidashoboka. Wumvire Imana nayo izaguha umugisha. Wumvire Imana kandi wizere. Kuko byose bishobokera uwizera.

Nanditse iki gitabo, nyamara si ndi umwanditsi. Natangaje iki gitabo, nyamara si ndi umunyamakuru. Ntabwo ndi Pasiteri, umushumba, intumwa, revera, umusenyeri, cyangwa umunyedini. Nakoresheje gusa ubufasha bw' Umwami Imana yagiye ampa- nuko ku bw'ubuntu bwe, no kwizera guke, nabashije kwandika iki gitabo.

Wumvire ubufasha bwe. Umwami nta kindi yifuza uretse ibyiza kuri wowe. Mu by'ukuri, Arifuza kuguhundagazaho imigisha ye. Nuko rero gira kwizera.

Mu izina rye,
Jim Harper, Umwanditsi

This page left blank for proper printing

Ubuhamya bw'abasomyi

Ubuhamya bwa David

Jim, mbega igitabo GIKOMEYE! Ibyinshi mu bibazo nari mfite byarasubijwe. Ubuzima bwanjye ndetse no kwizera bizagira impinduka nziza, mu by'ukuri byaratangiye. Uko biri kose « ndumva itandukaniro » nonaha.

Ubuhamya bwa Pastor Charles (Rwanda)

Nongeye kuzirikana ndetse no gushimira cyane Jim Harper wanyigishije byinshi ndetse byinshi cyane ku biyanye n'ijambo ry'Imana biciye mu gitabo cye. Iki gitabo mu by'ukuri cyaramfashije mukumurikira umutima wanjye mu murimo wanjye wo kwigisha kandi kinsukira impano y'ubushumba wo kuragira umukumbi w'Imana.

Ubuhamya bwa Pasiteri Jean (Haiti & Dominican Republic)

Nkunda cyane igitabo wampaye igihe twahuraga. Igice cya gatandatu cy'igitabo cyawe ni isoko y'ibyahumetswe kuri njye. Ndifuzza kubatumira kuzaza I Santiago de los Caballeros mu kutubwiriza mu biterane no guhugura itsinda ry'abapasiteri nanjye mbarizwamo.

Ubuhamya bwa Pamela (USA)

Igitabo cyawe cyahinduye ubuzima bwanjye. Namaze imyaka 4 niga ishuri rya Bibiliya, kandi nararyishimiye cyane, nyama nagize ibihe biruhaniye byo gusobanukirwa ishusho rigari. Igitabo cyawe cyoroshye gusoma byongeye cyampaye ubusobanuro burambuye ndetse kiranyobora. Numvaga Imana irimo inganiriza biciye mu byanditswe byawe. Ngiye gusangiza inshuti zanjye ibiri muri iki gitabo ndetse n'umuryango wanjye wose kandi mbasabe nabo babigenze batyo.

Ubuhamya bwa Theodore

Navutse ubwa kabiri kandi noneho ndi umuvugabutumwa. Igitabo cyawe kirimo Umwuka Wera kandi gifite umumaro. Cyampesheje ubundi bwenge n'ibitekerezo ku ijambo ry'Imana none ubu nasobanukiwe n'ubushake bw'Imana ku buzima bwanjye. Igitabo cyawe cyampishyuriye ibyo nshobora gukora.

Ubuhamya bwa Pastor David (Inde)

Nasohoye impapuro z'igitabo cyawe -paji 124. Umwami wacu ahabwe icyubahiro ku bw'igitabo gikomeye cyawe nkomeje gusoma, nsoma buri paji yacyo buri muni. Munsengere Imana izamfashe kugihindura mu rurimi rw'iwacu Telugu- ururimi ruvugwa mu Buhindi bw'epfo. Nyabuneka munyemerere kuba umufatanyabikorwa wa Minisitiri yanyu. Umwizerwa muri Kristo.

Ubuhamya bwa Pastor Jean (Rwanda)

Urakoze mwene Data mukundwa Jim Harper ku bw'inyigisho zabonetse mu gitabo cyawe zaramfashije mu Itorero ry'Imana nyoboye ndetse no mu buzima bwanjye bwa Gikristo. Biciye mu nyigisho ndabona inzira ya Yesu Kristo ari inzira y'umwimerere kandi ishimiye. Niyemeje mu by'ukuri gusangiza abandi ibyo nasomye mu gitabo cyawe. Bityo rero,

ndasaba Umwami kugira ngo anshyire mu bazaragwa kwinjira mu bwami bw'Imana.

Ubuhamya bwa Pastor Paul (USA)

Jim Harper afite ukwizera nyako ndetse no gukiranuka kandi bikaba bigaragarira muri iki gitabo cye gikomeza abandi. Jim atanga ibisubizo ku bibazo birebana n'ubuzima bwacu bwa buri munsu kandi bikaba bishingiye kuri Bibiliya.

Ubuhamya bwa Pastor Jean Felix (Rwanda)

Itorero ry'Imana mu Rwanda twatuye iminwa yacu yuko Igitabo cya Jim Harper cyatuzamuye mu buryo bw'umwuka nuko kidutereka hafi y'ubuntu bw'Imana. Jim yatubereye umwigisha nubwo tutaramubona mu Rwanda, ariko turinginga Imana kugira ngo tuzabashe kumubona ageze mu Rwanda atwigishe turebana amaso ku maso. Igitabo cya Jim mu by'ukuri kiratangaje kandi nta kindi gisa nacyo nigeze mbona mu buzima bwanjye. Igitabo cye kizamfasha kwigisha no guhindurira imitima ya benshi kuri Kristo.

Ubuhamya bwa Adecaide (Rwanda)

Jim, ndagushimiye cyane kuko ibyinshi mu bibazo nari mfite byarasubijwe. Igitabo cyawe gitangaje cyaramfashije mukumenya umugambi udasanze w'Imana. Ndafata iki gitabo nk'umutungo wanjye.

Ubuhamya bwa Anonymous

Narangije gukunda igitabo cyawe, nagihaye n'umuturanyi wanjye, ese nshobora kubona ibindi byinshi?

Ubuhamya bwa Dorothy

Mfite imyaka 80 kandi iki gitabo ni cyiza cyane kurusha ibyo nasomye byose- kandi ubu maze gusoma ibitabo byinshi!

Ubuhamya bwa Pastor Marc (Haiti & Dominican Republic)

Bizaba ari umugisha kuri nje no kubayobozi banjye kubakira mujye kudusura mukadukorera amahugurwa ndetse munatugezaho inyigisho. Abizera ba hano Haiti na Dominican Republic bazabasha kwakira ubuntu bugeretse ku bundi.

Ubuhamya bwa Joyce (USA)

Nahawe umugisha mugihe nasomaga igitabo cyawe. Imwe mu mpano zanjye ni ukwandika. Sinshobora kubara ingano y'igihe mwafashe mutunganya iki gitabo, cyoroshye gusoma, gitunganyijwe. Nashimye inzira mwakoresheje musobanura imirongo ya Bibiliya ibyo muvuga. Ubu mu gihe mfite igitabo cyawe, nshobora gutekereza no ku zindi nshuti zanjye nyinshi nifuza guha, ntegereje nihanganye.

Ubundi buhamya bw'inshi buboneka ku rubuga rwacu

www.UnderstandGodsWill.com

AMASHAKIRO

NAREMEWE - KUMENYA IMANA	1
IMANA IZATEGEREZA YIHANGANYE	1
KUKI IMANA IKENEYE KUBANA NATWE?	4
IMANA YIFUZA KO TUYIMENYA	8
NAREMWE - MU ISHUSHO Y'IMANA	13
IMANA YARI IZI IBYO IKORA	13
YAKUREMYE MU BURYO BW'IGITANGAZA KANDI BWIHARIYE KUBERA IMPAMVU	21
IMANA IGUFITIYE UMUGAMBI MWIZA	24
NAREMEWE - KUBAHO NYUZE MU NGORANE NYINSHI	27
KAMERE Y'ICYAHA	27
MBASHA GUHURA N'IBIGERAGEZO KUKO NAGUYE MU BYAHA.	32
MBASHA GUHURA N'IBIGERAGEZO KUKO NDI MU ISI YAGUYE	37
MBASHA GUHURA N'IBIGERAGEZO KUKO IMANA IRIMO KUNKOSORA	40
NI IYIHE KAMERE Y'IMANA?	42
NAREMEWE - KUMENYA UMUGAMBI MUNINI W'IMANA	49
UMUGAMBI WA SATANI WARAHISHUWE	49
UMUGAMBI MUNINI W'IMANA	52
ESE MU BY'UKURI, MPASHA KUMENYA IMANA	57
KWIZERA UTABONYE	62
NAREMEWE - GUHITAMO	69
MBERE YO GUPFA, DUKWIRIYE GUHITAMO	69
NI GUTE NZABAHO NYUMA YO KWIRINGIRA IMANA?	72
UBUSHAKE BW'IMANA BUHESHA UMUGISHA ABUBAHA IJAMBO RYAYO	78
NAREMEWE - KWAMAMAZA UBUTUMWA BWIZA	87
WARI MU MUGAMBI W'IMANA-MBERE YO KUVUKA KWAVE	87
IMPANO WAHAWA SI KU NYUNGU Zawe	94
SENGA, KANDI USABE	104
KUBA IGISHASHI	106
UBUSHAKE BW'IMANA BUZABAHO	117
UMUGEREKA A:	123
UMUGEREKA B:	124
UMUGEREKA C:	128
UMUGEREKA D:	129
INDANGAMIRONGO	133

Amabwiriza arebana n'amarangamirongo muri iki gitabo

Muri iki gitabo cyacu amarangamirongo yose (Imirongo ya Bibiliya- hafi 700) yashyizwe inyuma y'iki gitabo. Abantu benshi bishimiye iyi verisiyo yoroshye gusoma kuko nta marangamirongo abugarije ari muni ya paji.

Dufite indi verisiyo y'iki gitabo aho amarangamirongo yose ari hasi ya buri paji. Kugira amarangamirongo hasi ya buri paji bituma kiba igitabo gifasha cyane abiga Bibiliya- mu gihe imirongo ya Bibiliya iba igaragara kuri paji urimo gusoma, ushobora kureba uherye hejuru ugasoma umurongo wose. Niba mwifuza gusoma “Ifashayobora ry’amasomo ya Bibiliya” - muzawusanga ku rubuga rwacu ruri hasi.

Iki gitabo cyatuganijwe ku buryo kizasomwa n'ubwoko bwose bwa mudasobwa, harimo izo mu biro, izigendanwa, tabuleti, fire readers, lpads/iphones, ndetse na za telefoni zose zikoresha android. Byongeye kandi, muzabasha kubona iki gitabo ku rubuga rwacu ruri hasi.

Dufite na none verisiyo y'iki gitabo cyo kumva- bishaka kuvuga yuko ushobora kuba wiyicariye iwawe imuhira cyangwa se wagiye mu myitozo ya mu gitondo (hamwe na Ipod) noneho ukumviriza ku buryo bworoshye igitabo. Ibi nabyo bikora neza igihe utwaye imodoka ifite indangururamajwi za Bluetooth. Gana ku rubuga rwacu ubona hasi utangire wumve amajwi y'iki gitabo - igihe yicuranga- hitamo gucuranga amajwi uyahuze n'indangururamajwi (biciye kuri Bluetooth).

Shyira impumu ubwire abandi ibijyanye no gusoma igitabo cyacu n'uburyo wakumva amajwi!



Umutwe wa 1

Naremewe-kumenya Imana

Imana izategereza yihanganye

Niba warabumbuye iki gitabo ndetse ugatangira gusoma uyu mutwe wa mbere, warangije gufata icyemezo cya kabiri kandi gikomeye kubijyanye no kwiga Imana iyo ariyo. Wafunguye umutima wawe. Dore, Imana nta narimwe izigera ihata inzira zayo mu mutima wawe. Izategereza ko ubanza kuyinjiza muriwo. Izi neza ko watoranijwe ndetse uremerwa kugira ngo uyimenye. Yaguhaye ubwenge bwo gutekereza, ubwenge bwo gusobanukirwa, ndetse n'ubwenge bugufasha kumenya yuko uri ikiremwa kidasanzwe. Nta wundi muntu numwe uhwanyeye nawe.

Imana yaguhaye icyifuzo cyo kumenya impamvu waremwe, ndetse no kwiga Umuremyi uwo ariwe. Twese twaremewe gusobanukirwa Imana iyo ariyo. Ariko intambwe ya mbere yo gusobanukirwa nuko Imana iri, mu gihe muri aka kanya usobanukiwe nuko turi, ni ugufungura imitima yacu. Imitima yacu igomba guhora ikinguye niba twifuza kumenya Imana uko iri.

Nuko rero, ushobora kuba wibaza, niba gufungura umutima wawe ari intambwe ya kabiri ikomeye ushobora gutera mugusobanukirwa nuko

Imana iri, Ni ikihe cyemezo gikomeye kiruta ibindi? Ni byiza, umutima wawe ugomba guhora ukinguye byibuze igihe kirekire kugira ngo ubashe kumva igisubizo cy'iki kibazo. Hari ibintu byinshi ukwiriye kwiga mbere yo gusubiza iki kibazo cyabaye ingorabahizi. Umutima wawe ni umuryango Imana izacamo kugira ngo ushobore gusobanukirwa nuko iri,¹ bityo rero, komeza urinde umutima wawe ukomeze ukingurwe byibuze umwanya uhagije. Imana ntishobora kukwigaragariza niba umutima wawe ukinzwe. Nimuyishakana imitima yanyu yose, ibasezeranije ko muzayibona.²

Yatubwiye kw' igiye kuza

Ese wamenye ko Imana yatubwiye ko yari igiye kuza kubana natwe imyaka myinshi mbere yuko iza muri ibi bihe? Hagati y'imyaka Magana ane n'imyaka 1200 mbere yuko iza kubana natwe, yari yaraduhishuriye byinshi mu bigize umugambi wayo:

- Yatubwiye yuko izaturana natwe kandi ikagendera muri twe. ^{3 4}
- Yatubwiye yuko yagombaga kubyarwa n'umwami kandi izina ryayo ikitwa Imanweli, Imana iri kumwe natwe, Umwami w'Amahoro, Umujyenama w'Igitangaza, Imana Ishobora byose. ^{5 6}
- Yatubwiye yuko mu gihe kirekire, yacecetse kubijyanye no kwohereza umwana wayo ku isi kuducungura.⁷
- Yatubwiye ko yagombaga gucira amahanga yose⁸ urubanza kandi ko yagombaga gukorana igihango cy'isezerano rishya n'ubwoko bwayo.⁹
- Yatubwiye ko yagombaga kwandika amategeko yayo mu bwenge bwacu no mu mitima yacu.¹⁰
- Yatubwiye ko yagombaga kwikorera ibyaha bya benshi kandi ko ibyaha byacu byagombaga kubabarirwa.^{12 13}
- Yatubwiye ko yagombaga gupfa, igacumitirwa gukiranirwa kwacu, igashenjagurirwa ibicumuro byacu, kandi ku bw'imibyimba ye twagombaga gukira!¹⁴
- Yatubwiye ko yagombaga kuzuka mu bapfuye.¹⁵
- Yatubwiye ko yagombaga kuzamurwa mu ijuru.¹⁶
- Yatubwiye ko yagombaga gusuka Umwuka Wera ku bantu bose.^{17 18}

Ibi byose twabibwiye mu myaka amagana mbere yuko Imana iza muri ibi bihe kubana natwe.

Abahanuzi b'Imana bo mu Isezerano rya Kera ryadusobanuriye impamvu Imana yagombaga kuza kubana natwe: Kuba yaraje, ni uko twese turi abanyabyaha, twari abo gucibwaho iteka.²⁰ Inzira imwe rukumbi Imana yagombaga kudukurizamo ibyaha yari iyo kuza mu isi, ikabana natwe, ikatwerekana uburyo tugomba kubaho, ndetse igihe yaba iri hano mu isi ikadusobanurira impamvu izapfa kubwacu. Yagombaga kuba igitambo kizima cyo kudukiza ibyaha byacu-Icyo ni ikintu Imana yonyine yagombaga gukora.

Nuko, inkuru zavuzwe mu Isezerano rya Kera ndetse no mu Isezerano Rishya ni inkuru zuzuzanya. Isezerano Rishya ryuzuye Isezerano rya Kera, kandi noneho Isezerano Rishya rikatwerekana naryo ibigiye kuzabaho. Mu Isezerano Rishya inkuru zirakomeza, ndetse zikanasohozwa:

- Yatubwiye ko ari ishusho itagaragara y'Imana^{21 22}
- Yatubwiye impamvu yagombaga kwigira umuntu mu buryo ubwo ari bwo bwose²³
- Yatubwiye ko yagombaga kwegera abanyabyaha^{24 25}
- Yatubwiye ko yagombaga gutanga urusengero rushya (ubwe) nyuma y'iminsi itatu-rutubatswe n'amaboko y'umwana w'umuntu²⁶
- Yatubwiye ko yaje gutanga ubugingo bwe kubwa benshi²⁷
- Yabwiye umwe mu bigishwa be (Petero) ko yagombaga kumwihakana inshuro eshatu- mbere yuko ibyo biba²⁸
- Yabwiye umwe mu bigishwa be (Yuda) ko yagombaga kumugambanira-mbere yuko biba^{29 30}
- Yabwiye abigishwa be ko yagombaga gucirwa urubanza rwo gupfa kandi ko yagombaga gushinyagurirwa, gutukwa, gukubitwa, gukubwa, ndetse no kwicwa. Yabwiye abigishwa be ko nyuma y'ibyo bimaze kuba yagombaga kuzuka mu bapfuye nyuma y'iminsi itatu^{31 32 33 34 35 36 37 38 39 40}
- Yatubwiye ko urupfu rwe rwagombaga gutangiza Igihango cy'Isezerano Rishya⁴¹
- Yatubwiye ko abamwizera bose ibyaha byabo byagombaga kubabarirwa⁴² kandi bagahabwa ubugingo buhoraho⁴³

- Amaze kuzuka mu bapfuye yatubwiye ko yanesheje Satani kandi aramutse agumye mu isi- Umwuka Wera w'Imana atazaza gutura muri twe⁴⁴

Imana yaje mu isi kandi ibaho nk'umuntu. Yagombaga kubikora; Yari inzira rukumbi yagombaga kudukiza. Izina rye, ni Yesu.

Mukwemeza ko umugambi wayo wagezweho neza, nyuma y'aho Yesu azukiye mu bapfuye, yaduhaye ibimenyetso fatizo byemeza ko yari muzima. Yesu yabonekeye abantu barenga 500 mu gihe cy'iminsi mirongo ine yakurikiyeho kandi akomeza kubaganiriza iby'Ubwami bw'Imana.^{45 46} Yabwiye buri wese ko umunsi yagiye, ni ukuvuga, nyuma yo gusubira mu ijuru,⁴⁷ yagombaga kuzohereza Umwuka Wera w'Imana ugomba kuba muri twe. Uyu Mwuka Wera wagombaga kutuyobora mu buryo bwo gufata ibyemezo byacu, kandi Umwuka we wagombaga nanone kuduha amahoro ndetse no kudukomeza.

Bityo rero, ibyo Imana yatubwiye byagombaga kubaho mu Isezerano rya Kera- byarabaye. Byabaye neza uko yabivuze. Isezerano Rishya risohozwa umugambi w'Imana watanze ku bwacu mu Isezerano rya Kera. Niko byabaye, niko biri, umugambi wuzuye, kandi wasohojwe ku buryo bwuzuye.

Kuki Imana ikeneye kubana natwe?

Gutangaza ukuri mu isi yuzuyemo ibinyoma

Imana yohereje umwana wayo, Yesu, kubana natwe, kubera ko ntacyo bitwaye uko waba uri kose, cyangwa se ibyo twakoze, Imana ifitiye urukundo rutagira akagero buri wese muri twe. Kandi nawe urimo. Irebere mu kirahuri umwanya muto. Imana iragukunda. Nibyo, iragukunda.

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikineye kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we.

Yohana 3:16-17

Icyifuzo cy'Imana cyari, kandi gikomeza kuba, gutangaza ukuri mu isi yuzuyemo ibinyoma. Kubera ko yari izi ko tuzacumura, yari izi ko tuzakenera umucunguzi. Yari izi ko tudashobora na rimwe kwicungura. Nta muntu n'umwe n'aho yagira ikiguzi cy'ibyaha wagombaga kwiyemeza kuducunguza ubugingo bwe. Byagombaga kwitwa ko umunyabyaha yacunguye umunyabyaha-noneho iyi nganyagaciro

ntiyagombaga gushoboka. Byasabaga umuntu utagira kamere y'icyaha- noneho nta kiremwa muntu cyagombaga kubytirirwa.

Yabihisemo mu gihe cyashize

Nuko rero, aho ariho hose mu gihe gikwiriye Imana yarizi ko yagombaga kohereza umwana wayo, Yesu (Ni ukuvuga Imana ari umubiri), aha ku isi kugira ngo asohoze uyu murimo utagira uko usa. Bitandukanye no mu Isezerano rya Kera aho ibitambo bitabashaga gukuraho ibyaha, iki gitambo cyonyine cyari gikenewe gukorwa rimwe⁴⁸ kuko cyagombaga kuba igitambo cyera. Imana ubwayo, mu izina rya Yesu, yagombaga kuba igitambo.⁴⁹ Imana yashoboraga, kandi yagombaga, kuza mu isi ikabaho nk'umuntu w'umunyabyaha kugira ngo yeze uburyo bw'ibyaha twari twararazwe twese.⁵⁰

“Nimuze tujye inama,” ni ko Uwiteka avuga, Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera.

Yesaya 1:18

Umugambi udasanzwe ni iki? Imana yari izi ko iyi ari inzira iboneye yo gusabana natwe, kumva ububabare n'umubabaro ndetse no kwangwa nkuko natwe bitugendekera, ikageragezwa nkuko natwe tugeragezwa, mu gihe iri hano mu isi ikatwigisha uburyo dukwiriye kubaho. Yashoboraga kutubera umujyenama ukomeye. Yashoboraga kutubera Umukiza. Yabikoze ku bwacu ubwo yavaga mu ijuru itaje gukora ugushaka kwayo- ahubwo gukora ubushake bwa Data wamwohereje.⁵¹

Kudatakaza n'umwe

Imana ikoresha ijamba umwungeri mugusobanura icyo umwungeri mwiza akora igihe imwe mu ntama ze yazimiye. Umwungeri mwiza buri iteka azajya kure gushakisha ndetse akize imwe mu ntama yazimiye.⁵² Imana izakora ibisa bityo kuri wowe- ndetse nanjye.

“Ni jye mwungeri mwiza. Umwungeri mwiza apfira intama ze.

Yohana 10:11

Noneho uyu niwo murimo w'Imana. Yaje muri iyi si kudushaka, ndetse no kudukiza. Iyo tuzimiye, cyangwa iyo ducumuye, Imana ntabwo iturekura. Ikomeza kutuba hafi- idushakisha. Yaje mu isi gushaka buri wese kuko buri wese arazimira mugihe kimwe cyangwa no mu kindi. Iyo dutakaje ubusabane n'Umuremyi wacu, turazimira, turigumura, ndetse tugacumura.⁵³ Tubaho muri ubu buryo kuko ntabwo dusobanukirwa impamvu twavutse. Ibi sibyo Imana ishaka.

Ikibabaje cyane kirebana no kuzimira kwacu ni uko bidushyira mu buyobozi bwa Satani- umeze nk'ikirura giteze. Satani azi ko turamutse twomonganye tukaba kure y'umwungeri wacu ashobora kuturoha mu byago by'iyi isi, akatujugunyaho ibigeragezo bizanatuma tugumya kuzerera. Ibigeragezo akoresha ni ibigeragezo by'ubukire, ubwibone, icyubahiro, akatwemeza ko kugira ibintu byinshi bizatuma tugubwa neza, ko dukwiriye kunezeza imibiri yacu (Ni byiza, igitsina) igihe cyose, aho ariho hose, ndetse n'ikintu icyo aricyo cyose kibasha kudukura muri kamere y'Imana. Satani atuyobya akadutera gutekereza ko nta kibazo tuzahura nacyo nidukora ibyo, cyangwa ko tuzarama, cyangwa tukishyira imbere-imbere y'abandi. Ariko siwo mugambi w'Imana ku buzima bwacu. Kuba kure y'ubushake bw'Imana-ntibizigera bituzanira na rimwe umunezero. Akenshi dutekereza ko uzaza, ariko ubu nibumwe mu buryo Satani akoresha atubeshya.

Nibyo koko, Satani akunda ko abantu biberaho batazi Imana n'ububasha bwayo.

Icyitonderwa: Ijambo ubujiji (kuba injiji) ryakoreshejwe inshuro nyinshi muri iki gitabo, tugiye kukwereka uko Inkoranyamagambo yitwa Webster's dictionary isobanura iri jambo rikomeye. Bikwiriye kuba intego kwirinda kuba injiji mu nyigisho za Bibiliya- nkuko Satani akunda ko abantu baba injiji ntibamenye Imana n'ubushobozi bwayo. Ubujiji bukomeye tugira bwo kutamenya Imana ndetse n'umugambi adufitiye, biha imbaraga Satani zo kutwigarurira.

*Kuba injiji
Ntera*

- 1. Kubura ubumenyi cyangwa amahugurwa; utarigeze wiga*
- 2. Uwahawe ubutumwa nabi; udafite amakuru*
- 3. Ku mpamvu ze cyangwa uwerekana ko adafite ubumenyi cyangwa amahugurwa*
- 4. Kubura ubumenyi cyangwa amakuru ku kintu runaka*

Yaje gukubita umwanzi

Muri Bibiliya umwijima uhagarariye icyaha n'urubanza.⁵⁴ Icyaha mu buzima bwacu kizana umwijima mugusobanukirwa ndetse kigakomanga urugi rukingukira hakurya y'ubushake bw'Imana. Bigasa no kugonga ikinogo igihe utwaye imodoka. Twese tugoga ibinogo (urugero, twese turacumura), igihe cyose twagonze bya binogo umuyobozi wacu w'imbere akomanga urugi rutandukanye n'ubushake bw'Imana. Nitugoga ikinogo by'ukuri cyabaye kirekire- bishobora kuduteza ikibazo gikomeye, nk'uburibwe, ndetse bikatuviramo n'urupfu.

Iyo twacye ukubiri n'ubushake bw'Imana, ntabwo tuba tukibasha kuyobora ku murongo kandi by'ukuri. Hari iminsi uzibona umeze nabi,

Ariko kuba kure y'Imana ni ukubaho mu nzira y'akaga. Ubuzima bwacu rimwe na rimwe buzashegeshwa, buzasunikwa, ndetse buzacuguswa-kimwe n'imodoka yataye umuhanda. Niba tudashaka gukemura ikibazo, niba tudashaka guhuza umurongo w'ubuzima bwacu n'ubushake bw'Imana, ibintu bimwe na bimwe bibi bishobora gutangira kutubaho. Ni ukubera ko icyo ducumura Imana ntishobora kuturinda; irareka tugasarura ibyo twabibye.

Abantu benshi ntibifuza kwitekererezaho ngo barebe niba bari mu mwijima, ariko uku niko Imana yitegereza abantu bari mu byaha bagwiriye muri iyi si. Bari kure yayo. Bariho ariko badakurikiza ukuri-Ukuri kwe. Niyo mpamvu Yesu yari akwiriye kuza mu isi. Yagombye kutwigisha iby'ukuri mu isi y'ibinyoma. Imana irifuza kukunyuzira iruhande rw'ibyobo biri mu muhanda imbere yawe ibyobo bishaka kukubabaza. Akenshi ntitubasha kubona ibyo byobo biri imbere yacu. Ariko Imana yo irabibasha. Gukurikira ijamba ry'Imana n'umucyo wayo urabagirana bizamurikira intambwe z'ibirenge byawe bityo uzabasha guhunga neza ibinogo bya Satani. Ibi bizagufasha gushikama mu bushake bwe kandi bizaguha ibyiringiro by'ajeje hazaza.⁵⁵

Imana ntiyifuza ko tubabara

Twese tuzi icyo urumuli ari cyo. Dukenera urumuli igihe turi mu mwijima bityo bikaturinda impanuka, Niyo mpamvu ubutumwa bw'Imana buba bukomatanije n'urumuli⁵⁶ kuko buduha umurongo n'inzira itandukanye n'umwijiya w'isi. Yesu yaje mu isi kugira ngo tutongera kwifuza kuba mu mwijima. Yaje mu isi kugira ngo tugire ubugingo kandi tugire bwinshi.⁵⁷ Noneho igihe turiho bijyanye n'ukuri kwe natwe tuzabasha kumurikira abandi urumuli rw'Imana ba bandi bakigendera mu binogobityo nabo bashobore kubona no kwirinda ikibazo biri imbere yabo.

Igihe Imana yaturemaga yari izi ko twagombaga kuba ikibazo, kandi yari izi ko twagombaga gucumura- kuko yaduhaye umudendezo. Turabona izi ngorane z'imyitwarire mibi ku bana bacu bwite. Tuzi ko abana bacu barenga ku mategeko yacu. Tuzi ko rimwe na rimwe bigomeka. Tuzi ko rimwe na rimwe bazirengangiza amabwiriza yacu. Ababyeyi bifuza kugira umwana witwara neza kandi agakurikiza amabwiriza yabo ntabwo bamubabaza.

Ni byiza, Imana ni nkiyo nzira. Ntiyifuza ko abana bayo bakomereka. Yaje mu isi kugira ngo ibashe kutwegera noneho itwigishe uburyo twabaho. Birababaje, abenshi muri twe baramwihakanye. Ntitwumva. Dukora ibyo twishakiye ntitumenye ko nitwitandukanya n'ubushake bw'Imana turaba tunejeje Satani. Satani azi neza ko igihe twagomeye Imana, cyangwa igihe twayirengagije, tuba duteye intambwe tumanuka mu muhanda wa Satani, umuhanda wuzuyemo isayo iteye ubwoba Satani abasha gukoresha adukura ku murongo w'ubushake bw'Imana-isayo ibasha kudukomeretsa.

Twese tuzi icyo bivuze kugwa mu isayo tutabashije kubona igihe tugenda. Ouch, birababaza. Ariko niba tubyemera, tuzibuka ko byabashije kuba kubera yuko twafunze amaso yacu mu muhanda igihe kirekire. Twabuze inama y'Imana ikwiriye. Ntitwumviye umutima nama wacu. Ibyo nibyo Satani yifuza neza ko dukora. Arifuza kuturangaza ndetse no kongorera amatwi yacu- kugira ngo tudakenera kuba maso ku bw'isayo iteye ubwoba (Ni ukuvuga, imirimo mibi mu buzima bwacu), cyangwa gukurikira Kamere y'Imana.

Igihe twigometse nk'abana ntitwasobanukiwe n' impamvu data wacu yakozwe ibyo yagombaga gukora. Nonaha tumenye nk'ababyeyi yuko byatewe nuko data adukunda; dusa naho twibagiwe iri somo rikomeye. Nk'abantu bakuze twibagiwe ko Data wo mu ijuru nawe yifuza ibyiza kuri twe. Nubwo twamwihakanye, ndetse tukamwirengagiza, ndetse tugacumura. Mbega ngo turibagirwa.

Imana yifuza ko tuyimenya

Yifuza kuduha ubwenge n'ubumenyi

Ese waba uzi ko Imana igukunda nubwo udashaka kuyikunda?⁵⁹ Imana irakora mu bugingo bwawe nubwo utayizi, cyangwa ngo uyikunde.

Kudashaka kwiga Imana iyo ariyo bishobora kuzana urupfu rwo mu mwuka mu mutima wawe bituma habaho gutandukana n'uwakuremye. Niba udashaka kumenya Imana (Ni ukuvuga, wahisemo kuyirengagiza), cyangwa niba wahisemo guhangana nayo (Ni ukuvuga kuyihakana), ibi byombi Bizana gutandukana n'Imana noneho ntubasha na rimwe kwiga umugambi wayo ku buzima bwawe.

Niba twemera Imana ndetse n'Ijambo ryayo tuzatangira kuronga ubwenge ndetse n'ubumenyi itwifuriza twese.⁶⁰ Ni impano y'ubuntubwari dukwiriye kubanza kwemera iyo mpano ye. Tugomba kuyitumira mu mitima yacu noneho nayo ibasha kutwihishurira.

Dukwiriye kwiga tukamenya ijwi ry'Imana

Ariko kumenya Imana, kumenya by'ukuri Imana, dukwiriye mbere na mbere kumenya ijwi ryayo. Dukwiriye kumenya ijwi ryayo kubera ko umwanzi azakora ibishoboka byose kugira ngo yigane ijwi ry'Imana. Satani afite imbaraga zo kuba yahagarika ibyo Imana ikubwira. Rero tangira ukore ibishoboka byose byazamurira umugambi w'Imana ku buzima bwawe nawe uzibonera uburyo Satani azarwana, mu buryo buziguye n'ubutaziguye ndetse agushubize inyuma kugira ngo utamenya uko Imana iri.⁶¹ Urareba, Satani arifuza ko wahora mu bujiji bwo kutamenya Umugambi w'Imana ku buzima bwawe ndetse n'umurage

agufititye.⁶² Satani ahanganye n'umugambi w'Imana ndetse arifuza ko umuntu wese waremwe mu ishusho y'Imana yarimbuka.⁶³

Satani yifuzaga kurimbura Imana, ariko ntiyabibasha, noneho rero utahiwe niwowe nanjye. Satani azi yuko abashije kurimbura ikiremwa muntu akakimaraho yateza Imana agahinda- kandi Satani arara amajoro akora ibyo. Ku buryo bworoshye, umviririza amakuru hirya no hino maze urebe uko agenda abigeraho. Umunsi umwe, Satani n'abambari be bazatsindwa, ariko ubu arabohotse kandi arimo ararimbura abantu benshi ku isi. Ariko ntiakenewe kuguma muri izo nzira. Dukwiriye gusa kumenya amayere ye. Dukeneye kuba abanyabwenge ku bw'ibyo bihendo bye kandi dukeneye kwiga uburyo twabuza Satani gushyira ibinogo imbere yacu.

Umwe mu myuka ya Satani, malayika waguye, nkuko wahagaritse Yesu igihe yigishaga mu Sinagoge.⁶⁴ Niba Umwanzi yaragambiriyeho guhagarika Yesu mu Sinagogi, azanagambirira nawe kuguhagarika kwiga ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. Noneho rero wirinde. Twese dukwiriye kwiga kumenya ijwi ry'Imana nk'uko tujya tumenya ijwi ry'umukunzi wacu. Dushobora kwiga kumenya ibirangaza by'umwanzi. Nitumara kumenya ibirangaza bye dushobora natwe kubihagarika noneho tugatangira kwiga ubushake bw'Imana ku buzima bwacu. Funga TV, funga ibinyamakuru byose, ibinyamateka byose ubifunge, tangira wige Bibiliya, wicare hasi witegereze ibigiye kuba. Nawe uzatangara.

Satani nta mbaraga nzima agira

Ese wari uzi ko muri ibi bihe Satani ntacyo yagutwara? Nta mbaraga nzima afite uretse kukuyobya. Ameze nk'intare itontoma ariko itagira amenyo cyangwa inzara. Urusaku no kutondoma kw'intare itagira amenyo n'inzara bishobora kukurangaza utekereza ko ifite imbaraga. Ibi bishatse kuvuga yuko Satani ashobora guhera kuri ibyo bihendo byiwe kugira ngo agere ku ntego ze. Azi neza ko ashobora kukurangaza akagusura impande zombi akagushyira mu murongo we aho uzakomeza kubona ibinezeza. (Bishatse kuvuga yuko amaso yawe agomba gutumbira umuhanda) azi ko mushobora kwanga inama z'Imana noneho mukagwa mu binogo yateguye ngo bitubabaze cyane. Niduhinduka abanyabwenge tugatsinda ibihendo bya Satani ntabwo tuzatsindwa ngo dufunge amaso yacu mu muhanda; tuzakomeza intumbero. Tuzayobora dufite ubumenyi bwuzuye buvuye ku Imana (Ni ukuvuga, Ijambo) niryo rizaduhungisha neza ibinogo, niryo rizaturindira mu murongo w'Imana n'ubushake bwayo.⁶⁵

Abenshi muri twe tumenyereye gutsindwa na Satani rugikubita. Twaratsinzwe ndetse tunahitamo nabi- nuko rero dukwiriye kwishyura ingaruka zijyana n'amahitamo mabi yacu.⁶⁶ Birababaza, ariko niko biri. Akenshi niko biri kuko twemejwe na “muzi uwo ariwe” ko ibyo nta

ngaruka izigera ibaho. Satani azi intege nke zo mu mibiri yacu n'izo mu mwuka. Azi neza yuko tudashobora kuzihuza zombi: dufata ibyemezo bibi, tukababara, noneho ntitunabasha kuvumbura impamvu tubabara. Akenshi tubabara kubera ko twasuzuguye inama z'Imana zimurika. Twasuzuguye inyigisho z'Imana. Satani akunda ubu buryo bwo kutamenya. Ashyiramo imbaraga kugira ngo twongere dukore ibyo tubisubiramo kenshi.

Satani yifashisha uburyo bwose bushoboka

Satani azagerageza kutuyobya yifashisha uburyo bwose ashobora, harimo radiyo, interinet, TV, ibinyamakuru, itangazamakuru, ndetse n'inshuti zacu. Iyo tubyumviriza ndetse tugatekereza ku binyoma bye bitambutswa, ese bidufitiye mumaro ki mukwiga kumenya ijwi ry'Imana? Dukwiriye iteka kugenzura ibyo twumva, tubona, dusoma, bihabanye n'ukuri kw'Imana.⁶⁷ Mu by'ukuri birakomeye. Mu gihe kiraza tuzatangira kugenzura buri butumwa tugenda tubona ndetse twumva buhabanye n'ukuri kw'Imana. Nidukorana ubutwari ndetse n'ibyiringiro tuzashobora kuvuga. Yego, Satani, namenye umukino wawe, noneho ntabwo ngiye hariya. Ndabona ikinogo cyawe, ariko nzi icyo Imana yavuze - niyo mpamvu ndakikira ikinogo cyawe. Ushobora gufatisha abandir, ariko ntushobora kumbona.”

Haracyariho ubutabazi

Ese utekereza ko Imana yiyicariye gusa mu gihe Satani adutontomera n'ubutumwa bw'ibicantega nuko Imana ikaba yicecekeye? Ntibikabeho.⁶⁸ Imana iteka ihora ishyishyikajwe nuko duhamya ukuri kwayo.⁶⁹ Nidufata igihe cyo kumva- Ijambo ry'Imana nuko ukuri kwayo kuzacengera mu bwenge bwacu. Ariko dukwiriye kuba maso kuko ubutumwa bwa Satani ntibuzabura kuza. Nidutangira kumenya ko bumwe mu butumwa twakira buba budahuye n'ukuri kw'Imana, tuzashyira amanga yo kuvuga oya kuri ubwo butumwa nuko rero tuzashobora kugendera mu muhanda dukikira ibinogo bya Satani.

Ni iby'igicro gusobanukirwa nuko bamwe, nubwo ari inshuti zacu za bugufi, bashobora kutubera igisitaza igihe dutangiye kwiga ukuri kw'Imana. Ibitekerezo byabo bishobora gukubita hasi ijambo ry'Imana. Dukwiriye kwiga uburyo twahungira ibyo bitekerezo bibi. icyaha ni icyaha kandi nta numwe wo mu nshuti zawe (urugero, ibitekerezo byabo) byabasha kubihindura. Ntiwemerere ibitekerezo by'inshuti zawe kukuganza bavuga bati nibyo kuko “buri wese abikora”. Ntabwo aribyo. Soma amabwiriza akugenga. Amabwiriza y'Imana ntabwo yigeze ahinduka.

Twese dufite ibyumba by'umwijima mu mitima yacu

Birababaje, icyaha ni icyigwa kiruhije kandi abantu benshi ntibashaka kukivugaho. Ntabwo dushaka kumva twitwa abanyabyaha, cyangwa se ko dutsinzwe n'urubanza, cyangwa se ngo twumve turi babi mu buzima tubayeho. Ariko ibyo turabikeneye nabyo. Dukwiriye kwiga icyaha icyo aricyo, yuko icyaha ari ukugomera kamere y'Imana. Dukwiriye kumenya ni ikihe gice cy'umuburi wacu kitari kugendana n'ubushake bw'Imana kandi dukwiriye guhindura ako gace.

Kristo arifuza gukura ibyaha mu buzima bwacu. Nidukomeza kugendera mu byifuzo by'inshuti zacu, kurusha uko twakwikomeza ku byo Bibiliya ivuga, tuzatakaza imigisha y'ukuri ndetse n'igikundiho Imana yifuza kuduha. Umwuka w'Imana utura muritwe azakomeza gushakashaka, atwemeze, ndetse adufashe kuyumvira - Niba twikuyemo ibyo bitekerezo bibi, Ariko kumvira, mu by'ukuri kumvira, dukwiriye kubanza kumva. Ese urumva? Kugira ngo wumvire inama z'Imana, ukwiriye kujya ahantu aho Satani atabasha kukurangaza. Ukwiriye kubanza kwitandukanya n'iyi Si umwanya muto, isi iyobowe na Satani.

Imana irifuza umutima wawe wose

Imana ituvugisha ku impamvu imwe rukumbi. Irifuza kwigarurira umutima wawe wose, kugira ngo igufashe gusenya ibyifuzo bibi, ibigirwamana byose, n'ukwikunda kose, ndetse igufashe kurimbura ibyaha byose mu buzima bwawe bityo ikaguha umugisha, ikaguha igikundiho, ndetse ikakugororera.⁷⁰

Niba wifuza kumvira ijwi ry'Imana ndetse n'ubuyobozi bwayo ukwiriye kubanza kweza umutima wawe.⁷¹ Ibyo nibyo itwifuzaho ndetse ikeneye kuri twe, kwihana ibyaha byacu noneho tukayikurikira. Ukuri kwayo kose kubereyeho kudukingira. Ukuri kwayo ni ikimenyetso kidakuka cyo kuturinda ibinogo byose bya Satani.

Isi yacu iyobowe na Satani

Ese wari uzi ko Imana yifuza ko umenya ukuri kwayo? ⁷² Irabyifuza, ariko bisaba guhinduka - uguhinduka mu bitekerezo ndetse n'uburyo usobanukiwe no gukurikira ijamba ryayo. Isi dutuyemo iyobowe na Satani. Bishatse kuvuga ko ibyo tureba byose ndetse n'ibyo twumva muri iyi si ya none ntabwo bihuje n'ubushake bw'Imana. Bumwe mu butumwa wumva ndetse buri muni n'ubwo kukuyobya; ni uburyo Satani akoresha yiyamamaza. Kandi ukabona ko ari byiza cyane ibyo akora.

Imana yahaye Satani kuyobora isi kugeza ku mpera y'ibihe^{73 74} aho Satani azabohwa akajugunywa muri Gihenomu ubuziraherezo. Ariko

kugeza kuri icyo gihe dukwiriye kuba abanyabwenge kandi dukwiriye guhinduka⁷⁵ kugira ngo tubashe kumenya amacenga menshi ya Satani. Mwibuke, Satani arashaka kumira bunguri abantu.⁷⁶ Yakajije umurego kugeza aho yifuza kuyobya abarimu ba Bibiliya.⁷⁷ Ariko Imana yadusezeranije ko yo ubwayo izatwigisha ndetse ikatuyobora⁷⁸ ndetse ikatuyobora mu nzira igorotse -iruhande rw'ibinogo bya Satani- niba tubiyemereye. Ibi biradusaba kwiga ijambo ryayo kugira ngo bidufashe gufata imyanzuro ijyanye n'ubushake bwayo.

Kuba umunyabwenge nk' intama

Imana ntizigera ikuyobora mu bihe byakwangiza amahame yayo - nko kwibabaza ubwawe, cyangwa kubabaza abandi. Niwiga ijambo ry'Imana uzabasha kurenga uburyarya bwa Satani noneho uhore witeguye kwirinda ibinogo biri imbere yawe. Tuzakomeza kurwana niba tutabashije kumenya ijwi ry'Imana. Mwibuka ko intama zimenya ijwi ry'umwungeri wazo nyuma zigakurikira gusa rya jwi? Intama yumvise ijwi itigeze kumenya - izi ko itagomba gukurikira iryo jwi. Izi ko ijwi ribi ritaba iryo kuyirinda. Tugomba rero kwihatira kuba abanyabwenge nk'abana b'intama. Duhindukire tunyure mu yindi nzira.

Ibi bikurikira nibyo Imana yifuza ko umenya:

- Izaguha ubwenge nubusaba kandi wiringire ko azabuguha⁷⁹
- Igufitiye umugambi mwiza⁸⁰
- Ubushake bw'Imana nuko wagirana ubusabane nayo biciye mu mwana wayo⁸¹
- Wubahe Imana kandi uyizere bityo nayo ibasha kukwihishurira⁸²

Niwumvira ijwi ry'Imana ndetse ukanarimenya, bizagusaba kugenda uhindura inzira uyerekeza aho ikuyobora.⁸³



Umutwe wa 2

Naremwe-mu ishusho y’Imana

Imana yari izi ibyo ikora

Bose bari kumwe

Mu itangiriro Imana yaravuze, “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe.”⁸⁴ Ese waba waratekereje kuri aya magambo “yacu” na “natwe” muri uyu murongo? Ese utekereza ko ba “yacu” na “natwe” ni bande? Ibi tuzabisobanura mu magambo arambuye, ariko ba “yacu” na “natwe” ni (1) Imana Data, (2) Imana Mwana, ariwe Yesu, na (3) Imana Mwuka Wera.

Nuko rero igihe Imana yavugaga, “Reka tureme umuntu mu ishusho yacu”- bishatse kuvuga Imana Data, Yesu, n’Umwuka Wera bari bahari igihe umuntu yaremwaga.⁸⁵ Nibyo na Yesu yari ahari. Yesu yari ahari igihe ijuru ryaremwaga,⁸⁶ kandi Yesu yari ahari igihe isi yaremwaga.⁸⁷ Byongeye kandi, Yesu yari ahari igihe umugambi washyizweho kuva mu itangiriro ry’ibihe wo gutsinda umwanzi n’icyaha.

Imana yarizi ibyo ikora. Umugambi wayo wari wararashyizweho mu gihe Adamu yacumuraga mu ngombyi ya Edeni- na Yesu akaba yari hagati y’uyu mugambi.

Iremwa risumba ayandi

Nonese ni gute twaremwe mu ishusho y'Imana? Ese dusa nayo, cyangwa dusa n'Umwuka Wera? Bibiliya itubwira ko twese dutwaye ishusho y'Imana muritwe.

Irebere neza mu kirahuri umwanya muto. Ushobora se gutangira kwibaza uburyo ukoranye ubuhanga? Ntibaturutse mu mitunganyirize y'ingingo zawe, cyangwa se kuba ufite isano n'inyamaswa. Uri ikiremwa gikomeye kandi cyaremwe mu buryo butangaje⁸⁸ - Ikiremwa gihebuje ibindi biremwa byose by'Imana kandi gisobanura kamere y'Imana.⁸⁹ Muri igikoresho gitangaje ndetse cy'ubuhanga impano yavuye ku Mana.

Imana yari ikuzi mbere yuko uvuka kandi yari yarahisemo mbere y'ibihe ko uzavuka usa n'umwana wayo, Yesu.⁹⁰

Ibi ntibishatse kuvuga, nk'ikiremwa muntu, ko dufite bya birango by'indengakamere by'Imana, nko gushobora byose, kuba hose no kumenya byose. Ubushobozi bwacu bufite aho bugarukira ariko ahandi hose dusa n'Imana. Munyemerere tugaruke kuri aho hantu duhuriyeho n'Imana.

1. Umwuka

Imana ni umwuka⁹¹- Bisobanura ko Imana itagaragara. Igihe Imana yavugaga ko twaremwe mu ishusho y'Imana bishatse kuvuga ko twahawe Umwuka. Ntibishatse kuvuga ko Imana ari ikiremwa gifatika, cyangwa ngo twe duse n'Imana mu buryo bufatika. Mbese ntimuzi ko imibiri yanyu ari « ubuturo » kandi iyo mibiri ikaba ari -imitima yanyu n'umwuka? Imana yaremye umubiri w'umuntu ku bw'imitima yanyu kugira ngo ituremo kugeza igihe uyu mubiri upfiriye.

Mu mubiri wawe Imana yaremyemo ingingo nyinshi kandi zikora imirimo y'ukuri ndetse buri rugingo ruzi neza ibyo rukwiriye gukora. Umubiri wawe waremwe uturemangingo hafi 100,000,000,000,000 (trillion) kandi buri karemangingo kegerana n'utundi kugira ngo dukorere hamwe. Ushobora gutekereza ukuntu triliyoni 100 z'utaremangingo uburyo dukorera hamwe? Mu gihe moteri nini iruta izindi igizwe gusa n'uduce 500 ikagira ubushobozi bwo kuzakora hafi imyaka ijana ikora neza. Umubiri wawe ukoze mu buryo bw'igitangaza kandi hari amahirwe zero yuko twa turemangingo triliyoni 100 twegeranwe hamwe kugira ngo dukorere hamwe- Ni ku bw'amahirwe.

Ni gute uturemangingo triliyoni 100 tumenya gukorera hamwe kandi tukoherezanya amakuru mu zindi "nzungano" mu mubiri wawe?

Ni gute amaso yawe amenya uburyo bwo kureba- mu rumuli ndetse no mu mabara menshi kandi akagira ubushobozi bwo kwibanda kuri buri gace kose- noneho agahuza amakuru n'amatwi ndetse n'ubwonko kugira ngo buyaringanize bigakomeza mu maboko ndetse no mu maguru akagenda?

Ni gute amazuru yawe amenya guhumurirwa- hamwe n'ubushobozi bwo gutandukanya impumuro inuka y'ibintu bitwitswe cyangwa byaboze hamwe n'impumuro nziza- no guhuza imirimo yo guhumurirwa n'imyanya yo kunukirwa no kuryoherwa ndetse no kureba kugira ubashe kureba ibintu bitandukanye?

Ni gute ubwenge bwawe bumenya kurenena, gukunda, kwishima, gukora nabi, kubabara, no kugira ibyiyumviro byo kwangana no gukunda? Nta muntu numwe ubasha kwiremera ubuzima cyangwa se ngo areme ikintu cyahuza uteramangingo tugera kuri billion cyangwa se trillions dukorera hamwe tukarema "ibyiyumviro".

Uri igihangano gikomeye kandi cy'ukuri kitegeze kubaho- ku nshuro trillion- kandi hari amahirwe zero yuko utwo turemangingo trillions hamwe n'inzungano z'ubuhanga zaremewe mu mubiri wawe hatari umuhanzi. Fata byibuze rumwe mu nzungano zawe (urugero, kureba, guhumeka, kumva, kuryoherwa, gufata), kandi amahirwe yerekana ko rumwe murizo rwaremwe ku bw'amahirwe - ni zero. Nuko ufite ibihumbi byinshi bigize ingingo ndetse n'inzungano mu mubiri wawe; buri rumwe murizo, rutangaje, ntiwarusobanukirwa ndetse rurakomeye.

Nuko hano haricyo batubwira kuri ibi byose: Imana yaturemeye twese mu iforoma imwe kugira ngo umunsi umwe izabashe gufata icyemezo- kuduha iforoma imwe aho yifuzaga kutwihishurira ubwe igihe yari iri hano mu isi.⁹² Ni muriyo foroma yagombaga kuza mu isi kubana natwe, ndetse igapfa ku bwacu, ikadukiza. Ni kubw'umubiri we, usa n'uwacu, wari ukoze n'inzugano zidasanzwe muri wo- yacumitiye ku bw'ibicumuro byacu.⁹³

2. Umutima- Ibyiyumviro n'ibyifuzo byawe

Imana yashyize ikintu kidasanzwe mu mutima wawe ikimara kukurema. Yaguhaye umutima. Ntabwo tuvuga wa mutima wa wundi ubika amaraso. Turavuga umutima wa wundi uguha ubushobozi bwo kumva ikintu, nk'ibyiyumviro, ibitekerezo byawe, imyizerere yawe. Imana yaguhaye umutima kugira ngo wumve urukundo, n'imbabazi, ndetse n'ibihumbi byinshi by'ibyiyumviro. Yaguhaye ibyo byiyumviro byose kugira ngo ubashe kuyimenya neza ndetse no gusobanukirwa iyo ariyo. Imana irifuzako wasobanukirwa n'icyo umutima wayo wifuza. Imana yaguhaye ubushobozi bwo kumva bimwe mu byiyumviro nayo igira. Irifuzako ukunda ibyo nayo yakunze, wange ibyo nayo yanga. Imana irifuzako uyikunda n'umutima wawe wose, ubwenge bwawe bwose,

ndetse n'ubugingo bwawe bwose.⁹⁴ Niyo mpamvu yakuremye mu ishusho yayo, kandi naniyo mpamvu yaguhaye umutima.

3. Ubusabane n'ubucuti

Umuremyi nanone yakuremye kugira ngo usabane nawe. Imana irifuzako wagirana isano na buri wese yaremye. Inkuru nziza ikomeye ni iyi, dushobora- ariko buri wese muritwe yakagombye guhitamo kugira iyi sano. Imana ntizigera iguhata. Nta nubwo izahatira inzira zayo mu mutima wawe. Iramutse ihase inzira zayo muri wowe- ntabwo byaba bikiri isano. Azakomanga ku muryango w'umutima wawe hanyuma itegereze. Ntishaka kuwusandaza, n'umugabo worohereje. Izategereza kugeza aho uzayemerera kwinjira. Izi yuko twateguriwe ndetse turemerwa kumenya icyo ariyo. Ariko ni amahitamo yawe. Ubasha gufungura umuryango bityo ukayemerera kwinjira, cyangwa se ubasha guhitamo gukomeza gufunga umuryango. Ubasha kwakira ubutumire bwayo, cyangwa se ubasha kubujugunya hanze. Ubasha guhitamo gutangira kwiga ukamenya icyo ariyo, cyangwa se uguhita gukomeza kwibera mu butamenya. Ariko inkuru nziza ikomeye, ni amahitamo yawe, kubera yuko wahawe uburenganzira bwo guhitamo (rumwe mu nzungano z'umubiri wawe, dukunze kwita guhitamo). Wahawe guhitamo.

Igihe umuremyi wawe akomanze ku muryango w'umutima wawe abafite ibyiringiro ko umwemerera kwinjira bityo abasha kukubaza aho ugiye. Afite urugendo rukomeye rwatuguye. Ariko, uramutse udafunguye umutima wawe ntanarimwe uzamenya icyo urwo rugendo rwe rugamije. Ni umushyitsi utakagombye guhomba. Nidukomeza imbere muri iki gitabo uzagenda usobanukirwa n'impamvu Imana yaguhaye aya mahitamo.

4. Uburenganzira

Imana yemerera buri wese guhitamo inzira ye bwite ndetse ikemerera abantu gufata icyemezo ku giti cyabo. Ibi byitwaga uburenganzira. Noneho rero nk'abamarayika, twese dufite ubwo burenganzira. Nkuko twabyize - Satani yitwaga ubwo burenganzira aragoma. Twese twahawe ubwo burenganzira. Tubasha gukurikira inzira z'Imana (urugero, kamere y'Imana, bishaka kuvuga kuturinda), cyangwa se tugakurikira inzira zacu bwite. Niba tudakurikiye inzira z'Imana, ntidutegereze kurindwa nayo. Izareka dusarure ibyo twabibye- bishatse kuvuga izatureka tubabazwe n'ingaruka z'amahitamo yacu mabi.

Igihe tudashatse gukurikira urumuli rwe inzira wafashe izaba umwijima, kandi uze wihuta. Bizakuyobora mu nzira aho uzabasha kubabazwa. Bizamera nko kwinjira mu buvumo. Uzagenda mu buvumo burimo umwijima ndetse umwijima mwinshi uko uzagenda utera intambwe. Kubera ko udafite urumuli rwe ntuzabasha kubona igitare ndetse

n'amabuye mu nzira ucamo bityo rero uzagenda usitara. Kubera ko nta rumuli rwe ntuzabasha kubona ibintu bityaye mu nzira ucamo bityo rero uzakubitana nabyo bigukomeretse. Ntabwo uzabasha kubona uko wahindukira niyo mpamvu uzagwa. Nukomezwa kugenda ukagera kure mu bintu byaguteza akaga (urugero, nk'umuntu akakwigisha kunywa ibiyobyabwenge- urumogi) ibi bizakubabaza, ndetse bibashe no kukwica. Satani azakora ibishoboka byose by'amayeri kugira ngo agukururire mu nzira z'umwijima, kandi niba abasha gukoresha inshuti zawe kugira zikuyobore mu nzira mbi bigashoboka, nukuri azakoreshe ayo mayeri. Satani we yikundira umwijima.

Ariko inzira z'Imana ni umucyo. Uzabasha kubona umucyo w'Imana humura aho waba uri hose. Gukurikira umucyo w'Imana bizakuyobora kuva mu mwijima vuba cyane. Mu by'ukuri, niba wumva wari warazimiye ukaba wemeye Yesu nk'umuyobozi w'ubugingo bwawe ubasha guhekwa ku mugongo ugashyirwa mu nzira z'umucyo we nonaha. Umucyo we waremewe kugukiza, kandi kugukiza ni byo yifuza.

Imana rero yaguhaye uburenganzira kugira ngo ubashe guhitamo kuyubaha, cyangwa se kutayubaha. Imana ntabwo yaremye ibishushanyo bya bindi byo kubaha amategeko yayo gusa. Nta nubwo izigera iguhatira ubushake bwayo. Igihe cyose ihora ishaka icyateza imbere ubusabane bwayo nawe, ni wowe rero wakagombye kwemera ubutumire bwayo. Ubutumire bwayo buracyategereje igisubizo. Yagutumiriye kuzabana nayo ubuziraherezo mu ijuru. Ariko hari ikibazo gikomeye, urahitamo kuyikurikira, cyangwa kwifatira inzira yawe bwite - inzira ibasha kukugeza mu ngorane. Ni amahitamo yawe. Bombi Imana na Satani bategereje guhitamo kwawe.

Twese tubasha guhitamo gukurikira cyangwa guhakana Imana. Nudafata icyemezo- nabwo ni icyemezo. Ntiwibwire ko ubasha gutegereza ko ufata icyemezo. Gutegereza ni uguhakana. Ku muni wa nyuma, Imana izacira urubanza buri wese wasuzuguye ijamba ryayo kuko Imana niyo yiremeye umuntu ubwayo. Dukwiriye guhitamo inzira z'umucyo we, cyangwa tugahitamo inzira z'umwijima. Imana izihangana itegereze guhitamo kwawe. Ariko witinda cyane kuko igihe cyawe hano muri iyi Si gishobora kurangira igihe runaka utarafata icyemezo.

Nuko rero ndagushishikariza gusoma Umutwe wa 5 w'iki gitabo noneho ufate umwanzuro. Nurangiza gusoma iki gitabo ukaba utarafata umwanzuro- ukwiriye gufata umwanzuro.

5. Umutimanama n'ubwenge

Mwahawe ubwenge bukomeye buruta ubw'inyamaswa zose, muhabwa kandi n'umwuka ubasha gusobanukirwa. Ariko mu gihe ubwenge bw'Imana butagira iherezo,^{95 96} ubwanyu bwo bufite iherezo.⁹⁷ Mu gihe inyamaswa zihutiraho mu mikorere yazo, wowe ufite ubushobozi bwo gutekereza ukageza no hirya y'ibyo ukeneye.

Bibiliya ivuga ko twese dufite ubwenge bwo kumenya icyiza n'ikibi kandi bwatwe mu mitima yacu.⁹⁸ Birashoboka ko ubwo bushobozi butuma tumenya icyiza n'ikibi bituma turushaho gusa n'Imana. Nkuko hariho amategako karemano agenga ikirere, ninako hariho agenga imyitwarire yacu ndetse n'ibitekerezo byacu.

Impano zacu z'ubwenge zagaragaye mu bushobozi bwacu kugira ngo zireme, zubake, zandike ndetse zinahimbe, kugira ngo turushaho gukomera, guhitamo, gutekereza, guseka, kurimbisha, n'ibindi byinshi. Buri wese muritwe afite ubwenge, kandi buri wese muri twe ashobora kwongera ubushobozi bwo gutekereza ndetse birenze. Ariko, nubwo twagira ubumenyi ndetse n'ubuhanga bwo guhanga, turacyafite inzitizi zikomeye - nko kutabasha kugaburira abaturage b'isi yose nta makimbirane, Kutimika ivangura rishingiye ku mico runaka, kutabasha gutanga amahoro y'isi yose. Impamvu ni - ububeshyi. Isi iyobojwe n'ikinyoma. Se w'ababeshyi ashishikariza abantu ko badakeneye gukurikira inzira z'Imana. Birababaje, abantu benshi muri iyi si nzima bumvira uyu mubeshi mukuru. Ari hafi, muri buri muyoboro w'itumanaho, mu mashuri yose, ndetse no mumatorero n'ahandi hose abantu bateranira. Umwanzi ntagira umupaka, ahantu hose umwanzi yahagera kugira ngo abashe kuyobya abantu.

6. Guhanga

Biraduhagije ko tureba hirya no hino. Turebe ibyo Imana yaremye aha ku isi, mu inyanja ndetse no mu ijuru.^{99 100 101 102} Noneho twongere duhindukire hirya no hino twongere turebe ibintu bihambaye abantu baremye. Biragaragara ko abantu nabo ari abaremyi batangaje.

Mwitegereze amafi meza aboneka mu nyanja zacu. Imana yacu si Umuremyi utangaje gusa, ahubwo ni n'umuhanzi ukomeye. Hari amafi aba mu nyanja akenera kurya andi mafi n'ibindi bimera kugira ngo abashe kubaho. Bifitanye isano ngengabuzima ikomeye. None se byaba byarahuye bite- mbere yuko birimurwa?

Mbese mwasuzumye iby' inuma yavukiye mu karere k'inyanja ya Arikitika izi uburyo yaguruka ibilometero ibihumbi n'ibihumbi hejuru y' inyanja kugira ngo ibashe kubona ikirwa mu nyanja ya Pasifika y'epfo aho itigeze iba mbere hose- aho izakorera icyari? None niba biyisaba

imbaraga (.000001%) birayisaba nayo gushyiraho imbaraga nyinshi. Ariko irabikora.

Mbese mwasuzumye iby'akanyamasyo kavukiye hafi ya Ekwateri kakaba kazi uburyo kazenguruka Inyanja y' Atlantika yose mu rugendo rwako- nyuma y'inyaka myinshi, kakaza kongera kwibona ku nkengero y'inyanja aho kavukiye kakahatera amagi? Niko bimeze kuri wowe nanjye, turatembera mu nzu y'i Los Angeles, twerekeza New York, tukongera tukagaruka - tutifashisha ikarita

Kuberekeye ikinyugunyugu gitangira ari igishorobwa muri Canada, nyuma kubw'igitangaza cy'imihindagurike (metamorphose) kivamo ikinyugunyugu gishobora kuguruka ibirometero n'ibirometero muri Mexiko aho kigiye kuba. Kitabashije kubona aho hantu kitigeze kuba-nticyabibasha. Ariko kiragerageza kikabikora. Hejuru y'ibinyugunyugu birenga Miliyoni 300, byose bizi icyo gukora, kuko byose bikora bimwe mu bice by'amajyaruguru y'umubumbe w'isi - byose byavutse ari nk'urunyo mu rubuto ruboze. Imikuririre yacyo ni ukuri, icyo kinyugunyugu gifite uburyo gikura n'uburyo kigenda cyihindagura hagati y'urwo rubuto.

Hari ingero ibihumbi byinshi tutabasha gusobanura. Kandi zose zikaba zirebana n'iremwa rikomeye. Ni gute zimwe muri izo remwa zabasha gukorwa hatariho umuremyi? Twese twaremwe ku buryo butangaje n'Imana.¹⁰³ Nuko rero ibyo Imana yakozwe ni ukuduha kuri ka zahabu gake ku bijyana n'iremwa ryayo ritangaje.

Mu Itangiriro igice cya mbere hatubwira yuko Imana yaremye buri kimwe cyose. Buri gihe ubwo yaremaga yagombaga kuvuga, "Iti reka habeho...." Nuko bikabaho. Imana irema ivuga. Imbaraga zirema z'Imana nizo natwe dukeneye. Kandi twabishobora - turamutse tuyimenye. Ni kubw'izo mbaraga zirema tuboneramo gukira uburwayi, ibyiyumviro, kwizera, ibitunga ubuzima bwacu, ibitangaza, n'ibindi byinshi.

7. Ubwenge

Ubwenge nayo ni kamere duhuriyeho n' Imana. Abanyamadini bakunze gukoresha ijambo «Omniscient» igihe baba bashakira kwerekana ko ubwenge bw'Imana butagira iherezaho. Imana izi buri cyose kuberekeye ikintu icyo aricyo cyose. Izi ibyo dutekereza,¹⁰⁴ ¹⁰⁵ kandi izi buri cyose kizabaho.¹⁰⁶ Imana ntibasha gupanga umugambi mubi kuko iba izi igisubizo. Kuba izi byose bishigikira ubwenge bwayo.

Imana nanone iduha ubwenge,¹⁰⁷ ariko ubwenge bw'Imana n'ubwenge bw'umwana w'umuntu si bumwe. Mu by'ukuri, ntabwo bujya buhuza.¹⁰⁸ Ubwenge bw'Ukuri ntibukomoka ku mwana w'umuntu, bukomoka ku Mana.

Imana, biciye ku bwenge bwayo, izazana ibyo yasezeranye mu buryo wowe nanjye tutabasha gusobanukirwa.¹⁰⁹ Ariko dukwiriye kuyikurikira kugira ngo tubashe kumenya ibyo aribyo. Niba ubuze ubwenge- Imana itubwira ko tugomba kubusaba,¹¹⁰ Ubwenge, iyo bukoreshejwe neza, bushobora kutuzanira umunezero ndetse bukanayobora ubuzima bwacu mu mucyo. Ubwenge buzakumenyesha aho ibisimu bya Satani biri. Ubwenge nibwo bufasha gufata ibyemezo bikwiye. Kwiringira Imana ndetse na Yesu bishobora kuba intangiriro y’ubwenge bwawe.¹¹¹

Ariko mwirinde igihe musenga musaba ubwenge kuko hari n’ubundi bwenge butava ku Mana. Ubu bwoko bw’ubwenge ni ubw’isi, ntabwo ari ubw’umwuka wera, ni ubw’abadayimoni.¹¹² Dukwiriye kumenya uko twabutandukanya. Tugomba kwerekana ibikorwa byacu ubwenge bw’ukuri. Kugira ubwenge bw’ukuri ntabwo ari ukumenya ibyiza n’ibibi, ahubwo ni ukuvana ibyiza mu bibi.¹¹³

Ese waba warigeze kwibaza impamvu tudashobora gusobanukirwa n’ubwenge bw’Imana kubera ibiteye ubwoba biri kuba kuri iyi si muri ibi bihe, nk’intambara, amapfa, ibiza, uburwayi, ibyago, n’ibindi? Imana yaretse ibyinshi muri ibi kuba amayobera¹¹⁴ kuko ubwenge bw’Imana burakomeye cyane kurusha ubwacu. Ifite umwanzuro ukomeye wa nyuma itari yaduhishurira. Ntishobora kutubwira iherezo ry’ibyo byose kuko byabasha kubangamira igitangaza cyayo gisoza. Byatuma nanone twimura ukwizera muriyo. Noneho, mureke twizere Imana tureke ubwenge bwayo, atari ubwacu, butubere urumuri bumurikire intambwe zacu.

8. Ubusugire/Ubutware

Dusa nanone n’Imana mu gihe twahawe ubutware butavogerwa. Imana ifite ubutware ntavogerwa kubyaremwe byose, kandi twahawe ubutware ntavogerwa kuri iyi si dutuyeho.^{115 116} Ubu butware, nyamara, ntabwo ari uburenganzira duhabwa twavutse. Ni impano y’Imana.¹¹⁷ Nkuko Imana yaremye ikabumbabumba iyi Si kandi ikayishimira, natwe dufite inshingano yo kuyicunga neza. Iyi nshingano rero twagiriwemo icyizere ntabwo twari dukwiriye kuyipfusha ubusa. Umunsi umwe tuzabwira Imana uburyo iyi si twayihinduye kuba nziza mu gihe twari tuyirimo.

9. Ikiremwa cy’iteka

Imana ibaho iteka ryose¹¹⁸ ndetse n’umwuka utubamo ni uwiteka ryose. Niba utari wareba mu nkoranya yawe ijambo iteka ryose, risobanura “nta tangiriro ndetse nta n’iherezo”. Kubaho iteka ryose bishatse kuvuga kubaho iteka. Ikibazo cy’ingenzi kuri twe twese ni iki: Nyuma y’aho uyu mubiri twambaye upfuye, ese tuzabaho iteka mu ijuru.¹¹⁹ cyangwa

tuzabaho iteka muri Gehinomu?^{120 121 122 123} Iteka ni igihe kirekire cyane.

Imbaraga zacu, ndetse n’umwihariko wacu

Nubwo abantu bose batunze kamere z’Imana twamaze kuvuga, buri wese muri twe afite ubushobozi bwo kuzikoresha mu buryo butandukanye. Niyo mpamvu twambaye ishusho y’Imana mu buryo butandukanye. Ku bw’imbaraga z’Imana zirema zitagira akagero nta kwibeshya kubaho. Ni wowe ubwawe wavukanye kamere zawe bwite. Niba mushobora kumenya icyo ibi bivuze mwagatangaye ku bw’ubushobozi. Ufite ubushobozi bwo gusa n’Imana mu buryo bw’umwuka, ibyiyumviro, amasano, iremwa, ubutware ndetse n’ubushobozi bw’iteka, kandi ukaba unafite ubushobozi bwo gukorana imbaraga ibi byose uri kumwe n’Imana. Ese ushobora kuvuga “Wow!”

Intumwa Pawulo atubwira ko turi mu inzira yo guhindurwa mu ishusho y’Imana duhindurwa n’Ijambo ryera ry’Imana kandi ko ishusho yacu izahindurwa nshya mu gukiranuka kose no kwera kose.^{124 125}

Yakuremye mu buryo bw’igitangaza kandi bwihariye kubera impamvu

Imana yarakuremye

Nibyo urarenze. Utandukanye n’undi muntu wese wabayeho. Byari umugambi w’Imana kuva mu itangiriro wuko ibyo yaremye byose byagombaga gutura mu isi ¹²⁶ kandi buri wese yaremwe ku buryo bwe ndetse ku buryo butangaje.¹²⁷ Ntiwavutse kubw’impanuka. Imana yarakubumbabumbye mu nda ya mama wawe.¹²⁸

Kuva mu itangiriro Imana irifuza ko uba uwihariye- mu gihe yaguhaga kamere n’indangasano y’ababyeyi bawe. Niyo mpamvu hari ibirango bimwe na bimwe uhuriyeho n’ababyeyi bawe, ndetse bishobotse bikabamo n’imyitwarire yabo, yaba mibi cyangwa myiza.

Igihe Imana yari imaze kukurema yamenaguye ifuruma. Nta wundi muntu usa nawe. Niwowe “wowe gusa”. Biravugwa muri Bibiliya ko twe turi ibumba nawe akaba umubumbyi.^{129 130} Twaremewe mu biganza bye ku bw’umugambi utangaje¹³¹ igihe kimwe uwo mugambi uzahishurwa. Imana yaringanije umubiri ndetse n’imitekerereze yawe uhereye igihe yakuremaga. Izi umubare w’iminsi uzarama, kandi izi ibyo uzacamo byose mu gihe uzaba ukiriho. Ifite umugambi ku buzima bwawe-umugambi uhebuje. Ariko ukwiriye kwizera. Ntishobora kukwihishurira yo ubwayo, kandi ntishobora kuguhishurira umugambi wayo, ¹³² mu gihe udakinguye umutima wawe ngo uyemerere yinjiremo.

Mukwiriye kwikomeza mumenya ko Imana ifite ubugenzuzi butavogerwa bwose bw'ibyo mucamo. Nta narimwe Imana izagushyira muri Bisi igihe nta mahirwe ahari yo kukugeza aho ujya. Imana rero ni dereva, niwe uyoboye. Izi neza aho ugiye kandi izi neza buri kintu cyose kizakubaho mu nzira. Harimo iby'imirimo yawe myiza, ndetse n'imirimo mibi. Mu butunzi bw'Imana- buri kintu cyose mu byo wacyiyemo kigukomeza mu bugingo.

Ushobora kuba utemera ko uri ikiremwa gitangaje, ariko uricyo. Ushobora kuba uri mu minsi y'umubabaro mwinshi ndetse no mu minsi y'ubwihebe. Ubuzima sibworoshye. Ariko Imana irifuzako umenya uburyo igukunda ndetse n'uburyo yakuremye- ku bw'impanuka.

Imana izi byose kuri wowe

Ntacyo bitwaye umwijima wose ucyamo, natwe twese tubaho mu mwijima ku gace runaka ku buzima bwacu, umubabaro wose umwanzi agushyiraho Imana yumvise uwo mubabaro ndetse irifuzako kugukomeza. Ni gute wabimenya? Ugomba kumenya gusa ko uri ikiremwa cyihariye kandi gitangaje. Ntukwiriye kumviririza amajwi amwe namwe akubwira ko Imana yakuremye nabi ko udasa n'abandi, Imana yakuremye ukuri kuko ishaka kuguha umurimo- umurimo wowe wenyine uzasohozwa. Imana ntiyakuremye ku bw'impanuka ntiyaguhaye n'ubwenge kubw'impanuka, indangasano ndetse n'isura yawe kubw'impanuka. Umubiri wawe n'ubwenge bwawe birihariye ni ibyaweho nuko waremwe kugira ngo wuzuze impano yahaye abandi.

Si umugambi uhutiyeho

Rimwe na rimwe birakomeye gusobanukirwa n'uburyo dutandukanye n'umuntu uwo ariwe wese. Tukiri abana ibi byari bikomeye kubisobanukirwa ndetse no kubyemera. Twifuzaga gusa n'undi muntu, aho gutandukana n'abandi. Twifuzaga kwambara n'imyambaro iteye kimwe neza n'iz'inshuti zacu. Tukifuza gusohokana. Twifuzaga gukorera hamwe. Kandi tukifuza no gukundwa na bese (bitari ngo kuri Facebook, aho bakubwira ngo kanda hano ukunde.....) Iyo tuza kwibona dutandukanye n'abandi muri icyo gihe - oh, ibyo byari bibi. Ntitwagombaga kubyemera. Kandi ibyo abakiri bato bese babyemeranyaho. Iyo twumva tutemerwa n'abandi, twumva turi mu kaga. Ariko ibi byiyumviro, niba warabiciyemo, byatewe mu mutima wawe n'umushukanyi ukomeye atari Umuremyi wawe. Satani arakora amasaha y'ikirenga kugira ngo akurimbure biciye mu byiyumviro byawe, kandi azi neza aho dufite intege nke.

Imwe mu mpamvu z'umwihariko wacu ni ukubera iremwa ritangaje ry'Imana. Uko tugenda dukura kandi duca akenye dukenera kumenya uburyo twakungahaza bya bindi bidutandukanya n'abandi - bitari bya bindi twihariye. Dukeneye gusobanukirwa ko kuba twihariye kandi

tukaba dutandukanye n'abandi ari umugisha, si umuvumo. Imana yakuremye uko uri kubera ko igufiteho umugambi kandi kubera wowe wenyine ugomba gusohora. Iki gitabo kibereyeho kugufasha no gusobanukirwa umurimo wawe, umurimo Imana yaguteguriye.

Injyana nziza cyane

Mu kanya gato - Itekerezeho nawe nk'umwe wo muri orukesitiri ukaba warahawe umurimo wo kuvuza ingoma. Kuvuza ingoma ya Basi nibyo bikugira uwo- uriwe. Imana ikurema hari icyo yagushyizemo kugira ngo ubashe kuvuza ingoma ya Basi neza gusumbye abandi bose. Ariko uyu mwihariko ugutandukanya n'abandi- ntabwo muri bamwe- nk'abandi bose. Oh, Ni gute ibyo byaba byiza?

Noneho, tuvuge ko umuntu aje avuza umwironge neza nawe ugatekereza uti, "Ndifuza nanjye kuba nkawe. Nzanezerwa kumuruta". Ariko niba utaravukanye iminwa mito, iyo abavuze umwironge bakenera, ntuzabasha na rimwe kuvuza umwironge neza. Ntabwo ari impano wahawe. Wavukanye impano yo kuvuza ingoma ya Basi neza. Mu by'ukuri, impano wahawe niyo kuvuza ingoma za drumu neza. Ntukeneye no kugira undi muntu uzi kuvuza kuko ufite iyi mpano muri wowe. Nta numwe ubasha gukora ibyo ukora.

Noneho, tuvuge ko hari undi muntu uzi gucuranga neza umwironge noneho ukavuga uti, "Byanga bikunda nanjye nzaba nkawe. Ibyo bizanezeza." Ariko igihe utavukanye intoki ndende kugira ngo zizafate ahantu harehare ntuvukane n'ubushobozi bwo gusunika umwuka vuba vuba, ntuzashobora kuba umuhanga mukuvuza umwironge. Siyo mpano wahawe. Imana izagutegurira kuvuza ingoma ya Drum. Kuba umuvuzi w'ingoma Imana izabishyira mu maraso yawe.

Imana yakuremye muri ubwo buryo- ku bw'impanvu.

Iyo duhanze amaso ku mpano twahawe, tudatumbiriye kuzo abandi bafite, dushobora kugira ubuzima bwiza ntakiguzi. Ntabwo tuba tugikeneye gutakaza imbaraga nyinshi kugira tube nk'abandi. Tuzashobora gucurangana n'abandi ku njyana abandi bafite kuko tuzaba ducuranga igikoresheho Imana yaduhaye. Bizaba bihebuje cyane kuko tuzaba ducuranga ibiri muri twe- biri mu mitima yacu, bivuye mu mwuka wacu. Ntabwo bizasa n'ibyundi muntu wese. Nimunezerwe kuba Imana yarabaremye mu buryo butandukanye. Umwihariko wawe ni umugisha utangaje. Umwihariko wawe uzagufasha kuzuza umugambi imana igufitiye- uwo uziga hanyuma muri iki gitabo.

Satani rero aragenda atwuzuzamo umubabaro yifashisha itandukanirizo riri hagati yacu. Aragenda adushukashuka atwemeza ko twakagombye kugira umunezero turamutse dutunze nk'ibyo abandi bafite. Noneho kubera ko tumwumvira abasha kugera ku mugambi

wayo. Satani asobanukiwe neza umurya w'inanga yacuranga (atari ya nanga) kugira ngo agutere kurarikira ibyo abandi batunze. Dukeneye gusa guhanga amaso ku mpano Imana yaduhaye. Buri iteka, Imana yaguhaye buri kimwe cyose ukeneye kugira ngo wishime. Buri cyose. Cyavuye- kuri yo. Imana itubereye byose dukeneye. Tumbira Imana izaguha ibyo Umutima wawe wifuza.¹³³

Imana igufitiye umugambi mwiza

Dushobora kwishima

Igihe utangiye gusobanukirwa ko Imana yakuremeye umugambi udasanzwe kandi ko ubushake bwayo butunganye, uzatangira usobanukirwe yuko hari impano imwe rukumbi yaguhaye- bisobanuye ngo yaguhaye umugisha. Mu gihe wishimiye impano Imana yaguhaye, izahaza ibyo umutima wawe wifuza.¹³⁴ Igihe rero ufite ibyifuzo bitunganye, izasohozza ibyo byifuzo. Ni mpa nguhe. Niba duhanze amaso ku mpano Umwami yaduhaye¹³⁵ dushobora kwishima kandi ntitwifuze ibyo abandi batunze. Nta kindi dukeneye, keretse Imana gusa. Uyu niwo mugambi w'Umwami kuri buri wese muri twe. Noneho rero nyurwa n'umwihariko wawe. Mu by'ukuri, ishimire uwo mwihariko wawe. Wikwifuza kuba nk'uko abandi bari. Ubuzima bwashoboraga kutubihira twese muri iyi si iyo Imana iza mu by'ukuri kuturema kimwe.

Nta kidashoboka

Ese waba uzi ko Imana yari igufiteho umugambi mbere yuko Isi iremwa? ^{136 137 138} Yakugeneye mbere y'ibihe byose kubaho mu buzima urimo nonaha.¹³⁹ Umugambi wayo uratuma imodoka atwaye inyura neza iruhande rw' ibinogo by'umuhanda-ariko buri kinogo cy'umuhanda cyose kiri mu mugambi wayo. Birasobanura ugukura kwawe mu buryo bw'umwuka. Ukwiriye rero kurenga ibyo binogo by'umuhanda nonaha.

Gusimbuka bimwe mu binogo by'umuhanda biri muri bimwe Imana yifuza ko wimenyereza. Ishobora kuba ikwifuzaho kureba ikintu runaka, cyangwa kumva ikintu runaka, cyangwa se kwimenyereza ikintu runaka. Bishoboraka ko kwaba ari ukwigomwa ikintu runaka. Bishobora kuba umubabaro, cyangwa gupfusha. Bishobora kuba bikubiyemo Ubuntu bwayo, ndetse n'ibitangaza. Ariko byose bibaho ku bw'impamvu. Imana yaraje ibana natwe kugira ngo tubashe kuyizera, kuyiringira, n'ubuzima bwacu ndetse n'ahejo hazaza. Kuyikurikira bisaba Kwizera, ndetse no mukwizera kwacu guke cyane yadusezeranije ko ibintu byose bizashoboka.¹⁴⁰

Kugirana ubusabane n'Uwakuremye bizaguha icyerekezo gishya cy'impamvu wavutse. Imana ijya yishima iyo tubaye abana bashima kubyo idukorerwa.¹⁴¹ Kuba abana bashima biduhindurira mubyi ibasha kudukoresha. Kuba abashima mubyi dutunze nabyo bitubohorera mu

gukomeza gutegekwa n'abandi. Tekereza kubusobanuro bw'ibi. Igihe cyose wishimiye ibyo utunze nta narimwe uzakenera gutegekwa n'abandi. Reka bishyirwe ahagaragara. Gucishwa bugufi, no kugira umunezero, ndetse no guhabwa umugisha bituruka mu kunyurwa n'ibyo utunze. Ibyo ukennye byose- biri muriyo.

Nanone ibuka yuko ibyo ducamo byose, ibyo bikubiyemo umubabaro ndetse no kwangwa, Imana ibasha kubihinduramo ibyiza.¹⁴² Kunyurwa n'ibyo aribyo byose unyuramo bishobora guhindura kuva mu bitekerezho byawe bibi, (Urugero. "Kuki ibi bimbaho), mu bitekerezho byiza (Urugero. "Urakoze Mwami wanjye kuba iteka ubana nanjye.). Kunyurwa bituma ubasha kureba imbere- ku Mana, ndetse no ku bandi, aho kwirebaho gusa. Ugushima bizagutuzisha. Ntuziganyira nahato. Uzakomerasha abandi umutuzo wawe, uzakhindura ubuzima bwawe urusheho gusabana n'Imana. Iki nicyo gihe Imana ibasha kugukoresha no kuguha umugisha kuko wagize kwizera muri yo.

Abantu batandukanye

Abantu bamwe bavutse mu buryo butandukanye n'ubw'abandi, ariko Imana ikavuga yuko ifite umugambi ku byaremwe byose. Umva uyu murongo wo mu gitabo cya Yohana urebana n'umuntu wavutse ari impumyi.

*Yohana 9 ¹Akigenda abona umuntu wavutse ari impumyi.
²Abigishwa baramubaza bati "Mwigisha, ni nde wakoze icyaha, ni uyu cyangwa ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi Yesu arabasubiza ati ³"Uyu nta cyaha yakoze cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imirimo y'Imana yerekaniwe muri we."*

Imana iratwigisha ko uyu mugabo yavutse muri ubu buryo kugira ngo ubuzima bwe buhimbaze Imana. Bityo rero niba ufite ibyiyumviro bibi cyangwa se intekerezo mbi kubirebana n'uko umuntu runaka yavutse, reka ujye wibuka ko Imana ifite impamvu yamuremye muri ubwo buryo. Impamvu y'Imana ni uko umuntu abasha guhimbaza Imana.

Dukunze gutekerezaho ko umuntu wavutse muri ubu buryo rimwe na rimwe aba atuzuye, cyangwa se ko hari ibyiza aba yaravukijwe. Imana yo siko ireba. Imana irema buri wese mu buryo bwihariye kugira ngo abashe gukoresha uwo mwiherako we mugukorera abandi. Imana ntitwemerera ko tubarakarira, cyangwa se ngo tubabazwe n'uko bavutse, kuko yaremye buri wese hari impamvu.¹⁴³

Twese turi ubutunzi bw'Imana

Mu maso y'Imana twese twaremwe mu buryo Imana yifuza. Twese twaremwe mu buryo bw'igitangaza kandi turi ubutunzi bwayo.^{144 145}

Ifitiye umugambi buri umwe wese muri twe.¹⁴⁶ Bisobanuwe yuko hari umurimo udasanzwe Imana yagambiriye muri wowe ubwawe ukwiriye gukora mu buryo bukwiye . Mu buzima bwawe nta kintu na kimwe ukwiriye gupfusha ubusa. Imana ikoresha amateka yawe, ibihe urimo, ndetse n'ibikomeye wacyemo kugirango igutegurire ejo hazaza.

Saba Imana ubwenge igufashe gusobanukirwa n'impamvu yakuremye mu buryo ubayeho n'impamvu yagushyize muri iyi si. Imana igufitiye umugambi mwiza. Waremwe nayo kugira ngo ukore imirimo myiza.



Umutwe wa 3

Naremewe- kubaho nyuze mu ngorane nyinshi

Kamere y'icyaha

Ese navutse ndi umunyabyaha?

Imana ntiyaremeye umuntu gucumura. Imana yaremeye umuntu atanduye.¹⁴⁷ Ariko Imana imuha ubwigenge, bukwiye bwamufasha gufata icyemezo. Ibi bishatse kuvuga ko dushobora gufata ibyemezo bigendanye n'umurongo wa kamere y'Imana, cyangwa se tugafata ibyemezo bitagendanye n'umurongo wa kamere y'Imana, aribyo twita icyaha. Nuko rero iduha ubushobozi bwo guhitamo. Bishatse kuvuga yuko Imana yaduhaye ubushobozi bwo kuyimenya ndetse no kuyihakana. Ariko igifite umumaro ni iki- ni amahitamo yacu.

Ese ni nde udashaka gutegeka 100% ibyemezo bye? Ibi bimeze ngo gushyira umwana muri butiki y'amabombo ukigendera. Noneho, niko Imana yahaye buri umwe wese- ubushobozi bwo gufata icyemezo no gukora icyo ashatse. Mukigereranyo, yasigiye nyiri butiki y'amabombo ariwe Satani, gushishikariza buri mwana wese winjiye muri butiki (twese) kurya amabombo menshi yifuza. Bitewe n'ubwana bwacu ndetse no kutumvira imbuzi z'ababyeyi bacu, tuzizera ibyo nyiri butiki y'amabombo atubwira. Nyiri butiki azakomeza kudushukashuka. None ko amabombo ari meza, ni gute yabasha kugutera uburibwe? Nuko, "Murye amabombo menshi mushoboye, nibyiza kuri mwe!, Kandi, nta

muntu numwe uzamenya umubare w'amabombo mwariye, nuko mufate n'andi menshi! Nuko rero kubera ko twahisemo gusuzugura inama z'ababyeyi, bituviramo kurwara. Reo byagera mu bicuku by'ijoro tukabyuka dutaka cyane,"Ow, ndababara mu nda. Nakoze ibyo nyiri butiki yambwiraga, ndabyemera, none kuki narwaye?

Igihe Imana yaturemaga yarizi ko inzira imwe rukumbi yagombaga kuduha nayo ari ukuduha uburyo twayumvira, bitaba ibyo, ntibyaba bikiri ubusabane. Gukunda ntibyakwitwa urukundo niba hatariho akantu na gato ko guhata. Bityo rero Imana yemereye buri wese muri twe ko tugira amahitamo. Niba duhisemo kutayumva, Imana yashyize imbuzi ku bw'ibinogo biri imbere yacu- noneho kandi yaduhaye imfunguzo z'imodoka. Dushobora kwemera izo mbuzi cyangwa dushobora no kutazitaho. Bityo rero izatureka tuyobore aho dushaka hose.

Icyaha cyinjiye mu isi giciye ku muntu umwe, ariwe Adamu, nuko bikongeye n'abo mu bihe bya none natwe twese.¹⁴⁸ Twese twarazwe iyo kamere y'icyaha kuva tukivuka.¹⁴⁹ Iyi kamere y'icyaha yashinze imizi ku mitekerereze yacu y'ibyaha ndetse no ku myitwaririre yacu. Icyaha gifite imizi mu mitima yacu,¹⁵⁰ bityo kikangiza imitima yacu, bigakomeza no mu yindi myanya y'imibiri yacu nkuko kwifuza kwacu kuri.¹⁵¹ ¹⁵² Igihe cyose twacumuye, turagwa tugatandukana na kamere y'Imana ku buzima bwacu.¹⁵³

Ni amahitamo yacu

Kuva aho twese twaherewe uburenganzira bwo kwigenga dushobora guhitamo kugendera muri kamere y'Imana, cyangwa tugahitamo kugendera muri kamere zacu. Ubusobanuro bw'icyaha ni ukuvogera cyangwa kwigomeka ku mahame cyangwa amategeko y'Imana. Ibyo bishatse kuvuga ko igihe twacumuye tuba twatsinzwe, twananiwe kubahiriza amategeko yera ayo Imana yadushyiriyeho.

Ikibazo gikomeye twese tugomba kwibaza: Ese twese twavutse turi abanyabyaha, bivuze ko twananiwe kugendera mu mategeko akiranuka Imana yadushyiriyeho?

Igisubizo ni Yego, na Oya.

Yego, twese twavukanye kamere y'icyaha. Ariko Oya, ntitwavuye mu nda za ba mama dufite ibyaha. Gucumura kwacu kuza nyuma-iyi tumaze kuba bakuru tumaze kumenya itandukaniro ry'ukuri n'ikinyoma nibwo dutangira gufata ibyemezo twamenye neza yuko bitangenanye n'amategeko y'Imana.

Twese twarazwe kamere y'icyaha

Ku buryo bw'amasano biroroshye kwemeza ko twarazwe kamere y'icyaha.¹⁵⁴ Itegereze umwana muto. Ku bwa kamere umwana muto arikunda kandi nta muntu numwe wigeze yigisha umwana muto

kwikunda. Kwikunda ni uburyo twese twatangiriyeho. Ni karemano muri DNA zacu.¹⁵⁵ Kugira kamere y'icyaha ni inzira twese twarazwe.

Uko umwana muto agenda akura atangira kwiga iby'ukuri bivuye mu bibi niyo mpamvu kwikunda atari inzira nziza yo kubaho. Umwana muto ariga, rimwe na rimwe agaca mu nzira zikomeye, aho abantu bakuru bashobora gukomereka igihe bakomeje iyo nzira yo kwikunda. Amenya ko kwikunda kwe kuzamutera ibibazo. Kenshi na kenshi yiga kuyobora ibyo byifuzo bye byo kwikunda noneho gusangira n'abandi bikaba indi nzira nziza irusha izindi zose. Ni cyo gihe kamere ze zitangira kwirema. Atangira gufata ibyemezo by'ubwenge kubirebana n'ibyifuzo byo kubaho- gusabana, cyangwa kudasabana.

Mu gihe azaba akura ndetse atangiye guhura n'abandi, azatangira guhura n'ibihe bimusaba gufata ibyemezo bikomeye- gukora ibintu bitunganye cyangwa bibi, abikorana ubugwaneza cyangwa ubugome-ubwo nibwo icyaha gitangira kugira ishusho. Nibwo aba akwiriye gufata ibyemezo bijyana na kamere y'Imana,¹⁵⁶ cyangwa bitajyanye na kamere y'Imana aribyo byitwa icyaha.

Mu gihe twicuma mu myaka y'izabukuru, tugomba kwiga tukamenya ko tuzaryozwa amakosa yose arebana n'ibyemezo byacu. Dukwiriye kumenya ko, ibyemezo byacu bishobora gusaba ikiguzi kinini, nk'ubumuga, gufungwa, kunywa ibiyobyabwenge ugakora impanuka y'imodoka, ndetse rimwe na rimwe n'urupfu rukaziramo. Mu gihe dukura rero dukwiriye gutangira kumenya ko ibyemezo byacu bibasha kudushyira mu ingaruka z'iteka.

Bityo rero, dushobora kwemerera kamere yacu y'icyaha gutegeka ubuzima bwacu, cyangwa tugategeka kamere yacu y'icyaha dufata ibyemezo bigendana n'amategeko y'Imana tukiringira impamba ye n'umugambi wayo mwiza ku buzima bwacu. Igihe dukurikiza kandi tukizera Imana, kamere yacu nayo irakura bityo tugatangira kugendana n'Imana mu mategeko yadushyiriyeho. Uribuka ko ibi biri mu busobanuro bw'icyaha- cyangwa wabihinduye ubusa?

Tuzaryozwa ibyo twakoze

Nk'abantu bakuze, dukwiriye kumenya ko ibyemezo dufata bitureba. Inkuru nziza -dushobora twese gutsinda iyi kamere y'icyaha twarazwe. Dushobora twese guhitamo ndetse n'ibikorwa byacu bikagendana n'amategeko y'Imana.

Ese, waba uhura n'ibibazo bitewe no kutagendera mu mahame y'Imana? Ushobora kuba wumva bitababaje, niba wahisemo neza.

Igisubizo ni yego - byanga bikunda, ariko ingaruka zishobora kuba ako kanya, ndetse n'umubabaro utejwe ushobora kutaba uwawe gusa. Aha tubafitiye urugero rutwinjiza twese mu mukino. Bizigisha ubuzima bwawe mu gihe kizaza ko amahitamo wakoze ashobora kugira ingaruka ku bana bawe - kandi nta mwana numwe wigeze abigiramo uruhare.

Rero uwo mubabaro uragenda ukangiza ibitekerezo by'umwana ndetse n'ubuzima bwe - bukaba bubi. Ibi bishatse kuvuga ko nta narimwe tuzagira umutuzo igihe tukigirwaho n'ingaruka z'amahitamo yacu y'ibyaha. Imana idusezeranya ko tuzasarura ibyo twabibye.¹⁵⁷ Nubwo twaba tutababazwa n'amahitamo yacu mabi, tuzaryozwa umubabaro duteza abandi.

Kuba tutabasha kwihanganira imibabaro n'imiruhu iva mu bikorwa byacu bivuze ko ikinyuranyo cy'ibyo ari ukuri: Kuba ibikorwa by'abandi ndetse n'amahitamo yabo bishobora nabyo kutubangamira ndetse no kutubabaza. Byagombaga gukorwa muri iyi nzira - bitari ibyo ubwigenge s'ubwigenge. Igihe duhisemo gukora icyaha tuba duhisemo kubaho mu buryo butandukanye n'amahame y'Imana- bikaba ibyo bishobora kuzanira ingorane n'umubabaro ubuzima bwacu bwite¹⁵⁸ ndetse no ku buzima bw' abandi.¹⁵⁹

Imana ibasha guhindura imibabaro yacu mo ibyiza

Nibyo, Imana ibasha guhagarika umubabaro wawe ndetse n'umuhangayiko. Ni Imana, urabyibuka? Ariko Imana yemerera umubabaro n'umuhangayiko ko bikugeraho kuko ishaka ko uyigiraho. Twese turipfundikanya kugira ngo duhamagare Imana igihe twumva tugeze mu makuba, umubabaro, cyangwa kwiheba. Niba warigeze ugendera mu ndege ukagera hahandi ibura umwuka igasa nihanuka urazi neza icyo ibi bishatse kuvuga. Ufata ku mikono, cyangwa kuri mugenzi wawe uri iruhande rwawe nuko mugasenga. Mugasengera kubohoka. Mugasenga kugira ngo mubashe gukurwa muri uwo mubabaro. Imana ibasha, kubw'imbaraga zayo zitagira akagero, kubakiza, ariko ishobora no kutabikora. Izi neza ko iyo nzira y'ibisimu ishobora kubasunikira kuri yo. Nkuko rero twese tubizi, imibabaro n'imihangayiko iza buri gihe. Ishobora guhindurira iyo mibabaro n'imihangayiko ndetse n'iyi nzira y'ibisimu mw'ikintu cy' umunezero mwinshi.¹⁶⁰ Biciye muri iyo mibabaro ndetse n'imihangayiko tubasha kuyibona. Biciye mu kuvunika kwacu nibwo dukira.

Gukora icyaha ntabwo ari ikintu twarazwe; kamere yacu y'icyaha niyo twarazwe. Gukora icyaha ni amahitamo. Imana yanga icyaha¹⁶¹ kandi icyaha cyacu kidutandukanya n'uburinzi bwuzuye urukundo rw'Imana.¹⁶² Rimwe na rimwe imibabaro yacu ivuye mugukora icyaha ishobora kubabaza cyane. Ariko ntacyo bitwaye ku bibazo waba ucamo byose, cyangwa umubabaro tubabazwa, Imana nayo yaciye mu mubabaro n'imihangayiko. Imana yaciye mu mibabaro n'imihangayiko igihe yaje gutura hagati muri twe. Umubabaro wayo wari ukomeye cyane bigera naho ipfira muriwo - ku bw'umugambi, ku musaraba, imaze gukubitwa cyane inkoni ziboshye z'ibyuma ndetse no kwambikwa ikamba ry'amahawa ku ruhanga. Abambirwa ku giti ku musozi yatewe imisumali mu kiganza ndetse no kubirenge, ibyo byose niwe wabiremye. Yemeye guca muri ibyo byose kubw'impamvu.

Yashoboraga guhagarika umubabaro we ndetse n'urupfu, ariko ntiyabikoze. Yagombaga gupfa kubwa nyje nawe. Ibi byari ibice byose

bigize umugambi wayo - Ibyo yari yaratubwiye kera mu Isezerano rya Kera.¹⁶³ Iyi niyo mpamvu yatumye iza. Wari umugambi wayo kuva isi yaremwa. Yari izi yuko icyaha cyagombaga kuyobora isi¹⁶⁴ kandi yari izi ko nta yindi nzira yari ihari yagombaga kudukiza ibyaha byacu. Yari izi ko byari bikwiriye ko iza muri iyi Si ikadupfira. Iyaba Imana yari itazi ko Adamu azacumura kandi ko Lusiferi (Satani) yagombaga kwigomeka, bityo rero Imana yaba yarakoze amakosa. Ariko Imana ntikora amakosa. Yari izi neza ibyagombaga kuba nyuma yo kuduha ubwigenge bwose busesuye - bwatumye tuba inzererezi nuko turacumura. Yari izi ko twagombaga gukora nk'umwana muto basize muri butiki ya biswi n'amabombo. Nuko Nyiributiki yagombaga kudushuka atekereza ko amabombo menshi ari meza kuri twe.

Bityo rero Imana ibasha gusobanukirwa cyane n'umubabaro wawe. Nayo yarababajwe¹⁶⁵ kandi yafiriye wowe, niba uyizera, ubasha kubana nayo iteka ryose.¹⁶⁶ Niba utayizera - ni byo, iherezo ryawe rizaba ribi cyane.¹⁶⁷

Yego, Imana yari ihari

Noneho ushobora kwibaza ubwawe: Mbese Imana yari iri he mu gihe ibi "bintu bibi" byazaga mu buzima bwanjye? Igisubizo ni iki, yari ihari. Yumvise umubabaro nawe wagize, nuko yanga ibyabaye. Ariko yagombaga kwemera ko bibaho kugira ngo isohoze igikomeye cyane. Ikintu gikomeye cyane ni impano agenera buri wese muri twe, ariyo igihembo cy'iteka cyo kuyiringira no kugira ukwizera muri yo. Umunsi umwe azasubiza byose mu buryo¹⁶⁸ ¹⁶⁹ kandi nta mubabaro uzabaho ukundi.

Nkuko ababyeyi bakundwa bemera ko umwana ababazwa n'ingaruka zo guhitamo nabi, Imana nayo yemera ko tubabazwa n'ingaruka z'amahitamo yacu mabi. By'amahirwe mabi, hakiyongeraho n'umubabaro w'ingaruka w'ibyo abandi bakora nabo. Ntidushobora kumva amasomo Imana itwigisha muri icyo gihe, ariko umubabaro w'ingaruka w'ibyo dukora byaba ari igisubizo ku buzima bwahindura icyo kintu. Ni uko mu nyungu z'Imana, ubuzima buhindutse ni bwiza, cyane cyane uburemewe mu mubabaro. Imana irifuza ko duhinduka kugira ngo ibashe kudukoresha. Irifuza ko duhinduka tugize imitima mishya.¹⁷⁰

Ibi bishatse kuvuga ko Imana ijya yemera tugaca mu bibazo n'ibigeragezo mu buzima bwacu¹⁷¹ ¹⁷² kugira ngo turusheho kuyegera. Ikeneye ko duhindurirwa mu nzira z'ibitekerezo byayo kugira ngo ibashe kudukoresha, ndetse no kuduha umugisha. Iyo dutangiye gusobanukirwa n'ubushake bwayo ku buzima bwacu nicyo gihe dutangira gusobanukirwa impamvu twavutse, ndetse n'umugambi wayo.

Mbasha guhura n'ibigeragezo kuko naguye mu byaha.

Muri Edeni

Iremwa ryuzuye ry'Imana, Adamu na Eva, ryajemo icyaha igihe bahisemo kutumvira amategeko y'Imana mu ngombyi ya Edeni. Bahisemo kurya ku mbuto z'igiti cy'ubwenge kimenyesha icyiza n'ikibi nubwo Imana yari yarababujije kubikora. Birumvikana, Adamu na Eva ntibajanywe muri Edeni bonyine. Umushukanyi mukuru nawe yararimo. Umugambi nimeroye mbere wa Satani ni umuvurungano, kutubabaza, kurimbura ubuzima bwacu, no gutuma twihakana Imana. Yifuza gushyira ibigeragezo kuri twe kuko yanga buri kimwe cyose cyaremwe mu ishusho y'Imana. Ibishuko no kubeshya nizo ntware akoreshe. Nta muntu numwe waba warigeze gushukwa ngo amenye uburyo biri bube- nubwo twaba turi maso dute. Igihe dutangirye kubabazwa, nibwo tubasha kuvuga, "Yongeye kubinkorera, kandi!"

Satani yigira mwiza kuburyo ibishuko bye tubibona nk'ukuri. Bityo tukamutegera amatwi, ndetse tukanamwizera, nubwo twaba tukibabazwa. Ntitubasha guhuza umuyoboro w'amahitamo yacu mabi n'ibigeragezo bitwiziririyeho. Satani yabaye nyirabayazana w'icyaha mu ngombyi ya Edeni, kandi akomeje kuba nyirabayazana w'ibishuko no kubeshya muri iyi Si ya none.

Mu ngombyi ya Edeni, Satani yumvishije Adamu na Eva ko batagomba gupfa igihe bariye ku mbuto z'igiti cy'ubwenge kimenyesha icyiza n'ikibi. Igihe rero Adamu na Eva bahakanye ukuri kw'Imana barya kuri icyo giti, nicyo gihe ubutungane bwabo ndetse n'ubwacu, bwatakaye, nanicyo gihe kandi isi y'umubabaro yatangiye.¹⁶⁴ ¹⁶⁵ Inyokomuntu ihitamo kutumvira Imana kuva icyo gihe - nuko abantu benshi bakomeza kutumvira ndetse no kwihakana Imana.

Imana ibasha guhagarika umubabaro w'iyi Si mu isegonda - Ariko yaduhaye amahitamo. Yaduhaye ubwigenge. Niba Imana ihagaritse ibibazo by'iyi Si, ibyo twe twiremeye, none ubwigenge yaduhaye buzasigara ntacyo buvuze kandi icyo gihe ntawubabazwa ibijanywe n'amahitamo ye mabi. Kugeza ubu turacyategerejweho kuryozwa ibijanywe n'amahitamo yacu mabi.

Bityo rero, igihe cyose uzaba wishakira icyerekezo n'impamvu y'ubuzima - umwanzi azakomeza kukongorera mu matwi (ashobora no kukongorera mu matwi nonaha.....) ko udakwiriye kubw'ibyo uzakomeza kubaho nta byiringiro. Ariko wibuke ko ibi ari ibishuko. Ntabwo ari umugambi w'Imana kuri wowe. Dukwiriye twese kwiga uburyo twamenya ijwi ry'Umwami wacu nkuko umwana w'Intama amenya ijwi ry'umwungeri. Gusa tugomba kugira ubwenge nk'ubw'umwana w'intama. Igihe atari ijwi ry'Umwami wacu twumvise, dukeneye kuba abanyabwenge ku buryo buhagije bwo guhindukira tugakomeza indi nzira.

Imbaraga imwe rukumbi ya Satani

Satani nta mbaraga afite mu by'ukuri kuri buri wese muri twe uretse kudushukashuka- ariko muri ibi bihe yakajije umurego. Nta shobora kudukomeretsa mu buryo bufatika, kandi ntashobora kugira ikintu na kimwe adukoresha, ariko ashobora kutwongorera mu matwi yacu. Yigira mwiza cyane kuburyo tutabasha kumenya ko ibishukashuko bye bifashwa n'intege nke zacu ndetse n' ibyifuzo byacu. Azi neza aho dufite intege nke hose.

Bityo rero turamwumvira, tukagwa mu mutego we ("nkuko amabombo asa nadyohera...."), nyuma yaho tukisanga twafashwe- ndetse bikongera. Nuko rero nitutagenzura ibyifuzo byacu tuzakomeza kugirwaho n'ingaruka z'amakuba, umubabaro, kubabazwa, gutakaza umubano, ndetse n'ibindi. Fata rero umwanya maze wihuze n'ibifite umumaro. Ibyinshi mu bibazo dufite ni ingaruka zo kutumvira ijwi ry'Imana ndetse n'inyigisho ze. Twirengagiza umuburo w'Imana noneho tukayoborrera iburyo mu cyobo satani yashyize imbere yacu. Kandi rimwe na rimwe ibyo byobo aba ari birebire noneho bikatubabaza- cyane.

Ariko nitwibagirwe ko tukiri abantu, kandi iteka tuzahora dukora amakosa. Ntacyo bitwaye uburyo bwose waba warakojejwe isoni na Satani - Tuzaca mu mubabaro, tuzabura abacu, tuzarekwa, tuziheba, tuzagira agahinda, n'ibindi birushya igihe cyose tuzaba tukiriho. Inkuru nziza ni uko, Imana itubwira ko ibasha gukoresha ikigeragezo kibi umwanzi yatuzaniye- muricyo Imana ikaturemeramo ikintu cyiza.^{175 176} igihe twiyemeje kuyikurikira. Ibi bishobora kuguha ibyiringiro ku byo ucamo byose.

Ibi ni iby'ingenzi ko tubisubiramo: Imana ishobora gukoresha ikigeragezo cyo Satani yatuzaniye mu buzima bwacu- nuko ibasha kugihinduramo ikintu cyiza cyane^{177 178} niba uyikurikiye.

Mbega isezerano ritangaje.

Imibabaro yacu igaragaza ukugeragezwa k'ukwizera kwacu

Ibi bishatse kuvuga ko haba igitangaza mu mibabaro yacu. Ubusugire bw'Imana ndetse n'umugambi wayo kuri twe bizakoresha ingorane zacu n'imibabaro yacu mu kudufasha gukomeza ukwizera kwacu muriyo. Kugeragezwa kwacu ndetse n'imibabaro yacu nibyo bihamya kwizera kwacu.¹⁷⁹ Nuko rero, ingorane zacu ndetse n'imibabaro yacu nibyo Imana iheraho idutunganya, idukomeza, ndetse ikaduhindurira kuba ikiremwa gishya ibasha gukoresha¹⁸⁰ ibyo bigatuma dushikama ndetse no guhangana n'ibitero bya Satani. Ibigeragezo n'ibibazo Satani azakuzanira agambiriye kukurimbura - Imana izabikoresha kugira ngo ikubohore ndetse igukomeze mu buryo bw' umwuka.¹⁸¹

Bimwe mu byo Satani asaba bibasha kunyura kuri Yesu mbere

Ese wari uziko Imana ijya yemerera Satani n'ingabo ze kukugerageza? Imana ibasha kubuza Satani kukugerageza igihe ibishatse (Ni Imana, urabyibuka?), ariko kwemerera Satani kukugerageza ni umugabane munini ugize umugambi mugari w'Imana mukubaka ukwizera kwawe muri yo. Imana izagusuzuma¹⁸² ariko nta narimwe izakugerageza.¹⁸³ Tugeragezwa igihe twakuruwe n'amarari y'umwanzi.¹⁸⁴ Yesu atwigisha ko icyaha gitangirira muri twe,¹⁸⁵ Ntidukwiriye kwirengangiza ko Imana ifite ububasha bwo gutegeka Satani.^{186 187}

Bibiliya itwigisha ko byibuze bimwe, cyangwa byose mu byo Satani asaba agambiriye kukugerageza bica kuri Yesu bwa mbere- kandi Yesu agomba gusubiza “Yego” ku byo Satani yasabye. Ariko nubwo Yesu asubije ati Yego, adusezeranya ko atazemerera Satani kukugerageza birenze ubushobozi bwawe.¹⁸⁸ Mu gihe cy'ameza y'Umwami igihe Yesu yabwiraga intumwa ze aho yari agiye kujya (Ni ukuvuga kujya kubambwa), Yesu abwira Petero ko Satani yabasabye ngo abagosome.¹⁸⁹ Kugosora muri ibyo bihe bivugako ko Satani yari yasabye ko Petero ageragezwa. Ibi bishatse kuvugako byibuze bimwe, cyangwa byose mu byo Satani asaba agambiriye kukugerageza bica kuri Yesu bwa mbere. Ese murabyemerera? Impamvu Yesu yemera ko ibi bibaho ni ukugira ngo arebe niba ubasha guhangana n'ibishuko bityo kwizera kwawe kwemerwe muri we.

Mu gihe ibyo bibaye - Yesu azagusengera iteka kugira ngo kwizera kwawe kudatsindwa, nkuko Yesu yabwiye Petero ko yamusengeye kugira kwizera kwe kudatsindwa.¹⁹⁰ Nuko rero n'igihe tutemera neza niba Satani yasabye Yesu kutugerageza, dukwiriye kumenya ko Satani yifuza kutugabaho ibitero ndetse no kutugosora nk'amasaka. Ibi bishatse kuvugako dukwiriye kugeragezwa n'ibigeragezo byinshi kugira ngo harebwe neza niba kwizera kwacu ari umwimerere.

Ese ujya umenya rimwe na rimwe ko urikugosorwa na Satani? Birashoboka ko Satani yaba yarahawe uburenganzira na Yesu bwo kukugosora nk'amasaka. Ese kwizera kwawe kurakomeye bihagije muguhangana n'icyo kigeragezo?

Dukwiriye kubyakirana umunezero mwinshi igihe duca mu bigeragezo

Twese tubona bidukomerereye kugira ibyishimo igihe twageragejwe, ariko Imana itubwira ko tugumya kwishima n'igihe cyose tugeragezwa¹⁹¹ kuko ibigeragezo bisuzuma kwizera kwacu, nuko gusuzumwa k'ukwizera kwacu kugatera kwihangana, kwihangana kugakora umurimo wako kugira ngo tube abashitse kandi buzuye - tutagize icyo tubuze.¹⁹²

Ariko muraburiwe - Kuko igihe cyose washyize ukwizera kwawe muri Yesu utangira kugeragezwa kandi ugahura n'ibirushya, nuko rero witegure. Ni nde utekereza ko Satani yifuza kumugerageza? Ese utekereza ko Satani yifuza kugerageza babandi batari bizera Imana

kandi batarashyira kwizera kwabo muri Yesu? Siko biri, kuko asanzwe yifitiye abo bantu. Satani arifuza kugerageza no kugaba ibitero kuri ba bandi barikwiga uburyo bashyira kwizera kwabo muri Yesu; Satani aracyafite amahirwe y'ishoti y'intsinzi kuri aba bantu acungana n'ibyifuzo bya kimuntu kugira ngo abarimbure.

Iby'ingenzi byakuweho

Aha hari isomo dukwiriye kwiga akanya gato, gira aho wandika: Dukwiriye kwishima igihe tugeragezwa.¹⁹³ Yesu ashobora kwemerera Satani kukugerageza kugira ngo agerageze kwizera kwawe. Ariko muri ibi bihe, kubera ko umaze gusobanukirwa n'uburyo umukino ukinywa, uzatsinda urugamba. Niwiga kandi ukagenzura neza ubutumwa uzamenya ko ibinezeza atari byiza kuri wowe, kandi gutunga ibyamirenge wifuza byanga bikunda bizakuzanira umubabaro. Wamenye kandi nyiri butiki w'ibinezeza n'ijwi rye ndetse n'ibyo agusezeranya - nubwo byaba bisa naho ari byiza- bizakumanura mu nzira mbi. Werekane kwizera mu mahitamo yawe, kandi kubera amahitamo yawe yo kwizera Imana nayo izakomeza kukwizera.

Ariko witegure. Niba Satani asaba Yesu kugira ngo akugerageze, kandi niba Yesu asubiza ati "Yego" kandi akongera agasengera kwizera kwawe, nicyo gihe ibigeragezo byawe bishobora kuzaba bibi cyane bikomeye. Wikomeze cyane kuko uru rugendo rushobora kuzaba biruhanya. Ariko igihe utangiye kwiga uburyo bwo gushyira kwizera kwawe mu Mana, igihe Satani abonye kwizera kwawe muri Yesu, Satani azabona ko utari wa wundi ubasha gushukika bityo rero azatangira kugutakazaho igihe gito cyane. Ubuzima buzakomeza. Murwanye Satani nawe azabahunga.¹⁹⁴

Satani by'umwihariko akunda kugerageza abayobozi. Azakurikirana abayobozi mu muryango wawe, abayobozi mu matsinda y'inshuti, abayobozi aho ukora, ndetse n'abayobozi b'Itorero ryawe. Satani azi ko namara gushukashuka abashumba b'umukumbi, umukumbi uzasigara nta burinzi, kandi icyo gihe ibirura bishobora kuza bikarimbura izasigaye.¹⁹⁵ Bityo rero ni iby'igiciro gusengera abayobozi bawe.

Ubushukanyi bwa Satani-ubwiyemezi

Ukeneye intabaza idasanzwe mu gihe ubona ibintu byose bigenda neza. Igihe ibintu byose bigenda neza- Satani azagerageza kukumvisha ko udakeneye Imana. Bishobora kuba bimeze neza mu muryango wawe, mu kazi kawe, mu butunzi bwawe, mu nshuti zawe, noneho muri icyo gihe Satani azakora ibishoboka byose kugira ngo agushyiremo ubwibone. Azagerageza kukumvisha ko udakeneye Imana.

Igihe ibintu bitagenda neza - Satani azahindura umuvuno. Ubutumwa bwe mu gihe cy'ibihe biruhije buzakubwira ko Imana yagutaye. Azagerageza kukumvisha ko Imana idashoboye kukwitaho kuko Uwaremwe n'Imana ntabasha kubabara. Satani ni umukinnyi ukomeye

kuko buri gihe akinisha imyumvire yacu akayiganisha aho dutakereza. Azi uburyo yakoresha amarangamutima y'umuntu akaturwanya. Satani azakoresha umubabaro uwo ariwo wose ndetse no gushidikanya kugira ngo adutandukanye n'Imana, ariko ibyo ni ibicantegereye ndetse n'ibishuko. Dukeneye buri gihe kugenzura ibitekerezo byacu ndetse n'imyuka yose.
¹⁹⁶ Dukeneye kuba abanyabwenge ku mayere ya Satani yose.

Kwifuzwa & kurarikira ibyo abandi batunze

Imwe mu ntege nke zacu, kandi iha ubutsinzi Satani, ni igihe Satani atwumvisha yuko dukwiriye kugira ibintu byinshi - kugira ngo tugire umunezero. Azatwongorera mu matwi atwereka ko abandi bageze kuri byinshi, twe tukaba dufite duke. Satani azakomeza kugerageza gutuma tutishimira ibyo dufite. Noneho kubw'integereye nke za muntu, igihe tumutegeye amatwi dushobora kwizera ibishuko bye. Ariko wishukwa nawe. Kugira ibintu byinshi ntibizigera biguhesha umunezero. Niba mpeshya uzabaze abantu batsindiye amafaranga menshi muri Loteri - abenshi batakaje umunezero wabo. Mu by'ukuri, abenshi bahindutse abatindi. Igihe ducumuye tuba dushaka kuzuzwa mu mitima yacu ibintu byinshi bitunzeze, ariko ibyo binezeze sibyo dukeneye. icyo dukeneye gukora ni ugushyira Imana mu mitima yacu akaba ariyo yuzuramo, kuko igihe cyose uzuzwa Imana mu mutima wawe uzatangira kumva umunezero.¹⁹⁷

Imana y'Imana iragutegereje, icyo ukeneye gukora ni ukuyemera. Imana irakomanga ku muryango w'umutima wawe. Gusa fungura umutima wawe uyemerere yinjire. Igihe ukora ibyo, izatangira kuguhishurira umugambi igufitiye.

Mugire imitima mishya

Imana itubwira yuko izadufasha kudukuhindura¹⁹⁸ ibyo bikadufasha gusobanukirwa n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Guhindura imyumvire yacu ni umugambi idufitiye. Igihe duhisemo uko guhinduka izemeza umuhamagaro wacu ndetse no gutoranywa mu bwoko bwayo - aho tutazongera kubabara.¹⁹⁹ Tuzigishwa, rimwe na rimwe nyuma yo guca mu binogo byinshi mu muhanda, yuko umunezero nyakuri n'ibyishimo nyakuri bitangwa gusa n'Imana. Izaguhisha umugisha nuyikurikira.

Mbasha guhura n'ibigereageze kuko ndi mu isi yaguye

Ntibyari bikwiriye ko biba bityo

Isi dutuyemo yarangije kwangirika; Ntibyari bikwiriye ko biba bityo. Isi yacu yuzuyemo imanza zibera, umubabaro, uburwayi, uburibwe, ibyago, ubukene, urugomo, urupfu, imihangayiko, gutakaza ubucuti, n'inyandiko nyinshi zihakana kubaho kw'Imana ngo ibi biriho kubwawe no kubaho umwanya muto. Itegereze neza ibigukikije. Inyandiko zivuga ngo "ku bwawe" ziri ahantu hose: Mu binyamakuru, mu matangazo, kuri TV, kuri interineti, ndetse n'ahandi henshi. Ubutumwa budushenjagura buzaba burimo: urabikeneye, urabikwiriye, bizakunezeza, abantu bazagukunda cyane, buri wese arabifite, n'ibindi n'ibindi.

Biciye mukutizera kwa Adamu na Eva umwijima watangiye kwinjirira inyokomuntu. Igicumuro twarazwe n'uwo mwijima cyangije ubuzima bwacu nuko cyonona isano yacu twari dufitanye n'Imana. Uyu mwijima, watangiye muri Edeni, ugerageza kudukururira mu bukene nta mpamvu. Uyu mwijima, ubu bumuga, iyi nzira, iki cyaha, cyarimbuye inyokomuntu nuko kigera ku ntego zacyo.

Dutuye isi aho twe ubwacu tugomba kwihaza, kwishimisha, no kwizamura ubwacu. Uribuka Piramide ya Maslow y'ibyo dukenera ikigishwa na nubwacu mu mashuri? icyiciro cya nyuma cy'iyi piramide ni ukwizamura ubwacu noneho ni njye bireba nyewe" - cyaba iki cyangwa kiriya. Iyo uyizamuka ese hari aho ubona Imana? Cyangwa umugambi wayo? Oya. Ivuga ibijyanye ni uko wakwihaza wowe ubwawe. Kwihaza ubwacu bihangana n'umugambi w'Imana. Niyo mpamvu iyi si yacu yangiritse. Iyi si irimo irangiza abantu benshi kugeza aho izabohokera igakurwa mu bubata bw'umwijima twicayemo,²⁰⁰ ububata bwo kwihaza. Ntibireba njye, cyangwa wowe, bireba Imana. Yaremye buri kimwe cyose. Irashaka kuguha ku butunzi bwayo, ariko ugomba kubanza kwemera impano ye.

Yemeye ko tugwa mu cyaha

Kubera ko Adamu na Eva bafashe umwanzuro wo kumvira Satani mu cyimbo cy'Imana mu ngombyi ya Edeni, Imana yaravuze, "Yego, ubwo mwatekereje kumenya neza kunsumbya ibyo kubaho, reka mbagerageze. Reka ndebe niba inzira zanyu ari nziza gusumba izanjye."

Iki nicyo gihe isi yacu yashyizwe muni y'umuvumo,²⁰¹ nanibwo kandi Imana yimuriye ubutwari bw'isi ibuha Satani.^{202 203} Satani yakoze cyane kugira ngo igushe kandi irimbure ku buryo budasubirwaho abantu. Bizakomeza kugeza aho Imana izarimbura Satani nuko yongere itunganye isi mu buryo - bukiranuka kandi butagira icyaha.²⁰⁴

Ariko Imana yari izi ko byagombaga kuba. Nk'uruhare ku mugambi munini wayo yagombaga kutureka tukabanza tukisuzuma twe ubwacu - mu gihe cy'imyaka igihumbi - ariko ntitwagombaga kubikora tutayifite.

Nk'umubyeyi mwiza, Imana yaraturetse dukora amakosa yacu. Imana yaraturetse turasitara. Bityo kugeza ku muni aho Satani azarimbura, tuzaba tunakenera kuba muri iyi si yuzuyemo imibabaro n'akarengane, ubwicanyi n'ihohoterwa, urupfu n'agahinda, intambara n'urugomo, abapfa bakiri bato, ndetse n'ibindi byinshi biteye ubwoba namwe mushobora gutekerezwa.

Ariko hari inkuru nziza muri byose. Dufite ubushobozi bwo koroshya umubabaro, imihangayiko ndetse n'agahinda mu buzima bwacu niba tugendera mu nzira Imana yatwigishije kubamo. Abantu benshi bibwira ko kubahiriza amahame y'Imana bigoye, cyangwa bikomeye, cyangwa se ko ari umuzigo uremereye. Ariko mu by'ukuri, biratandukanye. Kubaho ugendera mu mahame y'Imana byoroshya ubuzima bwacu. Kugendera mu nzira ye ni ukwiyemeza ndetse n'inshingano byashyizwe mu mitima yacu n'Umwuka Wera. Igihe wiyemeje ubwawe kugendera mu nzira z'Imana, Umwuka Wera w'Imana azakuyobora mu mahitamo yawe kandi umwuka we azagufasha mu bice byinshi by'umubiri wawe aho ufite integer nke cyangwa umubabaro.²⁰⁵ Ibi ni iby'ingenzi cyane iyi Si yo dutuyemo ntizigera ihinduka mu gihe izaba ikiyobowe na Satani.

Dukwiriye iteka kwibukiranya ko iyi Si yacu ifite ibinogo byinshi ndetse n'ibishuko byinshi bishaka kutwisukaho muri iyi Si y'icyaha. Dukeneye Umwuka udasanzwe uzadufasha kumenya neza no kurwanya ibyo bitero kuko umwanzi arimo ashakisha uburyo bwose yaturimbura. Hari amahirwe meza cyane washobora kumva cyangwa ukibera mu bitero bya Satani ndetse imbaraga ze za kirimbuzi zikakugeraho nonaha. Satani arahari. Kubera ko utabasha kumubona niyo mpamvu ushobora kuvuga ko atariho. Arahari rwose.

Kuki Imana yemerera imibabaro n'ibigerageze kubaho muri iyi si?

Abantu batemera ko Imana iriho - nibyo, bashobora no kwemera ko na Satani atabaho. Ntushobora kwemera umwe ngo undi umuhakane. Kwemera umwe ugahakana undi ni ngo kuvuga ko hari ugukiranuka, ariko nta bibi. Harashyushye, ariko nta bukonje. Hari umucyo, ariko nta mwijima. Itegereze Satani muri iyi si yacu. Ari hose. None se utekerezwa ko uyu mwanzi yavuyehe? Gusa fungura amaso yawe urebe ni nde uyoboye iyi si yacu²⁰⁶ ndetse unarebe uteza imibabaro n'imihangayiko muri iyi si.

Ariko ibi bitera kwibaza ikibazo cy'ingirakamaro, kandi dore ngiki: Kuki Imana yemerera imibabaro n'imihangayiko kutugeraho kandi ifite ubushobozi bwose kuri Satani? Kuki Imana idahagarika iyi mibabaro n'imihangayiko? Kuki Imana idatsembaho Satani? Ese koko birashoboka ko Imana yaba idafite imbaraga zo kurwanya imbaraga zirimbura za Satani?

Igisubizo kiroroshye - ariko ni igisubizo kigoye cyane gutanga. Nk'iki igisubizo : Ni mumibabaro yacu ikomoka ku byaha byakozwe cyangwa mu ntambara z'iyi si aho icyubahiro cy'Imana kizamurwa ku

mugaragaro. Biciye mugutsindwa kwacu, mu ngorane zacu ndetse n'ubushobozi buke bwo gukemura ibibazo byugariye iyi si yacu ibyo byose bihamya ko Imana iriho, kandi ko dukeneye Imana. Imana ibi byose irabizi, kandi irategereje. Irategereje kugeza aho buri wese azumva amakuru yayo ndetse n'ubutumwa bwiza. Yatubwiye ko ubutumwa bwiza buzigishwa mu mpande zose z'isi mbere yuko iza kubohoza isi ya Satani.²⁰⁷ Ariko mugihe dutegereje ntutugomba gucika intege, cyangwa se ngo twihebe.²⁰⁸ Mw'ijoro mbere yuko Yesu apfa yabwiye intumwa ze, « Mukiri muri iyi si muzahura n'amakuba » Ariko nimukomere ! Nanesheje isi. »²⁰⁹

Bityo rero, dutegereje.....

Kubabara mu buryo butandukanye

Mu gihe mutegereje, ibyo Imana yatubwiye muri Bibiliya ndetse n'ibyo mwize muri iki gitabo, mushobora noneho gusobanukirwa mu buryo butandukanye imibabaro yanyu:

- Izagucura ikugire umunyambaraga²¹⁰
- Izaguhaza byose kugira ngo nawe ufashe abandi.²¹¹ Abigeze kubabazwa niba bakomeza abandi
- Izakwemerera kugendana n'Imana ku rwego rwo hejuru²¹²
- Umubabaro wawe utuma ukomera mu kwizera²¹³

Mbasha guhura n'ibigeragezo kuko Imana irimo kunkosora

Ese Imana yaba ihana abantu bayo kubyo bakoze?

Igihe twumva ijamba discipline - ikintu cya mbere abantu bahita bumva ni uguhana. Ariko hari itandukaniro rinini hagati yo kugorora imyifatire, no guhana. Reka turebe mu inkoranyamagambo ya Webster.

Guhana

1. Gutanga Ihazabu cyangwa igihano bicibwa kubera icyaha
2. Igikorwa cyo guhana, uburyo ikintu cyahanywemo
3. Ugukubita bitemewe n'amategeko
4. Amafaranga asabwa umuryango runaka kubera inyigisho bawuha

Ubugorori

1. Amahugurwa cyangwa uburyo butegatswe mu rwego rwo kongera imbaraga z'umubiri, kwigenzura ubwawe
2. Amahugurwa shingiro ategatswe n'ubuyobozi cyangwa se amategeko
3. Uburyo bwo kongera imyifatire, etc... biturutse mu mahugurwa cyangwa uburyo runaka
4. Amategeko ajyanye n'imyifatire, uburyo n'ibikorwa
5. Ishami ryo kwigisha, cyangwa gutanga amabwiriza

None ni iki ababyeyi buzuye urukundo bahitamo - Guhana cyangwa kugorora? Umubyeyi w'urukundo azahitamo kugorora aho guhitamo guhana kuko mukugorora bijyana no kwigisha. Kugorora nabyo bijyana no kwigisha. Niba udakunda umuntu- kuki wahitamo kumugorora? Nibyo, nitwabikunda. Turagorora kuko abo tubikorera tubitayeho. Tugorora abana bacu kuko twifuza ko bakura bakazavamo abagabo buzuye urukundo kandi bita ku bandi. Turifuza kubigisha uburyo twumva turuhutse iyo twubaha ubuyobozi. Turifuza kandi kubagorora kubera ko impamvu tubagorora ni uko tubakunda. Ese waba usobanukiwe n'ibi? Oya. Utekereza ko byaba ari ibiki?

Ku bw'amahirwe make, igihe abana bacu bakura, ukwigomeka kuraza. Ukwigomeka gufite imizi mukutumvira, kutumvira nako kukagira imizi mukutumvira ubuyobozi - nibyo byitwa icyaha. Bityo rero, igihe abana bacu batatwumva nabyo ni icyaha.

Ntabwo bitangaje kutumvira Imana. Iyo tutumvira Imana tuba tubayeho tudakurikiza amategeko yayo. Turigomeka, bikaba biturutse mu gasuzuguro, kandi nanone agasuzuguro kagaturuka mukutumvira ubuyobozi. Iki ni igisobanuro cy'icyaha.

Kugorora abana bacu biba byiza iyo tubabwiye (urugero, "turabahugura") kubyerekeranye n'ibyo bakoze bibi, n'ibizakurikiraho

niba bakomeje iyo myifatire. Guhana bitandukanye cyane n'ubugorizi kuko igihano nyakuri ntikigira inyigisho cyangwa ngo kirangwe n'urukundo - wakoze icyaha none ukwiriye igifungo. Aho nta rukundo ruriho. Bityo rero, n'igihe tuvuye ngo tugiye guhana abana bacu, ibyo mu by'ukuri tubabwira ni za inyigisho z'ubugorizi- kuko tubakunda.

Dukwiriye kumva ko twahawe umugisha igihe twakosowe

Ese Imana yaba yifuza kugorora abana bayo - wowe nanjye? Igisubizo ni Yego.²¹⁴ Nkuko Twagiye tubiganiraho, Imana ibasha kutugorora igihe "tudakurikiza amategeko yayo."^{215 216} Ukwigomeka kudukura mu murongo w'ubushake bwayo. Ukwigomeka gukomoka mu gasuzuguro n'agasuzuguro nako kagakomoka mukutumvira ubuyobozi. Igihe tutumvira Imana tuba twigometse k'ubuyobozi bwayo. Tugacumura.

Imana ntiyahanze Imana. Imana nta narimwe izaguhana cyangwa se ngo impane ku byo dukora. Kuberako Imana yaduhaye ubwigenge, "yatwemerereye kubabazwa n'ingaruka z'amahitamo yacu mabi. Iri ni isomo rikomeye kwigisha, ariko igihe tudashakaga gukurikiza amategeko yayo ntishobora kuba hafi yacu ngo iturinde. Iratureka tugasarura ibyo twabibye."^{217 218} Ariko iyo duhisemo kugendera mu mategeko y'Imana tuzasarura ibihembo nyakuri.²¹⁹

Mu Isezerano rya Kera hamwe n'Isezerano Rishya Imana yihishuye ubwayo nk'umubyeyi ugorora abana be. Imana yaduhishuriye ko ubugorizi bwayo buhwanye neza n'uburyo tugorora abana bacu bwite. Aha rero hari isomo dukeneye kwiga: Dukwiriye kumva ko turi abanyamugisha kuko Imana itugoroye.^{220 221} Tekereza kuri ibi akanya gato. Niba Imana itarakwize umwana wayo ntabwo izigera ikugorora. Nawe ibyo ntuzabikeneye.

Niba uri guca mu bikomeye umunsi wa none ni ukubera ko Imana irimo kukugorora.²²² Ntiwizibye amatwi ku nyigisho zayo.²²³ Imana ikunda cyane kugorora ba bandi ikunda ariko batagendera mu mategeko yayo- nkuko umubyeyi mwiza yakagombye kubikora. Umubyeyi mwiza yifuza kuyobora no guha umurongo abana be. Imana nayo irifuza kuyobora no guha umurongo abana bayo. Izi neza ko gukunda abana bayo bivuye kubagorora,²²⁴ Imana kandi izi neza ko ubugorizi bwayo butazadushimisha, budahanura ibyiza, mu yandi magambo ubugorizi bushobora kubabaza. Bituma tuba maso ndetse ntitwifuza ko bwongera kutugeraho. Niyo mpamvu, niba urikugendera mu bugorizi bw'Imana uyu munsi ushobora kuba uri mu bihe bigoranye. Mu by'ukuri, bishobora kuza ari ibantu bibabaza. Bituma Imana imenya ko yagukanguye.

Ntibyoroshye gucyaha umuntu runaka. Ntabwo bihita bigaraga nk'igikorwa cy'urukundo iyo tugorora abana bacu. Ariko mu bitekerezo by'Imana, kuducyaha byerekana urukundo rwayo.^{225 226} Nuko rero mu kanya ngo guhumbya Imana icyaha buri wese, atari abakomeye gusa, ahubwo n'aboroheje.²²⁷ Nubwo utari waba umwizera ukeneye kugororwa n'Imana, Imana ibasha kubona ibintu mu buryo

butandukanye.²²⁸ Nta bugorozi buhita bugaragara ko ari bwiza. Kenshi na kenshi burababaza. Kw'iherezo, nyamara, butanga umusaruro wo gukiranuka n'amahoro kuri babandi bigishijwe nabwo.²²⁹

Ariko mwirinde - Hari itandukanirizo rinini hagati y'uburyo twe ducyaha abana bacu n'uburyo Imana itugorora. Kenshi na kenshi dukunze kubwira abana bacu impamvu tubacyashe. Ariko uburyo Imana ibikora ni mu buryo budasobanutse. Ntitugomba iteka kumenya impamvu turi mu byago n'amakuba, no kumenya niba Imana ariyo nyirabayazana. Birashoboka ko ikintu cy'icyago kidasobanutse cyakuzaho kuko dutuye isi yangiritse. Bityo rero, we kugerageza gusobanura ibintu byakubayeho by'ibyago uvuga ko Imana yaguhanye. Bishobora kuba atari Imana. Ishobora no guterwa na Satani kuko akurwanya.

Imenyereze ibigeragezo byawe ubifate nkaho atari umuzigo w'ibibazo-ahubwo nk'umwitozo wo mu mwuka.

Ntugacike intege igihe Imana ikugorora²³⁰ ahubwo gira ibyiringiro mu Mwami nawe azakomeza intege zawe.²³¹ Mu gihe ugendana nayo, ntugasubire inyuma. Ubugorozi bw'Imana burashyitse. Ubugorozi bwayo ntibuzarenza imbaraga ku bikenewe. Ntabwo buzaba uburuhije cyane, cyangwa ngo bube ubworoshye cyane. Ubugorozi bwayo ntabwo buzakubera umuzigo ahubwo buzaza ari ubwo kukwigisha. Biragusaba rero kwikomeza ndetse bizagufashe gutsinda ibigeragezo umwanzi azakuzanira.

Ni iyihe kamere y'Imana?

Ntiwemerere ibitekerezo by'inshuti zawe ko biganza umwanzuro wawe.

Mu gihe mushidikanya, buri teka mukurikize amabwiriza, azwi ku izina rya Bibiliya. Kuko muri ayo mabwiriza Imana iratubwira, "Kuko irembo ari rigari, n'inzira iyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi,"²³²

Noneho aha hari ikibazo cy'ingenzi: Ni irihe rembo wifuza kwinjiriramo? Igisubizo cyawe kuri iki kibazo gitangaje gifite inkurikizi z'iteka. Nukora ikosa kuri iki kibazo uzabasha kubabazwa by'iteka ryose - bityo rero biragusaba gufata amasaha make ushakisha umwanzuro ubasha gufata. Kandi ntutekerezeko kudafata umwanzuro ari amahitamo y'ubwenge. Siko biri. Kudafata umwanzuro - nabyo ubwabyo ni umwanzuro. Soma umutwe wa 5 w'iki gitabo urabona icyo bishatse kuvuga.

Niba wizeye amahitamo yawe, ni iby'ingenzi kutemerera ibitekerezo by'inshuti zawe kuganza ibyawo. Nta nakimwe mubyo wumvanye inshuti zawe cyaba urufatiro rw'ukuri kw'Imana (Keretse inshuti zawe ziramutse zizi neza Bibiliya). Icyo ukwiriye gusobanukirwa ni uko Satani atazigera iteka yifuza ko wakwemera ko hari amategeko yo mu ijuru akwiriye kuyobora ubuzima bwawe - Kuko intego ya Satani ni

ukuguhoza mu bujiji bwo kutamenya Imana n'imbaraga zayo. Kuguhoza mu bujiji niyo ntego ye.

Hari iri jambo "injiji" rigarutse kenshi. Niba mwibagiwe icyo ijambo injiji bisobanura (ubujiji) musubire mu Mutwe wa 1 w'iki gitabo mwongere musome ubusobanuro bwaryo. Urahasanga ubusobanuro butari bwiza bw'iryo jambo; haricyo butwigisha. Turi injiji igihe tubuze ubwenge n'inyigisho za Bibiliya, cyangwa iyo tutitaye ku byo ivuga. Aha ni umwanya wa mbere utifuza ko waba injiji. Ushobora gufata icyemezo cyo kuba injiji mu byerekeranye no kudoda, kugendera ku magare, cyangwa gutera indabyo, cyangwa guteka, ariko ntukwiriye gukomeza kuba injiji kubyerekeye n'ibyo Umuremyi wawe akubwira. Bibiliya ni ijambo ryayo.

Wibuke, Satani arabikunda cyane igihe twibereye injiji ntitumenye Imana ndetse n'imbaraga zayo. Satani arakora amanywa na nijoro kuri buri wese, harimo n'inshuti zawe, niyo mpamvu udakwiriye gutegera amatwi inshuti zawe zikunze kuguha ibitekerezo biyobora ubuzima bwawe keretse gusa ibyaba bishingiye ku byanditswe byera. Ibyanditswe byera ni ukuri. Ibitekerezo akenshi ntabwo aba ari ukuri. Amategeko y'Imana arakiza. Amategeko ya Satani agutandukanya n'ukuri kw'Imana. Niba Satani ashobora kukuzuzamo ibitekerezo by'inshuti zawe- ntakabuza azabyifashisha.

Satani nanone azakuzuzamo ugushidikanya, kandi ibyo bishobora no kukubaho nonaha, ngo kuvuga uti: "Kuki nkeneye gufata icyemezo nonaha? Nibitegereze. Ejo hazaza nshobora guhinduka." Aha niho hari ugutsinda gukomeye kwa Satani - kutwuzuzamo ugushidikanya. Ntiwemerere Satani gutsinda. Nta gushidikanya ko uri icyaremwe gitangaje, cyaremwe n'Imana ihebuje, kandi iyo Mana ikaba igufitiye umugambi uhebuje ku buzima bwawe. Ariko ukwiriye gufungura umutima wawe ukayireka ikinjiramo. Ntiwemerere ubwibone bwawe gufunga uwo muryango w'umutima wawe. Ntiwemerere Satani ngo atsinde uwo mukino wo gushidikanya akinira ku buzima bwawe.

Amategeko y'Imana ashingiye kw' ukuri - rwose aratunganye ibibi bizanywa n'ibitekerezo by'abantu. Dushobora rero kubona ibisubizo ku buzima bwacu twifashishije amabwiriza ye, Bibiliya. Umuntu wese wumva amagambo ye akayashyira mu bikorwa agereranwa n'umunyabwenge wubatse inzu ku rutare.²³³

Ese ubuzima bwanyu bufite icyerekezo?

Aha hari ikindi kibazo ubasha kwibaza ubwawe - no kwisubiza. Ese wizera ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana? Igisubizo cyawe kuri iki kibazo cyiza ntikizerekana gusa uburyo ubona Bibiliya, igisubiza cyawe kizerekana niba wizera ubutware bw'ijambo ry'Imana ndetse niba izakubera amabwiriza ndetse agaha ubuzima bwawe icyerekezo

Niwizera ko Bibiliya ari ijambo ry’Imana ndetse ugatangira no kuyiga, uyizere, kandi uyubahe. Niba uhisemo kwizera ko Bibiliya atari ijambo ry’Imana, noneho ubuzima bwawe buzahungabanywa n’ibitekerezo byawe bwite ndetse n’amabwire - akaba ari nayo myizerere neza neza Satani yifuza ko ugenderamo. Kubaho ushidikanya ko Bibiliya ari ijambo ry’Imana bizatuma umwanzi akwigiza kure y’umushumba wawe-aho ibirura byiganje. Uzagira ubuzima budafite ifatizo ndetse n’icyerekezo. Ijambo ry’Imana ndetse n’ubushake bwayo ku buzima bwawe bishobora kukubera icyerekezo - bikakwegereza umushumba wawe.

Imana mwana, Yesu, ntiyigeze avuga ko ibyanditswe (Bibiliya) birimo ijambo ry’Imana. Yesu yaravuze ati byanditswe ni ijambo ryanjye.^{234 235} kandi Intumwa Pawulo yatwihanangirije ko tutagomba kugira icyo twongerera ku byanditswe.²³⁶ Niba wizeye ibyo kandi Bibiliya ikakubera umurongo uha icyerekezo ubuzima bwawe kandi ntugire ibindi wongeraho, cyangwa se ngo ukabirize, ku byanditswe. Ibi bishatse kuvuga niba inshuti yawe igerageje kukumvisha ko ari ukuri gukora ikintu runaka wongerera ku byanditswe ngo “ ahari”, cyangwa “ rimwe na rimwe” cyangwa “ niba abandi babikora , byaba byiza tubishyize muri Bibiliya (urugero nk’icyaha runaka), ibi ni ukongera kubyo Imana yavuze - ibyo ntidukwiriye kubikora. Kwongerera andi magambo muri Bibiliya ni bumwe mu buryo Satani agerageza gutesha agaciro ibyo Imana yashatse kutwigisha mu ijambo ryayo. Ni irihe jambo wifuza gukurikira? Uzatangara umaze kubona ko Imana itigeze ikoresha ijambo “ahari “ cyangwa “rimwe na rimwe” cyangwa “bibasha gukunda” cyangwa “byabasha kuba”. Imana si umunabwwe mugufata ibyemezo. Iyo uhisemo kwibera mu buzima udafata ibyemezo bituma utabasha gukurikiza amategeko y’Imana. Noneho umenye neza icyo bivuze.

Bibiliya - nkuko yanditswe uyu muni - igomba kuba ubutware bukomeye bw’imyizerere kubirebana n’icyaha n’ikitari icyaha, n’uburyo dukwiriye kubaho mu buzima bwiza.

Shyira buri kintu cyose mu gihe cyacyo.

Hari ibihamya byinshi byerekana ko Bibiliya, mu by’ukuri ari ijambo ry’Imana. Imwe muri ibyo bihamya ni ubumwe bwayo. Nubwo igizwe n’ibitabo mirongo itandatu na bitandatu bitandukanye kandi byanditswe mu myaka irenga 1500 mu ndimi eshatu zitandukanye ndetse ikandikwa n’abanditsi barenga 40 bavuye mu buzima butandukanye, Bibiliya iguma kuba igitabo cy’ubumwe kuva mu itangiriro kugeza mu lbyahishuwe. Ariko nk’igitabo icyo aricyo cyose, ugomba gusoma igice cya mbere, ugasoma n’igice kigikurikira ukabihuza kugira ngo usobanukirwe neza n’ubutumwa burimo. Ntushobora gufata umurongo umwe muri ibi bitabo uko ari mirongo itandatu na bitandatu ngo uwite igisubiso cyawe. Ukuri kuzaturuka mu byo wasomye byose hamwe n’ibindi byose byanditswe muri Bibiliya.

Imwe mu nzira umuntu yakwifashisha mu kurwanya ukuri kwa Bibiliya, cyangwa kuyobya icyo Bibiliya ivuga ku kintu runaka, ni uguhitamo

umurongo umwe ukavuga uti, “Ibi nibyo Bibiliya ivuga kuri iki kintu.....” Gushyira wa murongo wa Bibiliya mu byanditswe ugasoma ibyanditswe byera biwubanjirije ndetse n’ibiwuheruka nibwo buryo bwo gusobanukirwa n’icyo Imana ivuga kuri icyo kintu. Bibiliya ni igitabo gikomeye kandi kigomba gusobanuka hose.

Nanone, abantu benshi bavuga ko hari ukuvuguruzanya hagati y’Isezerano rya Kera n’Isezerano Rishya. Ikiraho ni iki, biroroshye gufungura Bibiliya no gusoma umurongo ukavuga uti: “Ibi ntibigikoreshwa,” cyangwa, “Uyu murongo uravuguruzanya ibyo Isezerano rya Kera ryavugaga.” Niyo mpamvu dukwiriye gusoma igika cyose cya Bibiliya kugira ngo tubashe gusobanukirwa n’inyigisho y’Imana iri muri icyo gika. Rimwe na rimwe imirongo imwe n’imwe yo mu Isezerano rya Kera yarangije gusohorera mu Isezerano Rishya. Ukwiriye gusoma igika cyose cya Bibiliya kugira ngo ubashe kubona ubusobanuro nyakuri w’ibyo urimo kwigishwa.

Ni iby’ingenzi nanone gusobanukirwa ko Isezerano Rishya ridatesha agaciro Isezerano rya Kera. Isezerano Rishya ryuzuzwa ibyavuzwe mu Isezerano rya Kera. Ukwiriye gusoma Isezerano rya Kera na buri kimwe cyose cyavuzwe mu Isezerano rya Kera, nyuma ugasoma no mu Isezerano Rishya na buri kimwe cyose cyavuzwe mu Isezerano Rishya, kugira ngo ubashe kwakira ukuri nyako kwerekeranye n’icyigisho runaka. Ntuzakore ikosa ufata icyigisho kimwe gusa mu Isezerano rya Kera hanyuma ngo wizere ko ari ukuri kuzuye. Bishobora kutaba byo. Soma Isezerano Rishya kugira ngo urebe niba Imana yarashohoye uwo murongo, inyigisho ze n’ukuri kwayo kubirebana n’uwo murongo.

Ubuhanuzi bwahindutse ukuri

Ubundi buryo bwo kwemeza ukuri kwa Bibiliya ni ukwitegereza ubuhanuzi burimo - by’umwihariko mu Isezerano rya Kera. Hari amagana n’amagana y’ubuhanuzi burebana n’ahejo hazaza k’ubwoko bw’Imana, ejo hazaza hwihibugu, ibyo tuzabona mu bihe biruhije n’ibiza, ndetse n’ahejo hazaza h’inyokomuntu. Hari nanone amagana n’amagana y’ubuhanuzi yuzuriye mu Isezerano Rishya bwavugaga kuri wa wundi wagombaga kuza kubana natwe ndetse akaba arinawe wagombaga kuba umucunguzi. Ubu buhanuzi bwose bwashoye nkuko Imana yari yarabivuze (biciye ku buhanuzi), kandi haracyari ubundi buri hafi. Uzafate umwanya wo gusoma ikindi gitabo gikurikira cyitwa “Igihe kirasohoye” Iki kindi gitabo kizakubwira ubundi buhanuzi butarasohora - aribwo dukwiriye kwitondera.

Iyo ubaze ubuhanuzi bwose bwerekeye kuri Yesu, usanga bwose hamwe burenga ubuhanuzi 300 mu Isezerano rya Kera. Abantu benshi bazi ko Yesu avugaga gusa mu Isezerano Rishya (urugero, avukira mu mvure...) Ariko Isezerano rya Kera rivugaga kuri Yesu inshuro nyinshi. Isezerano rya Kera ryavuze bitari byaba k’umusizi aho Yesu yagombaga kuvukira. Isezerano rya Kera ryavuze bitari byaba uburyo ki Yesu yagombaga kwinjira i Yerusalemu mu minsi ye yanyuma (urugero ahetswe n’icyana cy’indogobe). Isezerano rya Kera ryavuze

bitari byaba uburyo yagombaga gupfa urupfu rubi rwagashinyaguro rutigeze rubaho (urugero: kubambwa).²³⁷ Nanone Isezerano rya Kera ryavuze bitari byaba uburyo Yesu yagombaga kuzuka nyuma y'iminsi 3. Ibi byose twabibwiwe bitari byaba mbere y'imyaka amagana n'amagana mbere yuko biba.

Isezerano rya Kera rirerekana neza ko urupfu rwa Yesu ku musaraba rwagomba kuba Igihango cy' Isezerano Rishya²³⁸ cyagombaga kudukiza ibyaha. Biciye mu bahanuzi be, yabwiye amagana y'abantu ko yagombaga kuza hano mu Isi, akabana natwe, akadupfira, kandi ko yagombaga kunesha urupfu.²³⁹ Ibi rwose niko byagenze.

Nta buryo nabumwe wabona bwo gusobanura ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwarangije gusohora neza nta gushidikanya uretse kuvuga ko bwaturutse ku Mana. Nta kindi gitabo rero gihari kivuga ku buryo burambuye inkomoko y'ubuhanuzi bwo mu Isezerano ry'ya Kera.

Hari ibindi bihamya bifatika byerekana ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana. Ibimenyetso by'abahanga biga ibijyanye n'ubucukuzi byemeje ko amataliki yo muri Bibiliya ari impamo aho umubumbe wabonetse hafi y'inyaha y'umunyuma (hafi Qumran, Israel), nkuko hari ibindi bimenyetso byabonetse muri icyo gihe. Sibyo gusa, ahubwo ari iby'abacukuzi, ndetse n'inyandiko zishyigikira ibyanditswe muri Bibiliya bituma Bibiliya ikomeza kuba igitabo cy'indashyikirwa. Kuba Bibiliya ifite ibimenyetso by'amateka by'impamo ni icyerekezo cyiza cyerekana ukuri kwayo.

Ukwiyeze kw'abanditsi ba Bibiliya nako kuduha icyizere cy'uko Bibiliya ari ukuri. Intumwa za Yesu zose zasize imiryango yazo ndetse n'imitungo yazo ziramukurikira. Buri wese muri bo yagombaga gukubitwa, gufungwa, ndetse abenshi muri bo barishwe batangaza ibyo bizeye - bizeraga ko Yesu ari Imana. Ni bangahe babasha gukurikira umuntu mu gihe cy'imyaka 3 bakemera no kumupfira batazi uwo ariwe? Kuba intumwa za Yesu zarakunze gupfa bazira ibyo bizeye byerekana ko aba bantu bizeraga ko bayobowe n'Imana.

Ubusobanuro bw'Imana ku cyaha ntibuhinduka

Igihe Yesu yapfiraga ku musaraba yishyuye igihano cyose cy'icyaha-kuri twese. Ariko ibi ntibishatse kuvuga yuko abazakurikira Yesu bose bazaba intungane badakora icyaha. Niwemera ibyaha byawe nuko ugasaba Yesu kwinjira mu mutima wawe uzakizwa kandi nta cyaha cy'ahazaza kizakubaza ijuru. Igihe Yesu yagupfiraga, yapfiriye ibyaha byawe byose - ibyakera, ibyanone, ndetse n'iby'ahazaza. Ariko tugomba guhora tugenze ibyaha byacu tukihana ku Mana twatura ko turi abanyabyaha. Iyo tumaze kwemeza ko turi abanyabyaha ibyo bituruka nanone ku kimwari cy'ibyo twakoze kandi tukamenya ko umunsi umwe tuzaryozwa ibyaha byacu.^{240 241 242}

Icyaha ntabwo kiba icyaha kubera ko twashutswe. Icyaha cyitwa icyaha igihe twishyize mu bishuko kandi tukabikora.²⁴³ Yesu nawe yarageragejwe, ariko ntiyakoze icyaha.²⁴⁴ Ntabwo yigeze azamurira irari

ngo yifuze ibiruta ibyo Imana imushakaho. Urupfu rwa Yesu ku musaraba rwerekana umwuzuro, igitambo gishyitse cy'icyaha cyose twaba twarakoze, habariwemo n'ibyo tutari twakora.^{245 246}

Ese dukeneye kwitandukanya n'ibyaha kugira ngo dukizwe? Igisubizo ni Oya, ariko dukeneye kubisobanukirwa tukamenya ibyo aribyo- ni ibyaha. Ibyaha ni ukwica amategeko y'Imana. Ariko mwirinde mutashyeshyera ibyaha byanyu muvuga ko ibyo mukora atari bibi, cyangwa na runaka ko yabikoze yabaye iki, cyangwa ngo amategeko y'Imana ni aya kera ntakijyanye n'igihe. Amategeko y'Imana ntahinduka. icyaha ni icyaha. icyaha cyo mu myaka igihumbi ishize na n'icyaha uyu muni.

Abantu benshi bizera ko amategeko y'Imana yakagombye guhinduka kugira ngo ajyane n'ibihe. Ariko amategeko y'Imana nta hinduka. Niba ikintu runaka cyari icyaha mu lsezerano rya Kera na n'icyaha mu lsezerano Rishya. Niba cyari icyaha mu mwaka w'2000 ishize na n'icyaha uyu muni. Bitandukanye n'abanyamategeko b'iki gihe, Imana ntijya ihindagura ibitekerezo byayo cyangwa ngo ivugurure itegeko. ²³⁸ Amategeko y'Imana agumya kuba ihame kandi ntavuguruzwa.²⁴⁷

Cyari igihe cyo kubumbura Bibiliya tukiga icyo ivuga. Si igitabo cyuzuyemo "ibyo tugomba gukora" cyangwa "tutagomba gukora". Bibiliya ni igitabo cy'ubwenge. Gituma ugira ubuzima bwiza. Bibiliya isesengura ibibazo byawe bwite, iby'umuryango ndetse n'uby'abanyagihugu kandi igatanga ibisubizo kuri buri wese. Soma icyo gitabo, ibisubizo byose birimo.

Ni gute twabaho bijyanye n'amategeko y'Imana?

Kubaho bijyanye na kamere y'Imana dukwiriye kwibera mu mwuka aho kuba mu mubiri.^{250 251} Dukeneye kumva umwuka w'Imana muri twe kandi tukita kubyo ivuga. Ni kubw'Umwuka w'Imana gusa tuzabasha gutsinda kamere y'icyaha. Ntidushobora na rimwe kuba muri kamere y'Imana ku bushake bwacu. Twabigerageza, ariko ntitubibashe. Tugomba gusobanukirwa n'amategeko y'Imana yashyiriweho kutwemeza ndetse no kutwemeza ko turi abanyabyaha.²⁵² Tugomba kwemera uburyo ki ducumura mu bitekerezo, dukora ibyaha, kandi ko tugomba gusa gukizwa no kwizera ko Imana yaje mu isi kuducungura.

Yesu nawe atubwira ko kumenya no kumvira amategeko y'Imana ari mu lsezerano rya Kera bikiri iby'igicro kinini kubera ko mu lsezerano Rishya atwigisha: "Niyo mpamvu uzica rimwe ryo muri aya mategeko naho ryaba ryoroshye hanyuma y'ayandi, akigisha abandi kugira batyo, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mutoya rwose. Ariko uzayakora akayigisha abandi, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mukuru."²⁵³

Ibihe by'imperuka- abenshi ntibazizera, bityo rero ntukabakurikize

Intumwa Paul aratururira muri 2 Timoteyo 4: *³kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba*

abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo. ⁴Kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma.



Umutwe wa 4

Naremewe- kumenya umugambi munini w'Imana

Umugambi wa Satani warahishuwe

Igihe Imana yari imaze gushyira Adamu na Eva mu Ngombyi ya Edeni ndetse imaze no kubabuza kurya ku giti kimenyeshya ibyiza n'ibibi,²⁵⁴ nuko Satani ashukashuka Eva amwumvisha ko ku bizamubera byiza narya ku mbuto z'icyo giti, ibi byabaye igitego cya mbere cya Satani yatsinze cy'ubushukanyi ku nyokomuntu.²⁵⁵ Nibwo Imana yafashe ubutwari bw'iyi si ibuha Satani,²⁵⁶ ²⁵⁷ nuko Satani atangira ubwo adushukashuka.

Ariko Imana yarizi ibyagombaga kubaho.

Imana ishikamye ku ijambo ryayo. Igihe Imana yahaga Satani ubwami bw'iyi si, Satani yahawe uburenganzira bwo kutubabaza. Niyo mpamvu hari agahinda umubabaro mwinshi muri iyi si. Ni ukubera ko Satani n'abafasha be b'abadayimoni aribo bategeka iyi si dutuyemo-kudushukashuka, kutubabaza, ndetse no kugerageza kuturimbura. Satani azi ko yatsinzwe kuko yabonye intsinzi ya Yesu ku musaraba, ariko aracyafite igihe cyo kugerageza no gushyira ikiremamuntu muri Gihenomu hamwe nawe.

Imana izi byinshi kuri Satani kuko niyo yamuremye. Satani ni umwe mu bamarayika bakomeye b'Imana bigometse. Imana rero yari yarahaye

Satani ububasha bw'igitangaza ku buryo Satani yageze aho yifuza kuba Imana, ariko ntiyabibasha- biba ibyubusa. Nuko Satani arigumura. Yarigometse kugeza aho yashishikariye abandi bamarayika kumukurikira. Nuko ibyo arabikora. Yashishikariye hafi icya gatatu cy'amamarayika b'Imana ku mukurikira.²⁵⁸ Ariko Nubwo muri icyo gihe Satani atabashije kurimbura Imana, nibyo, ubutaha ni wowe, ndetse nanjye. Satani yifuza kurimbura inyokomuntu kuko twaremwe mu ishusho y'Imana.

Nuko rero, ubwo Satani afite ubushobozi bwo kuyobya ikiremwa muntu muri iyi si yose ndetse n'ubushobozi bwo kudutandukanya n'Umushumba wacu, kandi ikiremwa muntu kikaba gifite umudendezo ndetse no kwiyumvisha ko "Ntamenye undi muntu uwo ari wese nzajya aho umutima wanjye uzishimira", - Ni iki gishobora kuba kibi? Oh!, ushobora kumvira imbwa imoka!

Ni kimwe no kuvangirwa, sibyo? Aka ni akabazo kagereranwa n'abakinnyi ba baseball bahura n'ikiye y'abakiri bato. Ntibakunda gutsinda.

Satani nawe ni ikiremwa cy'umwuka- bishatse kuvuga ko Satani ashobora kuyobya umuntu by'iteka igihe yabyemerewe.

Wow, ibi rwose ni bibi

Ikiremwa muntu rero gishukika mu buryo bworoshye, kandi Satani nawe yarakaniye, kuburyo Satan ashobora kuyobya inyokomuntu yose by'iteka. Ni bangahe mu rubyiruko batigeze batsindira umukino wa baseball? Si benshi.

Nibyo, ntanumwe

Mu byukuri biroroshye gushukashuka umuntu. Gushishikariza umuntu kwinezeza ndetse no kumwemeza ko nta ngaruka z'ibyo akora. Gushishikariza umuntu ko dushobora kwica amategeko y'Uwitaka ntityumvire kandi ko nta numwe uzabimenya. Kumvisha Umuntu ko nagira "ubutunzi" bwinshi azanezerwa. Kumvisha umuntu ko niba tudakunda ibyo dufite - nibyo, tubijugunye dutangire buri bushya, byaba ari urushako, abana, ubucuti, n'ibindi. Kumvisha umuntu ko byose bireba "njye" ntugire ubwoba ngo ikibazo kizakugeraho cyangwa kizagera ku bandi. Noneho by'umwihariko, Satani yohereza abantu bafite ibitekerezo bikomeye bitandukanye n'ibyacu kugira ngo badushukashuke mu bitekerezo batwemeze ko kwica amategeko y'Imana ari byiza.

Kubaho mukutamenya

Byibanze, iha Satani ubwigenge bwo gutegeka ibyaremwe byose byo mw'isi kandi imuha urubuga rwo kwegera abantu bose abasha gushukashuka. Ati: Ariko uramenye ntuzigere ubwira abantu

kubijyanye n'ingaruka z'ibyaha -umubabaro, agahinda, kwiheba, gutandukana kw'abashingiwe ndetse n'ibindi bikiri mu bw'umvikane gute. Kandi mu by'ukuri ntubwire abakristo bawe ko kurindwa n'Imana kuzabavaho igihe bazaba bacumuye. Kubera yuko Imana yacu ari iyera ntibasha gufasha bene abo bafite kamere y'icyaha.

Uyu ni umukino wuzuye wa Satani. Reka Satani ashukashukire abantu kuzerera, abantu barayumvira. Icyo gihe abantu bishyira kure y'umurinzi wabo bakabona umubabaro. Nyuma Satani atangira kubabwira yuko Imana yabaretse. Nuko abantu - barajijwa nkuko abenshi bari- ntibashobora kumenya impamvu bababazwa ; ntibabasha guhuza ibihe barimo n'impamvu zabyo. Bameze nk'intama zazerereye zikajya kure y'umwungeri wazo noneho ntizigire ubwenge bwo kwibuka ko ari umushumba wazo uzirinda. Nyuma idubu zirazigota- ntizibuka ko zakoze amakosa.

Satani nta kabuza ibi birayinezeza igihe abantu babayeho mukutamenya Imana n'imbaraga zayo. Reka dufate umwanya nuko dusubize ubwenge ku gihe tumenye icyo ubujiji bivuga:

Ntera:

1. Kubura ubwenge cyangwa amahugurwa; kutigishwa
2. Kutamenya amakuru; kutabibwirwa
3. Kutagira cyangwa kubura ubwenge n'amahugurwa
4. Kubura ubwenge cyangwa amakuru ku kintu runaka

Nkuko ubibona, si byiza kwirengagiza ukubaho kw'Imana n'imbaraga zayo - ibyo nibyo Satani atwinjizamo.

Abamarayika abo Satani yinjijemo ibitekerezo byo kumukurikira, abo tubita abamarayika babi, abadayimoni - kuko iherezo ryabo ari ukurimbuka. Ni abadayimoni, bisobanura umubi. Satani yanga Imana ku buryo bw'indengakamere bityo azakora buri kimwe cyose kugira ngo ayobye kandi arimbure ibiremwa byose byaremwe mu ishusho y'Imana. Ntidushobora kureba abo badayimoni kuko ari ibiremwa by'umwuka, kandi iyo myuka iri ahantu hose. Intego yayo ni ukuturimbura. Hita ufungura amakuru wirebere uko iyo myuka igera ku ntogo. Ntushobora kumara byibuze iminota itanu ureba TV utarabona uburyo Satani n'abadayimoni be barimo gukora cyane kugira ngo barimbure ikintu runaka cyangwa buri kimwe cyose Imana yaremye.

Niyo mpamvu buri gihe umuntu akora ikintu kimubabaza, cyangwa kibabaza abandi, Satani akaba yicaye mu nkuni avuga, "Yay, nabashije gushuka n'uriya! Satani rero atsinda igitego iyo yabashije gushuka umuntu akiyica cyangwa akica n'abandi. Iyo ibyo bibaye, Satani anezezwa cyane no kubona ibiremwa Imana yaremye byicana ubwabyo.

Umugambi munini w'Imana

Ni nde wari muri Edeni?

Tuzi neza yuko Imana ari umwuka kandi Umwuka ntubasha kubonwa. Nuko rero, ni nde wabashije kubonwa kandi agatembera ndetse akavugana na Adamu na Eva mu ngombyi ya Edeni nyuma gato Adamu amaze gucumura?²⁵⁹

Mwibuke mu Itangiriro igice cya mbere aho batubwira, “Mureke tureme umuntu ase natwe.”²⁶⁰ Nkuko twabyize mu gice cya mbere, ijambo “tu” na “yacu” muri uyu murongo riragaruka ku (1) Imana Data, (2) Imana Mwana, ariwe Yesu, na (3) Imana Umwuka Wera. Nuko rero igihe Imana yavugaga, “Mureke tureme umuntu ase natwe” -bose bari bahari igihe umuntu yaremwaga.

Ibi bishatse kuvuga yuko niba Yesu yari ahari igihe umuntu yaremwaga-birashoboka ko ari Yesu watemberaga kandi akavugana na Adamu na Eva mu ngombyi ya Edeni, Birashoboka ko atari Imana Data wari mu ngombyi ya Edeni bitewe n'ibyo Intumwa za Yesu zatubwiye:

- Timoteyo yatubwiye ko nta numwe washobora kubona Imana,²⁶¹ na
- Yohana atubwira ko ntawigeze kubona Imana Data.²⁶²

Yesu yabaye iteka umuvugizi w' Imana muri iyi Si - yigaragaza ku bwayo ndetse nkayo. Birasobanutse mu Ibyanditswe byera yuko Yesu na Data bari umwe.²⁶³

Ibi bishatse kuvuga ko bitoroshye, Muri iki gihe biroroshye kuvuga ko Imana ubwayo yigaragarije mu ishusho y'umubiri - Yesu -we wagaragaye ndetse agatembera kandi akavugana na Adamu na Eva mu ngombyi ya Edeni nyuma gato y'aho Adamu acumura. Niba Timoteyo na Yohana bavugisha ukuri ko nta numwe waba yarigeze kubona Imana Data, byari ukuri Yesu (Imana yambaye umubiri) yari mu ngombyi ya Edeni mu gihe Adamu yacumuraga.

Umugambi uhebuje

Ese niba ibi ari ukuri, ntibyaba ari amakabyankuru ko bishobotse Yesu yari mu ngombyi ya Edeni igihe Adamu yari atangiye kugusha ikiremwa muntu ku bw'igicumuro cye, kandi Yesu akaba yari ahari muri uwo mwanya kugira ngo akirishije inyokomuntu umugambi wayo.

Ibi bintu byombi byagombaga kubaho mu mwanya umwe mu ngombyi ya Edeni bitaribyo Imana yaba yarakoze ikosa. Imana yarizi ko Satani yifuzaga gucumuza Adamu mu ngombyi ya Edeni (Mbese ntibyari biyoroheye, muribuka?), Yarizi kandi byari ngombwa kugira umugambi muri uwo mwanya kubera Adamu wari umaze gucumura, wo kudukiza ituvana muri ibyo byaha.

Ibi nanone bishatse kuvuga yuko byari ihame ni Yesu, mu ngombyi ya Edeni, wamenye ko muri uwo mwanya ko Adamu yacumuye ndetse yifuza no kudupfira. Igihe cyose hakozwe icyaha, haba hari igisubizo. Muri uwo mwanya Adamu yacumuraga, Yesu yerekanwe kubwe nk'umucunguzi wacu. Ibi ni bimwe bigize umugambi mugari w'Imana.

Umwana ntacyo yakora ngo abone itike yamugeza mu ijuru

Uyu mugambi uhebuje wo mu ngombyi ya Edeni usobanura ko buri mwana wese uvukiye muri iyi Si aba afite Umucunguzi. Umwana ntiyavukiye muri iyi Si afubitswe gucibwaho iteka, ahubwo kubw'urukundo rw'Imana n'ubuntu bwe Yesu akimara gupfira ku musaraba wa mwana yaracunguwe.²⁶⁴ Umwana nta kindi yakora kugira ngo abone itike imujyana mu ijuru. Biba gusa igihe umwana atangiye kumenya icyaha akamenya ko akwiriye gusaba kubabarirwa n'Imana - kubwo kwizera kwe muri Yesu Kristo- kugira ngo akizwe.^{265 266 267}

Yesu ntiyagombaga gutsinda Satani n'icyaha mbere yuko apfira ku musaraba, ariko umukino wari mu gakapu. Umugambi we wo gukiza wari waratangijwe.²⁶⁸ Yesu ntiyagombaga guhita aza muri iyi isi kuko yabanje kuduha amategeko 10. Kuduha amategeko imyaka amagana n'amagana mbere yuko aza byari bifite impamvu - bityo rero twari dukwiriye kuyiga tukareba niba twabasha kumukurikira. Amategeko yari abereyeho kutwemeza²⁶⁹ no kuduhindura abanyabyaha.

Twari dukwiriye kwiga - ko dukeneye umukiza

Kurimbuka gukomeye kwaburijwemo

Umugambi w'Imana mu ngombyi ya Edeni usobanura ko Adamu ndetse na buri wese wabayeho nyuma y'Adamu ntiyigeze arekerwa habe n'isekunda rimwe mu gihano cy'icyaha cyangwa gucibwaho iteka. Nyuma y'akanya gato Adamu amaze gucumura, Yesu yari araho kugira ngo adukize ibyaha.²⁷⁰ Hari ikintu kimwe dusabwa - Dukwiriye kumwizera. Dukwiriye kwizera yuko Yesu yaje muri iyi isi kubera ibyaha byacu. Ni umugambi unonosoye, wateguwe n'Imana, uza gushyirwa mu bikorwa na Yesu. Dukwiriye rero kwizera.

Uyu mugambi wakemuye ikibazo cy'ubwoko bwari bugiye gucirwaho iteka ndetse no kurimburwa by'iteka. Umugambi wa Yesu mu ngombyi ya Edeni wahinduye by'iteka ugucirwaho iteka ko Adamu, kubw'icyaha cye, yari agiye guha buri wese muri twe.

Bityo rero Imana yari izi ko Satani azigomeka, kandi yarizi nanone ko Adamu yagombaga gucumura. Ariko nubwo Imana yari izi byose yarabaremye - kuko kugwa kw'inyokomuntu no kwigomeka kwa Satani bigize igice cyuzuye cy'umugambi munini w'Imana kugirango igaragaze icyubahiro cyayo. Bivuze ko ubwigenge bwacu no gucumura kwacu ni uburyo butuma icyubahiro cy'Imana n'ubushake bwayo byigaragaza.

Nuko rero umugambi wa Yesu wo kudupfira ku musaraba ni igice nyamukuru kigize umugambi w'Imana.^{271 272}

Yesu ntiyavutse kubera ko icyaha cy'Adamu cyateje ibibazo bitunguranye

Iyi sano hagati y'Imana n'abantu - biciye kuri Yesu- ntiyigeze iba umugambi w'Imana B. Yesu ntiyavutse kubera ko icyaha cy'Adamu cyateje ikibazo kitari giteganijwe cyagombaga gukemurwa. Nkuko tubibona mu Abefeso, Imana yari ifite umugambi wo kuza mu ishusho y'umubiri:

Abefeso 1: ⁴Nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo. ⁵Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ⁶kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo.

Ni gute wavuga ko inyokomuntu yahinduwe kuba abana kubwa Yesu niba Yesu atarahinduwe kuba umuntu nyuma yaho Adamu na Eva bacumuye? Nibyo, ntiwabishobora.

Ibi bivuze ko abantu benshi basuzugura uruhare rwa Yesu mu mugambi munini wayo. Imana kuza hano muri iyi wari umugambi wayo kuva isi yaremwa - mbere yuko isi iremwa, mbere yuko Adamu na Eva babaho.²⁷³ Imana igaragara mu butatu butagatifu ntabwo ariyo mu lsezerano Rishya gusa. Imana Data, Imana Mwana, n'Imana Roho Mutagatifu si ikintu gishya cyabayeho kugira ngo gikemure ikibazo cy' inyokomuntu yari imaze kugwa mu cyaha. Ukuza kw'Imana hano muri iyi Si wahozeho iteka ari umugambi A nta wundi mugambi waruriho.²⁷⁴ Yesu niwe Alufa na Omega.²⁷⁵ Yesu yari mu nzira yo kwihindura umuntu (kuba umuntu) mugihe Adamu ari igitekerezo gusa mu bwenge bw'Imana.

Imana yahindutse umuntu kugira ngo yuzuze umugambi wayo w'iteka

None, ni ayahe masomo twavana mu kugwa kw' inyokomuntu - niba abantu bose bari bakwiriye kujya muri Gehinomu kubera ibyaha byabo-kugira ngo abantu babashe kubona ijuru bibanire n'Imana? Inzira imwe rukumbi ni mu rupfu; Imana yasabye ko habaho igitambo cy'ibyaha byacu. Yesu ntiyajye muri iyi Si gupfa kugira ngo ahindure Imana. Yajye muri iyi Si gupfira ibyaha byacu kugira ngo duhindurwe. Ntiyabambwe ku musaraba kugira ngo acyubye umujinya w'Imana. Yemeye kubambwa ku musaba kugira ngo ashyire iherezo ku mivumo yose ijyana n'ukugwa kw'inyokomuntu no gukuraho burundu icyadutandukanyaga n'Umuremyi wacu wera. Yabambwe ku musaraba kugira ngo atubere igitambo cy'ibyaha byacu.²⁷⁶

Uyu - wari umugambi w'Imana kuva kera isi itararemwa.

Kugwa kw'inyokomuntu kwamenyekanye kare n'Imana mbere yuko biba. Imana rero yihindura umuntu kugira isohoze umugambi wayo w'iteka - kutugira abana mu muryango wayo biciye ku mwana wayo, Yesu. Dukwiriye rero kwizera ko Yesu yaje muri iyi si kugira ngo abane natwe, adupfire, ahinduka umwana w'Imana.

Satani afasha umugambi w'Imana

Kubera ko byose byari biteganijwe, ese aho Satani yaba yarafashije Imana gusohozwa umugambi wayo?

Igisubizo ni Yego. Satani. Satani ni inyaryenge, ariko ntabwo ari umunyabwenge. Ntazi uburyo ki yaburizamo umugambi w'Imana. Umuhati afite wo kukurimbura nanjye kuri ubu wahindutse ukwigomeka. Imana izi yuko abantu bayo bazayegera nibabona ibyago n'amakuba ku buzima bwabo. Imibabaro yacu, nubwo iba yazanywe na Satani, iba yategetswe n'Imana. Noneho biciye ku muhata wa Satani wo gushaka kurimbura wowe nanjye, Imana yirongera ubundi bucuhi hagati yacu - akaba arinabyo yifuza!

Ibi biragaragaza uruhare runini Satani afite mu mugambi munini w'Imana. Imana ikoresha Satani n'icyaha kugira ngo yuzuze umugambi wayo kuri twe. Imbaraga Satani afite yazihawe n'Imana, noneho ubwenge bw'Imana buha Satani gukora ibyo akora. Satani afite imbaraga kuri twe - ariko ku gipimo Imana yamwemerewe.

Ariko nubwo Adamu na Eva bacumuye mu ngombyi ya Edeni, ibi ntibishatse kuvuga ko Imana ariyo nyirabayazana w'icyaha. Kandi ntibishatse kuvuga ko Imana ariyo yagerageje Adamu na Eva ngo bacumure. Imana nta numwe igerageza.²⁶⁸ Gusa ikoresha Satani ku bw'umugambi wayo.

Imana ikoresha Satani kugira ngo izane ubugorizi bwayo. Satani aba yemerewe gukora gusa icyo Imana yamwemerewe gukora ku bw'icyubahiriza cyayo, ndetse n'ibyiza byacu. Biciye ku kwigomeka kwa Satani ku mabwiriza y'Imana - Umugambi w'Imana urasohozwa. Nyuma tukababazwa n'ibyaha byacu no kutumvira kwacu, Imana iratubabarira ikatwongerera imbaraga ndetse ikadukomeza.²⁷⁸ Imibabaro yacu itubyarira guca bugufi no kumva ko dukeneye Imana.

Ibi byose byerekana ko Satani ashyira imbaraga mukwigomeka ku butumwa bwiza, ninako atuma bwogera hose. Imana ifite umugambi wo kubaho kwa Satani ndetse no kwigomeka kwayo ku mategeko y'Imana bituma huzuzwa umugambi munini w'Imana.²⁷⁹ Muri buri kimwe cyose Satani akora, kandi aba yabyemerewe, aba akorera Imana.

Ni gute Imana Yera yabasha gucumura mu mugambi wayo?

Tekereza kuri ibi. icyubahiro cy'Imana kuri ubu cyaratangajwe yemera ko icyaha kiza muri iyi:

- Kugira icyaha muri iyi Isi bituma tubona imbabazi z'Imana n'impuhwe zayo^{280 281}
- Bituma Imana yerekana urukundo rwayo no kubabarira kwayo ku byaha byacu²⁸²
- Bituma Imana yerekana ugukiranuka kwayo n'umujinya wayo kuri ba bandi bayihakana²⁸³
- Nanone, biciye kuri Satani, bituma Imana itarebera icyaha ngo ntigihanwe²⁸⁴ nkuko urukiko nyakuri rubigenza

Imana kuri ubu ihabwa icyubahiro kubwo guciraho iteka icyaha muri Gehinomu. Inkiko zacu zakagombye guhinyurwa igihe zidaciriye urubanza umwicannyi ngo rumukatire igifungo cy'imyaka myinshi. Noneho inkiko zacu ni iz'umwimerere kuko zicira buri wese urubanza kuwagerageje kwica itegeko. Ibi bishatse kuvuga yuko umujinya w'Imana waratsindishirijwe nuko Imana ihabwa icyubahiro igihe ihaye abantu ukubabarira kwayo, abantu nabo bakanga.

Ibi bishatse kuvuga ko hirya ya Satani n'ibikorwa bye bidakiranuka, Imana ni iyera, irakiranuka, kandi yuzuye impuhwe yo ituma ibintu byose bitunganira ba bandi bayikunda bahamagawe nk'uko umugambi wayo uri.²⁸⁵

Imana yashyize mu bikorwa umugambi wayo ukubiyemo igisubizo kizasohozwa umugambi wayo w'iteka. Umugambi wayo w'iteka ni ukuduhindurira kuba abana mu muryango we - biciye muri Yesu. Nta wundi muntu wabihabwa; uretse babandi bizeye.

Ibi bishatse kuvuga ko umujinya wayo n'imbabazi zayo byerekana icyubahiro cyayo- kandi ntushobora kubigeraho hatabayeho kugwa kw'inyokomuntu.

Kubabara kwacu ni uburyo Imana ikoresha mu kudutunganya

Ibi byari umugambi wayo kuva isi yaremwe. Imana yahisemo ko icyaha n'umubabaro bitugeraho kuko idushakaho ubusabane. Irifuza ko tumenya ubushake bwayo.²⁸⁶ Irifuza ko tuyikunda.²⁸⁷ Irifuza ko tuyigiraho.²⁸⁸ Irifuza ko dushyira ibyiringiro byacu muriyo.²⁸⁹ Irifuza ko dukurikiza amategeko yayo.²⁹⁰ Niba dukora ibi byose izaduha umugisha.

Kwemera ko tugeragezwa na Satani, hanyuma ikemera ko tugira umubabaro nyuma y'amarari yacu y'ibyaha, ibyo bitwegereza Imana. Imana ishobora kwemera ko tubabara cyane - kubera ko igukunda

cyane. Izakureka usarure ibyo wabibye^{291 292} kugira ngo bigusunikire kuri yo.

Nkuko twabyize muri iki gitabo, Umutwe ubanziriza uyu, tugomba kumya ko duhawe umugisha igihe Imana idukosora bivuze ko idukunda.^{293 294} Iyaba itadukunda ntiyakaduhanye. Ibigeragezo byacu n'imibabaro yacu bivuze ko ari uburyo Imana yemeza kwizera kwacu.²⁹⁵ Rero, imibabaro yacu ni uburyo Imana idutunganya, idukomeza, ndetse ikatubumba iduha ishusho izakoresha.²⁹⁶ ibyo byose bikaduhindura abakomeye. Kimwe n'ibigeragezo Satani atugerekaho agambiriyе kuturimbura - Imana ibihinduramo ibyiza.

Ese waba wibuka ibyo duheruka kwiga muri iki gitabo, Umutwe ubanziriza uyu ko Satani abaza Yesu mbere yo kukugerageza?²⁹⁷ Iki ni igice gikomeye kigize umugambi munini w'Imana mukubaka kwizera kwawe muri Yesu , ndetse guha icyubahiro Imana.

Ese mu by'ukuri, mpasha kumenya Imana

Abashyizweho ikimenyetso

Nibyo, ushobora kumenya Imana n'ubushake bwayo. Muby'ukuri Imana ishaka ko mumenya ubushake bwayo.²⁹⁸

Impamvu yatumye tuvuka ni iyo kugira ngo tumenye Imana. Ni ryo shingiro ry'ukubaho kwacu. Nta muntu n'umwe wagaragaye kuri iyi si atari umugambi ndetse n'ubushake byayo. Imana yadutoranyije mbere y'uko isi iremwa kugira ngo tube abera batarangwaho umugayo mu maso yayo.²⁹⁹ Muri yo niho twatoranirijwe, idutegura kubw'umugambi wayo, yo ikora buri kintu cyose biturutse mu mugambi w'ugushaka kwayo kugira ngo twebywe twabaye abambere mu kwizera Kristo biyibere ishimwe n'icyubahiro cyayo.³⁰⁰

Ariko mu by'ukuri, kumenya Imana no kwiga umugambi wayo kuri wowe, ugomba kubanza kwihana ibyaha byawe, ukizera ko Imana yohereje umwana wayo Yesu kugira ngo agupfire. Iyo wiyemeje, ukabawizera Yesu ushyirwaho ikimenyetso cyo muri we - n'Umwuka Wera w'Imana azaba muri wowe.³⁰¹ Umwuka Wera ni we uzakubera umufasha mu guhamya Imana.³⁰² Umwuka Wera kandi azakwigisha ibintu byose ndetse azanakwibutse ibyo Yesu yadusezeraniye byose.³⁰³

Kuki wavutse?

Abantu benshi babayeho igihe kirekire ariko ntibasobanukirwa neza impamvu yatumye bavuka. Dore igisubizo: Kumenya Imana. Imana yarakuremye kugira ngo uyimenye. Niba usobanukiwe n'ibi-ubuzima bwawe bushobora gutangirira aha. Uzaba mu mahoro. Ushobora kugira ibyishimo. Ubushakashatsi bwawe ku gisobanuro cy'ubuzima buzaba burangiye. Ibyiza byose utegereza kubona mu buzima "bigomba kubaho" ibyerekeye ikinyoma nk'uko bishobora kubaho, ibyo bizavaho.

Uzaba ubohotse. Ndetse ibi bizatuma wishimira kuba uwo uri we n'inzira y'ubushishozi uzanyuramo. Iyi ni inzira y'ibyishimo. Rero byiteho.

Imana izakubohora k'ubw'ubuntu bwayo gusa. Nta madeni izakwishyuza. Nta nshingano, nta mategeko. Nta bwishyu ndetse nta n'amaturo akenewe. Nta kazi gakenewe gukorwa. Nta kintu usabwa gukora kugira ngo uzajye mu ijuru. Byose byarakozwe kubwawe. icyo ukeneye gusa ni ukwakira impano y'ubuntu bwa Yesu hanyuma ugatangira kwishimira impamvu yatumye uvuka, ariyo yo kumenya Imana. Kandi mu gihe werekeje ibyiringiro byawe ku Mana-Iguha isezerano ko izakwitaho, kandi ikaguha n'isezerano ryo guhaza ibyifuzo byo mu mutima wawe.³⁰⁴

Noneho ufite uburenganzira bwo kwegera Imana

Icy'ingenzi mu byerekeye kumenya Imana, ni uko bidasaba imbaraga. Ntacyo wowe ushobora gukora. Yesu yagukoreye byose ku musaraba. Igihe Yesu yapfiriye ku musaraba gutsindwa kwa Satani kwari kuzuye kandi na Satani nawe ubwe yarabimanye. Uyu wariwo mugambi watangijwe mu itangiriro ry'igihe, watangiriye mu Busitani, uza kuzuzwa igihe Yesu yapfiriye ku musara kandi akazuka mu bapfuye. Yesu yaneshejeshe Satani kandi atsinda icyaha. Kubw'ibyo Imana yihesheje icyubahiro.

Igihe Yesu yapfiraga ku musaraba umwenda munini kandi uremereye watandukanyaga abantu n'ahera ho murusengero rw'Abayuda watabutsemo kabiri uhereye hejuru ukagera hasi. Imana yarawutabuye. Kuby'urupfu rwa Yesu umugambi w'Imana warasohoye, kandi no gutabukamo kabiri k'uyu mwenda munini unaremereye bwari bumwe mu butumwa bwiza bwa Yesu kuri twebwe twese. Urupfu rwa Yesu ku musaraba rwakuyeho inzitizi zose kuri mwene muntu. Uyu mwenda wa kimuntu- wari ubereyeho kugira ngo ube hagati y'Imana n'umuntu. Mu gutabukamo kabiri k'uyu mwenda Imana yarabwiyeho ngo "Ntabwo mukibazirwa mubo hanze. Umwana wanjye Yesu yabashyiriyeho inzira yihuta ibageza iwanjye. Ni muze mwinjire. Ndabategereje.

Ku by'uyu mwenda wavanyweho, ntimugikeneye undi muntu wo kunyuraho kugira ngo mugere ku Mana. Nta bwoko, nta mihango nta n'inzitizi. Nta nyubako yabugenewe. Nta na kimwe kiri mu nzira. Ubu ushobora kuganira n'Imana, ndetse uhereye no kuri uyu munota n'aho waba uri hose. Ibuka ko umutima wawe ari rwo rugi Imana izinjiriramo, ariko kandi ntizaguhatira inzira yayo. Izagutegereza kugeza ubwo uzayireka ikinjira. Izakomanga (byishyiremo mu mutima wawe ko bishobora kuba nonaha), noneho itegereze ko uyisubiza. Wowe gusa yisabe yinjire. Imana nuyirarika izaza. Igice cya 5 kizakwigisha uburyo wayirarika-nizere ko wagisomye neza.

Uyu niwo wari umugambi w'Imana kuva na mbere hose ubwo yoherezaga umwana wayo Yesu, kuba hano ku isi no gupfa ku bwacu. Binyuze mu byiringiro byawe n'ukwizera icyo Imana yavuze

kizabaho mu Isezerano Rishya-Kandi byabayeho neza nk'uko yari yarabivuze ko bizabaho mu Isezerano Rishya-Imana ishobora kubana nawe nonaha. Imana,Umuremyi w'isi ishobora kubana nawe kuva ubu.Ariko ugomba kwizera.

Yesu yaje mu isi kugira ngo aduhishurire uwo ariwe no kugira ngo tubashe kugirana ubusabane n'Imana binyuze muri we.Imana ni imwe kandi ni Uwitwaga,ibaho mu busabane bwa batatu:Imana Data,Imana Mwana(Yesu)n'Imana Mwuka Wera.Igihe isi yaremwaga,bose uko ari batatu bari bahari.Igihe umuntu yaremwaga,Ubutatu bwera bwari buhari.Ubuho Yesu yazamukaga mu ijuru ugereranyije nko mu minsi 40 amaze kuzuka mu bapfuye,yasize Umwuka we kugira ngo abe mubamwizera.^{305 306} Bityo rero Umwuka we ashobora kutuyobora mu byo dukora byose.

Imana yakijije buri wese muri twe atari kubw'imirimo twakoze cyangwa kubw'ubushake cyangwa ubushobozi, ahubwo ni kubw'impuhwe zayo gusa.³⁰⁷ Mu kwizera kwacu no mu mpuhwe z'Imana gusa niho dukirizwa³⁰⁸ Imana mu butatu Bwera-Bose babayeho mu bumwe bwuzuye, mu kuduha ubuzima, mu kutwakira mu muryango w'Imana, no mu kuduha ibyiringiro bwo mu bihe bizaza.

Igihangano gihebuje cy'Imana

Wabyemera utabyemera-buri wese yaremwe afite icyifuzo cyo gushaka kumenya uwamuremye.Twese twaremewe kuvumbura Imana iyo ariyo, kugira ngo tunyurwe kandi tugire ibyishimo muri yo.Iyi ni nayo mpamvu yatumye tuvuka.Twese yaturemye mu buryo butandukanye, no mu mico itandukanye no mu mahanga atandukanye,³⁰⁹ kugira ngo tubashe kuyishaka no kuvumbura iyo ariyo.

Ukurema kw'Imana gutangaje kugaragarira neza muri buri kintu cyose tubona hano mu isi,no hejuru mu ijuru,no hasi mu Nyanja.Kubera ibyo byose Imana yaremwe,kandi bishobora kugaragara neza, nta mpamvu iyo ariyo yose yatuma tutamenya Imana iyo ariyo.³¹⁰ Kuko ijuru ritangaza icyubahiro cy'Imana.³¹¹

Niba ushobora kureba mu mubiri w'umuntu imbere ukoresheje mikorosikopi y'umuriro, wabonamo utumashini duto dutangaje na za moteri-ndetse na za vitensi na agisererateri n'ibindi byinshi-ibi bikaba byaranzwe n'Umuremyi w'igitangaza.

Ibyo kwitabwaho: Hari Videwo iboneka ku rubuga rwa You Tube.com ushobora gukenera kureba ikwereka ingingo z'umuntu ko ari urusobe rutangaje rwa za morikire-hamwe na za vitensi na agisererateri na buwate ya vitensi ndetse n'ibindi byinshi.Iyo haza kugira ikibura muri ibi bice mu gihe twaremwe, moteri (ingingo zacu) ntitwashobora kuba turiho uyu munsu. kugira ikibura muri ibi bice mu gihe

twaremwaga,moteri(ingingo zacu) ntitwashobora kuba turiho uyu munsu.

Iyo video yitwa “Michael Behe-Lee Strobel-Molecular Machines Disprove Evolution”
(URL:<http://www.youtube.com/watch?v=Y7Ww01iETuw>)

Niba uri kuri mudasobwa mu gihe uri gusoma iki gitabo ushobora gukanda kuri link yo hejuru (ushobora kuba wabanje gukanda ku ibuto ya CTL) noneho ukayohereza no kwirebera. Niba utari gusomera iki gitabo kuri mudasobwa uzarebe video zacu igihe ubonye umwanya.

Abantu bose baremewe kumenya Imana no kugira ubushobozi bwo kumenya ko Imana ibaho.Abantu bose bashobora gutekereza kubumenyi bw'ibanze mu kurema kw'Imana gutangaje babicishije mu mibare, siyansi, ubusesenguzi, n'ibindi byinshi. Gira icyo ureba cyoroshye nk'ikibabi cy'ibyatsi maze ugerageze kwiyumvisha igitangaza kuri icyo kibabi.Ibi bisaba kuba ufite ubumenyi mu bijyanye n'ubugeni kugira ngo usobanure byimbitse urusobe rwa”photosynthese” ruri muri icyo kibabi.Intego y'Imana mu kuduha uru rubuga rutangaje mu guhanga, ni ukutuzanira inyungu kugira ngo dushake kubaza no gukusanya amakuru ayerekeyeho.³¹²

Imana izakumenyesha inzira y'ubugingo

Imana kandi yashyize mu mitima yacu ibihe bidashira-bishatse gusobanura ko ukwifuza tugira mu gusobanukirwa Imana iyo ariyo ntigushora gusimburwa n'ikindi kintu icyo aricyo cyose.Iyo ugerageze kuzaza uku kwifuza hamwe n'ikindi kintu usibye Imana,uzasigara ibyiyumvo byawe ari ubusa.Iyi niyo mpamvu abantu benshi bibaza iyo bamaze gukura,bati:” Ese ibi byose bibaho?”

Ku bantu benshi iyi niyo mpamvu ituma badaha ikaze Imana mu mitima yabo. Imana irimo irakomanga - nta kindi wowe usabwa, fungura gusa umutima wawe ureke yinjire. Igambiriye kuguha ku butunzi bw'agahebuzo utabasha gutekereza. Ariko ukwiriye kureka gusa ikinjira. Ntishobora kukwihishurira mu gihe utari wafungura umutima wawe. Reka kwirwanirira wowe ubwawe. Izere Imana gusa; Izakumenyesha inzira y'ubugingo.³¹³ Nkuko Imana yabitubwiye ibicishije ku muhanuzi Yesaya,

8” Kuko Imigambi yanjye atariyo zanyu, kandi inzira zanyu sizo zanjye,” Niko Imana ivuga. 9 Nkuko ijuru risumba isi, niko n'inzira zanjye zisumba izanyu n'imigambi yanjye igasumba iyanyu.

Ariko ntuzibagirwe ko hari imbaraga muri iyi si mu izina rya Satani wifuza ko utamenya Imana. Satani yanga Imana cyane ku buryo yifuza kurimbura icyo aricyo cyose cyaremwe mu ishusho y'Imana - nawe

urimo. Umugambi wa Satani ni ukugukoza isoni, kugucanganyikisha no guhumisha imyumvire yawe,³¹⁴ kuburizamo umunezero wawe,³¹⁵ gutuma ugenda usubira inyuma,³¹⁶ igihe rero ugenda wumvira Satani, ikwitura kugenda witandukanyije n'Imana yawe.³¹⁷ Ntiwemere ko ibi bibaho. Ibuka Satani akunda cyane ko abantu bagendera mu bujiji bwo kutamenya Imana. Igihe tugendera mu bujiji bwo kutamenya Imana nicyo gihe ubuzima bwacu buba butakiri ubwacu bwite; tuzatwarwa na Satani.

Nitiwiyita abanyabwenge duhakana ukubaho kw'Imana, tuzaba tubaye abapfu^{318 319 320 321} - ndetse tube n'abantu babi cyane, tuzahinduka abanzi b'Imana y'ukuri twibwira ko iri mu mitima yacu. Ibuka, amategako y'Imana yanditswe mu mutima wawe. Biciye mu bwigenge bwawe, uzagira iteka bumwe mu buryo bwo guhakana Imana. Ubwo buryo Imana y'urukundo yarabuguhaye.³²² Niba Imana yaragusabye ukuyikunda - Ni uko nta busabane bwari buhari hagati yawe nayo.

Yego, ubasha guhishura ubumenyi bw'Imana

Igihe wemereye Yesu kwinjira mu mutima wawe nta cyakubuza kwegera Imana- kuko izabana nawe.³²³ Biciye mukwizera Yesu uzagira uburenganzira bwo kwegera Imana.³²⁴ Iyo wemeye Yesu ukabika amategako ye muri wowe, ugahindurira ugutwi kwawe kunguka ubwenge, n'umutima wawe ukawukangurira gusobanukirwa, nusaba amahitamo ndetse ugasaba ubwenge ibyo bizaguhindukira nk'izahabu ndetse no kubishaka bizasa nko gushaka ubutunzi buhishwe, bityo uzatinya Imana kandi uzunguka Ubwenge bw'Imana.³²⁵

*Abefeso 1:18 ngo amaso y'imitima yanyu abone uko
ahweza mumenye ibyo mwiringizwa n'iyabahamagaye,
mumenye n'ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyo azaraga abera, 19
mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero,
izo iha twebwe abizeye nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo
bukomeye ziri, 20 izo yakoreye muri Kristo ubwo
yamuzuraga mu bapfuye ikamwicaza iburyo bwayo ahantu
ho mu ijuru, 21 imushyize hejuru y'ubutware bwose
n'ubushobozi bwose, n'imbaraga zose n'ubwami bwose,
n'izina ryose rivugwa uretse muri iki gihe gusa, ahubwo no
mu bihe bizaza. 22 Kandi yamuhaye gutwara byose
ibishyira muni y'ibirenge bye, imuha Itorero ngo abe
umutwe waryo usumba byose, 23 na ryo ribe umubiri we
ushyitse kandi ushyikirwamo na byose.*

Kwizera utabonye

Umwenda hagati y'ijuru n'isi

Abantu benshi babonye ku matapi meza. Inyinshi mu mitako y'ayo matapi yuzuyemo udushushanyo, amabara, inyuguti, bimwe bifite ibisobanuro ndetse bifitanye isano n'ayo mitako, amwe atatse neza mu mpande zayo, igihe rero witegereje ayo matapi ukuntu ari meza ubasha kuvuga uti "Wow."

Ariko, waba waritegereje inyuma y'ayo matapi? Biravanze. Nta gace na gato ku bwiza uzabona nk'ubwo wabonye imbere. Ubudodo n'ibindi bikoreshe birasobekera, biravanze, biracagaguye, birahese ibindi birasobetse. Nta shusho wabona byaba bishushanya kuri urwo ruhande rw'inyuma kandi nta n'ubwiza buhari. Hari itandukaniro rikomeye hagati y'ibyo ubona ku ruhande rw'imbere n'ibyo ubonye inyuma. Uramutse ubonye icyarimwe uruhande rw'imbere n'urw'inyuma ntiwakwemera ko ari tapi imwe!

Noneho, muri uyu mwanya, tekereza ko imwe muri izi tapi z'agahebuzo iri hagati muri twe, kw'isi, ndetse no mu ijuru. Ni uruhe ruhande tureba? Turareba agace gato. Turareba umubabaro. Turareba urupfu, ibyorezo, uburibwe, akarengane, uguhagarara kw'imibanire, n'ibindi n'ibindi. Igihe Imana yimuriraga ubutware bw'iyi kuri Satani nyuma y'aho Adamu acumura, iki nicyo gihe uruhande rwacu rwa tapi rwatangiye kwivanga. Ariko kuva aho Imana yamenyeye ko Satani azigomeka, kandi n'Adamu nawe agacumura, Imana yari izi ko uruhande rwacu ruzivanga - kugeza aho umugambi w'Imana uzuzurizwa.

Imana yaba yarakoze amakoze akomeye niba yari itazi ko ibi bizabaho. Ariko Imana nta kosa yakoze.

Bityo rero, Umugambi w'Imana mbere yuko Adamu acumura wari ukubiyemo iremwa rya tapi ifite impande zombi zihesha Imana ikuzo. Uruhande rw'inyuma rwivanze, ariwo iyi si iyobowe na Satani, ubu ni igice gikomeye cy'umugambi w'Imana kugira ngo cyerekane ikuzo ryayo ndetse no gusohozwa umugambi wo kudukhindura abo mu muryango wayo - biciye muri Yesu. Ibi bishatse kuvuga ko uruhande rw'inyuma rwa tapi, ari rwo isi, n'uruhande rw'imbere rwa tapi ariyo juru, ni ibice by'ingenzi bigize umugambi w'Imana.

Kandi urupfu rwa Yesu ku musaraba ni umwenda aho uruhande rw'imbere n'urw'inyuma zadodewe hamwe. Mu by'ukuri, Yesu ni igikoreshe cy'umugambi w'Imana. ^{326 327}

Hatari Yesu twagombaga kudoderwa ku ruhande rw'inyuma twenyine - ku ruhande ruteye ubwoba. Atari yesu ntitwagombaga na rimwe kureba uruhande rw'imbere. Yesu yaduhaye uburenganzira bwo kugera ku ruhande rw'imbere kandi nta kintu na kimwe twakora ngo tuhagere. Dukeneye gusa kwizera. Dukeneye gusa kwizera ko umuhuza

w'umugambi wayo ari umwana wayo, Yesu, kandi ko biciye muri izi ndodo Yesu niwe nzira yacu itugeza ku ruhande rw'imbere aho tuzareba igihangano cy'akataraboneka cy'Imana- ari ryo juru.

Uruvungavange rw'inyuma kuri tapi, arirwo iyi si iyobowe na Satani, Imana itanga igitangaza kuri buri wese uri mu bigeragezo cyangwa mu bihe bikomeye. Ikoresha ibigeragezo ndetse n'umubabaro wacu kugira ngo ikomeze ukwizera kwacu muri yo. Ibigeragezo byacu ndetse n'imibabaro nibyo bigerageza kwizera kwacu.³²⁸ Na nibyo bigeragezo Satani adushyira imbere ashaka kuturimbura (uruhande rw'inyuma rwa tapi), Imana yifashisha ukubohoka kwacu³²⁹ kudutegurira ubwami bwayo (uruhande rw'imbere). Tuzagera ku ruhande rw'imbere rwa tapi biciye mu kwizera Yesu, Yesu wenyine.

Yesu ni umwenda w'umugambi munini w'Imana

Birababaje, ntidushobora kubona uruhande rw'Imana rwa tapi- nibyo, haracyari kare. Tugomba kugira kwizera ko uruhande rw'imbere ari rwiza cyane nk'uko iyavuze nayo ari nziza. Ariko nubwo tutabasha kubona uruhande rw'Imana kuri urwo ruhande rw'imbere yaduhaye inyandiko nziza. Izo nyandiko, zo dusanga muri Bibiliya, ziduha ikigereranyo cy'uko uruhande rw'imbere rwa tapi uko rusa.

Izo nyandiko zivuga yuko izahanagura amarira ku maso yacu bityo ntihazabaho ukundi urupfu, kurira, gutaka ndetse n'umubabaro,³³⁰ Nuko ugukiranuka kuzabana natwe.³³¹ Kubw'ijambo rye twahawe ikimenyetso cy'ijuru. Ntubasha kureba ahaboshye neza igihe tutiyunze nayo, ariko igihe tubikoze hagaragara ikimenyetso cy'agahebuzo.^{332 333} ³³⁴ Nicyo gihe tuzarushaho gusobanukirwa icyo Imana yaricyo muri iyi myaka irangiye. Nicyo gihe tuzabasha kureba uko ubuzima bwacu, hamwe n'ibigeragezo n'amakuba twanyuzemo,^{335 336 337 338} byadusunikiye ku ruhande rw'imbere ruboshye neza ndetse n'umuteguro w'umugambi munini w'Imana.

Ariko, Kugira ngo turebe neza uruhande rw'Imana rw'imbere rwa tapi dukeneye kuyizera no kugira kwizera ko umugambo wayo, biciye kuri Yesu, wari uwo kudukiza no kutugira abana b'umuryango wayo aho izaduhera umurage wacu.

Mbere yuko tugera aho, nyamara, tugomba kwemera ko impamvu uruhande rwacu rwa tapi ari akajagari ni ukubera urupfu, uburwayi, ubumuga, akarengane, uburibwe, ndetse n'ibindi. Dukwiraye nanone gusobanukirwa ko kuri urwo ruhande rw'inyuma rwa tapi tuzaterwa n'umwanzi ushaka buhari iteka kuduhisha ngo tutareba uruhande rw'imbere. Satani arashaka kutuzirikira ku ruhande rw'inyuma aho yaciriweho iteka. Satani ntashaka ko usobanukirwa n'ubudodo buboshye tapi aribwo bugomba kuguhesha kureba uruhande rw'imbere.

Bityo rero, igihe twituriye mu ruhande rw'inyuma ya tapi nta narimwe tuzagira ibyishimo, ibyiza, ndetse n'ibitunezeza. Ntituzashaka gusobanukirwa impamvu Imana yemera ko ibigerageze n'ibyago biza ku buzima bwacu,³³⁹ ariko dukwiriye kugira ukwizera ko ibigerageze ducamo bizadusunikira mu byiza bya tapi uruhande rw'imbere. Tugomba kugira kwizera ko tuzabana nayo muri paradizo, ntacyo bitwaye ibyo waba warakoze byose - niba uyizera, ibyo nibyo Yesu yabwiye wa mugome wabambwe ku musaraba iruhande rwe mbere yuko apfa.

Mukugeragezwa kwacu niho twegerezwa Imana. Mukugeragezwa kwacu niho tubona ko tutabaho tudafite umukiza. Mukugeragezwa kacu niho twiga neza ko hari umwanzi - imbaraga tutagomba kwirengangiza. Ni muri Yesu gusa aho tubasha kuneshya icyaha. Ni muri Yesu gusa aho tubasha kuneshya ibishuko bya Satani ku buzima bwacu, Imana ifite impamvu yo gutwarira imodoka muri uwo muhanda³⁴⁰ - rimwe na rimwe udaharuye neza ndetse rimwe na rimwe ukaba uri ahantu hatambika cyane. Ibyo ducamo byose ni ibigomba kudukomeza mu buryo bw'umwuka. Noneho dusobanukiwe neza ko Imana ikorera ibyiza abayikunda bose bahamagawe ku bw'umugambi wayo.³⁴¹

Kwemera umugambi munini w'Imana bisaba kwizera

Ibyo twaganiriyeho byose kugira ngo ubyumve bisaba ko wizera ko Imana ifite umugambi. Ese wizera ko Imana ifite umugambi, cyangwa wizera ko bi byose ari inkuru? Ese kwizera kwawe kuri he? Ese ujya wiringira Imana cyangwa ujya ushyira kwizera kwawe mu byo ubonesha amaso ndese n'ibyo wumviriza muri iyi Si? Cyangwa birashoboka ko ujya wiyiringira? Birashoboka - kwizera kwawe kuri mubyo ukeneye byose. Birashoboka ko ibintu byose kuri wowe bigenda neza bityo ukaba nta kindi ukeneye, nta muntu ukeneye, kubera yuko ufite buri kimwe cyose mu byo ukeneye, kandi uyoborwa nabyo.

Ushobora kwizera ko nta Mana iriho- ariko se kuki ukeneye ukwizera? Ibi bishatse kuvuga yuko ugomba gukomeza gukora neza n'aho wapfusha umuvandimwe wawe wabugufi, cyangwa se wagwa mu rwobo kavunikira ukageza aho uba ikimuga, cyangwa se wandura indwara ya Cancer ukaba usigaranye amezi make cyane yo kubaho, cyangwa se n'aho umuntu w'icyihebe yakwinjirana abanyeshuri akarasa abana babe. Iyo ibi byose byatubayeho twese twihutira guhamagara Imana.³⁴² Ni kamere yo kubaho kwacu. Kumeya ko hari Imana byitera mu maraso yacu.³⁴³

Aha hari ikindi kibazo cy'ingenzi kuri wowe: Ese aya makuru yose urumva uzayakoresheya iki? Ugiye kwibagirwa Imana, cyangwa guhakana kubaho kwayo? Cyangwa, uzafata umwanya wo gutekereza bityo urusheho kuyimenya? Ushobora kwibagirwa cyangwa guhakana Imana uko ubishaka - ariko yo ntizigera ikwibagirwa cyangwa se ngo ikwihakane. Imana izakomeza guhagarara imbere y'umuryango w'umutima wawe itegereze ko uyitumirira kwinjira mu mutima wawe.³⁴⁴

Niho ihagaze uyu mwanya. Ese ushobora kuyumva? Yagusangije byinshi, ariko ukwirirye kuyitumira kugira ngo yinjire. Izinjira gusa igihe uzaba wayibisabye. Gusa bisabe. Ushobora kuzajya mu muriro w'iteka niba ubwibone n'amasoni yawe bikomeje kuyiheza hanze y'umutima wawe. Iteka ni igihe kirekire.

Ibihangano bihebuje by'ijuru n'isi biragaragara kuri buri wese - nta rwitwazo na hato dufite mukumenya ko ari ukuri.³⁴⁵ Kuko ijuru ryatura icyubahiro cy'Imana.³⁴⁶

***Icyitonderwa:** Niba ukunda imibare, umwe mu bahanga cyangwa inzobere muri Fiziki yagaragaje ko amahirwe yo kuba isi iriho no gukomeza kubaho nkuko tuyizi - ni hafi 1/10³²². Hafi .000 Kubimenya neza wasoma imwe mu nkuru yashotse yitwa "Evidence for God from Probability" ku rubuga www.PleaseConvinceMe.com. Uyu ukaba ari umubare muto cyane.*

None ku mwana w'umuntu we bimeze bite? Iyo urebye uko buri wese yaremanywe ubuhanga washobora kuvuga ko amahirwe yo kubaho k'umwana w'umuntu hatariho umuremyi ari make cyane. Uramutse ugabanijemo iyo mibare yombi wabona amahirwe yo kubaho kw'iyi si ndetse n'abantu haramutse hatabayeho umuremyi.

Ibi bimeze neza no kubara amahirwe wabona uramutse urekuye isasu mu kirere ushaka kurasa mu mubumbe w'inyenyeri (isasu ryazagenda hafi imyaka 30,000) ukaba wifuza ko iryo sasurizahuranya imwe muri izo bizagufasha hafi imyaka 30,000. Nta nubwo twigeze tunganira ku mahirwe y'ikitagangurirwa - ikiremwa kibasha kubanza gufika kugira ngo kibashe kuvuka. Ni ayahe mahirwe icyo gitagangurirwa kizagira uherye mu mikurire yacyo kivuye mu rupfu (kubaho k'ubuzima -urupfu- ubuzima?) yo kubaho uko kimeze nonaha - hatabayeho Umuremyi? Oh, azaba nayo umubare muto cyane. Byongeye kandi hari amagana n'amagana y'udukoko twaremwe mu buryo butangaje, bimwe muritwo twose dukunye ubushobozi bw'umugiri 1 kugira ngo tubeho; ntituzigera dukenera kubaho kugirango tubashe gukura.

Uzabibona nuramuka ubyizeye

Kuko turi abantu, Twifuzaga gushyira kwizera kwacu mu bintu tubonesha amaso, atari mubyo tutabasha kureba. Biragoye cyane kwizera ibyo tutareba. Twese dushobora kuba twarigeze kuvuga, rimwe cyangwa se kenshi: “Nzabizera nimbibona.”

Nibyoye, birababaje, uku siko Imana ikora. Mu by'ukuri, hamwe n'Imana, birahabanye cyane. Ku Mana ni, "Uzabibona nubyizera."³⁴⁷

Ku Mana ni ukwizera no kwiringira. Iyo twegereye inshuti dusobanukiwe neza nta shiti nayo izagenda itwizera. Ibi biduha kwizera ko izakora ibyo yavuze kandi izabikora. Ku Mana ntakinyuranyo. Kugira ngo twizere Imana dukwiriye kuyimenya neza, kandi kuyimenya neza dukwiriye gusoma no gusobanukirwa inyigisho zayo, Bibiliya. Bibiliya ivuga ko Imana yita kubayizera bose.^{348 349 350}

Nibyo, uri umunyamahirwe! Imana irifuza kugirana ibihe byiza nawe. Imana iravuga muri Yeremiya 29, ¹³Muzanshaka mubone niba munshakana imitima yanyu yose. ¹⁴Nzabonywa nanyu.” Niko Imana ivuga.

Nta kwizera ntibishoboka

Iyo ushyize kwizera kwawe mu Mana imitwaro y'isi ikuva ku bitugu.³⁵¹ Kwiringira Imana bisaba kwizera, kandi kwizera Imana ni iby'ingenzi cyane kuko utizera ntabasha kunezeza Imana. Imana izahemba ba bandi bayishakana umwete.³⁵² Dukwiriye kwiga ijambo ryayo kugira ngo tugire kwizera muriyo ndetse no kuyumva igihe ivugana natwe. Iyo rero ufashe igihe usoma ijambo ryayo izagufasha gukomeza kwizera kwawe muriyo. Kandi n'igihe uyizeye nicyo gihe itangira gusubiza amasengesho yawe.³⁵³ Kuri urwo rwego izagufasha no kumenya gufata icyemezo gishingiye kubyo ikuyoboyemo gukora.

Iyo dutegereje kuri uru rwego rwo kwizera dutangira kwibwira ubwacu, “Sinashobora kubikora, birakomeye. Ni gute nabasha gushyira kwizera mu bintu ntabona?”

Ibi abantu benshi babyumva kimwe, kandi bikanaba inzitizi zo gusobanukirwa n'icyo Imana aricyo. Igihe wemereye Yesu kwinjira mu mutima wawe Umwuka w'Imana, Umwuka Wera, ufata ikibanza mu mutima wawe.³⁵⁴ Noneho kubera ko Umwuka Wera akuzi neza cyane kuruta uko wiyizi, azaguha nawe ibyo ukeneye, harimo gusobanukirwa, kwihangana ndetse no kugira neza.³⁵⁵ Umwuka Wera azagufasha kwizera Imana.³⁵⁶ Umwuka Wera azagufasha kwikomeza igihe wageragejwe.³⁵⁷ Nanone kandi Umwuka Wera azagufasha kunesha aho wari wananiriwe.³⁵⁸

Ushobora kuba wibwirira ubwawe, “Ibi bisaba kuba ufite kwizera kwinshi!” cyangwa, Ibi keretse hakoze igitangaza!” Inkuru nziza ni uko: igitangaza kiri imbere yawe. icyo ukeneye gusa ni ukwemerera Yesu agatura mu mutima wawe. Kingura imiryango y'umutima wawe nuko umwemerere yinjiremo. Ni cya gihe uzamwemera gutura mu mutima wawe aho nawe azakwihishyurira.

Ukwizera nyakuri

Bamwe muri twe bifuza gushyira ukwizera kwabo mu bintu bimwe na bimwe bitari Imana. Twizera abo twashakanye, inshuti, abayobozi bacu, abaganga, cyangwa se abo dufitanye isano. Ariko, Imana? Ntayo

dukeneye! Iyi nzira irimo akaga kenshi! Ni gute nashobora kwizera ikintu ntabasaha kureba?

Imigani 3 haravuga, "5 Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. 6 Uhore umwemerera mu migendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo."

Iyo twishingikirije ku buhanga bwacu twishyira ubwacu mu kaga.

Ese waba warigeze wumva ko waguye mu mutego mu bihe runaka by'ubuzima bwawe? Birashoboka ko waba ucyumva ukiri muri ibyo bihe biruhije, cyangwa se ibihe bibi, bigenda bigaruka ndetse cyane. Nibyo, birashoboka. Kandi Satani ajya akunda ko tugwa muri ubwo bwoko bw'umutego kuko bituma tutabasha kwegera Imana uko bikwiriye. Kwakira icyo Imana yifuza kuguha biterwa n'uburyo usabana nayo. Niba uyemera, ukayizera, igusezeranya kugorora inzira zawe.³⁵⁹ Inzira zayo zigorotse zizafasha kwikuraho ibyo bihe bibi bigenda bigaruka ku buzima bwawe.

Guhindura, nyamara, ntibyoroshye. Kugira kwizera nyakuri mu Mana bisaba kwikuramo ibintu byose twabonye, twumvise, ndetse n'ibyo twizeye kubijyanye no "gutekereza" ko ari ukuri, ndetse n'ibyo "utekereza" ko bizaguhesha umunezero. Ese witeguye guhinduka muri ubu buryo? Ibyinshi mubyo utunze byavuye mubinyoma. Ese Satani yakuyoboye mu nzira nziza? Oya. Nuko rero hindura! Bizatuma ubuzima bwawe buba bwiza.

Ibanga

Ibanga ni ukwizera Imana muri byose, hamwe n'icyemezo nyamukuru wafata,³⁶⁰ atari ukwizera ibyiyumviro byawe bwite,³⁶¹ ahubwo ugukomeza kumviririza ijwi ryayo.³⁶² ntutinye,³⁶³ ntugire ubugugu ³⁶⁴ ugaha abandi agaciro ³⁶⁵ kumvira amategeko yayo, ³⁶⁶ kuyikomezaho igihe uri mu makuba,³⁶⁷ kuyikunda n'umutima wawe wose, n'ubwenge, n'imbaraga, n'umwuka wose, ³⁶⁸ nuko rero Umwuka Wera abasha kukwigisha ibintu byose³⁶⁹ kandi agahaza ibyo umutima wawe wifuza.³⁷⁰

Nuramuka ukoze ibi byose, Imana izakuzuzamo umunezero n'amahoro nkuko uyizera nuko uzabasha kunesha ufite ibyiringiro kubw'imbaraga z'Umwuka Wera ³⁷¹ kandi azakwitura cyane muri byose.³⁷²

Ese witeguye guhinduka? Niba igisubizo cyawe ari Yego, hari impamvu...

This page left blank for proper printing



Umutwe wa 5

Naremewe - guhitamo

Mbere yo gupfa, dukwiriye guhitamo

Dukwiriye urupfu

Mu Isezerano rya Kera niho Imana yaduhereye amategako icumi. Mu Isezerano rya Kera niho nanone Imana itubwira ko yagombaga kubana natwe^{373 374} kubera ko ibyaha byacu byari bikeneye Umucunguzi.³⁷⁵ Umugambi wayo washushanyijwe mu Isezerano rya Kera- ryanditswe imyaka amagana mbere yuko Imana iza mu isi kubana natwe.

Birumvikana, Yesu ntiyagombaga kuza mu isi no kudupfira mu gihe cy'imyaka amagana. Imana yari izi ko dukeneye igihe - igihe gihagije- cyo kumenya ko dukeneye Umukiza. Ariko nyamara Umukiza yari yaramenyekanye.³⁷⁶

Nta yindi nzira cyangwa nta rindi zina dukwiriye gukirizwamo.^{377 378 379} Buri wese wizera Yesu ndetse agahamya uwo niwe uzabohoka ku cyaha.³⁸⁰ Ibi bikubiyemo ibyahise, ibya nonaha, ndetse n'ibicumuro byanyu by'ahazaza. Ni kubw'ubuntu bw'Imana gusa mwakijijwe.³⁸¹ Nta kintu na kimwe ubasha gukora cyaguhesha itike yo kwinjira mu bwami

bw'Imana.³⁸² Nta yindi nzira ihari yo kuyihabwa, cyangwa kuyigura. Ukwiriye gusa guhamya kwizera kwawe muri Yesu.³⁸³

Imana yashyize ahagaragara iyi mpano imbere ya buri wese, ariko kugira ngo ukizwe ugomba kwatuzwa umunwa wawe³⁸⁴ ko wemeye impano ye. Ugomba kwizera umugambi w'Imana, Umugambi yagiye aduhishurira mu Isezerano rya Kera, ndetse ugasohozwa mu Isezerano Rishya. Imana yaguhaye gukiranuka ndetse igutegurira ubugingo buhoraho mu ijuru hamwe nayo biciye mu kwizera Yesu.³⁸⁵ Niko biri. Muri Yesu ibisebe byawe bishobora gukira.³⁸⁶

Mu gihe mbere ho gato ubwo Yesu yari hafi gupfira ku musaraba, Imana Data yakuye amaso yayo kuri Yesu nuko ibyaha by'abari mu isi byirundira kuriwe.³⁸⁷ Muri uwo mwanya Imana yagombaga kuba ikuye ukwera kwayo ku mwana wayo, ibi byabaye ntibyaririgera bibaho. Ni ukubera ko Imana Data idashobora na rimwe kugirana ubumwe n'icyaha, n'icyaha icyo aricyo cyose. Mu gihe Yesu yababazwaga yateye ijwi hejuru ati, "Data, Data, kuki wanyibagiye?"³⁸⁸ Uku gutandukana kw'Imana Data, n'uguhamya kwa Yesu nkuko yababazwaga hafi gupfa, kwari ukugira ngo Yesu abashe kwikorera ibyaha by'abari mu isi.³⁸⁹

Umugambi wo kurokora abari mu isi warasohojwe

Abizera bose umugambi we wuzuye bazakizwa. Abatizera- neza, ahazaza habo ntihazashimisha. Urupfu rwa Yesu ku musaraba rwabaye gutsindwa kwa Satani n'ibyaha. Umugambi wo kurokora w'Imana nonaha warasohojwe.³⁹⁰ Uwo ariwe wese ushyira kwizera kwe muri Yesu nta narimwe azajya muri gihenemu hamwe na Satani.³⁹¹

Ku muni wa gatatu nyuma yaho Yesu abambiwe, yazutse mu bapfuye nuko yiyereka ubwe abigishwa be ndetse n'amagana y'abandi bantu.³⁹² Ibi kwari ukugira ngo abemeze uwo ariwe- Imana mu mubiri- ndetse atwibutse n'umugambi we.³⁹³ Hari impapuro z'amateka nyinshi zo muri icyo gihe zivugaga ko abantu babonye Yesu nyuma yo kubambwa ndetse no guhambwa. Yesu nanone yasuye abantu batandukanye mu gihe cy'iminsi mirongo ine³⁹⁴ mbere yuko azamurwa mu ijuru aho ari n'uyu muni- iburyo bw'Imana.³⁹⁵

Ntabwo bitinze

Mu gihe Yesu yamanikwaga ku musaraba, hari indi misaraba ibiri hirya y'uwe hamanyweho abagome kuri buri musaraba.³⁹⁶ Umwe muri abo bagome wari ubambwe hirya ye atuka Yesu, "Ntabwo uri Mesiya? Ngaho ikize natwe udukize" Ariko umugome wa kabiri aramucyaha, "Ntutinye n'Imana" aramubwira, "Mbese uri murubanza rumwe n'urwe? Twahanywe nibyo, kuko twari dukwiriye guhabwa ibihwanye n'imirimu twakoze. Ariko uyu muntu nta kibi yigeze akora." Nuko umugome wa

kabiri aravuga, “Yesu, uzanyibuke nuramuka ugeze muri Bwami bwawe.” Nuko Yesu aramusubiza, “Mu by’ukuri ndakubwira, uyu muni urubane nanjye muri paradizo.”³⁹⁷

Yesu, Umwungeri mwiza, yaje muri iyi si gukiza icyazimiye. Iminota mike mbere yo gufira ku musara yakijije undi mubazimiye- umugome wari ubambwe ku musaraba hakurya y’uwe. Uyu mugome roho ye yari yarazimiye. Roho ye niyo yumvise ndetse imenya ijwi ry’Umwungeri wayo.

Nuko arizera.

Ntacyo bitwaye ubuzima waba warabayemo bwose

Ibi bishatse kuvuga iki kuri wowe? Bishatse kuvuga ku kintu kidasanzwe. Bishatse kuvuga ko ntacyo bitwaye ubuzima waba warabayemo bwose, naho waba warakoze ibyaha bikomeye, uracyafite amahirwe yo guha ubuzima bwawe Yesu ndetse ugakizwa mbere yuko upfa. Ni impano y’Imana kuri wowe yo kugira kwizera muri we.³⁹⁸

Urupfu rwa Yesu ku musaraba rwatumye twitwaga abatsinze Satani. Satani yatekerezaga ko azasiribanga Imana ndetse n’ubwami bwayo. Yari intego ya Satani.³⁹⁹ Noneho ubu ni Satani uzacibwaho iteka.⁴⁰⁰

Waba wifuza kwakira impano ya Yesu nonaha? Ugomba gusubira muri iri sengesho n’ijwi riranga⁴⁰¹ kandi ugomba kurisubiramo mu gihe ukiri muzima. Witinda, Ibuka, Satani arifuza ko utinda kuri iki cyifuzo. Bikore nonaha kandi icyemezo cyawe kizagira ishingiro.

Biroroshye, subira mu isengesho rikurikira n’ijwi riranga kandi wizere ko Yesu yaje mu isi gufira ibyaha byacu.

Nyakubahwa Uwiteka Mana,

Simbasha gusobanukirwa byose- Ariko nzi neza ko ndi umunyabyaha,

Kubera ko ndi umunyabyaha nkwiye urupfu ndetse no gutandukanywa nawe . Urakoze kuba warohereje Yesu gufira mu cyimbo cyanyije.

Nizeye Yesu wenyine kugira ngo ambabarire ibyaha byanyije kandi nemeye impano ye y’ubugingo buhoraho. Ndasaba ko Yesu yambere Umukiza n’Umwami w’ubugingo bwanjye.

Amina.

Niba wasubiye neza muri iri sengesho kandi ukaba wizeye Yesu, warangije gukizwa. Wakijijwe kugira ngo uzabeho iteka ryose mu ijuru hamwe n'Imana. Mu myaka usigaranye hano mu isi nta bindi ukwiriye gukora- ahubwo birashoboka ko haba hari ibintu byinshi uzifuza gukora. Uhawe noneho umugisha kandi Umwuka Wera w'Imana winjiye mu mutima wawe. Turizera ko uzasangiza uyu mugisha abandi. Ubabwire ibyerekeranye n'iki gitabo kugira ngo amaso yabo abashe gufunguka.

Noneho ufite umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Izere niba warasomye umutwe wa 6 kugira ngo twige ibyo aribyo. Ntacyo bitwaye. Ntabwo ari umurimo ukomeye, Ni ikintu uzifuza gukora. Mu by'ukuri, ni ikintu wowe uzakunda gukora.

Niba wemeye Yesu nk'Umukiza wawe warangije kubona amahirwe yo gutuma itabaza rirabagirana imbere y'abantu kugira ngo nibamara kubona imirimo yawe myiza bahimbaze So wo mu ijuru.⁴⁰²

Kudafata icyemezo - nabwo ni icyemezo

Ntiwibagirwe-kudafata icyemezo nabwo ni icyemezo. Tekereza kuri ibyo byibuze akanya gato. Bishobora kudakorwa niba ukomeje gutinda gufata icyemezo. Ibi nibyo Satani yifuza ko ukora. Satani yizeye ko utazemera impano y'ubuntu ya Yesu- bishatse kuvuga ko Satani agifite amahirwe. Satani azi neza yuko niba wakiye Yesu nk'Umukiza wawe amahirwe ye yo kukujyana muri Gihenomu aba agenda arangira. Satani yarangije gucirwaho iteka, ariko igihe wakiriye impano y'ubuntu ya Yesu nawe ntabwo uzigera ucirwaho iteka. Uzakizwa. Uzaba ukinguye imiryango y'umutima wawe kandi Yesu azaza yinjiremo. Noneho arifuza gusangira nawe umugambi w'ibyiza.

Mu Ibyakozwe n'Intumwa 22:16 haravugaga: None ikigutinzira ni iki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe, wambaje izina rye.'

Ni gute nzabaho nyuma yo kwiringira Imana?

Uzakenera kuyubaha

Niba wemereye Yesu kuba mu mutima wawe ubuzima bwawe buzagendera mu binezeza Imana. Ibi ntabwo ari itegeko, ahubwo ni uko wifuza kubikora.

Imana yari ikuzi mbere yuko uvuka⁴⁰³ ndetse iza kubona ko ukwiriye kurimbuka kubera icyaha cy'Adamu. Niyo mpamvu yaje muri iyi si, ibaho itanduzwa n'icyaha ndetse iragupfira. Yaragupfiriye kugira ngo ubuzima bwawe butazajya muri gihenomu aho twese twari dukwiriye kujya kubera kwica rimwe mu mategeko y'Imana. Imana ntibyari ngombwa ko ikora ibyo yakozwe; ariko yarabishatse. Igukunda bingana bityo. Niyo wagombaga kuba uri umwe utuye muri iyi si yagombaga

kuza kubwawe hanyuma ikagupfira kugira ngo igukize kurimbuka. Nk'uko bikwiriye umushumba mwiza.

Kubera ibyo Yesu yagukoreye, bizagutera kuyihesha icyubahiro ndetse n'amahitamo yawe ayinezeze. Yaguhesheje icyubahiro igihe yagupfiraga. Bityo rero, akantu gato wakora kugira ngo umushimishe ni uko uhitamo neza. Biroroshye cyane ugereranije n'ibyo yagukoreye, ese urabyumva?

Bibiliya iduha amabwiriza y'uburyo ki dukwiriye kuba umunyu n'urumuli rw'iyi si⁴⁰⁴ duha Imana icyubahiro mu byo dukora byose. Ibyanditswe bituyobora mu mahitamo dukora- kubaho nk'abahungu n'abakobwa b'Imana.⁴⁰⁵ Ubuyobozi bwayo bukubiyemo amategeko yayo ndetse no kubaho bijyanye n'itegeko ryayo rikuru, ariyo, ³⁷Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose.³⁸Iryo niryoye tegeko rikomeye cyane ry'imbere. ³⁹N'irya kabiri rihwanye na ryo n'iri: Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda."⁴⁰⁶

Ibi bikurikira ni amahitamo yawe cyangwa ibyemezo wafata kubirebana no kugendera mu bushake bw'Imana:

1. Ibyo ushyira imbere.
2. Kwiga Bibiliya
3. Komeza usabe Imana
4. Tuza wumve ijwi ry'Imana
5. Shaka inama zo mu ijuru
6. Toranya mu gihe cyo gukora
7. Imirimo yo kwizera
8. Igira ku makosa yawe

Reka turebe kimwe ku kindi:

Ibyo ushyira imbere

Niba wizera Yesu- Ni ibihe bintu ushyira imbere nk'umwizera? Dukurikije Yesu, itegeko rikuru ni ugukunda Imana ndetse no gukunda abandi.⁴⁰⁷ Gukurikiza iri tegeko bizaba itangiriro ryiza nk'uko wiyemeje gukora. Uzakenera gukora amahitamo ahesha Imana icyubahiro, uzakenera gukora amahitamo ahesha ishema umuryango wawe, abaturanyi ndetse nawe ubwawe. Ni ukuri. Imana itegeka buri umwe wese muri twe gukunda mugenzi we nk'uko wikunda.

Imana iragukunda. Ibi bishatse kuvuga yuko izagufasha muri buri kimwe cyose uzakora.⁴⁰⁸ Izaguhaha amahitamo ndetse inaguhembere amahitamo meza wakoze.⁴⁰⁹ Mu bihe byinshi, nta mahitamo meza cyangwa mabi abaho, ahubwo biterwa n'uko buri wese abibona. Kimwe muri ibi kiri mu mugambi wuzuye w'Imana ndetse no ku bushake bwayo

ku buzima bwawe,⁴¹⁰ kandi byombi bizakugeza ku mwuzuro w'umugambi w'Imana ⁴¹¹ niwiyemeza kumukurikira.

Kwiga Bibiliya

*Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye.*⁴¹²

Igihe ugiye gufata icyemezo runaka -hari ikibazo cy'ingenzi ukwiriye kwibaza, "Ni iki Imana ivuga kuri ibi bintu?"

Igihe urwana n'amahitamo ukwiriye gushakashaka muri Bibiliya icyo Imana ibivugaho. Bizagufasha nanone niwegera abandi bakagufasha gusobanukirwa n' icyo Bibiliya ivuga kuri byo. Ukwiriye gushakashaka muri Bibiliya kuko niho ubuyobozi bw'Imana buri. Ibyanditswe byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kutwigisha, kudukana, kudukosora, no kuduhanira gukiranuka.⁴¹³ Rero tureke ijambo ry'Imana riyobore intambwe z'ibirenge byacu.⁴¹⁴

Komeza usabe Imana

Niba ushaka kumenya icyo Imana yifuza - yisabe! ⁴¹⁵ Iri kumwe nawe nonaha. Mu yandi magambo, senga. Noneho utegereze icyo iribuze kugusubiza. Ariko witegereza igisubizo cyayo nonaha. Rimwe na rimwe gishobora kunyuzwa ku muntu runaka, cyangwa kiri mu bihe udateganiye, aho izagusubiriza. Ishobora kugusubiza binyuze mu nshuti zawe, cyangwa binyuze mu muntu runaka utigeze kumenya; Imana yacu ihora ari nziza muri byose. Imana nayo igira uburyo bwayo, bitoye ubasha kubona igisubizo cyawe binyuze mu bihe bitunguranye. Ushobora kuba uri ahantu utigeze ugera (ngo kuri station ya Essence), ukaba utarigeze uhashyira muri gahunda zawe (uhageze watobokesheje ipine), noneho ukibona ukikijwe n'abantu utazi (urubiruko rwaje kugura za bombons) - abandi itabi, igisubizo cyawe kigasohorera aho. Igihe rero ubonye igisubizo cy'Imana ugomba kwitwira hejuru ugashimira Imana ku bw'igisubizo cyayo n'urukundo rwayo. Noneho ugaseka cyane ukishimira uburyo yumvishije isengesho ryawe. Imana ikunda bene abo bantu bayikunda batyo.

Nanone saba Imana ubwenge.⁴¹⁶ Kuko ubwenge buzinjira mu mutima wawe ndetse n'ubumenyi buzanezeza ubugingo bwawe.⁴¹⁷ Ubwenge bwose butangirira mu gutinya Imana, no gutinya Imana bikaba itangiriro ry'ubwenge. Ntubwira umupfapfa. Ubupfapfa bwirukana ubwenge n'amabwiriza ava ku Mwami.⁴¹⁸

Imana irifuza kukuyobora no kugufasha gukora amahitamo meza ku buzima bwawe, kandi yagusezeraniye kukwigisha no kuguha amabwiriza biciye mu ijambo ryayo. ⁴¹⁹ Kuko Imana izi ibyo igambiriyeye kukugirira, ni ibyiza si ibibi, kuguha ibyiringiro ndetse n'ibyo uzabona ejo hazaza. ⁴²⁰ Rero reka tuyireke ituyobore - binyuze mu ijambo ryayo.

Tuza -wumve ijwi ry'Imana

Abenshi muri twe turasenga, ariko ntitwumvirize ijwi. Dukoresha isengesho umujyho umwe w'ubusabane. Ariko Imana ntibasha kutuganiriza niba tugikomeje kuvuga, bityo rero dukeneye guhagarika ndetse dukeneye no kumva. Kumva ni ikindi gice cy'ingenzi mu busabane. Kwiga kumenya no kumva ijwi ry'Imana ni igice cy'ingenzi kigize ubuzima bw'abizera.

Tuzakomeza kujya turwana n'amahitamo yacu niba tudashaka kumenya ijwi ry'Imana. Ese wibuka ko intama zimenya ijwi ry'umwungeri wazo noneho zigakurikira gusa iryo jwi? Intama zitabashije kumenya neza ijwi ry'umwungeri wazo- nibyo, ntizibasha gukurikira iryo jwi ritazwi. Dukeneye kumenya ijwi ry'Umwungeri wacu bityo ntityoborwe n'amahitamo mabi. Kuko Imana izi neza yuko abayizi bazamenya n'ijwi ryayo.⁴²¹

Shaka inama zo mu ijuru

Aho inama itari imigambi ipfa ubusa, ariko aho abajyanama benshi bari irakomezwaga.⁴²²

Kugira ngo ugire amahitamo y'ingenzi ku buzima bwawe ni uko ugomba gusaba inama ku bakuru bayobowe n'Imana. Umubyeyi, Umushumba, cyangwa se inshuti ifite ubumenyi buhagije ku byanditswe byera abasha kugufasha. Bashobora kugufasha kwikuramo gushidakanya kose waba ufite. Ibyo wakoraga kera kwari ukwigunga ukumva ko udakeneye inama z'abandi.⁴²³ Nibyo ubujyanama bw'ingenzi ubasha kwakira buzaturuka kuri Yesu.⁴²⁴ Bityo rero ntugire ubwoba bwo kugira icyo umusaba.

Komeza ugendane n'abandtu bafite byinshi mukwizera kwabo. Igire ku bumenyi bwabo n'ubwenge bwabo, cyane cyane igihe wowe urimo gukora amakosa - cyangwa se amakosa uzakora. Ungukira ku nama z'inshuti zawe kandi wigire no ku makosa yabo nawe ubumuntu bwawe buzakomera. Ushobora gukomezwa numara kumenya ko amakosa yawe afasha abandi mu gihe kizaza. Igihe abandi babuze amahoro - uzabasha kubaha inama zibakomeza Imana ubwayo yakwihereye.⁴²⁵

Toranya mu gihe cyo gukora

Ni ayahe mahitamo y'ubwenge - iki ni ikibazo. Ifashishe umwuka ukurimo utekereze ku bibazo nyuma uhitemo. Kubera ko Umwuka Wera nonaha atuye muri wowe (Niba warawemereye kwinjira mu mutima wawe), noneho ufite ubwenge bwuzuye umutima wawe buzakurinda ndetse bukanakuyobora. Noneho saba bukuyobore.

Ni gute twamenya ko dushyira ibintu mu mwanya wabyo, mu gihe cy'Imana? Imana izi niba igihe gikwiye. ⁴²⁶ Tugomba gusenga, nyuma tukumva. Tugomba kugira imyakura idufasha kumenya uburyo Imana ituyobora. Gukora ibintu mu nzira Imana ishaka bizatuma tudatakaza igihe, imbaraga, ndetse n'amafaranga, ndetse binaturinde n'ibibazo byinshi.

Imirimo yo kwizera

Dukwiriye kwibuka yuko gufata icyemezo ari igikorwa gifata igihe. Ukeneye guca bugufi Imana ikayobora amahitamo yawe, kandi ukizera ko izakwihishurira. Imirimo yawe yose uyiharire Uwiteka, niho imigambi yawe izakomezwa. ⁴²⁷

Hari igihe Imana itaguhishurira imigambi yayo igihe izi neza ko utayubaha. Bizakorwa gusa igihe ubushake bwawe bwaciye bugufi imbere y'ubushake bwayo. Igihe rero uri kugendera mu bushake bwayo ugomba kugira ibyiringiro ko izamurikira intambwe zawe. ⁴²⁸

Ntuzigere wibagirwa, Nta kwizera ntibyoroshye kunezeza Imana. ⁴²⁹ Mu byo idusaba byose ni uko tugira kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, noneho nutagira icyo ukora, byose ntibizagushobokera. ⁴³⁰

Igira ku makosa yawe

Uzakora amakosa iteka - ndetse menshi cyane. Ariko kuba umwigishwa wa Yesu ntibikuraho ingaruka zijyana n'inshingano zawe mu gufata ibyemezo byubakiye ku makosa warangije gukora. Kuba umuntu ufata ibyemezo bizima si ikintu ukenera iteka gukora. Rimwe na rimwe ukeneye gutuza bityo Imana ikakwihera ubwenge. ⁴³¹

Igihe wakoze icyaha, emera wihane usabe Imana ikubabarire. Ntiwemerere umwanzi ngo agucireho iteka. ^{432 433} Emera usabe Imana ubwenge. Imana irifuzza kugusukaho ubwenge bwayo-ariko ukwiriye kubuyisaba. ⁴³⁴ Igihe wafashe umwanzuro, n'igihe wahiriye ku bw'ibyo wakoze, umenye yuko Imana uyifitiye umwenda w'amashimwe. ⁴³⁵ Nanone wizere yuko abandi, umunsi umwe, bazareba ubuzima bwawe kandi bakwigireho uburyo wafashe umwanzuro w'ubwenge ubasha guhimbaza Imana. Buhoro buhoro uzunguka ubwenge buvuye mu ijamba rylmana nukomeza kuyizera. ⁴³⁶ Uzatangira kubona umusaruro mwiza ukomoka ku myanzuro yawe.

Niba ukunda Imana, uzahabwa umugisha. ⁴³⁷ Abahabwa umugisha ni abatinye Imana. ⁴³⁸

Ese wizera ko izandinda? Kandi ko izankomeza?

Ese Imana ibasha kukurinda? Niko bimeze. Ariko se izakurinda? Nibyo, ibyo biterwa n'ubushake bwayo- kandi wowe ubasha kutamenya igikwiriye kuri wowe.

Imana ntiyigeze idusezeranya ko izaturinda ibintu bibi byose byaduka muri iyi si. icyo yadusezeranije ni ukugendana natwe mu bibazo bikomeye. Itwizeza neza ko itazadusiga cyangwa ngo iduhane,⁴³⁹ kandi izaduha imbaraga ndetse n'amahoro y'imbere mu mitima yacu igihe duhanganye n'ibihe biruhije.

Ibi bivuze ko nubwo Imana ifite ubushobozi bwo kuturinda ibitubabaza, kandi ikaba yanadutabara mu bibazo, bishobora kutaba ubushake bwayo bwo kubikora. Rimwe na rimwe ikoresha ibigeragezo n'ibihe biruhije kutweza. Imana rimwe na rimwe igerageza kwizera kwacu kugira ngo ibone uko izamura kwizera kwacu ikatwemerera gukurira mu bitugerageza kugira ngo tubashe kwihangana no gukomera.⁴⁴⁰ Niba ibyo ariko biri, kuturinda mu bigeragezo byabasha kutatugirira umumaro. Igihe Imana yemereye umubabaro kwinjira mu buzima bwacu, iteka izatwemerera amahirwe yo gukomeza kwizera kwacu muri yo.⁴⁴¹

Biradutunganya

Uburinzi bwayo bufite umumaro mwinshi uduhesha byibuze kugira ukwizera muri yo. Irifuza ko uyimenya. Irifuza ko uhinduka kugira ngo ubashe kumenya ubushake bwayo. Ni ukuri- Imana irifuza ko umenya ubushake bwayo.⁴⁴² Ushobora gusa kumenya ubushake bwayo niba warahindutse, kandi guhinduka bisaba kwikomeza no kwihanganira ibigeragezo.

Rimwe na rimwe uburibwe n'umubabaro bishobora gukoreshwa mu kubabaza umuntu mu mibereho yari asanganywe, kandi imibereho ubayemo ikaguhatira guhura n'Imana mu buryo bw'umubiri ndetse ikarema inzira nshya- byashoka igasenywa imyifatire mibi. Ibi bishobora kuba byarakubayeho. Dukeneye gukoresha imibabaro n'imihangayiko yacu kugira ngo dusuzume kwizera kwacu. Dufate ibigeragezo nk'ibitariho, ahubwo bibe umwitozo wo mu mwuka. Igihe usuzuma kwizera kwawe, uzatangira kubaka imitsi yo mu mwuka, mu gihe imitsi yo mu mwuka izaba imaze gukomera uzatangira kwishimira ibyo Imana ikora mu buzima bwawe. Nukora ibyo, Imana izaguhaha amahoro arenze byose.⁴⁴³ Amahoro iguha ni ay'ubuntu, nta kiguzi. Ni amahirwe kuri wowe kuko ayo mahoro uzabasha kuyakoresha mu bihe byinshi bitandukanye.

Ntuzagire ubwoba na rimwe

Dukwiriye kwibuka ko Imana ikora byinshi mu buzima bwacu biruta ibyo twaba twarabonye. Uburinzi bwayo burenze cyane imyumvire yacu mike. Imana ntiyigeze idusezeranya kuzaduha agace ka paradizo hano mu isi. icyo Imana yadusezeranije ni ubugingo buhoraho kubizera Yesu Kristo bose.⁴⁴⁴

Yesu yarabisobanuye neza ko tugomba gukomeza gusaba Imana ibyo dukeneye byose, ariko bidashatse kuvuga ko azabiduha iteka- kuko ibyo dusaba ntabwo iteka biba ari byiza kuri twe. Imana izakugotesha igikundiho cyayo nk'ingabo.⁴⁴⁵ Nuyihamagara kandi ukamenya izina ryayo, Imana izasubiza.⁴⁴⁶

Ubushake bw'Imana buhesha umugisha abubaha ijambo ryayo

Kuki Imana iha umugisha abantu bayo?

Hari impamvu imwe nyamukuru ituma Imana iha umugisha ubwoko bwayo. Ni iyo guha icyubahiro izina ryayo.⁴⁴⁷ Nanone iha umugisha kandi igatanga impano ku bantu bamwe na bamwe kugira ngo nabo bazaheshe abandi umugisha. Ariko kugira ngo Imana iduhe umugisha dukwiriye kuba abana bumvira ijambo ryayo.

Inshuro nyinshi Imana yagiye idusezeranya ko izaduha imigisha myinshi⁴⁴⁸ bityo tukazaherwa imigisha mu mirimo myiza yose tuzakora. Kuriyo kugira ngo isohoze isezerano nuko tugomba kwizera ko ibishoboye. Birashoboka ko amasezerano y'Imana asa n'aho adashoboka, ariko ku Mana yo yaremye ijuru, isi n'ibiyuzuye ndetse n'ibindi biremwa byose - ntakidashoboka ku Mana.⁴⁴⁹ Imana yagusezeranije guhaza umutima wawe ibyo wifuza⁴⁵⁰ ariko ukwiriye kubiyisaba. Ntimuhabwa kuko mudasaba.⁴⁵¹

Kubw'amahirwe make ku bantu benshi, igihe kimwe gusa Imana yumva gusaba kwacu ni igihe tuba twashiriwe dufite ibyo dukenye cyangwa twifuza. Dushobora kumara ibyumweru, rimwe na rimwe amezi, ndetse n'umwaka tutayihamagara mu izina ryayo. Nuko nyuma ibibazo iyo bivutse - ni nde uhamagara? Yego, duhamagara Imana. Ibi bimeze ngo kugira inshuti nshya utigeze kugira mu myaka n'imyaka ikaba gusa iguhamagara igusaba amafaranga. Uzamusubiza iki? Niba wihesha agaciro ushobora kumubwira uti: "Ntabwo nkuzi". Ariko nyuma y'aho uzatangira wibaze, Wow! Afite umuhati wo gusaba amafaranga mu gihe bitanshobokera kumumenya."

Kuki ibi bitandukanye n'Imana? Ese uya utekereza ko ushobora guhamagara Imana mu gihe cy'amezi, cyangwa imyaka, ndetse n'igihe

gusa uhuye n'ibintu bibi mu buzima bwawe ukayisaba kugira ngo igukure muri ibyo bibazo? Ibi bigasa n'aho itabyitayeho, sibyo? Ariko ibi nibyo dukora. Noneho igihe Imana idasubije isengesho ryacu muri ako kanya biduhindura nk'abasazi, dutangira kuvuga ko Imana itadufasha mu gihe haricyo tuyikeneyeho. Tekereza kuri ibi, ibi bisa neza rwose n'ibyo dukora. Ariko yo kugira ngo iguhe umugisha, ikeneye kukumenya, ndetse ikeneye no kukwizera. Ikeneye kumenya niba uzakora ibyo izagusaba gukora.

Ukutumvira Imana no gusuzugura ijamba ryayo bizatubera iteka inzitizi yo kwakira imigisha yayo. Dukwiriye gukora icyo iryo jamba ryayo rivuga. Abirebera bose muri iryo jamba nyuma bakibagirwa icyo rivuga, barishuka bo ubwabo.⁴⁵² Ariko abirebera muri iryo jamba bagakora icyo rivuga, niba bazahabwa umugisha mubyo bakora byose.⁴⁵³

Ese Imana yaba isubiza amasengesho yose?

Sibyo gushidikanya Imana yumva amasengesho yose, yaba ay'abantu bizera Yesu cyangwa se batamwizera. Imana iba hose, bishatse kuvuga ko yumva kandi ikitegereza buri kintu kibera muri iyi Si.⁴⁵⁴ Ese haba hari agace muri iyi Si wabasha guhisha Imana kugira ngo itumva ibyo musaba? Oya, ntako.⁴⁵⁵ Buri kintu cyose ukora ndetse unatekereza kigaragara mu maso y'Imana bityo ukazabiryoza umunsi umwe.⁴⁵⁶ Bityo rero ntawukwiriye gushidikanya ko Imana itumva amasengesho yose.

Ariko se, Imana yaba isubiza amasengesho yose? Ese Imana yaba isubiza amasengesho y'abayizera, ndetse n'abatayizera?

Yesu ntiyumva gusa amasengesho ya ba bandi bamwizera, aranabasubiza - ariko bitari mu nzira dushaka cyangwa munzira twabisabyemo. Asaba abizera kwegera itebe yayo kugira ngo azadufashe mu gihe cyacu cy'ubukene.⁴⁵⁷

Mu gitabo cya Luka 11 turabwirwa, ⁹“Nanije ndababwira nti ‘Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa, 10 kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa.” Yesu asaba umwizewe wese ati: “Mwegurire umutima wawe”, kuko niwe buhungiro bwacu.⁴⁵⁸

Amasengesho yacu ashobora kugawa

Ariko ibi ntibishatse kuvuga ko igisubizo cy'isengesho ryawe kizaza buri gihe ari Yego. Rimwe na rimwe kizaza ari Oya. Noneho mukindi gihe - nibyo, igisubizo gishobora kuza gitandukanye n'ibyo twari twiteguye kwakira. Ibi kubera ko Yesu azi ibyo ukeneye cyane kuruta ibyo ukora. Ikinejeje cyane kubijyanye n'amasengesho yacu ni uko Yesu azi imigambi yacu; ntidukwiriye rero gukoresha amagambo adasanzwe mu

isengesho. Niba imigambi yacu idatunganye, azabibona neza. Azi niba gusubiza isengesho bizaba byiza kuri buri wese cyangwa bizaba bibi. Azi neza niba gusubiza isengesho ryacu bizatuma dukorera ndetse tugahesha umugisha abandi, cyangwa ko tutazabikora. Ibi bishatse kuvuga ko atari amasengesho yacu yose azahuza n'ubushake bw'Imana- bityo rero amwe ashobora kudasubizwa.

Twatoranijwe mbere y'iremwa ry'isi

Yesu yapfiriye ku musaraba kugira ngo yishyura igihano cy'ibyaha byacu. Bishatse kuvuga ko ibyaha byacu byarishyuye biciye mu rupfu rwa Yesu, nuko rero niba tumwizeye igihano cy'ibyaha byacu kizakurwaho. Mu by'ukuri, mu maso ya Yesu, ibyaha byacu ntibigaragara iteka: "Naho ibyaha byanyu byatukura tukutuku, bizahinduka bise n'urubura."⁴⁵⁹

Imana rero ntabwo yanga abantu bayo igihe bacumuye - babandi bizera Kristo - kuko abana bayo bari mu mwana we, Yesu. Kuko Imana yatoranije abizera muri Kristo mbere y'iremwa ry'isi kugira ngo babe abera kandi batagira umugayo imbere y'amaso yayo.⁴⁶⁰

Nta cyo bitwaye kuba Imana yumva amasengesho y'abayizera^{461 462} kuko amasengesho y'abana bayo afite imbaraga kandi arakora.⁴⁶³

S'abo utekereza

Muri Matayo 5 haravuga,

1 Abonye abantu benshi azamuka umusozi, amaze kwicara abigishwa be baramwegera.

2 Aterura amagambo ati

3 "Hahirwa abakene mu mitima yabo, Kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.

4 Hahirwa abashavura, Kuko ari bo bazahozwa.

5 Hahirwa abagwa neza, Kuko ari bo bazahabwa isi.

6 Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, Kuko ari bo bazahazwa.

7 Hahirwa abanyambabazi, Kuko ari bo bazazigirirwa.

8 Hahirwa ab'imitima iboneye, Kuko ari bo bazabona Imana.

9 Hahirwa abakiranura, Kuko ari bo bazitwa abana b'Imana.

10 Hahirwa abarenganyirijwe gukiranuka, Kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.

11 "Namwe muzahirwa ubwo bazabatuka bakabarenganya, bakababeshyera ibibi byinshi babampora.

Nubwo abenshi muri twe bifuzaga kugera ku ntego biyemeje, gukundwa n'abantu benshi, ubutunzi, amazu manini, imodoka zihenze, n'ibintu byinshi by'agaciro - Uru sirwo rugero rw'imigisha Imana yifuza kuduha. Imana yifuza ko tuyingira - yo ubwayo. Irifuza ko dutunga urukundo rwayo, imbabazi zayo, kugira neza kwayo, imirimo yayo dukorera abandi, n'ibindi byinshi, kuko ibi ni iby'ingenzi mu bwami bwayo.

Igihe twitegereje abantu abo twita ko banezerewe kubera iby'agaciro batunze - ntibishatse kuvuga ko banezerewe kandi ko bazanasarura ibihembo by'iteka ryose. Twitegereje inyuma twabona ko banezerewe, ariko ishusho y'inyuma irabeshya.

Niba wibera mu bwiza bwayo uzahererwa umugisha mu gace yateguriye abana bayo. Uzagira umunezero nyakuri n'amahoro mu buzima bwawe. Nta kindi ukeneye kindi uretse yo gusa kugira ngo ikuremere umunezero. Kurikira Yesu uzabona uburuhukiro bw'umutima wawe.⁴⁶⁴

Ushobora gutandukanwa n'Imana

Ariko ibi ni iby'ingenzi: Ntushobora kubohorwa ku byaha mbere yuko Yesu akubohora.⁴⁶⁵ Mbere yuko wakira Impano ya Yesu wibuke ko ibyaha byawe byagutandukanije n'Imana⁴⁶⁶ Uwariwe wese uhisemo kwibera inshuti y'ibyisi ahinduka umwanzi w'Imana.⁴⁶⁷ Abwira ba bandi batarakizwa ko bazabona Imana igihe bazayishakana imitima yabo yose.⁴⁶⁸ Imana ntiyishimira ko abantu bapfa badakijijwe.⁴⁶⁹

None bimeze bite ku bizeye Yesu bakigendera mu byaha?

Ese bizamera bite kuri ba bandi bubaha amategeko y'Imana umwanya muto, nyuma bakagwa bakava mu buntu bw'Imana⁴⁷⁰ none kandi bakaba bakibohewe mu cyaha?⁴⁷¹ Ese Imana iracyabakunda? Igisubizo ni Yego. Imana iracyabakunda, mu by'ukuri haracyari urukundo ku bacunguwe, n'igihe baba bacumura kuko Umwuka Wera w'Imana abana nabo kugira ngo abanihire.^{472 473}

Ariko hari itandukaniro rikomeye hagati y'umuntu waguye akava mu buntu bw'Imana nyuma agaharanira kugaruka kuba umugaragu w'Imana, n'umuntu waguye akava mu buntu bw'Imana ntagire icyo akora ngo agarukire Imana. Mu by'ukuri, uyu ni wa muntu warangije guhitamo kwibera mu byaha. Ku bizera banga kumvira ijamba ry'Imana, Imana izumva amasengesho yabo ariko ntizabasubiza.⁴⁷⁴

Kuri ba bandi baguye bakava mu buntu bw'Imana ariko bakagerageza kuyigarukira - Isengesho basenganye kwizera rizatuma babaho neza, Umwami abahagurutse ndetse bababariwe n'ibyaha byabo.⁴⁷⁵ Amasengesho yabo azumvikana kandi asubizwe.

Gusuzugura Imana bisa naho bishimishije muri iki gihe, ariko ntibizigera na rimwe bihesha umugisha. Imana izahana abizera igihe bakoze icyaha,⁴⁷⁶ kuko Imana ihana abo ikunda.⁴⁷⁷ Abagikora icyaha baba berekana ko badakurikiza amategeko yayo bigatuma Imana itumva amasengesho yabo.⁴⁷⁸ Ariko uburakari bwayo ntibuhutiraho. Ibyo byose bakora bigenda byandikwa noneho igihe kizagera babiryoze kandi buri munyabyaha azaryozwa ibyo yakozwe ku muni w'urubanza.⁴⁷⁹ Ibi bizatera umubabaro mwinshi kuri ba bandi bizeye Yesu ariko bagakomeza gukora icyaha - bakabikora ku bushake babizi. Imana ntizigera, yumva amasengesho y'abizera bakora ibyaha nkana.⁴⁸⁰

Ni gute Imana iha umugisha abayikurikira bose?

Hari umunezero mwinshi igihe dukurikiye ijamba ry'Imana. Igihe dukurikiye ijamba ry'Imana kandi tukizera Yesu, bidutera umunezero muri buri kintu cyose dukora, bikaduhesha guhimbaza Imana. Kandi igihe duhimbaza Imana, nibyo Imana yifuza, bidusesekazaho imigisha yayo. Noneho igihe twakiriye imigisha yayo nabyo bikadutera umunezero. Nuko rero uko umunezero uzagenda ugwira, nibyo, tuzifuza guhimbaza Imana. Nibyo, ushobora kuba warangije kubona ibibera hano.

Abadahimbaza Imana - bazakomeza kugendera mu mwijima ndetse bazabaho ariko nta munezero nyakuri mu buzima bwabo bafite.

Kuko Zaburi 128 iravuga, ¹Hahirwa uwubaha Uwitwaga wese, Akagenda mu nzira ze. ²Kuko uzatungwa n'imirimu y'amaboko yawe, Uzajya wishima, uzahirwa. ³Umugore wawe azaba nk'umuzabibu wera cyane mu kirambi cy'inzu yawe, Abana bawe bazaba nk'uduti twa elayo, bagose ameza yawe.⁴ Uko ni ko umuntu wubaha Uwitwaga azahirwa.

Guhabwa umugisha no kubaho uko Umwami ashaka nibwo buzima bufite intego. Ni ubuzima bwuzuye umunezero. N'igihe ibibazo byitambitse mu nzira zawe, ni ubuzima buhora bushima kandi bukabona intsinzi muri buri ngorane zose uhura nazo - ibibazo bibi uhuye nabyo. Ni ubuzima butegereza bwihanganye ibidutegereje aho kurebera mu kirahuri tukababazwa n'ibyangombaga kubaho. Kubaha Umwami, no kwakira Yesu mu mitima yacu, nirwo rufunguzo rudukingurira imiryango y'ubutunzi bw'ubuzima dushobora kugira.⁴⁸¹

*Yohana 15 iravuga, 16 Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni
jye wabatoranyije kandi mbashyirira kugira ngo mugende
mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho kugira ngo icyo
muzasaba Data cyose mu izina ryanjye akibahe.*

Mbega isezerano rihebuje.

Kuki wumva utarakira imwe muri icyo migisha?

Ukwiriye kuba umwizerwa w'jambo ry'Imana kugira ngo uhabwe imigisha yayo.⁴⁸² Kutaba umwizerwa, cyangwa kwibera mu cyaha, bizaba iteka inzitizi yo kwakira imigisha y'Imana.^{483 484} Imana yanga icyaha kandi igirira umujinya abanyabyaha.⁴⁸⁵ Ariko nanone Imana ikunda buri wese kandi yifuza ko buri wese yihana agakizwa, bityo rero izagutegereza kugira ngo nawe ubigenze utyo.⁴⁸⁶ Imana ihora isezeranya gutanga umugisha kuri buri wese. Kugira ngo bishobotse batekereza niba bakurikira amategeko yayo.^{487 488}

Kwakira imigisha y'Imana bisaba kwihangana.⁴⁸⁹ Igihe cy'Imana si cyo gihe cyawe. Kenshi na kenshi ibyifuzo byacu ni ibyo kwakira imigisha y'Imana nonaha, ariko Imana ntabwo ikora muri ubwo buryo. Izaguhanga umugisha mu gihe bizaba aricyo gihe cyo kuguha umugisha. Noneho igihe uzaba utegereje, ni byiza, Imana izabasha kugerageza kwizera kwawe.⁴⁹⁰ Ubushobozi bwawe bwo kuyitegereza buzagenda n'icyizere uzaba uyifitiye, ukizera uko iri ndetse n'ibyo irigukora ku buzima bwawe. Ugomba kuyigirira icyizere kubijanyanye n'ubwenge bwayo, isaha yayo, urukundo rwayo, imbabazi zayo, kandi ukizera n'amategeko yayo, amasezerano yayo, ndetse n'imbaraga zayo. Ukwiriye kugira kwizera byibuze kungana n'akabuto ka sinapi. Niba rero ufite kwizera guke kungana n'akabuto ka sinapi yadusezeraniye ko nta nakimwe kizakunanira, byose bizashoboka.⁴⁹¹

Imana izaha imigisha abayishakana umwete kandi bayitegereje.⁴⁹² Gutegereza Imana bitwigisha yuko dukwiriye kuyihangaho amaso nk'isoko y'ubuzima bwacu. Igihe utegereje, ntuzahagarikwe umutima no kubona abandi babona amahirwe n'ubutunzi bivuye mu nzira mbi.⁴⁹³ Imana izakubera urutare n'igihome. Igihe rero uyizewe, imfatiro zawe ntizizanyeganyezwa.⁴⁹⁴ Mushobora gutakaza imbaraga niba mushaka gukoresha imbaraga zanyu bwite, ariko Imana izakomeza unaniwe ndetse yongerere imbaraga umunyantegenke.⁴⁹⁵

Birashoboka ko utari wiyemeza

Birashoboka ko utarikwakira imigisha y'Imana kubera yuko utihaye Imana byimazeyo no kukunda inyigisho zayo. Mu maso y'Umwami-ushobora kugereranwa n'akazuyazi.⁴⁹⁶ Igihe ibintu bigenda neza kuri wowe, urayibagirwa. Igihe ibintu bibi byaje ku buzima bwawe urasakaza cyane ugasaba ko Imana yagira icyo ikemura. Urakonje, urashyushye, ukongerera ugakonja, nyuma ugashyuha, igihe rero utayizewe mu mahitamo y'ubuzima bwawe - none se yo izakwizera gute?

Imana ikeneye ukwiyemeza kwawe. Ikeneye kumenya aho uhagarariye no kureba niba wizera amategeko yayo. Kutiyegurira Imana n'amategeko yayo nibyo bibazo bikomeye imiryango yacu ifite uyu muni. Buri wese arifuza gutunga ibintu byose ndetse akora ibishoboka

byose ngo abigereho harimo kubeshya, kuriganya, no kutaba inyangamugayo, nubwo ibyo bivuze gutera imbere kuruta abandi.

Abantu benshi bibereyeho mu buzima butagira kwiye gurira Imana, cyangwa se amategeko yayo. Abantu benshi bazavugaga ibyo bizera kandi bifuze yuko ubategera amatwi. Bazakubwira ko nabo bizera Imana, nubwo batagendera mu mategeko yayo. Bazubahiriza amwe mu mategeko yayo uko babishakaga, birengangize n'andi - nkaho ayo yandi mategeko nta cyo avuze. Umugabo azarongora, noneho nyuma y'agahe gato atandukane n'umugore we. Abantu bazaza mu rusengero, bakiva ku rusengero batere umuntu icuma bamwice. Ubu ni ubuzima bubi cyane butagira kwiye gurira Imana kandi Imana ibwanga urunuka.⁴⁹⁷ Imana ikeneye ukwiye meza kwawe. Igihe rero utari 100% mu Mana kandi ngo wiyemeze kubahiriza amategeko yayo, uzamenye ko uri umwanzi wayo. Nkuko rero ushobora kubitekerezaho. Igihe ubuzima bwawe utabweguriye Imana kandi ntugendere mu mategeko yayo, ntuzigera wakira imigisha yayo.

Ni iki wakora kugira ngo wakire imigisha y'Imana?

Imana igomba kukwemera

Ese wakwizerwa nk'umuntu ucunga amafaranga menshi utayasesagura cyangwa kuyarya busambo?

Ese ushobora kuzamurwa mu ntera mu kazi n'ubushobozi bwinshi utarahutaje abantu cyangwa ngo ukurure wishyira?

Ese wabasha kubikira umuntu ibanga igihe kirekire ntiwigere umuca inyuma ngo urimene?

Ibi ni ibintu Imana izarebaho mbere yuko iguha umugisha. Igomba kubanza kukwemera imaze kugenzura ibi bintu. Bikubiye muri kamere zose. Kamere yawe yerekana amahitamo yawe yose ukora igihe nta muntu ukwitegereza. Kamere yawe ni amahitamo yawe yose ukora, kandi ayo mahitamo yakagombye kuba aboneye kandi akwiriye ku Mana. Imana ishakisha abantu uko umutima wayo ubishakaga. Imana nibona amahitamo yawe ataboneye kandi adatunganye, umugisha wayo uzakuviramo umuvumho.

Hano hari ingero zimwe na zimwe.....

Niba utari umwizerwa ku mafaranga, izi yuko uzayahisha niramuka iguhaye menshi.

Niba utari umwizerwa ku buyobozi, izi neza yuko uzitwaza umwanya ufite n'ububasha ufite niramuka iguhaye ibirutaho.

Niba utari umwizerwa mugusangira n'abandi, izi neza yuko uzaba igisambo ndetse ukukubira ibyagombaga guhesha umugisha abandi.

Niba utari umwizerwa kubikira undi ibanga, inshuti zawe zizamenya ko utari umwizerwa, nta cyizere zizakugirira n'Imana nayo nuko.

Kugira ngo Imana ikomeze kukubabarira ibicumuro byawe, igomba kumenya niba nawe ubabarira abagucumuyeho.

Kugira ngo Imana ikwoherereze imigisha yayo igomba kureba niba uri umwizerwa kandi ikeneye kureba niba uzakomeza gukora ibitunganye - kabone nubwo byaba bikubabaza.

Ikwiriye kumenya niba iguhaye umugisha, nawe uzahesha abandi imigisha

Niba buri gihe wivugira ibineneza kandi bishimisha abantu, aho gukora ibikwiriye bishimwa n'Imana, Imana izabona ko itagukeneye mu gufata icyemezo igihe ikeneye kugifata. Niba rero itagukeneye ni gute izaguha umugisha w'ibintu bibasha gusesagurwa?

Imana ibasha kugerageza kwizera kwawe kugira ngo irebe niba uri uwo kwizerwa.⁴⁹⁸ Kugerageza kwizera kwawe ni uburyo Imana imenyeraho niba yakwiringira igihe uca mu bihe bikomeye cyangwa byoroheje, amakuba n'ibyago, agahinda n'umubabaro, mu gutsindwa n'ibibazo, n'ibindi n'ibindi.

Uzahabwa umugisha igihe....

Wihanganye kugera ku mperuka⁴⁹⁹

Wifuriza amahoro abakuvuga n'abakurwanya⁵⁰⁰

Washikanye ku kwizera kwawe igihe utotezwa⁵⁰¹

Ubabarira abakugiriye nabi⁵⁰²

Ufasha abari mu bukene⁵⁰³

Wumva ijambo ry'Imana ndetse ukaryubaha⁵⁰⁴

Umutima wawe na roho yawe bitunganiye Imana⁵⁰⁵

Saba Imana igufashe kuyobora ubwenge bwawe ndetse n'umutima wawe ubiyobore ku bwenge bwayo n'umutima wayo. Wemere ko watsinzwe noneho usabe Imana ikubabarire ibyaha byawe. Saba ubwenge. Aho kwishingikiriza ku mbaraga zawe hindukiza ubuzima bwawe kuri Yesu kandi wikomeze ku mbaraga ze. Niba urushye uzabonera uburuhukiro umutima wawe mu Mana.⁵⁰⁶

Ni mu Mana gusa honyine uzabasha kuziba icyuho mu mutima wawe, icyuho wagerageje kuzibisha ubutunzi bwinshi mu buzima bwawe. Ntiwongere kugerageza kuziba icyo cyuho ukoreshye ubundi butunzi. Yesu wenyine niwe ubasha kuziba icyuho cyawe.

Impano ihebuje ku bana bacu

Bitubera impano y'agahebuzo iyo twitaye ku bandi. Abantu benshi batekereza yuko abitaweho ko aribo banyamugisha. Ariko mu by'ukuri, birahabanye cyane. Abahabwa umugisha ni babandi bita ku bandi. Barwanya kwikunda noneho bakazirikana ubukene bw'abandi aho kwirebaho. Bishatse kuvuka ko igihe uhesheje abandi umugisha nawe uhabwa umugisha. Ni ukwemerera umugisha w'Imana ugatemberera abandi biciye kuri wowe.

Gufasha abandi ni impano y'akataraboneka tugomba kwifuriza abana bacu. Abana bawe bazigira kuri wowe igihe uhesha umugisha abandi - nabo ubwabo bahabwa umugisha. Ni umugisha uzenguruka Imana yatwigishije: « Gutanga bihesha umugisha kuruta guhabwa. » Saba Imana ubwenge nawe ubuzima buzakuryohere, kandi uwifuza kwiga agasobanukirwa azabona ibyiza.⁵⁰⁷

Ariko ntuzigere narimwe wibagirwa - n'igihe twiyeguriye Imana tugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo duheshe abandi umugisha, tuzakomeza guhura n'ingorane, umubabaro, ibitubabaza, ibiduhangayikisha, ibikomere ndetse n'akarengane. Igihe duhuye n'ibigeragezo Imana itanga imbaraga ku barushye kandi ikongera imbaraga ku bacitse intege.⁵⁰⁸ Igihe rero duhuye n'ibigeragezo biroroshye kwivanamo intege nke tukizera Imana. Akarengane no kubabazwa ni amahirwe dukeneye kugenderamo kugira ngo tubashe kubona amahoro mu Mana gusa.



Umutwe wa 6

Naremewe – Kwamamaza ubutumwa bwiza

Wari mu mugambi w’Imana-mbere yo kuvuka kwawe

Mu gitabo cyayo

Ese waba warigeze wibaza impamvu wavutse? Waba se warigeze wibaza impamvu Imana yagushyize muri iyi si mbese n’impamvu uriho? Byaba vuba cyangwa byatinda twese twibaza kuri ibi bintu, ndetse n’imwe mu myanya y’imibiri yacu ihora yifuza gusabana n’uwaturemye ⁵⁰⁹ nayo idufasha gusobanukirwa impamvu twavutse, ndetse bikanadufasha gushakashaka kugira ngo tumenye neza umurimo twahamagariwe n’intego y’ubuzima bwacu.

Imana igufitiye umugambi mwiza. Yagupangiye umugambi mwiza mbere yuko uvuka. ⁵¹⁰ Ubuzima ucamo nonaha n’ibibazo uhura nabyo ntibyakujeho ari impanuka. Byose ni kimwe mu bice bigize umugambi w’Imana (urugero, itegereze imbere ya Tapi). Ivuka ryawe ndetse n’ahajyaho hazaza byose byarateguwe. ⁵¹¹ Byose byateguwe n’Imana ku bw’impamvu yayo yihariye. Ibyo wahuye nabyo byose byatumye umwuka wawe ukurimo ukura.

Umwuka wacu niwo watumye Imana iza mu isi

Iyo dutangiye kwibaza kuri ibi bibazo bishatse kuvuga ko umwuka wacu uba uduhatira kumenya impamvu twaremwe ndese no kumenya umugambi wacu. Uyu mutima niwo Imana yifuza gukiza; Imyuka yacu ni imwe mu mpamvu yatumye aza muri iyi isi. Yesu ntiyapfiriye ku musaraba kugira ngo akize uyu mubiri twambaye. Yaje muri iyi si kugira ngo akize imitima yacu, arizo roho zacu. Imibiri yacu ni iy'akanya gato. Imibiri yacu ni inyangenye kandi ihora iteka yuzuye ibibazo. Zimwe mu ntege nke zacu zibaho ku bushake bw'Imana.⁵¹² Imibiri yacu izahora idutunguha kuko ntiyaremewe kubaho iteka, ariko roho zacu zaremewe kuzabaho iteka. Roho zacu ziduha bitaraba icyerekezo kizaza hanyuma.⁵¹³

Gucukumbura mu mitima yacu twifuza kumenya icyo turicyo ndetse n'impamvu twaremwe bitangiza icyerekezo gishya mu buzima bwacu. Twese twaremewe gukora umurimo - ariko Imana ibirekera buri wese kugira ngo ashakashake ibyo aribyo. Imana iduha Umwuka Wera ngo abane natwe⁵¹⁴ kugira ngo adufashe kubona igisubizo cy'iki kibazo cyiza. Ariko kubwa Mwuka Wera w'Imana kugira ngo adufashe, dukwiriye kwizera ko Imana yaje mu isi mu ishusho ya Yesu kudupfira. Iyi niyo nzira yonyine Imana ibasha kudufasha. Ntishobora kwinjira mu mutima wawe utari wayitumirira kwinjiramo.

Kuba muri iyi minsi mwarasomye iki gitabo, mushobora kubona ibisubizo by'ibi bibazo. Mushobora kuba mwifuza kumenya impamvu mwavutse ndetse n'icyo bivuze umugambi w'Imana ku buzima bwanyu - by'umwihariko igihe ubuzima bwanyu buca mu bihe biruhije. Ibibazo mwahuye nabyo bishobora kuba inzira y'Imana ibahatira kuyigarukira. Yarakuremye, kandi yifuza ko ubaho ubuzima bwuzuye umugambi n'agaciro. Ariko kubigeraho - ugomba kuyimenya.

Imana yifuza ko duhinduka tugize imitima mishya⁵¹⁵ bityo rero dushobora gusabana n'imitima yacu ndetse tukiga ubushake bw'Imana ku buzima bwacu. Buri wese muri twe arabizi, bivuye ku mutima ko ibyiza biri imbere kuruta uko twabayeho. Imana ntiyigeze yifuza ko tugera ku gasongero ka piramide ya Maslow kitwa "kwiteza imbere". Kwiteza imbere bihabanye n'ubushake bw'Imana ku buzima bwanyu. Kwiteza imbere ni uburyo Satani akoresha kugira ngo aturimbure twese.

Twaremanwe ubutwari n'ubushobozi bitageranwa

Iyo dutangiye kwiyumvamo ibi byiyumviro, imitima yacu itangira kubyuka. Turi ibiremwa by'umwuka ariko abenshi muri twe ntibabasha kubyumva cyangwa se kubibona. Umuntu wacu w'umwuka ni mwiza cyane kuruta uw'umubiri, ariko umwuka wacu si ikintu tugerageza gusobanukirwa. Ariko turabikeneye. Dufite amahoro n'umunezero

imbere mu mutima ndetse dufite n'ubwiza muritwe, mu mitima yacu, ibyo nabyo bikadukomerera kubyumva, ariko Imana yifuza ko twiga ibyerekeye umunezero uba muri twe - ndetse biciye muri Yesu ibi byashoboka. Ubuzima bwacu bugereranywa n'uruhande rw'inyuma rwa tapi naho umugambi ukomeye w'Imana uruhande rwiza rw'imbere rwa tapi, kandi Yesu ni urudodo rutuyobora mu gihangano cyiza cy'Imana arirwo ruhande rw'imbere.

Kubera ko twaremwe mu ishusho y'Imana umwuka uba muri twe uzakomeza kuduhatira kwinjira mu murimo. Birashoboka ko waba wumva ijwi rikwongorera mu matwi yawe nonaha rikaba riguhatira - guhinduka, gushakashaka, ndetse no kumenya icyo uricyo. Ntusuzugure ibi byiyumviro. Birashoboka ko yaba ari Imana igerageza kugusunika ikuvana ha handi wumvaga ko umerewe neza, uguye neza ikujyana aho ugomba kuyikorera.

Ibyiyumviro byo kutanyurwa

Ese waba waribajije impamvu waba waravutse? Ibyo uhura nabyo bishobora gutuma ushaka ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. Ntubisuzugure. Ibyo bikubaho bituma Imana igufasha kutishushanya n'iyi Si ⁵¹⁶ bityo ubasha kwiga ubushake bwayo ku buzima bwawe. Yaguhisemo mbere y'iremwa ry'isi kugira ngo ube uwera no kutagira umugayo imbere y'amaso yayo. Muriyo waratoranijwe, igutegurira ku bw'umugambi wayo ndetse no ku bw'umugambi w'ubushake bwayo.⁵¹⁷

Ubushake bw'Imana ku buzima bwawe ni bwinshi cyane kurenga ibyo utekerezaga. Imigisha y'Imana izamanukira ubuzima bwawe igihe wiyemeje kuyikurikira. Birashoboka ko umwuka w'Imana waba ugusunika kugira ngo umenye icyo umugambi wawe aricyo. Wumvire icyo umwuka wawe akubwira, kandi ugire kwizera mu guhindura ubuzima bwawe kugira ngo ubeho kandi wige impamvu waremwe. Hari impano y'ukuri kw'iherezo ry'ubuzima bwawe, ariko ukwiriye kugira kwizera kugira ngo uzayihabwe.

Bizasaba ingufu

Birababaje. Gusobanukirwa ubushake bw'Imana ku buzima bwawe si ikintu kizagutereka imbere y'isahani yuzuye amafaranga. Bizagusaba imirimo imwe n'imwe. Imana ishaka ko umenya ubushake bwayo; ntiyigeze ibiguhisha. Ariko ugomba kubishakashaka. Ugomba kubishakashaka ariko utiyandurisha ibyo muri iyi si. Mwibuke, Satani ateguka iyi si tuduyemo - bishatse kuvuga niba mukomeje kumvira ubutumwa 'Isi' yohereza mu nzira ucamo uzaba wemeye kugendera mu buyobozi bwayo, kugendera mu byago azaguteza ndetse no mu butumwa burimbura. Nukomeza kugendera muri iyo nzira uzaba ugendera mu nzira ye ngari, kandi tuzi aho iyo nzira iganisha.⁵¹⁸ Ijyana

abantu mukurimbuka. Izagutandukanya n'umurinzi wawe, umwungeri wawe.

Imana ishaka ko buri wese asobanukirwa n'impamvu y'ubuzima bwe. Birababaje, kuko si buri wese ubishaka. Si buri wese uzabishaka, cyangwa uzabibona. Ariko biri mu nshingano zawe bwite uzafata kugira ngo utahure ubushake bw'Imana ku buzima bwawe, nta wundi muntu uzabigukorera. Kubibona, ugomba kubishaka. Ni gute wabona ikintu utigeze ugishaka? Kubishaka nabyo bisaba umurimo. Inzira nziza yo kubikora ni ugusoma ukamenya icyo ibyanditswe bikubwira - Bibiliya. Iki gitabo cyaremewe kugufasha no kuguha ubusobanuro ku byo Bibiliya ivuga, ariko Bibiliya izahora iteka yisobanura. Bbiliya ni ijambo ry'Imana ryuzuye ndetse ijambo ry'ukuri.

Birasaba ibyo kurya byuzuye

Iki gitabo gitangira kivuga yuko icyemezo cy'ingenzi cya kabiri ushobora gufata - ni ugukingura umutima wawe. Ugitangira gusoma iki gitabo watangiye iyo nzira ndetse wakomeje gukingura umutima wawe. Imana rero ntizahata inzira zayo mu mutima wawe, izakomeza gutegereza kugeza igihe uzayitumirira kwinjira mu mutima wawe. Izi neza yuko wabumbwe ndetse uremerwa kuyimenya. Umutima wawe ukwiriye rero gukomeza gukingurwa kugira ngo wige, wumve, ndetse wifuze kumenya uko Imana iteye. Hari byinshi byo kwiga. Uko uzagenda utahura uko Imana iteye uzamenya ko igukunda cyane. Nta kintu na kimwe wakoze mu bihe byahise, cyangwa uzakora mu bihe bizaza - Niba wemeye impano y'ubuntu yayo - ntibizagutandukanya n'urukundo rw'Imana.⁵¹⁹

Ese waba wemeye impano y'ubuntu ye? Niba utarayakira, subira mu Mutwe wa 5 w'iki gitabo wongere usubire mu isengesho kandi wizere. Bikore nonaha. Uzanezezwa n'ibyo wakoze. Umurimo wawe uzakorwa.

Izere gusa

Noneho umaze kumenya impamvu Imana yaje muri iyi isi kubana natwe. Ni ukubera ko igukunda cyane⁵²⁰ kandi yaje kugucungura. Yaje kugucungura kubera ibyaha byawe, iki ni ikintu wowe ubwawe utagombaga kwikorera. Yesu gusa niwe ubasha kugucungura ku bw'ibyaha byawe - kandi nibyo yakoze neza. Imana rero yaje muri iyi si yishyura ikiguzi cy'igihano cyawe. Yaragupfiriye.

Ibi bituyobora mu gufata icyemezo cy'ingenzi duhitamo kwiga kugira ngo tumenye Imana iyo ariyo. Igisubizo kiroroshye - Ni ukwizera Yesu. Ukwiriye kwizera ko Imana yakunze abo mu isi cyane bituma yohereza umwana wayo w'ikinege, Yesu, aha mu isi kuducungura, kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.⁵²¹

Imana iritegereza. Yarakuremye noneho irakwitegereza kugira ngo irebe ukwiyemeza kwawe. Yaje muri iyi kugupfira, noneho kubw'ibyo yakoze ikeneye kumenya niba uyizera. Ikeneye kumenya niba wiyemeje kuyikurikira. Kugeza aho uzafatira umugambi, kandi kugeza aho izamenyera ko uyizera, bitari ibyo ntibasha kugufasha.

Umugambi wayo ni mwiza. Uwo mugambi wari usanzwe uhari mbere yuko Adamu acumura. Umugambi w'Imana usobanura ko twese dufite Umukiza. Ariko kugira ngo dukizwe dukwiriye kwizera. Niko byari biri, niko buri, umugambi wayo wuzuye, wateguwe ku buryo bwuzuye n'Imana. Dukeneye rero kwizera. Yesu ni nk'urudodo ruzatwemerera kugera ku ruhande rw'imbere rwa tapi, ariryo juru.⁵²²

Nta yindi nzira kandi nta rindi zina twahawe dukwiriye gukirizwamo.⁵²³
⁵²⁴ ⁵²⁵ Buri wese wizera Yesu, kandi akabyatura, azabaturwa.⁵²⁶ Ibi bikubiyemo imbabazi z'ibyahise, izanone, ndetse n'izizaza z'ibyaha byawe. Ni kubw'ubuntu gusa uzakizwa.⁵²⁷ Nta kindi kintu ukwiriye gukora kugira ngo ukizwe.⁵²⁸ ntiwabasha kubitombora, cyangwa kubigura. icyo ukwiriye gusa gukora ni ukwatura kwizera kwawe muri Yesu.⁵²⁹

Byose bitangizwa n'ijambo ry'Imana

Noneho ushobora kwibaza wowe ubwawe, “Ni gute namenya ubushake bw'Imana ku buzima bwanjye?”

Nibyo, Byose bitangizwa n'ijambo ry'Imana tukimara kumenya ko Ijambo ry'Imana aribwo bushake bwayo. Ntube umupfu ngo ureke kugerageza gusobanukirwa n'ubushake bw'Imana ku buzima bwawe.⁵³⁰ Intego nyamukuru ku buzima bwawe ni ukubaho ugendera mu bushake bwayo, igihe rero ubayeho nk'uko ubushake bwayo buri hari amahoro adasanzwe ndetse n'umunezero udasanzwe bizaza ku buzima bwawe. Iki nicyo gihe imigisha izatangira kwisuka ku buzima bwawe - igihe uzabaho ugendera mu mahame yayo ndetse ugakora icyo yaguhamagariye gukora.⁵³¹ ⁵³²

Nta yindi ntambwe idasanzwe uzatera kugira ngo umenye ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. Ugomba gusa kwifuza kubaho ubuzima busabana nayo ndetse no kubaho ubuzima bugendera mu mahame yayo; ibi bizatuma utera intamwe mu bumenyi bwo mu mwuka. Igihe ukora ibyo Imana izatangira kuguhishurira igisubizo washakaga. Ukimara gufungura umutima wawe, senga utangire usabe ibisubizo noneho uzatangira kwakira amahishurirwa avuye kuri yo. Gusa yisabe nayo izaguha. Ni Imana Mwuka Wera yafashe ikibanza mu mutima wawe, izagushyira ku rwego rwo gusobanukirwa no kumenya neza ibyo wifuza.⁵³³ Ubu buryo bushya bwo gusobanukirwa buzatuma ubuzima bwawe bugira intego n'agaciro.

Niba utangiye urugendo- menya ko uzagenda buhoro buhoro

Igihe rero uzaba ukora ibi nayo izamurikishiriza ubuzima bwawe⁵³⁴ urumuli rudasanzwe ndetse izaba itabaza ry'ibirenge byawe.⁵³⁵ Umucyo w'Imana uzakuyobora muri buri kimwe cyose uzakora⁵³⁶ ndetse n'umucyo wayo uzatuma nawe umurikira abandi kugira ngo ubaheshe umugisha - nkuko nawe wahawe umugisha.⁵³⁷ Kuko ni Umwuka wayo wabaye itabaza ry'Umwami naniwo uzamurika muri wowe.⁵³⁸

Ntucike intege igihe ubushake bw'Imana ku buzima bwawe udahita ububonesha amaso ugitangira urugendo. Ibisubizo by'amasengesho yawe bizazira igihe - nk'ukora urugendo rurere mu nzitane y'ibiti. Uko ugenda cyane, n'ibikuburira biba byinshi, nawe ukabona byinshi. Mu gihe rero ugishakashaka, gerageza kugenza buhoro buhoro kuko ubutunzi bw'Imana n'ibisubizo byayo ku masengesho yacu biri muri buri gihingwa, muri buri rutare, muri buri giti, ndetse no muri buri mugezi. Nuko rero gerageza witegereze ikirere urebe uko ibicu bizenguruka.

Ubutunzi bw'Imana n'imigisha yayo bizakuzaho mu buryo bwinshi. Kugira ngo uzabashe kumenya ko ari imigisha y'Imana ugomba kwitegura bihagije, noneho igihe uzaba waburiwe bikomeye imigisha yayo izatangira kukuvugisha.⁵³⁹ Ibihe byinshi turiruka cyane bityo ntubashe kubona imigisha yayo. Ibi bishobora kubaho igihe twemereye isi kumira bunguri ubuzima bwacu nuko tukagenda twihuta cyane. Imwe mu ntego ya Satani ni ukuduhuma amaso atwerekana imirimo, TV, Mudasobwa, ibinyamakuru, inkoranyambuga, ndetse n'ubundi butunzi kugira ngo tutabona cyangwa se ngo tugendere mu migisha y'Imana, ndetse no kugendana n'Imana. Ibuka, Satani ntivyifuzaga ko ugendana n'Imana niyo mpamvu Satani azakora ibishoboka byose kugira ngo wihute cyane bityo ntubashe kubona imigisha y'Imana. Genza gake kandi urwanye Satani "kubohwa kw'imirimo" nayo izaguhunga.^{540 541}

Igihe cyose ufashe urugendo izereko Uwitwaga azaguhishurira ubushake bwayo. Wizere kandi ko iyatangije umurimo mwiza muri wowe ari nayo izawusohozwa.⁵⁴² Kuko umugambi w'Imana ni uko Umwana wayo, Yesu, azahabwa ikuzo kandi ubu Butumwa Bwiza bukazabwirwa amahanga yose.⁵⁴³

Ubushake bw'Imana ntibureba ku mpano zikurimo cyangwa ku butunzi bwawe

Tumaze kumenya neza no gusobanukirwa yuko Imana yahaye buri wese muri twe impano zitandukanye, ubuhanga butandukanye, ndetse n'ubushobozi butandukanye.⁵⁴⁴ Twese twaremwe mu buryo butandukanye. Bamwe muri twe bahawe impano y'ubugeni, abandi bahabwa impano z'ubuhanga, abandi bahabwa impano z'ikirenga zo

kwita ku bandi, abandi bahabwa impano z'igitangaza zo kwitwa ba papa na ba mama kugira ngo barere abana, abandi ni ibitangaza muri siporo, abandi ni abigisha bakomeye, abandi ni abahanga mu gukanisha amamashini, Wabasha gukora lisiti ndende ndetse igakomeza. Ubuhanga bwacu buva ku Mana.⁵⁴⁵

Ikosa buri wese muri twe akora ni ugukeka ko impamvu tumeze neza aribwo bushake bw'Imana ku buzima bwacu. Dukeka ko niba turi abahanga mu kintu runaka bivuze ko Imana iba ishaka ko iyo mpano tuyikoreshe mu bwami bwayo. Ibi bishobora kuba ukuri, ariko ntibyari bikwiye ko dukeka kw'ariko biri. Imana yahaye buri wese muri twe ubushobozi, impano, ubuhanga ndetse n'ubuzima bwiza, ariko nitugumya kubihangaho amaso aho gushaka ubushake bw'Imana ku buzima bwacu - dushobora gutakaza ikintu cy'ingenzi. Dukeneye kwigira ku Mana. Dukwiriye kuyigiraho kugira ngo ikomeze buri rugingo rwose ku buzima bwacu.^{546 547 548 549 550 551} Ubushake bw'Imana bukubiyemo no kugirana ubucuti n'Imana, gusabana nayo, kuyikenera, no kuyikurikira,⁵⁵² Ndetse no kuyobora ubuzima bwacu dukurikiza amategeko y'Imana.

Wibangamira umugambi w'Imana

Iyo turi mu bihe byiza, igihe twumva twihagije tudakeneye ubufasha bw'undi muntu, nicyo gihe tubangamira ibyifuzo by'Imana kuri twe. Ubushake bw'Imana ku buzima bwacu burakomeye cyane kuruta uko twakwishingikiriza ku mpano zacu cyangwa ku bushobozi bwacu. Imana ishaka ko tuyizera. Imana irifuza ko twakora ibikorwa by'intashyikirwa tutigeze gukora igihe twabayeho tutari kumwe nayo (nko kwandika iki gitabo). Iyo tubashije gukora igikorwa tutigeze gukora tutari kumwe nayo, bikomeza kwizera kwacu ndetse bikarenga amashimwe yacu.⁵⁵³

Intego yacu yakagombye kuba iyo kunezeza Imana no kwemerera Umwuka Wera gukorera muri twe kugira ngo atuyobora mu mahitamo yacu ya buri muni. Kuko Imana ivuga iti, "Nzaha umugisha abankurikira bose."^{554 555}

Imigisha izatamba nk'amazi

Igihe ubayeho ukurikije ubushake bw'Imana kandi ukuzuza inshingano zawe, Imana izagusakazaho amahoro y'indengakamere ndetse n'umunezero mwinshi ku buzima bwawe.^{556 557 558} Iyi ni impano yaguteguriwe, kugira ngo uhabwe umugisha, bityo uheshe n'abandi imigisha. Impano ye ikubiyemo kwizera mu byo ukora byose.⁵⁵⁹ Imana izagufasha mugufata ibyemezo bikwiye ku buzima bwawe, ibyemezo byoroshye kandi byumvikana - nabyo bikazaguhesha amahoro.

“Wiringire Uwiteka n’umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.”

Imigani 3:5-6

Ibi ntibishatse kuvuga yuko utazabura guhura n’ibikomeye cyangwa ingorane; ntiwibagirwe, uzahora iteka uhura n’ibibazo. Ariko nk’umwizera wa Yesu ushobora kumurika mu mwijima wawe, mu bikomeye byawe, ukurenganwa kwawe, ndese n’ingorane zawe - Kuko igihe unaniwe ushobora kuba ikinyembaraga.⁵⁶⁰ Nuko rero igihe ukomeje kwihangana mu biruhije uzakira ibyo yagusezeranije.⁵⁶¹ Kuko Yesu yatsinze urugamba. Intambara irarangiye.⁵⁶² Yesu yanesheje isi.⁵⁶³

Umunezero w’ukuri ku buzima bwawe buzabonekera mu bushake bw’Imana ku buzima bwawe. Komeza ijambo ry’Imana nk’urufatiro rwawe, utumbire umugambi wayo wigaragarize imbere y’amaso yawe. Igihe uzatangira kwakira ubutumwa bumwe na bumwe burebana n’uko ubuzima bwawe butatse - Ku gice cy’imbere ya tapis yawe.

Impano wahawe si ku nyungu zawe

Kubaho mu bumwe

Twabonye mu Mutwe wa 2 w’iki gitabo uburyo buri wese atandukanye na mugenzi we ndetse tunabona ko Imana yaremeye buri wese muri twe mu buryo butangaje ndetse butandukanye kubera impamvu. Twize nanone ko ifite umugambi mwiza kuri buri wese kandi uwo mugambi ukazahora uhamye no kubazadukomokaho bose.⁵⁶⁴

Noneho ushobora kwibaza wowe ubwawe: Niba twese dutandukanye, nigute twakorera hamwe kugira ngo duhimbaze Imana? Ibi bisa n’ibidashoboka. Ariko hano hari igisubizo: Niba twizera ijambo rye dushobora kubana no gukorera mu bumwe⁵⁶⁵ kubera yuko ubwo aribwo buryo Imana yaturemyemo. Yaturemye kugira ngo twuzuzanye.

Urugero rukomeye ni umubiri wawe. Umubiri wawe ugizwe n’ingingo ibihumbi n’ibihumbi zitandukanye kandi buri rumwe muri zo, rwaremwe mu buryo butangaje, rugomba gukorera mu bumwe kugira ngo umubiri wawe ukore neza. Niko bimeze neza kuri wowe nanjye ndetse n’uwariwe wese wizera Yesu. Ni igitangaza ku bw’iri tandukanirizo kuko rizatuma dukorera mu bumwe no mubusabane kubwo kwizera Yesu. Ni muri Yesu gusa aho ibidutandukanya byacu byinshi bishobora gukorera mu busabane ndetse no mu bumwe, nk’uko umugambi wayo uri.⁵⁶⁶

Iyo wizeye- Imana iguha impano idasanzwe

Igihe usenga isengesho riboneka mu Mutwe wa 5 w'iki gitabo, muri uwo mwanya Umwuka w'Imana uzafata ikibanza mu mutima wawe.⁵⁶⁷ Ni muri uwo mwanya Imana izaguha impano idasanzwe - impano y'umwuka⁵⁶⁸ - izatura mu mutima wawe. Iyi mpano idasanzwe niyo izatuma Imana igaragaza kubaho kwayo mu buzima bwawe⁵⁶⁹ aribyo bizagufasha gusobanukirwa no gukurira mu buntu n'ubumenyi bwa Yesu.⁵⁷⁰ Iyi mpano idasanzwe ni umugisha uturuka ku Mana. Izagufasha gukorera abandi ndetse inagufashe kubaka Ubwami bw'Imana mu bumwe no mubusabane hamwe n'abandi bizera.

Mu gihe iyi mpano idasanzwe izafasha kubaka icyerekezo cy'ubuzima bwawe ndetse n'intego yawe, ni ngombwa ko twiga tukamenya ni iyihe mpano wahawe⁵⁷¹ kubera yuko hari impano nyinshi Umwami aha abantu be.⁵⁷² Bamwe bazakira impano imwe, mu gihe abandi bazakira impano nyinshi. Ariko buri wese azakira byibuze impano y'umwuka imwe iturutse ku Mana igihe wemeye kwakira Yesu nk'Umwami n'Umukiza.

Impano wakiriye ni ikimenyetso cyerekana y'uko Imana iguhaye umurimo⁵⁷³ kandi ikaba yifuzako ukora umurimo wayo mu Itorero rya Kristo. Impano yawe uyihawe iri kumwe n'imbaraga zidasanzwe zizatuma ufasha abandi wowe ku giti cyawe nta mbaraga utakaje kandi ukabikora unezerewe. Ese urabyumva? Uzakoresha impano yawe kugira ngo ufashwe abandi - kandi uzakunda kubikora! Ntabwo ukwiriye kwibaza ku mpano uribuhitemo kuko Imana ariyo iguhitiramo, ariko ntubigireho ikibazo kuko uzanezezwa n'impano iguhaye.⁵⁷⁴

Numara kwakira impano yawe, uzahabwa amahirwe yo kuyikuza, ndetse no kuyagura. Ibi bishatse kuvuga yuko nubwo Imana iguhaye impano idasanzwe, hari icyumba ukwiriye kwinjiramo kugira ngo irusheho kuba nziza. Bityo rero, ukwiriye gusobanukirwa n'impano yawe ndetse ukagerageza gushyiramo imbaraga kugira ngo urusheho gusobanukirwa ni uko iri.⁵⁷⁵ Wahawe impano kubera impamvu.⁵⁷⁶ Imana irashaka ko winjira mu murimo wayo; Ni iyo gushimwa kuba yarahaye buri wese wakijijwe impano y'igitangaza.

Impano n'ubushobozi ufite si byabindi wowe utekereza

Witekereza cyane ku kibitsanyo cyangwa ubushobozi ufite nk'impano y'umwuka. Impano y'umwuka wakiriye igihe wemereraga Yesu kwinjira mu mutima wawe ni ubuntu bw'Imana bwaguhaye ubutwari kugira ngo ufashwe abandi. Umwuka w'Imana wahawe kugira ngo ufashwe abanyagihugu biciye muri Yesu no gufasha abandi bose bagukikije - ntamananiza.

Mu by'ukuri igihe dukoresha impano zacu za kavukire ntidukenera ubufasha bw'Imana. Ariko Imana ishaka ko tuyihamagara kugira ngo dukore ibyo imbaraga zacu n'impano za kavukire bitabasha gukora. Impano twahawe z'umwuka zizaduha imbaraga kugira ngo tubashe gukora ibigomba gukorwa gusa n'ubutwari bwayo.

Aha turahabona zimwe mu mpano Imana iha abizera bayo. Ziri hejuru y'impano 20 zitandukanye zigaragara muri Bibiliya noneho urutonde ruri hasi ntabwo rwuzuye. Abantu bamwe bazakira imwe muri izi mpano, n'abandi bakire nyinshi. Nuramuka usomye uru rutonde ukabona ko hari imwe cyangwa nyinshi muri izi mpano ufite, ukabona rwose zikurimo ndetse unazikoresha, bishatse kuvuga ko uzikoresha nta mananiza, izaba rwose ari impano yawe.

1. Impano y'ubuyobozi - Impano y'iteganyamigambi no kuyobora.

Ishakiro: 1 Abakorinto 12.²⁸ Imana yashyize bamwe mu Itorero: ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishira abakora ibitangaza n'abahawe impano zo gukiza indwara, n'abahawe gufasha abandi, n'abahawe gutwara, n'abahawe kuvuga indimi nyinshi.

2. Impano y'umwuga n'ubuhanga- Impano yo guhanga, no gukora ubugeni bugize icyo busobanuye.

Ishakiro: Kuva 31: 3 mwuzuzwa Umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutwara, n'ubuhanga n'ubukorikori bwose 4 byo guhimba imirimo y'ubuhanga, no gucura izahabu n'ifeza n'imiringa, 5 no gukuba amabuye yo gukwikirwa no kubāza, no kugira ubukorikori bwose.

3. Impano y'ubushishozi - Impano yo kumenya ibitunganye n'ibibi ndetse no kumenya ubushake bw'Imana.

Amashakiro: 1Abakorinto 2:12 Ariko twabwemo ntitwahawe ku mwuka w'iyi si, ahubwo twahawe uwo Mwuka uva ku Mana kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye ubuntu, 13 ari byo tuvugaga ariko ntitubivugisha amagambo akomoka mu bwenge bw'abantu, ahubwo tubivugisha akomoka ku Mwuka, dusobanura iby'Umwuka iby'umwuka bindi.

4. Impano y'ivugabutumwa - Impano ituma abizera bagera kubatarizera kugira ngo nabo bahinduke abayoboze b'umuryango wa Kristo.

Ishakiro: Abefeso 4:11 Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n'abandi kuba abahanuzi, n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n'abandi kuba abungeri n'abigisha, 12 kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, 13 kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo.

Nanone: 2Timoteyo 4:5 Aiko wowe ho wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe wo kugabura iby'Imana.

5. Impano yo guhumuriza/gukomeza abandi - Impano ituma abizera basurana urukundo rw'Imana abantu bari mu makimbirane ndetse n'abari mu bibazo bakabahumuriza ndetse no kubakomeza.

Ishakiro: 3Yohana 1:7 kuko bavuye iwabo ku bw'izina rya Yesu ari nta cyo batse abanyamahanga. 8 Ni cyo gituma dukwiriye kwakira neza abameze batyo, kugira ngo dufatanye gukorera ukuri.

6. Impano yo kwizera - Impano iha abizera amaso yo kureba Umwuka ndetse ugakorera muri bo.

Ishakiro: Abefeso 2: 8 Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana.

7. Impano yo kwitanga - Imana ituma abizera babasha kumenya imigisha y'Imana ndetse bagakemuza ibibazo byinshi kugira neza kwabo ndetse n'ubushobozi Imana yabahaye

Ishakiro: 2 Abakorinto 9: 6 Aiko ndavuga ibi ngo "Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi. 7 Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe. 8 Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murushaho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose.

8. Impano yo gukiza indwara - Impano yemerera abizera gukirisha imbaraga z'Imana.

Ishakiro: 1 Abakorinto 12:7 umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bese bafashwe. 8 Umwe aheshwa ijamba ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijamba ryo kumenya, 9 undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa

n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara. 10 Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi, 11 ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka.

9. Impano yo gucumbikira abashyitsi - Impano ituma abizera baha ikaze ndetse bakakira abashyitsi, cyane cyane ba bandi bakennye.

Ishakiro: Abaroma 12: 13 mugabanye abera uko bakennye, mushishikarire gucumbikira abashyitsi.

10. Impano y'ubwiginzi - Impano ifasha abizera gusenga bafite ibyiringiro ko amasengesho yabo yumvikanye.

Ishakiro: Abefeso 6: ¹⁸ musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi ku bw'ibyo mugumye rwose kuba maso, musabire abera bese.

11. Impano y'ubumenyi - impano ituma umuntu asobanukirwa byimazeyo inyigisho za Bibiliya ndetse n'amasezerano avugwa muri Bibiliya.

Ishakiro: 1Abakorinto 12: ⁷ umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bese bafashwe. 8 Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, 9 undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara. 10 Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi, 11 ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka.

12. Impano yo gutegura abayobozi - Impano iha abizera kwigirira icyizere bategura abandi bayobozi b'ejo hazaza.

Ishakiro: 2 Timoteyo 4: 2 Ubwirize abantu ijambo ry'Imana ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure ufite kwihangana kose no kwigisha, 3 kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo, 4 kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma. 5 Ariko wowe ho wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe wo kugabura iby'Imana.

13. Impano yo kugira imbabazi - Iyi mpano ishyishyikariza abizera kugirira impuhwe abakene ndetse banagira icyo babakorera.

Ishakiro: Luka 10: 36 "Noneho utekereza ute? Muri abo batatu ni nde wabaye mugenzi w'uwo waguye mu bambuzi?" 37 Aramusubiza ati "Ni uwamugiriye imbabazi." Yesu aramubwira ati "Genda nawe ugire utyo."

Nanone: Matayo 25: 40 "Umwami azabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye'"

14. Impano yo gukora umuziki - Impano ituma abizera bagira ubushobozi bwo gukomeza abandi biciye mu ndilimbo n'ibikoresho by'umuzika.

Ishakiro: Zaburi 100: 1 Mukorere Uwiteka munezerewe, Muze mu maso ye muririmba.

Nanone: Zaburi 150: 3 Muyishimishe ijwi ry'impanda, Muyishimishe nebelu n'inanga. 4 Muyishimishe ishako n'imbyino, Muyishimishe ibifite imirya n'imyironge. 5 Muyishimishe ibyuma bivuzza amajwi mato, Muyishimishe ibyuma birenga.

Nanone : Zaburi 149: 3 Bashimishe izina rye imbyino, Bamuririmbishirize ishimwe, Batambira ishako, batengerera inanga.

15. Impano y'ubuhanuzi - Impano iha abizera ubushobozi bwo kwatura ukuri kuvuye ku Mana.

Ishakiro: 1 Abakorinto 13: 2 Kandi nubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo nta cyo mba ndi cyo.

Nanone: 1 Abakorinto 12: 7 umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe. 8 Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, 9 undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara. 10 Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi, 11 ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka.

16. Impano y'ubushumba - impano iha umwizera ubushobozi bwo kubasha gutegura abandi bayobozi no kuyobora mu buryo bw'umwuka umuntu umwe cyangwa besnhi.

Ishakiro: 1 Timoteyo 3: 1 Iri jambo ni iryo kwizerwa ngo "Umuntu nashaka kuba umwepisikopi, aba yifuje umurimo mwiza

Nanone: 2 Timoteyo 4: 1 Ndagutongerera mu maso y'Imana no mu ya Kristo Yesu uzacira ho iteka abazima n'abapfuye, ubwo azaboneka aje kwima ingoma ye. 2 Ubwirize abantu ijamba ry'Imana ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure ufite kwihangana kose no kwigisha.

17. Impano y'umurimo - impano iha abizera gufasha abandi kugira ngo umurimo w'Imana ube wuzuye.

Ishakiro: Abaroma 16: 2 ngo mumwakire ku bw'Umwami wacu nk'uko bikwiriye abera, kandi mumufashe mu byo azabashakaho byose, kuko na we yafashije benshi barimo jye.

Nanone: Abafilipi 2: 19 Niringiye mu Mwami Yesu kuzabatumaho Timoteyo vuba, kugira ngo nanjye nshyitse umutima hamwe maze kumenya ibyanyu.

18. Impano y'ubufundi - impano yemerera umwizera gukora, gusana ndetse no kwita ku bikoresho.

Ishakiro: Kuva 31: 3 mwuzuzwa Umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora, n'ubuhanga n'ubukorikori bwose 4 byo guhimba imirimo y'ubuhanga, no gucura izahabu n'ifeza n'imiringa, 5 no gukeba amabuye yo gukwikirwa no kubāza, no kugira ubukorikori bwose.

19. Impano yo kwigisha - impano yemerera umwizera kubasha kwigisha no gusobanura ikintu runaka kugira ngo cyumvikane neza no kubandi.

Ishakiro: 1 Abakorinto 12: 28 Imana yashyize bamwe mu Itorero: ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza n'abahawe impano zo gukiza indwara, n'abahawe gufasha abandi, n'abahawe gutwara, n'abahawe kuvuga indimi nyinshi.

Nanone: Ibyakozwe n'Intumwa 18: 25 Uwo yari yarigishijwe Inzira y'Umwami Yesu, yagiraga umwete mwinshi mu mutima, avuga ibya Yesu kandi abyigisha neza, ariko yari azi umubatizo wa Yohana gusa.

20. Impano y'ubwenge - Impano yemerera umwizera kumenya neza igisubizo cy'ikibazo

Ishakiro: Yakobo 3: ¹³ Ni nde muri mwe w'umunyabwenge kandi w'umuhanga? Niyerekanishe ingeso nziza imirimo ye, afite ubugwaneza n'ubwenge. 14 Ariko niba muhora amakimbirane akaze mu mitima yanyu mugahorana intonganya, ntumukabyiratanze ngo mubeshyere ukuri.

21. Impano y'ubwanditsi - impano iha umwizera ubushobozi bwo kuvuga ibitekerezo byawe, ndetse n'ukuri biciye mu nyandiko.

Ishakiro: 1Yohana 2: ¹² Ndabandikiye bana bato, kuko ibyaha byanyu mwabibabariwe ku bw'izina rye. 13 Namwe ba se, ndabandikiye kuko mwamenye uwahereye mbere na mbere. Ndabandikiye basore, kuko mwanesheje Umubi. Ndabandikiye bana bato, kuko mwamenye Data wa twese.

Nanone: 1 Timoteyo 3: 14 Nkwandikiye ibyo, niringiye ko nzaza kugusura vuba, 15 kandi mbikwandikiye kugira ngo, nintinda, uzamenye ibikwiraye kugenzerezwa mu nzu y'Imana ari yo Torero ry'Imana ihoraho, ari na yo inkingi y'ukuri igushyigikiye.

Nanone: Yuda 1: ³ Bakundwa, ubwo nagiraga umwete wo kubandikira iby'agakiza dusangiye niyumvisemo ko mpaswe no kubahugura, kugira ngo mushishikarire kurwanira ibyo kwizera abera bahawe rimwe, bakazageza iteka ryose.

Impano y'umwuka siyo kamara mugukorera Imana

Mbere yuko ugerageza kumenya impano ikurimo iyo ariyo, ni byiza kwibuka yuko impano yawe y'umwuka atariyo kamara mu gukorera Imana. Imana iduhamagarira twese kuyumvira tuyikorera aho ari hose - atari hahandi aho impano yawe y'umwuka yibera. Ntuzigera na rimwe utera imbere mu by'umwuka mu gihe ushaka gukorera Imana gusa ha handi impano yawe yibera.

Kuguhaza neza mubyo ukeneye, nko gukomeza abandi, aha niho Uwitwaga ashobora kuguha impano y'umwuka idasanzwe kandi aho niho ukeneye gukoresha iyo mpano. Nta bundi buryo buhambaye wakoresha ushaka kumenya impano ikurimo, Umwuka Wera ugabura impano ze niwe umenya icyo iyo mpano y'umwuka ikeneye kugira ngo ituzanire ibyiza.⁵⁷⁷ Hari amasuzuma menshi atandukanye yagufasha kumenya impano ufite iyo ariyo, ariko ayo masuzuma ntabwo yizewe ku buryo yakwizeza igisubizo cy'ukuri ku mpano yawe.

Ese waba uzi uburyo bwiza bwo kumenya impano yawe ikurimo? Shaka umwanya uyikoreshe ndetse n'iyi mpano yawe uyishyire mu bikorwa.⁵⁷⁸ Nushyira impano yawe mu bikorwa nibwo uzamenya uko iri. Nkuko ushobora kubyirebera, ibi bisaba amagerageza menshi, ariko igihe uzaba uri mu murimo nibwo uzamenya agace impano yawe ikunze. icy'ingenzi iteka ni uko iyi mpano yaba ikorera abandi aho kwizirikana wowe ubwawe.

Ushobora nanone kubaza abandi bantu. Rimwe na rimwe abantu bo baba bakwitegereza bakabona agace ushyiramo imbaraga nyinshi- ka gace wowe utabasha kwibonera. Ibyo abandi babona kuri wowe bishobora kuguha icyerekezo cy'aho wakoresha impano yawe. Birumvikana, hari uwarangije kumenya neza ukwo impano yawe iri - ni Umwuka Wera! Saba Imana ikwereke uko impano yawe iteye.

Ariko, nko kwibutsa, by'umwihariko kumenya uko impano yawe iri ntabwo bizaba urwitwazo rwo kudakorera Imana mu tundi duce tudasaba ya mpano yawe. Nukora gusa ibirebana n'impano yawe uzatakaza amahirwe menshi yo gukorera Imana.

Nkuko bivugwa mu Abafilipi 2: ¹³ kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.

Niba ubashije kumenya impano ikurimo, bizagufasha gukora imirimo myiza iyo Imana yaguteguriye kuva kera gukora.⁵⁷⁹ impano y'umwuka yawe, ikoresheha hamwe n'ubwenge bwa kavukire, ndetse n'ubushobozi karemano, bishobora kubyara imbaraga nyinshi zihesha umugisha ubwami bw'Imana. Gukorana n'abandi bizera bizatuma impano yawe igufasha kumenya ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. Ukwiraye gusa gutera intambwe mu kwizera no kwikomeza k'Uwiteka kugira ngo agufashe kukuyobora mu cyerekezo ndetse no muri ka gace k'umurimo yagutoranirije.

Impano yawe- si inyungu zawe

Ikintu kibi ushobora gukora ni uguhisha impano yawe ntuyikoreshe, cyangwa ugakoresha iyi mpano ku bw'inyungu zawe. Ibi sibyo Imana yashakaga. Imana yifuriza buri wese muri twe gusesa impano iturimo dukorera abandi.⁵⁸⁰ Wahawe impano idasanzwe kugira ngo umurikire kandi ukize isi - by'umwihariko igihe uyikoreshe ukorera abandi. Kuko ari igitangaza ku bw'amatandukaniryo ari hagati yacu, muri Yesu, bizadufasha kubaho no gukorera mu bumwe.

Impano yawe wayiherewe kugirango nawe uyitange. Impano yawe wayiherewe kugira ngo uheshe abandi umugisha mu mirimo ubakorera; ntiwayiherewe kugira ngo igushimishe wowe ubwawe. Ubundi buryo bwo kuvuga ibi: impano yawe igomba guhesha Imana icyubahiro, siyo kuguhesha icyubahiro wowe ubwawe. Igihe rero ukoreshe impano

yawe ukorera abandi uba wabaye umwe mu rugingo rwa Kristo rukorera mu bumwe hamwe n'izindi ngingo bityo rero ukaba ugomba gufasha izi ngingo gukurira mu mwuka.

Ibi birasa neza n'uburyo ki dukoresha ingingo zacu bwite. Iyo dukoresha ingingo zacu turaziriyoshyaryoshya ndetse tukanazihata. Ingaruka? Tugira ubuzima bwiza. Nubwo ingingo zacu n'amagufwa bitandukanye - ijisho ritandukanye n'ukuguru, ukuguru gutandukanye n'umutima, umutima utandukanye n'izuru - gukoresha umubiri wose bifasha ibice byose by'umubiri kugira ubuzima bwiza kandi bikazakorana neza. Tuzahimbaza Imana igihe turiho kandi dukorera mu bumwe.⁵⁸¹ Tuzakurira mu buryo bwihuse mu Mwuka Wera igihe tugeragezwa n'abandi bizera. Igihe turimo guhimbaza Imana Umwuka Wera uba muri twe azaduha imbaraga ndetse ahe imbaraga ugukura kwacu mu mwuka.

Gukura kwacu ko muburyo bw'umwuka, no kugera mu kigero cy'ubukure mu buryo bw'umwuka, ni urugendo. Uko tuzagenda dukenera kumenya ubushake bw'Imana ku buzima bwacu ninako Imana izagenda itwihishurira. Ariko dukwiriye iteka kubanza kwiyezwa guhimbaza Imana kugira ngo tubashe gukura mu buryo bw'umwuka.

Ubuzima bwawe buzaba bwiza

Ese waba warigeze ugira inshuti ikakubwira iti, "Wow, ese nawe wanyuzwe nabyo!" Kandi bafite ukuri. Hari ibintu byinshi mu buzima bwacu bitunyura bikongera igipimo cy' imbaraga zacu - rimwe na rimwe ntitubashe kubimenya. Ubutaha nubona ibi bikubayeho, uzakagarike ugerageze gushakisha impamvu zabyo. Ibi bishobora kuba bifitanye isano n'impano yawe y'umwuka.

Ni ibihe bintu ukora neza kurusha ibindi ndetse bikakuzanira umunezero? Birashoboka ko kwaba ari ukwita ku bana bato. Cyangwa se ujya wishimira kubaka ibintu runaka. Cyangwa se ujya wishimira gucuranga ikidari, cyangwa inanga, cyangwa se gukinisha ibindi bikoresho by'umuzika. Impano yacu y'umwuka igereranywa n'imbuto yabibwe mu mitima yacu. Iyo tuyisuzuguye - nibyo, ntabwo ikura. Iyo tutazi ubwoko bw'imbuto yacu dushobora kuyiha ifumbire itariyo, tukayihya se amazi menshi, cyangwa se tukayihya izuba ryinshi cyangwa rike. Niba rero tutazi impano yacu iturimo ntizabasha gukurana imbaraga zayo zuzuye.

Dukwiriye kumenya imbuto yacu (urugero, impano yacu y'umwuka) kugira ngo ibashe gukurira mu mbaraga zishyitse. Iyo twita ku mbuto yacu nuko tukayikuza, Imana izareba yishimire indabyo zayo uko zigenda zibaruka nuko izahishura ahandi hantu aho izo ndabyo zizagukira - kugira ngo ziheshe umugisha abandi. Igihe dukurikira

Uwiteka tuzahabwa imbaraga zo kwibaruka no gukwirakwiza indabyo zacu ku bandi bantu benshi.

Ushobora kuba intakosorwa mu migendere yawe

Hashobora kuba igihe wumva impano yawe ko ariyo kamara, ko abandi bizera bafite impano zitandukanye badakora nkuko ukora. Ariko mu bihe byinshi iyi mitekerereze ni amakosa izaba amakosa kuko tudashaka gusobanukirwa n'impano abandi bahawe.

Twese twahawe impano zitandukanye, kandi kubera ko kanaka adafite imbaraga zingana n'izo ukoresha mu murimo, ntibishatse kuvuga ko atahamagawe nkawe. Ahubwo bishatse kuvuga ko yahawe impano zitandukanye n'izo wahawe. Bivuze ko atahawe imbaraga z'Umwuka Wera mu buryo bumwe wazihawemo. Gushyira impano zabo mu mwanya ukwiriye bizatuma bera imbuto, nawe bizatuma unesha.

Igihe dukoresha impano z'umwuka mu nzira nziza uko bikwiriye - tuzaba dukorera muni y'ubutwari n'imbaraga z'Imana, aho gukorera mu butwari n'imbaraga zacu. Igihe rero dukoresha impano zacu z'umwuka mu buryo bukwiye bizashimisha ndetse dukorane umunezero.

Senga, kandi usabe

None- kuki dukwiriye gusenga?

Imana iba yarangije kumenya ibyo dukeneye n'ibyo twifuza, none se kuki dusenga? Ese byaba ari uko dutekereza ko Imana itazi ibyo dukenye? Ese byaba biterwa nuko dutekereza ko Imana itazi ibitubabaza? Cyangwa se, birashoboka ko twaba dutekereza ko izatugirira Ubuntu budasanze cyangwa izagira indi nyiturano niba tuyisaba cyane mu isengesho?

Aha hari igisubizo: Isengesho ry'ukuri ni ukuyisabana kwizera. Dukwiriye gusenga no kuyisaba ko ubushake bwayo bukorwa.

Imana ishaka ko tuyisaba ibintu. Igihe dusaba Imana ibintu tuba tuyereka ko turiho kubwayo ndetse tukamenya ko ariyo ibigenga. Tumena yuko izi ibyo dukenye kandi ko dukeneye ko yadutabara. Dukeneye ugutabarwa kwayo. Gusenga ni ukwizera mu bukorwa. Gusenga ni ugukomanga ku muryango wayo noneho biciye mu kwizera tukamenya ko izadukingurira imiryango ikaduha ibyo tuyisaba.⁵⁸² Iyo rero tugendanye n'ubushake bwayo ndetse tukubaha amategeko yayo tumenya ko izaduha umugisha ndetse ikadusumbisha amahanga yose.⁵⁸³

Kubera yuko Imana iba yarangije kumenya ibyo dukenye, ibi ntibivuze ko dukwiriye guhagarika gusenga. Dukwiriye gusenga kubera ko twifuza gushyira ku murongo umwe ubushake bwacu n'ubushake bwayo. Dukwiriye gusenga kubera ko twifuza gushimangira ubusabane bwacu nayo. Imana ivuga ko izaduhindura kugira ngo tubashe kumenya ubushake bwayo.⁵⁸⁴ Reka rero dusubire muri uyu murongo w'ingenzi - biciye mu isengesho no kuyikenera ibitekerezo byacu bizahindurwa kugira ngo tubashe kumenya ubushake bwayo.

Ntidukeneye amagambo y'intyoza mu gusenga

Ushobora kuba mu by'ukuri wifuza gusenga - ariko ntuzi uburyo bikorwa. Cyangwa, birashoboka, ushobora kuba utekereza ko utabasha kubona amagambo akwiriye washyira mu isengesho. Aha hari inkuru nziza: Imana izakwitaho. Igihe wemereye Yesu mu mutima wawe Umwuka Wera w'Imana atura mu mutima wawe,⁵⁷⁶ noneho kubera ko Umwuka Wera akuzi neza kuruta uko wiyizi Umwuka Wera azagufasha gusenga.⁵⁸⁶ Umwuka Wera azakwingingira kandi ashyire buri kimwe cyose ushaka kuvuga mu magambo akwiriye.⁵⁷⁸ Mbega umugisha!

Ibi bivuze ko udakeneye gukoresha amagambo azimije yo kubwira Imana ibyo utekereza. icyo ukeneye gusa ni ukwizera.⁵⁸⁸ Umwuka Wera azi by'ukuri ibyo ushaka n'ibyo ukenye kandi we afite umuyoboro w'ubusabane ku Mana - bityo rero azi neza uburyo ki yasaba.⁵⁸⁹

Dukeneye gusenga cyane kuko hariye kuzabaho igihe cy'ubuhenebere

Intego nyamukuru y'isengesho ni ukwerekana Imana ukwiyemeza n'ukwizera kwacu. Imana yifuza ko tuyisenga igihe turi mu byago,⁵⁹⁰ igihe twishimye,⁵⁹¹ igihe turwaye,⁵⁹² igihe twacumuye,⁵⁹³ n'igihe turimo dukira uburwayi.⁵⁹⁴ Itubwira nanone ko dukwiriye gusenga dutuje⁵⁹⁵ ndetse no gusengera abatubabaza.⁵⁹⁶ Imana itwigisha ko nidusabira gusa abadukunda- n'iki tuzahembwa? Dukeneye gusengera ba bandi batadukunda; dukeneye gukunda abanzi bacu ndetse no gusengera abatubabaza. Imana ubwayo yatwigishije uburyo dukwiriye gusenga.⁵⁹⁷

Uko tugenda twegera ibihe by'imperuka Imana ishaka ko turushaho gusenga ndetse no gusengerana. Itubwira ko hazabaho ibihe birushya hano muri iyi si tutigeze kubonaho.⁵⁹⁸ Dukwiriye kumenya uburyo turi imburamumaro ndetse n'abanyanteye nke igihe tudafite Umwuka Wera muri twe.⁵⁹⁹

Senga buri muni kugira ngo Umwuka w'Imana aguhe umugisha kandi agufashe guhindura abantu bagukikije batari bamenya umugambi w'Imana. Ikintu kimwe ukwiriye gukora - babwire iby'iki gitabo.

Kuba igishashi

Indilimbo

Uko tugenda twegera iherezo ry'iki gitabo ni iby'ingenzi ko wumva indilimbo ikurikira, Waremewe kwamamaza ubutumwa bwiza". Iyo ndilimbo igize igice kinini cy'iki gitabo ikaba ifasha gusobanura icyo Imana yifuriza buri wese muri twe. Ushobora kumva amajwi y'iyi dilimbo ku rubuga rwacu:

<https://understandgodswill.com/our-song.html>

Mu itangira ry'iki gitabo wasomye uburyo umwanditsi w'iki gitabo ndetse n'umwanditsi w'iyi ndilimbo bahuriye hamwe - atari kubw'amahirwe - ahubwo kubw'umugambi w'Imana, kugira ngo bakore ubutumwa bw'iki gitabo.

Hari ubutumwa bwinshi buboneka muri iyi ndilimbo twaganiriyeho mu nyigisho zihuruka z'iki gitabo - nuko rero turizera ko uzafata umwanya wo kuyumva. Niba kandi hari impamvu ikubuza kuyumva hano tugufitiye amagambo yayo:

Indilimbo

WAREMEWE KWAMAMAZA UBUTUMWA

Umuririmbyi kandi akaba n'umwanditsi w'iyi ndilimbo:

NIKKI Chapin

Mu by'ukuri sinigeze ngira inzira y'amagambo

Yo kwemeza cyane

Kandi yumvikanisha

None mpamvu ki nshobora kwizera ko nagira umuntu nageraho

Kandi ngashobora kumwigisha

Ndetse nkanamuyobora mu Bwami bw'Imana.

Uw'urumuli ruto mu mwijima

Uw'ijwi rito

Uw'umutima muto

Ariko nizeye ko naba igishashi,

Ikirimi gito cy'umuriro cyaba imbarutso y'ikibatsi cy'umuriro

Kandi naremewe kwamamaza ubutumwa,

Naremwe kubera impamvu

Nakirijwe gukorera Umwami Imana yanjye

Kandi azaha umugisha icyemezo cyanjye

Nibwo nzabona ko umuntu muto nkanjye

Ashobora kuremwa kugira ngo yamamaze ubutumwa

Nuko nta jambo rya Yesu Kristo

Nzasohoka hanze igihe nzaba ngifite igihe
Nuko nzabageraho
Maze mbayobore mu bwami bw'Imana.

Uw'urumuli ruto mu mwijima
Uw'ijwi rito
Uw'umutima muto
Ariko nizeye ko naba igishashi,
Ikirimi gito cy'umuriro cyaba imbarutso y'ikibatsi cy'umuriro

Kandi naremewe kwamamaza ubutumwa,
Naremwe kubera impamvu
Nakirijwe gukorera Umwami Imana yanjye
Kandi azaha umugisha icyemezo cyanjye
Nibwo nzabona ko umuntu muto nkanjye
Ashobora kuremwa kugira ngo yamamaze ubutumwa

Ntiyigeze na rimwe avuga ngo nzagende mu byubahiro
Icyo yavuze gusa ni uko ngenda n'amaguru nkagira umuntu muzanira
Kubw'ibyo njyewe ubwanjye nabayeho ku bw'ubutumwa
Naremwe kubera impamvu
Nakirijwe gukorera Umwami Imana yanjye
Kandi azaha umugisha icyemez cyanjye
Nibwo nzabona ko umuntu muto nkanjye
Ashobora kuremwa kugira ngo yamamaze ubutumwa

Kuki biruhije cyane?

Kuki tubona ko bikomeye kuvuga ibijyanye no kwizera kwacu?
Cyangwa ibyerekeye Yesu? Ese dufitiye ubwoba abaturage kubyo
batekereza cyangwa se bavuga? Ese dufite ubwoba ko hashobora
kuboneka umuntu utemeranya natwe - cyangwa se ufite ibitekerezo
bihabanye n'ibyacu? Ese dufite ubwoba ko batazigera basa natwe?

Cyangwa se, birashoboka ko byaba biterwa nuko dufite ubumenyi
budahagije ku byo Bibiliya ivuga muri ibi bihe, cyangwa se Yesu uwo
ariwe.

Nta kintu na kimwe cyadutera ubwoba mu gihe dufite Umuremyi
waremye ijuru n'isi uri mu ruhande rwacu.⁶⁰⁰ Nta wundi rero utanga
ubuzima. Tekereza kuri ibi umwanya muto. Dukeneye guhimbaza
Imana iyo iduha ubuzima. Uwiteka aravuga yuko niba dutinye
kumuhamiriza imbere y'abana b'abantu, nawe ntazaduhamiriza igihe
azaba agarutse mu bwiza bwe.⁶⁰¹ ntabwo ari byiza.

Bikomereye benshi gusangiza kwizera kwabo n'abandi bantu kuko
ntibaragasobanukirwa by'ukuri icyo Bibiliya ivuga. Ntibigeze bafata
umwanya wo gusoma Bibiliya, cyangwa kuyiga. Abantu benshi ntibajya

biga Bibiliya kuko ni igitabo gikomeye cyo gusoma. Ntushobora kubumbura Bibiliya ngo usome paji nkeya, cyangwa se imitwe mikeya hanyuma ngo usobanukirwe n'icyo bivuga. Bibiliya ni umubumbe w'ibitabo 66 kandi bigomba gusomwa byose cyangwa se hashobora kuba hari ikintu cyibagiranye mu bwenge bwawe kirebana n'icyo ivuga.

Nanone gucanganyikirwa biterwa nuko ibitabo 66 bigize Bibiliya bidatondetse hakurikije imyaka inkuru yabereyeho, bityo rero iyo ubumbuye Bibiliya ukayisoma nk'ikindi gitabo, kuyishyira mu bihe biragucanga. Ibi rero biracanganyikisha ndetse bigatuma abantu batongera kuyisoma - birababaje.

Kugerageza gusobanura Yesu uwo ariwe ariko udasobanukiwe n'umugambi munini we - bisa ngo kuvuga ibigwi by'umuntu ubisoma gusa ku rwandiko rw'ishyamba. Ntibishobora gukorwa. Ese hari uwasobanura umuntu atigeze amenya? Gusobanura umuntu - umuntu uwo ariwe wese - dukwiriye kumenya ibyo bavuze, ibyo bakoze, ibyari iby'ingenzi kuri bo, Uko bahagurukaga, uko bitaga ku bandi, ibyo bizeraga, n'ibindi byinshi.

Niko bimeze kuri benshi muri twe igihe hagize uzana ikiganiro kuri Yesu, cyangwa se igihe hagize utubaza imyizerere yacu. Biraturakaza. Imitima yacu igatera cyane. Ndetse tugashaka guhindura ikiganiro. Ariko ntibyakagombye gukorwa muri icyo nzira. Dukeneye gusobanukirwa n'ibyo Imana yadukoreye ndetse dukwiriye gutuza tukabiganiraho. Ni Imana yo mu ijuru tunganiraho. Ifite umugambi munini, kandi dukeneye kubwira abandi ibyerekeranye n'uwo mugambi wayo.

Turizera ko iki gitabo kizagufasha, ariko uracyakeneye gusoma no kwiga Bibiliya. Bibiliya ni ijamba ry'Imana, kandi ijamba ry'Imana risobanura neza ubushake bwayo. Iki gitabo ni agace gato cyane k'ibyo Imana ivuga. Dukwiriye twese guhora twiteguye kubwira abandi ibyerekeye ibyiringiro dufite.⁶⁰² Guha abandi iki gitabo bibafasha kwiga ibyo nawe wize. Iyi nkuru nziza ntuzayigire ubwiko. Sangiza iki gitabo abandi. Ushobora kujya ku rubuga rwacu iki gitabo ukagikurura ku buntu - nyuma ukacyoherereza abandi kuri za emails zabo. Ushobora no gutanga komandi y'amakarita.

Niba ugishidikanya ko waremwe ku bw'umugambi - nyabuneka ongera usome umutwe wa 4 w'iki gitabo usome igika gisobanura amahirwe yo kuba wararemwe bitari ku bw'impanuka ahubwo ku mugambi w'Umuremyi. Urasanga ayo mahirwe ari ku mubare muto cyane. Amahirwe yo kuba isi ndetse n'abantu bayirimo byaba byararemwe ku bw'amahirwe ni umubare muto cyane utabasha gusobanura. Rwose ni umubare muto cyane. Subira ku Mutwe wa 4 urasanga ayo mahirwe ari 1/10³²² Ibi bikaba bihwaye na .000 (wongeyeho andi mazeri 319) hanyuma bikaza kuba 1. Uyu mubare muto cyane ntabwo ukubiyemo

amahirwe yo kuba amoko ibihumbi amagana y'ibimera n'inyamaswa nabyo byaba byarabayeho ku bw'amahirwe. Ni umubare muto ugenda wikuba nanone n'umubare muto bikabyara umubare muto utemeza ko ibyo byose byabayeho kubw'amahirwe. Ndizera ko ibi biragufasha gusobanukirwa ko utavutse ku bw'impanuka. Uri igihangano gitangaje cyaremwe ku bw'impanvu n'Imana y'urukundo. icyo ukwiriye gukora ni ugushakashaka impamvu yatumye uremwa noneho ugakora kugira ngo uwo mugambi wuzure.

Ni iki nkwiye gukora nonaha?

Turagushima cyane, wafashe umwanya wo gusoma iki gitabo noneho umaze gusobanukirwa na Yesu uwo ariwe. Nanone kandi warangije gusobanukirwa n'ibyo Yesu yagukoreye ndetse n'impamvu yabikoze. Dufite ibyiringiro ko warangije kwakira impano ye y'ubuntu bityo ukaba ugiye gutangira ubuzima bushya bufite intego. Niba utari wakira impano ye y'ubuntu, senga kugira ngo Umwuka w'Imana agufashe kwemera ukuri kwayo. Ntiwemerere umwanzi ko akomeza kugushuka.

Satani akomeje gucengacenga. Satani ashobora gukomeza kukubeshya - akubwira yuko iki gitabo atari ingenzi cyangwa se ko ushobora gutegereza ukazafata icyemezo ubutaha. Dore uburyo akoreshe: Gusubika, kuyobera, guhenda, kugufata umwanya mu tuntu n'utundi, no gufunga umuyoboro w'ibitekerezo byawe kugira ngo udatekereze ku by'ingenzi. Senga isengesho urasanga mu Mutwe wa 5 w'iki gitabo hanyuma ureke Imana itegeke ubuzima bwawe. Bizoroha cyane kuruta uko wakwiyobora wowe ubwawe. Imana izakuyobora, ikuzuze, igukomeze, ndetse imurikire n'intambwe zawe. Igihe wemereye Yesu kuza mu mutima wawe ubugingo bwawe buzakizwa by'iteka ryose. Iteka ryose! Ntugakore ikosa kugira ngo utazacirwaho iteka. Iteka ryose ni igihe kirekire.

Bityo rero, igihe wakiriye Yesu nk'Umwami n'Umukiza wawe, ushobora kugenda kugeza aho izuba rirenze uzi yuko wakijijwe kandi ushobora no kubibika muri wowe, sibyo?

Sibyo.

Hari abantu benshi, ndetse muribo harimo inshuti zawe, bishobotse harimo bamwe bo mu muryango wawe, abandi benshi bo muri iyi si bazajya muri Gehinomu by'iteka ryose baramutse batize ibyo wowe wize. Dukwiriye kubashaka kandi tukababwira ibyo Yesu yakoreye buri wese muri twe. Bashobora kuba ari abantu batuye mu mazu y'umuturanyi wawe, abo mukorana, abo wowe utoza, abo mukorana siporo, abo ubona muri resitora, abo mwigana, abo ucaho ku muhanda, abo muhurira muri bisi cyangwa gariyamoshi. Buri umwe umwe muri aba akeneye nawe kwiga ibyo nawe wize - buri umwe wese. Ni abantu benshi. Abenshi muri twe bashobora kubona ko uyu murimo

udashoboka. Ni gute twagera kuri buri wese tugahetura isi yose. Ibi ntibishoboka. Sibyo?

Oya, siko biri.

Ongera wumve indilimbo, kandi wizere. Izere ko ushobora kuba igishashi. Kuba igishashi muri iki gihe nicyo kintu cyoroshye cyo gukora. Buri wese muri twe ashobora kuba igishashi - icyo gishashi kibyara ikirimi cy'umuriro, ibirimi by'umuriro bigakongeza ikibatsi cy'umuriro. icyo gishashi gishobora kuba wowe. Birashoboka ko ushobora kuba utarigera ugira uwo wemeza cyangwa ngo umwumvishe iby'Imana, cyangwa se ukaba utazi kuvuga neza. Biroroshye cyane ukamenya ko utazakenera gukora cyane kuko uri muto, kandi ibi nibyo Satani yifuza ko uhora utekereza. Ushobora kwibaza uburyo ushobora kugera ku muntu umwe, ukigisha uwo muntu, noneho ukamuzana mu bwami bw'Imana.

Ongera wumve indilimbo. Wabishobora.

Yego, uri urumuli ruto mu mwijima. Yego, uri uw'ijwi rito. Yego uri uw'umutima muto. Ariko noneho umenye yuko ushobora kuba igishashi, igishashi kibyara ibirimi by'umuriro, ibirimi by'umuriro bikabyara ikibatsi cy'umuriro. Waremewe kwamamaza ubutumwa. Waremwe kubera impamvu. Wakirijwe gukorera Umwami Imana kandi azaha umugisha icyemezo cyawe.

Umuntu muto nkawe, ufite kwizera guke, kwizera kungana n'akabuto ka sinapi,⁶⁰³ Uzabona ko umuntu muto nkawe ashobora gukora agashya. Bishobora kuba igishashi cyawe cyakongeye umuriro mu gihugu cyawe cyangwa mu Karere utuyemo, mu baturanyi bawe, aho ukorera, muri bisi wicayemo cyangwa se muri gari ya moshi, muri club yawe y'ubuzima, aho unywera icyayi, muri butiki yawe, ndetse n'ahandi hantu henshi.

Ntituzakorera ibyo kwihimbaza

Buri wese muri twe abasha kugera ku muntu, abantu tuzi, ndetse n'abo tudakunze kubonaho - byashobora kuba bamwe mu baturanyi bawe, abantu bo mu bipangu, abo mwabanye, inshuti zawe, n'abandi. Twese hamwe tubasha kugera kuri buri muntu. Ibyo dukeneye kwizera ni uko tuba Igishashi, ba gishashi bakongeza ibishirira, ibishirira bibyara umuriro, umuriro utabasha kuzima. Uyu muriro ubasha gukwira isi yose, ukagera kuri buri wese, niba twizeye.

Nkuko indilimbo ibivuga, Imana ntiyigeze ivuga ko ibyo tuzabikorera kwihimbaza. Ntituzaba ibirangirire. Yadutegetse gusa gusanga intama nyuma tukazizana mu rugo rwayo. Kuki ibi dukwiriye kubikora? Kuki dukwiriye kubwira abandi ko basoma iki gitabo? Ni ukubera ko - Yesu

yagupfiriye. Yagiye ku musaraba nuko bamutera imisumari mu biganza no ku birenge afira ku musaraba. Abambwa ku musaraba yafashe ibyaha by'isi yose abyirundaho⁶⁰⁴ - by'ibihe byose. Kandi ibi byose yabikoreye weho, nanjye. Yishyizeho ibyaha byawe byo mu gihe cyahise, mu gihe cya none, no mu gihe kizaza. Ibyo ukwiriye gukora - ni ukwizera.

Igitu yamanitsweho niwe wakiremye. Umusozi w'amabuye umusaraba we warushinzeho, niwe wawuremye. Imisumari bateye mu biganza bye ndetse no mu birenge bye yakozwe mu byo yaremye. Imyaka Magana inane mbere yuko aza kuri iyi yatubwiye ko ibyo bizabaho,⁶⁰⁵ nuko biciye mu muhanuzi Yesaya yanatubwiye ko yari akwiriye gufata - yari akwiriye kubambwa kubw'ibicumuro byacu.”

Hanyuma, amaze kubyarwa n'umwari Mariya, byose byasohoye neza nkuko yari yarabivuze. Ibyo yabikoreye kubera urukundo rwinshi igukunda. Weho. Weho gusa. Iyo uza kuba ariwowe gusa wari utuye isi yanagombaga kubikora. Uri ikiremwa cyayo gishyitse. Yaje kuri iyi si gukiza roho yawe, umwuka yakuremeye uzabana nayo iteka ryose. Ariko - ukwiriye kwizera. Kandi ukwiriye kwakira impano ye. Izaha umugisha amahitamo yawe kandi irakwifuriza kumenya ko umuntu muto nkawe yaremewe umurimo.

Kuki Imana yifuzako uba Igishashi?

Hari impamvu nyinshi:

- (1) Kubera yuko Imana idusaba kubikora^{606 607}
- (2) Uwiteka adusaba iteka guhora twiteguye gusobanura impamvu z'ibyiringiro byacu⁶⁰⁸
- (3) Uwiteka adusaba kugirira abandi ibyo twifuza ko batugirira⁶⁰⁹
- (4) Uwiteka adusaba kubwira abandi - baba bifuzaga kumva cyangwa batabishakaga⁶¹⁰
- (5) Niba ufite isoni zo kumuhamya, nawe ntazaguhamiriza igihe azaba ahabwa ikuzo rye⁶¹²
- (6) Kubera yuko kubwira abandi ni imwe mu mbuto z'Umwuka Wera⁶¹³
- (7) Kubera yuko kubwira abandi ni igikorwa cyiza cy'ubwenge⁶¹⁴
- (8) Kubera yuko kubwira abandi bizabarinda kuja muri Gehinomu⁶¹⁵
- (9) Kubera yuko kubwira abandi bizanezeza Imana⁶¹⁶

- (10) Kubera yuko kubwira abandi bituma haboneka abakurikira Imana⁶¹⁷
- (11) Kubera yuko kubwira abandi bizatuma abamalayika banezerwa⁶¹⁸
- (12) Kubera yuko kubwira abandi bizatuma haboneka abakozi bo gusarura nabo bashakashaka abandi bazimiye⁶¹⁸

Inzira zikurikira zishobora gutuma uba Igishashi.

Hari uburyo bwinshi bwo kuba Igishashi, Aha tuhafite inzira zimwe na zimwe. Ntagushidikanya ushobora gutekereza no ku zindi nzira zatuma uba Igishashi.

Icarana na bagenzi bawe, muhurize hamwe ama lisiti yanyu nyuma ukore ibyo ushoboye ku rutonde rwawe. Ba Igishashi- ukongeze umuriro!

- (1) Tangira ubwire inshuti zawe ibirebana n'iki gitabo. Ubahe kimwe muri iki gitabo, cyangwa se uboherereze kuri email yawe iki gitabo, cyangwa se ubabwire ko dufite na audio z'iki gitabo. Bishobotse wumvane nabo iki gitabo.
- (2) Uherereza abaturanyi bawe iki gitabo biciye mu iposita. Bigushobokeye womekeho ubutumwa bugufi ubabwira ko hari umuntu ubakunda.
- (3) Uhereza igitabo mu miryango itegamiye kuri Leta waba uzi
- (4) Uhereza iki gitabo ku miryango y'abagiraneza waba uzi.
- (5) Uhereza iki gitabo ku bayobozi b'amatorero waba uzi mu gihugu utuyemo kuko nabo bashobora kubwira abandi iby'iki gitabo.
- (6) Tangiza itsinda rito ry'abasomyi mutangire mwigire hamwe iki gitabo
- (7) Uhereza Kopi y'iki gitabo kuri ba Misiyoneri ndetse n'imiryango yabo
- (8) Uherereza bamwe mu gize umuryango wawe iki gitabo ndetse n'abandi mufitanye isano batari bamenya Yesu uwo ariwe.
- (9) Somera iki gitabo abana bawe ndetse n'umuryango wawe mu masaha y'umugoroba
- (10) Oherereza iki gitabo ku bakozi barera abana (Bishobotse ubasure ndetse mugisomere hamwe)
- (11) Ohereza iki gitabo ku bantu bakorera akazi kabo muri za biro ndetse no mu mazu y'imfungwa na za gereza

- (12) Oherereza iki gitabo ku bantu batuye mu rugo iwawe, mu gipamgu no mu igorofa yawe
- (13) Ohereza iki gitabo ahabereye ibirori, za fesitivali ndetse n'amakwe
- (14) Iki gitabo kigaragare ku matorero ndetse n'ahandi hose hasengerwa
- (15) Reka iki gitabo kigaragare ahabera igikorwa cyo gufasha abatishoboye (abatagira amazu, abagore, abagabo n'abandi)
- (16) Iki gitabo ukigeze ku bakozi mukorana
- (17) Iki gitabo ukigeze ku ba mama n'abagabo bibana waba uzi
- (18) Iki gitabo ukigeze ku ba mama ndetse n'abapapa musangira icyayi
- (19) Buri gihe uzabe ufite ibitabo bike mu rugendo rwawe nyuma ugende uha iki gitabo uwo Imana ikweretse
- (20) Wohereze iki gitabo ku bakozi waba uzi
- (21) Wohereze iki gitabo ku baganga, ndetse n'abajyanama b'ubuzima waba uzi
- (22) Wohereze iki gitabo ku banyapolitiki waba uzi
- (23) Wohereze iki gitabo ku bacuruzi n'abashoramari waba uzi
- (24) Wohereze iki gitabo ku bariumu waba uzi
- (25) Zenguruka igihugu cyawe(cyangwa umujyi) ugenda utanga iki gitabo
- (26) Shyira iki gitabo mu isomer rikwegereye
- (27) Tangaza iki gitabo kuri TV, ibinyamakuru ndetse n'amaradio
- (28) Tangaho impano iki gitabo ahabereye- kwizihiza ivuka ry'umwana, isabukuru n'ibindi
- (29) Ohereza iki gitabo ahari kubera umuhango wo gutandukana kw'abashyingiwe.
- (30) Ohereza iki gitabo abizihiza ibirori byo gushyingirwa
- (31) Oherereza abarwayi ndetse n'abarwaza iki gitabo
- (32) Oherereza iki gitabo uwabuze umwe wo mu ryango we- uwapfushije(umwana, umufasha we cyangwa se undi)
- (33) Ohererza iki gitabo abakozi bashinzwe guhumuriza bandi
- (34) Tangiza itsinda ry'abanyeshuri bige iki gitabo ndetse wifashishe n'izindi nyigisho uzasanga ku rubuga rwacu.
- (35) Mu ishuri ryawe toranyamo nanone irindi tsinda muzagenda mwigana iki gitabo. Ushishikarize abandi banyeshuri batari muri iryo tsinda ubabwira ko bacikanwe kugira ngo nabo baze vuba vuba. Ube Igishashi wa ba Igishashi bituye utume iki gitabo kimenyekana vuba mu banyeshuri n'abarimu babo. Ubawire ko ari iby'ingenzi kugisoma. Ubanwire ko ari impano y'UBUNTU- Ubawire ko bashobora kujya kuri website yacu bahasomera ibindi bitabo bakoresheje telefoni zabo za iPhone, Android phone,

or iPad ndetse bakanahumvira za audio zigitabo cyacu. Shyira muri Bafule maze ureke buri wese yumve.

(36) Ubwire abantu ko bashobora gutanga komande ya za paperback-nyamara abenshi barabishaka. Gusoma cyangwa gutanga.

Buri imwe muri izi nzira yagufasha kuba Igishashi, ucana umuriro mu isi yose, ariko uzakomeze utekereze n'izindi nzira zatuma uba Igishashi.

Kuba ukongeza umuriro

Hari uburyo bwinshi bwo kuba Igishashi nkuko tubibona ku rutonde haruguru; ariko hari uburyo bumwe bwo kuba Igishashi bubasha kugera ku bantu benshi ndetse bishobotse ibihumbi amagana n'amagana. Ubwo buryo nta bundi ni ukuba ukongeza umuriro. Kuba ukongeza umuriro ni ukuba ufite ubushobozi bwo gukangurira abantu benshi ukazahabwana nabo umugisha - bishobotse bagafasha batanga ubutunzi, bishobotse bagafasha guhindura igitabo mu zindi ndimi (ibi turabikeneye, watwandikira niba witeguye kubikora), bishobotse bagafasha gusohora amakopi menshi y'igitabo / cyangwa se bakadufasha gutanga ibitabo aho babikeneye (iki gitabo), cyangwa se igihe ufite ubundi bumenyi.

Ubutunzi ntabwo buri gihe ari amafaranga. Hari abantu benshi batuye ahantu hatandukanye muri iyi si badafite ibibahagije, ariko bakiyumvamo ko ari abatunzi. Bafite umuryango. Bafite inshuti. Bafite umunezero w'ukuri mu buzima bwabo. Bafite ibyo kurya bihagije byo gutunga abana babo muri uyu mugoroba. Ndetse bafite kwizera guhagije kubaremera icyizere.⁶¹⁹ Si abakire ku mafaranga, ariko biyumva iteka ko ari abatunzi mu buryo bwose. Iyo umwe muri twe abonye uburyo banezerewe, hamwe n'ubutunzi buke, twibaza ukuntu twabasha kubona umunezero bafite. Wabishobora. Uwiteka azakurundaho imigisha yayo ku bw'amasezerano yayo.

Ubutunzi bushobora, birumvikana, gusobanura ko ufite amafaranga menshi (akaba ari nacyo gisobanuro bose bumva kimwe), ariko ubutunzi bushobora no kuba ibintu byinshi utunze. Ushobora kuba uri umutunzi w'urukundo ugirira abandi, ushobora kugira ubutunzi kuko ukangurira abantu benshi bakakumva, ushobora kugira ubutunzi bwo kuba ufite impano yo gusana no gukanika, ushobora kugira ubutunzi kuko ugira impuhwe n'imbabazi. Bityo rero kuba ukongeza umuriro ni ugusangiza ubutunzi bwawe abandi. Bigaragara neza igihe ukoresha ubutunzi bwawe uhindura ubuzima bwa benshi, atari ubwa bake,

Kuba umunyabwenge muri byose

Kuba ukongeza umuriro bigereranywa n'umuntu ugendana itoroshi - iyo ageze mu nzu yuzuyemo amatara azi igihe itoroshi ye azayishyira mu mufuko. Ukongeza umuriro azi igihe azakiriza amatara mu nzu. Azi yuko urumuli rubasha kumurika ahantu hose. Urumuli rumwe ruzamurika iburasirazuba, urundi iburengerazuba urundi amajyaruguru, urundi amajyepfo. Hari uruzazamuka hari n'uruzamanuka. Kandi hari amatara amawe atazabasha kwaka (urugero, ba bandi bahitamo kutizera).

Ukongeza umuriro azi neza ko igishashi kimwe cy'umuriro kibasha gukongeza ibirimi by'umuriro, ibirimi by'umuriro nabyo bikarema umuriro, umuriro mwinshi utazima. Ukongeza umuriro aba afite iyerekwa n'icyifuzo cyo guhindura isi kubera yuko baba bazi yuko bahawe umugisha kubwo kwizera, cyangwa umugisha w'ubutunzi bw'amafaranga, cyangwa byombi. Ukongeza umuriro aba yifuza gusangiza ubutunzi bwe n'ubwami bw'Imana kuko baba biyiziho kuba barakijijwe - kandi umurimo ukomeye baba basigaranye bakiri aha ku isi ni uwo gukorerwa uwabaremye.

Abahawe umugisha w'ubukire

Umubare w'abashobora kugera ku magana ndetse no ku bihumbi by'abatuye isi mu gikorwa cyihuse uba ubariwemo na babandi batsa umuriro bahawe umugisha w'ubutunzi bw'amafaranga. Abantu baba abatunzi ku mpamvu nyinsi. Bamwe ni abatunzi kuko bahawe umugisha n'Imana,⁶²⁰ Bamwe baronze ubutunzi kubera gukora cyane no kuronga ubwenge no gusobanukirwa,⁶²¹ bamwe babonye ubutunzi kubera umurage w'ababyeyi babo,⁶²² bamwe babonye ubutunzi biciye mu nzira zitubaha amategeko y'Imana.⁶²³ Ariko, ntacyo bitwaye aho ubutunzi bwawe bwaba bwaravuye hose- ushobora gukora agashya nonaha.

Ntacyo bitwaye uburyo waherewemo umugisha, kuva uyu muni gukomeza ushobora kuba ukongeza umuriro mu nzira itangaje. Ushobora kwakira impano y'ubuntu ya Yesu ndetse ugaha Imana icyubahiro ukoresheje ubutunzi bwawe.⁶²⁴ Kuko ubutunzi bwawe mu minsi iraza buzata agaciro.⁶²⁵ Mu by'ukuri, ubutunzi bwawe mu minsi y'imperuka bushobora kuzagushinja.⁶²⁶ Ntiwemerere gushidikanya k'ubu buzima ndetse n'ubutunzi bwawe ndetse no kurarikira indi "mitungo" ngo bibangamire ijambo ry'Imana.⁶²⁷ Ukoreshe ubutunzi bwawe ibyiza.

Kuva uyu muni ushyire ibyiringiro byawe mu Mana. Imana izakugabira buri kimwe cyose kugira ngo igushimishe.⁶²⁸ Kuri ba bandi bashyira urukundo rwabo mu by'isi ntibazigera babona ibibahaza.⁶²⁹ Abantu bafite ubutunzi ariko ntibasobanukirwe n'Ijambo ry'Imana bazarimbuka

nk'inyamaswa mu ishyamba⁶³⁰ kandi ntarwibutso bazasiga hano mu isi. Ntiwemere koi bi bikubaho.

Ese waba wifuza kuba ukongeza umuriro? Ushobora kuba ukongeza umuriro uzasiga ikimenyetso aha mu isi, ugahindura abagize umuryango wawe, inshuti zawe, abakozi bawe, abaturanyi bawe, igihugu cyawe, ndetse n'ahandi hantu henshi. Ubutunzi ufite ni impano y'Imana kandi Imana ishobora kuba yaragukijije kubera uyu murimo. Tekereza kuribyo. Ntacyo bitwaye ubuzima ubwo aribwo bwose wabayemo Imana ishobora kuba yaraguteguye, ndetse iguha umugisha wo gutunga amafaranga, kugira ngo ufashe uyu murimo nonaha.

Kubwo kugira neza kwawe ushobora gufasha kugeza iki gitabo ku bantu aho bari hose. Ushobora kudufasha kugeza iki gitabo ku Magana y'abantu, bishobotse ku bihumbi by'abantu, ndetse na ma miliyoni y'abantu, kubera yuko wahawe umugisha. Tekereza ku ibi nonaha. Ushobora kuba ukongeza umuriro ndetse ugafasha gutangiza amagana ndetse n'ibihumbi by'aba Igishashi ku isi yose, ba Igishashi bazakongeza umuriro, umuriro utabasha kuzima. Imana izaguhemba kubw'icyemezo cyawe.

Kuba ukongeza umuriro nta kindi bigusaba. Tera inkunga uyu murimo wacu kugira ngo tubashe kubona ubutumwa bwo muri iki gitabo bugera mu mpande zose z'iyi si. Ushobora gukora agashya. Ushobora gukoresha ubutunzi Imana yaguhaye kugira ngo ube ukongeza umuriro, ndetse ukongeza umuriro w'umunyabwenge. Abadufasha ivigabutumwa bazakora cyane kugira ngo bageze ibitabo byacu bitandukanye ndetse n'ibisomerwa ku rubuga ku babikeneye bose - ku buntu. Ushobora gufasha gukomeza uyu murimo utera inkunga y'amafaranga kugira ngo dushobore gukomeza kwohereza ubutumwa bwo muri iki gitabo ku bantu bose bo muri iyi si bakeneye kimwe mu gitabo cyacu, igitabo kivuga, ndetse n'amakarita yacu. Gusa reka ubutunzi bw'Uwiteka bukumanukire. Ubuzima bwawe bube nk'umugezi (Reba umugereka wacu urebe icyo bisobanura). Impano yahe ibikiwe ibihembo by'iteka ryose - kuri wowe ndetse no kubo uzageraho bose.

Ushobora kuba ukongeza umuriro ufasha gutangiza ibishashi, ibishashi bireme ibirimi, ibirimi bibyara umuriro, umuriro utabasha kuzima - igihe cyose uzaba wizeye. Hamwe nawe tubasha kugera kuri buri wese. Ku rubuga rwacu uzahabona ipaji irimo imibare, uko twabasha kugera ku bantu bose. Nibyo, isi yose. Birashoboka. Imibare yacu irabitwemeza.

Igihe wateye inkunga umurimo wacu tugusezeranije ko tuzakomeza kukugezaho amakuru y'abantu banshi twagezeho. Tuzakomeza kuguha cyane amakuru buri - cyumweru, kwezi, cyangwa se buri mwaka. Kubwo kugira neza kwawe uzahabwa umugisha kuko wizeye.

Ese waba wifuza gukora agashya ku bantu amagana, ibihumbi, ndetse bishobotse ku ma miliyoni y'abantu? Birashoboka, fatanya natwe gusa. Kubw'ubufasha bwawe dushobora kubona ba spaki benshi mu isi yose - nkuko Imana yadusabye kubikora.⁶²¹ Reba kuri paji yacu iheruka urebe uko waba ukongeza umuriro, cyangwa uje ku rubuga rwacu www.UnderstandGodsWill.com nuhagera ukande ahanditse "Save Souls!"

Uzahabwa umugisha nudufasha kugeza iki gitabo mu gihugu cyawe, ndese no mu isi.

Ubushake bw'Imana buzabaho

Ushobora kumenya ibyiza, bishimwa kandi bitunganye Imana yifuza.

Buri gihe, igihe cyose ifashishe iyi mfashanyigisho kugira ngo umenye ubushake bwayo. Bibiliya ni ijambo ry'Imana kandi ni mu jambo ry'Imana uzasanga ubushake bw'Imana- ubushake bwe bwiza, bushimishije kandi bwuzuye.⁶³² Ubushake bw'Imana s' amayobera, ntabwo rero yabuguhishe. Ukeneye gusa kubushaka ndetse ukabukoresha ku buzima bwawe.

Ni muri Bibiliya aho uzabona ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. Ese waba warafunguye kandi wiga Bibiliya mu minsi ya vuba? Birashoboka ko iki aricyo gihe. Igira hamwe n'abandi Bibiliya, cyangwa se ushobora gufata agahe gato cyane ka buri muni ukiga kucyawe giti. Ntubure ubwenge ⁶³³ ⁶³⁴ ngo bitume utiga uko Imana iteye.

Ntiwibagirwe ko Satani yifuza ko wibera mu kutamenya ijambo ry'Imana n'ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. Ushobora gutsinda Satani wigira Malayika w'umucyo ⁶³⁵ ariko bizasaba igihe no kwihangana. Mu kwihangana kwawe Imana izaguha ubugingo buhoraho.⁶³⁶ Numara kwimenyereza kwiga Bibiliya, buri teka ujye uhora uzirikana ko kwiga ijambo ry'Imana atari amasiganywa, bisumba ibyo twita malato. Bigomba gufata umwanya uhagije ku mirimo yawe ya buri muni, bitari ukwinyabya gusa.

Ese urizeye?

Ese wizera ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana? Igisubizo kuri iki kibazo gihambaye ntikizashingira gusa mu buryo ubona Bibiliya. Ahubwo kizashingira mu kureba niba Bibiliya iyobora ubuzima bwawe.⁶³⁷ Niba wizera ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana, uzakenera kuyiga, kuyizera, no kuyubaha.

Bibiliya ishobora kuba urufatiro rwawe ndetse n'amahirwe. Imana ntizigera na rimwe ikuyobora mu bihe bitandukanye n'ibyo Bibiliya ivuga - kubera yuko Bibiliya ari ijambo ry'Imana. Buri gihe wifashishe Bibiliya

kugira ngo ugenzure ibyo wumva ndetse n'ibyo ubona kugira ngo urebe niba ari ukuri cyangwa se niba bitandukanye n'inyigisho za Bibiliya. Ushobora gukoresha Bibiliya nk'igipimo cy'ukuri" muri byose ukora, ndetse no mu byemezo bikomeye ufata. Gushidikanya k'ukuri kwa Bibiliya bizakingurira imiryango umwanzi ku kurwanya, bitume bigutandukanya n'Umwungeri wawe.

Ibyifuzo by'Imana ni uko buri wese akizwa.⁶³⁸ Birababaje, kuko bitazaba kuri buri wese. Ku bw'umudendezi Imana yahaye buri wese muri twe izi yuko abenshi bazahitamo kutayikurikira bigatuma abenshi barimbuka.⁶³⁹ Izi nanone yuko hari benshi bazakomeza kwibera mu bujiji. Ntiwemere yuko ibyo bikubaho.

Mwese Imana irabashaka

Kugira ngo ubashe komatana n'Imana yawe ni uko ugomba gukora ibyo ivuga.⁶⁴⁰ Ntushobora guhitamo no kumvira gusa amwe mu mategeko yayo, ukwiriye gukurikiza amategeko yose. Guhitamo ayo wishakira noneho ugasuzugura andi asigaye, ibi bizagereranywa no kuvuga ngo, "Ibi s'ubushake bwawe Mana - birababaje, sibikwiye. Ku muni w'imperuka Yesu azakubwira, "Sinigeze kukumenya."⁶⁴¹ Gukomeza amategeko yayo yose nibwo buryo twerekana urukundo rwacu tuyikunda, kandi uko niko natwe tuguma mu rukundo rwayo. Biciye mu kumvira amategeko yayo bizatuma imigisha yayo itembera mu buzima bwawe.

Imana irifuza kubana nawe, noneho igihe uzayisenga ndetse ukagendera kure inzira zawe zo kutumvira izakumva ndetse igukize.⁶⁴² Igihe uzaba umaze kuba inshuti yayo izaguhishurira umugambi wayo ku buzima bwawe.⁶⁴³ Nuba inshuti ya Yesu buri kimwe cyose Imana Data yahishuriye Yesu, na Yesu nawe azakiguhishurira.⁶⁴⁴

Umurimo wacu mu gihe tukiri mu isi

9 Nuko musenge mutya muti "Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe, 10 Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk'uko biba mu ijuru. 11 Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu muni, 12 Uduharire imyenda yacu, Nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu, 13 Ntuduhanze mu bitwoshya, Ahubwo udukize Umubi, Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyaweho, None n'iteka ryose. Amen.

-Matayo 6

Ese wabonye ko umurongo wa 10 uvuga ko umurimo wacu ari ugufasha kwimika Ubwami bw'Imana ku isi? Agakiza kacyi k'iteka ryose gashimangirwa igihe dushyira kwizera kwacu muri Yesu, ariko ubwiza bw'ubuzima bwacu tukiri hano mu isi buterwa n'uburyo duheka umugambi w'Imana nyuma yo gukizwa. Biciye mukumvira ijamba rye

ndetse no gusezerera inzira zacu za kera bizatuma amaso yacu afungukira umurage uhebuje wacu.^{645 646} Ibi bidusaba ko dukomeza gukurira mu bumenyi bwa Yesu,⁶⁴⁷ nabyo bikadusaba kwiga Bibiliya bityo bizatuma tudakorwa n'isoni iyo tubonye amahirwe yo kubwira abandi.^{648 649}

Gukomeza kwiga ijambo ry'Imana bizagura ubushobozi bwacu bwo gukunda, kubabarira, kugira umunezero, kugira ibyishimo, ndetse bikaduha ubushobozi bwo gusobanukirwa ubugari n'uburebure, igihagarike ndetse n'ikijyepfo by'urukundo rwa Kristo, ndetse urukundo ruri hejuru y'ubwenge bwose.⁶⁵⁰

Nuko rero, nkuko mubibona, umurimo wacu hano ku isi ni uwo guhesha Imana icyubahiro kandi tukaba ubuhamya kuri buri wese duhura nawe. Ibi dushobora kubigeraho igihe twize kandi tukubahiriza icyo Bibiliya ivuga kandi tugashyira mu bikorwa ukwizera kwacu ndetse n'ibyo twize mu byo dukora byose.

Aha hari uduce tumwe na tumwe aho Bibiliya ivuga ko twakagombye komatana n'inyigisho zayo mu gihe twera imbuto z'Umwuka Wera:

- Kwizera Imana⁶⁵¹
- Kubaho k'ubushake bw'Imana⁶⁵²
- Gushaka ubwami bw'Imana mu byo ukora byose⁶⁵³
- Gushima Imana mu bihe byose - ibihe byiza cyangwa se bibi bitunguye ubuzima bwawe⁶⁵⁴
- Hesha Imana icyubahiro mu byo ukora byose - Kubaha amahame yayo⁶⁵⁵
- Yikorere kandi ukore imirimo myiza nkuko ubushake bwayo buri⁶⁵⁶
657 658
- Shakira abandi ibyiza⁶⁵⁹
- Reka urumuli rwawe rumurikire abandi (igihe ukora) kugira ngo nibamara kubona imirimo yawe myiza bahimbaze Data wo mu ijuru⁶⁶⁰
- Ima amatwi ibiganiri by'ubugoryi by'abatizera ku bijyanye n'imirimo yawe myiza⁶⁶¹
- Irinde ubusambanyi⁶⁶²
- Igisha, tesha, kosora kandi wigishe abandi gukiranuka⁶⁶³
- Sengera mu gukiranuka kose, wizere ko Imana izasubiza amasengesho yawe⁶⁶⁴
- Saba Imana iguhe imigisha yayo no kubabarirwa kandi wizere igihe wegera Imana⁶⁶⁵
- Ntiwemere ko amagambo apfuye ava mu kanwa kawe⁶⁶⁶ kandi ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka.

- Komeza ukore ubushake bw'Imana kabone nubwo babiguhora⁶⁶⁷
- Ugire Ubuntu kandi ujye utangana umutima ukunze⁶⁶⁸
- Ntuzibikire ubutunzi hano mu isi⁶⁶⁹
- Wihangane⁶⁷⁰

Imigisha iheruka

Twatangiye iki gitabo tugaragaza ko hari amahitamo y'ingenzi y'uburyo bubiri ubasha gukora mu gihe ushaka kumenya Imana iyo ariyo. Ihitamo ry'ingenzi rya kabiri, waba warangije kurikora, ryari iryo gukingura umutima wawe kugeza igihe urangirije iki gitabo. Turagushimiye cyane, warangije neza uyu murimo. Noneho, kugira ngo ukomeze kwiga no kumenya Imana iyo ariyo no kwiga ubushake bwayo ku buzima bwawe ni uko ukomeza gukingura umutima wawe kugira ngo Imana ikuganirize, ikuyobore ndetse iguhe n'umugisha. Ifite byinshi byo kukubwira. Irashaka kuba inshuti yawe ndetse irashaka no kukwigaragariza bityo ukayimenya uko iri. Gerageza ufate umwanya muto noneho utekereze kuri ibi yavuze: Umuremyi w'isi - Irashaka kuba inshuti yawe. Uri umurimo w'intoke zayo, ubwenge bwayo, igihangano cyayo, ndetse n'umunezero wayo. Irashaka ko umenya ndetse ugasobanukirwa n'ubushake bwayo ndetse irashaka no kugusangiza ubwami bwayo. Mu buryo bwo kugufasha kumenya ibi byose yakuremye ifite icyifuzo cy'uko wakwiga impamvu waremwe, ndetse n'umugambi wayo. Iki gitabo ni intambwe ya mbere. Noneho ubasha gukomeza urugendo rwawe usobanukiwe.

Noneho- biri mu cyemezo cy'ingenzi ubasha gufata. icyemezo cy'ingenzi ni ukwizera gusa ko Imana yohereje umwana wayo, Yesu, mu isi gufira abanyabyaha. Iki cyemezo niyo nzira imwe rukumbi ushobora gukirizwamo kamere y'icyaha. Imana yarangije kugukorera umurimo ukomeye, icyo ukwiriye gukora gusa ni ukwizera. Imana yateguye umugambi wuzuye ndetse warangijwe gushyirwa mu bikorwa mu buryo bwuzuye. Nta kindi kintu rero usabwa gukora kugira ngo ubone itike ikugeza mu ijuru.⁶⁷¹ Nta bundi buryo bwo kuronga iyo tike, cyangwa kuyigura. Ubuzima bwawe ntibwabigukorera. Ukwiriye gusa kwatura kwizera kwawe muri Yesu.⁶⁷² Imana yashyize ahagaragara iyi mpano kuri buri wese, ariko kugira ngo ukizwe ukwiriye kwatuzza akanwa kawe⁶⁷³ ko wemeye iyi mpano. Biciye kuri Yesu ibisebe byawe bibasha gukira.⁶⁷⁴ Niba utari wemera impano ye - subira ku Umutwe wa 5 wongere wige uburyo ibi byakorwa. Bityo uzahabwa umugisha cyane.

Ushobora kubaho ufite intego

Twese dufite ubuzima bumwe kandi abenshi muri twe bifuza kugira ubuzima bufite intego. Sibyo? Ese urashaka kumenya uwo mugambi uwo ariwo? Nibyo urabishaka, Ariko ukwiriye kubanza kumenya Imana mbere na mbere nuko rero izumva amasengesho yawe ndetse yite ku byo usaba igihe gusa uzizera ko yohereje umwana wayo, Yesu, mu isi kugucungura.

Igihe rero ufashe iki cyemezo Imana izinjira mu mutima wawe kandi Umwuka Wera w'Imana uzagufasha kukuyobora mu bwenge bwose kugira ngo urusheho kuyimenya.^{675 676} Ariko ibi ntibivuze yuko uzahita uhabwa umuhamagaro. Bizagusaba gukomeza kwiga ijamba ryayo, ugenda urushaho kumenya impano z'umwuka yaguhaye, nuko rero izatangira kukwigaragariza ikwereka umugambi wawe ndetse n'umurimo wawe buhoro buhoro. Bishobora gufata iminsi, ibyumweru, ndetse bishobotse imyaka. Ariko kubera yuko uzaba watangiye kwiga impano ikurimo icyo ariyo, ndetse ugatangira gukoresha icyo mpano ukorera abandi, uzatangira kwibonera aho biri kugenda neza cyane. Hamwe na hamwe uzabona byacyiyemo neza kurusha ahandi, ahandi ubone nta kigenda. Aho rero uzumva hahesheje amahoro adasanzwe, ukuzura umunezero ndetse n'imbaraga - ako niko gace Umwami Imana yifuza ko uyikorera kuko niho yaguteguriye kuva mbere kugira ngo uzahakorere.⁶⁷⁷

Ubuzima bwawe buzabagiranira mu mugambi wayo uhebuje.

Ubuzima bwawe ni ingenzi. Ni ingenzi cyane. Ni ingenzi kuko waremwe mu buryo buteye ubwoba kandi butangaje.⁶⁷⁸ Waremwe mu ishusho y'Imana kugira ngo ubashe kwibona muri kamere yayo. Nushyira ibyiringiro byawe muri Yesu, Imana izaguha umutima mushya. Izakubohora. Izaguha ibyiringiro n'amahoro. Izaguha ubuzima bushya. Nukomeza kwibera muriyo, izahaza ibyo umutima wawe wifuza⁶⁷⁹ kandi izaguha umurimo mwiza uwo yaguteguriye kuva kera gukora.⁶⁸⁰

Ariko haracyari ibyo ugomba gukora. Ukwiriyeye kwiga ukamenya ubushake bw'Imana ku buzima bwawe ndetse ukiga ijamba ry'Imana. Ntiwongere gutakaza n'umunota umwe wibaza uko bizagenda, birashoboka. Ushobora gukomeza gufata ibyemezo by'ubupfapfa birebana no gupfusha ubusa igihe cyawe- ugatakaza imbaraga ubuzima bwawe bwakagombye kugira - cyangwa se ushobora no gufata ibyemezo by'ubwenge nonaha.

Igihe uziyemeza guta igihe kuri ibi, uzagira ubuzima bwiza buzabasha gukorera Imana kandi nayo izaguha umugisha nawe uheshe abandi umugisha. Tangira uyu muni. Ariko uzakenera kuba uwihangana mugihe uzaba utegerereje. Imana igomba kubanza kukwemera mbere yo kukunyanyagizaho imigisha yayo. Kandi ugomba kwizera Imana yuko izakwereka byinshi kubijyanye n'umugambi wayo igihe nikiba cyegerereje. Imana ntabwo izakwereka buri kimwe cyose mu mwanya umwe, ariko Imana igufitiye umugambi rero bizafata umwanya wo kumenya uwo ariwe. Umunsi umwe izakubonesha uruhande rw'imbere rw'ubwiza bwa tapi ye kandi ruzakomeza kuba rwiza. Ubuzima bwawe buzabagiranira mu bwiza bw'umugambi wayo.

Mbere y'uwo muni, Kora ibigushobokeye urwane intambara nziza, ube Igishashi, kandi ushyire kwizera kwawe muri Yesu⁶⁸¹ mu byo ukora

byose. Kuko igihe cyose uzashyira kwizera kwawe muri Yesu nta nakimwe kitazagushobokera.⁶⁸² Ntanakimwe.

Imana iguhere umugisha mu rugendo rwawe

Umugereka A: Ese urumva warahawe umugisha? Ushobora nonaha gukomeza kuwuhabwa.

(Hamwe n'inkunga yawe dushobora kugeza iki gitabo ku ntama zazimiye ndetse no kubo Satani yagize ingwate. Ntibikwiriye ko hakomeza kubaho inzitizi yo kuvuga no kwiga ukuri kw'Imana - ndetse n'izibuza abantu kwakira impano y'ubuntu yayo.)

Tear off and mail

Yes, I feel blessed by reading this book. I have learned so much - I would like to bless others.

Because God's gift is free -- I would like to help keep this book free to everyone who would like to read it. Yes, I want to be a spark! And I can - right now.
This is a bless-it-forward ministry. Those who are blessed (and they know it) will help find and bless those who are being deceived or are searching for their purpose.
Every \$1 that is donated will help us print and distribute one more book to people all over the world who don't know Christ's Good News!

Name: _____
Address: _____
City, State Zip: _____
_____ Yes! Please send me monthly updates via email about how this book is changing hearts!
My email: _____

Tear off and mail this form to:

I was made for a mission, inc
P.O. Box 846
Wayzata, MN 55391

*All gifts are
tax deductible!*

Yes, I want to support this ministry in the following way (check all that apply):

I would like to make a ONE-TIME gift of:	
One-time amount: _____	_____
_____ \$25 _____ \$100 _____ \$250 _____ \$500 _____ \$1,000 _____ \$5,000 _____ \$10,000 _____ Other: _____	
I would like to make a gift/payment EVERY MONTH to help SUSTAIN and GROW this ministry. Praise the Lord!	
Monthly amount: _____	_____
_____ \$10 _____ \$25 _____ \$50 _____ \$100 _____ \$250 _____ \$500 _____ \$1000 _____ Other: _____	

Here is my payment information for my choice above:

<input type="checkbox"/> I have enclosed a check.
<input type="checkbox"/> I authorize you to make a ONE TIME payment using my CHECKING ACCOUNT information below.
<input type="checkbox"/> I authorize you to make an ONGOING MONTHLY payment using the CHECKING ACCOUNT information below. Make this e-check payment on the _____ of each month.
Here is my checking account information: Bank routing #: _____ Checking account #: _____
<input type="checkbox"/> I authorize you to make a ONE TIME payment using the CREDIT CARD information below.
<input type="checkbox"/> I authorize you to make an ONGOING MONTHLY payment using the CREDIT CARD information below. Make this credit card payment on the _____ of each month.
Here is my credit card #: _____ Expiry Date: _____ Security Code: _____

This is the name on my check or credit card (please print): _____

My signature/authorization: _____

Umugereka B: Kwirakwiza hose impano y'Imana

Umuntu wese uzifuza kopi y'iki gitabo - Azagihabwa ku buntu nta kiguzi. Impano ya Yesu ni Ubuntu, rero iki gitabo ni Ubuntu. Ni inshingano zacu gukora uko dushoboye kugira ngo iki gitabo kizabonywe na buri wese muri iyi si ushaka kopi yacyo- kandi ku buntu. Nta nzira n'imwe yoroshye yo kuba Igishashi wabona kuruta uko watanga ku buntu iki gitabo, by'umwihariko impano y'ubuntu ihesha impano y'iteka ryose.

Buri gitabo kizatangwa kizafasha gukwirakwiza umuriro :

2Timoteyo 1: ⁶Ni cyo gituma nkwiubutsa gusesa impano y'Imana ikurimo ngo yake, iyo waheshejwe no kurambikwaho ibiganza byanyije. ⁷Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda. ⁸Nuko ntukagire isoni zo guhamya Umwami wacu cyangwa izanyije imbohe ye. Ahubwo ufatanye nanjye kurenganyirizwa ubutumwa bwiza, ufashijwe n'imbaraga z'Imana ⁹yadukijije, ikaduhamagara guhamagara kwera itabitewe n'imirimu yacu, ahubwo ibitewe n'uko yabigambiriye ubwayo, no ku bw'ubuntu bwayo twaherewe muri Kristo Yesu uhereye kera kose.

Kugeza iki gitabo kuri buri wese bisa n'aho ari umurimo udashoboka. Uvugishije ukuri, ntibishoboka.

Ahatari Imana.

Igiciro cyo gusohora igitabo mu icapiro ni hafi idolari 1 (\$1.00) ku gitabo kimwe, ariko bigaterwa n'ubwinshi bw'ibitabo bizasohoka mu icapiro. Gifite hafi paji 184 kikagira n'igifuniko cyiza mu mabara kandi gikomeye.

Niba Imana yaraguhaye umugisha turizera yuko uzifuza gufasha uyu murimo mu kwandika no gusohora ibindi bitabo byinshi mu icapiro kugira ngo tuzabitanze ahandi. Abakijijwe bazafasha kugera kubadukijijwe; tuzakorera mu bumwe nkuko Imana ibidusaba. Ubukire bwawe no kugira neza kwawe n'impano yavuye ku Mana kandi Imana ishobora kugukiza ndetse ikagusakazaho umugisha nonaha. Bitekerezeho. Ntacyo bitwaye ubuzima ubwo aribwo bwose wacyemo Imana ibasha kugutegurira ubundi ndetse ikaguha umugisha ugatunga amafaranga nonaha - kugira ngo udufashe tubashe kubwira abandi ibyerekeye Yesu. Ubasha gukoresha ubutunzi bwawe wubaha Imana, kandi Imana izaguha umugisha ku bw'icyo gitekerezo.

Niba uhisemo kuba ukongeza umuriro (nkuko twabisobanuye muri iki gitabo mu Mutwe wa 6) ubu nibwo buryo uzahindura abantu mu isi yose. Aha hari ingero:

-
- Imfashanyo y' amadollari 10 abasha gutuma twandika ibitabo 10 - uzaba ukijije imitima irenga 10 y'abantu!!
 - Imfashanyo y' amadollari 1,000 abasha gutuma twandika ibitabo 1,000 - uzaba ukijije imitima irenga 1,000 y'abantu!!
 - Imfashanyo y' amadollari 100,000 abasha gutuma twandika ibitabo 100,000 - uzaba ukijije imitima irenga 100,000 y'abantu!!!!

Gufasha abandi ni kimwe mu gice kigize ubutumwa bwacu kandi Imana izaguhira umugisha kubwo kugira neza kwawe. Dukeneye gusa kwemerera Imigisha y'Imana ikadusesekaraho ndetse yadusezeranije kuduha ubukire kubwo kugira neza kwacu. Kuko Imana iravugaga iti: "Uzahabwa umugisha mu nzira zawe zose kugira ngo nawe ubashe guhesha umugisha abandi, ndetse biciye muri twe kugira neza kwawe kuzatuma dushima Imana."⁶⁸³

Imana itwigisha ko tugomba kubaho tugira imyumvire y'umugezi, atari imyumvire y'ikiyaga. Iyo tubayeho dufite imyumvire y'ikiyaga bituma tuba abanyabugugu kuko tugumya gutegereza ko ikiyaga (urugero: ibyo tubitsa) byuzura - kandi iyo ikiyaga kiri hafi kuzura nibwo twumva aribwo twagira Ubuntu. Igihe ikiyaga gicagase tugundira ibyo dufite. Ubu buryo twifuza kubaho bwerekana ko tubuze kwizera. Tugira ubwoba ko ikiyaga kitabasha kuzura mu gihe runaka - icyo gihe rero turifata, ntidutanga. Noneho igihe tudatanga, ntishobora guhesha abandi umugisha. Noneho igihe tutabasha guhesha abandi umugisha, icyo gihe ntitubasha kunezeza Imana. Noneho igihe tutabasha kunezeza Imana, nibyo, ntibasha kuduha umugisha. Nkuko rero mubibona, ibi sibyo bihe byiza twakagombye kubamo.

Imana yatwigishije uburyo twabaho mu buzima bw'imyumvire y'umugezi. Yifuza ko tugira Ubuntu mu gihe cyacu ndetse mu butunzi bwacu kandi tukareka uko kugira neza kugatembera nk'uruzi - nta kintu na kimwe cyabisubiza inyuma. Igihe tugize Ubuntu yifuza ko tugira kwizera ko Ubuntu bwacu izabusimbuza ubutunzi bwo mu bubiko bwayo. Igihe duhinduye ubuzima bwacu nk'umugezi icyo gihe tuzahabwa umugisha kuko twagize kwizera muriyo. Kuko Imana yaravuze, "Umunyabuntu azahabwa umugisha, kuko uvomerera abandi nawe azavomererwa."⁶⁸⁴ Yarongeye iravugaga iti: "Girira abandi neza, udafite umutima ukunda; noneho kubw'ibyo Umwami Imana izaguhira umugisha mu byo uzakora byose ndetse no mubyo uzakoraho byose."⁶⁸⁵

Igihe tubayeho nk'umugezi, kandi tukizera amasezerano ye, dushobora gukora ibidashoboka. Tubasha kuba abanyabuntu kuko tuziko Imana izatwitura kubw'ineza yacu. Ibi bivuze yuko tugomba guha iki gitabo buri wese utuye muri iyi si ucyifuza- kugira ngo dufashe gutangaza ubutumwa bw'Imana kuri ba bandi batari babwumva. Ibi tukabikora kubera yuko biciye mu kwizera kwacu tuzi yuko Imana izaduha


umugisha kubwo kugira neza kwacu. Izongera itwuzurize. Uko tugenda dutanga, naniko nayo izaduha, nkuko umugezi utemba ubigenza. Ni mpa nguhe. Nkuko Imana yavuze, “Ubiba nke azasarura nke, ubiba nyinshi azasarura nyinshi.”⁶⁸⁶

Imfashanyo yawe ishobora gukiza umuntu runaka waba uzi, cyangwa umuntu utazi. Ashobora kuba umuturanyi wawe, cyangwa umuntu utuye mu kindi gice cy’iyi si. Reka tubahe amahirwe yo kwiga uwo Yesu ariwe, nkuko nawe wamwize. Hamwe n’imfashanyo yawe dushobora kwandika no gutanga ibitabo ibihumbi n’ibihumbi ku buntu, ndetse n’ibitabo byo kuvuga kuri buri wese ubishaka - mu bihugu byose bigize iyi si. Ushobora kuba umurashi nawe ukarasa umwami uzana ibishashi byinshi, ibishashi bigatanga umuriro, umuriro utazima. Kugira abafatanyabikorwa benshi muri iyi kubera imfashanyo yawe bizadufasha gusesa impano y’Imana iturimo (2 Timoteo 1:6) tuyigeza ku bandi - ntacyo bitwaye aho baba batuye hose.

Igihe utanga imfashanyo yawe nyabuneka senga kugira ngo ubushake bw’Imana bwigaragaze. Senga kugira ngo Imana izarinde ab ukunda bose, ibarinde umubi. Sengera nanone ba bandi batari bamenya Yesu bamubone. Imana buri gihe irahari kandi itegereje ko uyikingurira umutima wawe. Ntishobora kwinjira mu mutima utayitumiriyemo kwinjiramo. Irashaka guha buri wese iyi mpano nziza y’ubuntu, ariko abantu bakwiye kuyisaba. Reka duhe buri wese amahirwe yo kuyitumira kwinjira mu mutima we.

Uwiteka azumva amasengesho yawe nushyira kwizera kwawe muri Yesu. Igihe wizeye Yesu ndetse ugashigikira uyu murimo wacu - uzaba umwe mu bakongeza umuriro ndetse uzaba ufashije abafatanyabikorwa bacu bakwirakwiza ubu butumwa mu mfuruka zose z’isi, abarashi bazarasa umwambi, umwambi ukabyara ibishashi, ibishashi bikabyara umuriro, umuriro utazima. Imitima izakizwa. Imfashanyo yawe izadufasha kugeza iki gitabo ku buntu kuri buri wese ugishaka, muri buri gihugu cyo muri iyi si, kandi uzahabwa umugisha ku bw’amahitamo yawe meza.

Niba wumva ushaka gutera inkunga uyu murimo wacu - andikira ibiro byacu tubiganireho. Turifuza kuzicarana nawe imbonangubone, aho ariho hose muri iyi si, kugira ngo duheshe umugisha inkunga yawe. Nugera ku rubuga rwacu uzafungura paji yacu ya “contact” izaguha amakuru yose y’uburyo watera inkunga uyu muri murimo wacu.



Ukimara gusoma iki gitabo tuzashimishwa no kumva ubuhamya bwawe.


Ushobora kutwandikira kuri email: jim@understandgodswill.com
Tukwifurije imigisha myinshi wowe n’abawe.

Umugereka C: Biroroshye kuba Igishashi

Uruhande rw'imbere



Uruhande rw'inyuma



(Ibipimo 2" x 3.5" - Ibipimo by'ikarita)

Ese waba warahuye n'ingorane ubwira abandi ibyerekeye ukwizera kwawe, cyangwa ibyerekeye Yesu? Birumvikana wahuye nazo. Birakomeye. Ni umwihariko. Birakomeye kuri buri wese. Ariko twarangije kubona inzira yoroshye yo kubwira abandi ibyerekeye Yesu.

Ku buryo bworoshye boherereze agakarita nkako ubona hejuru - kandi ubabwire ko wababonye ahantu babasha kubona igitabo cy'ubuntu. Nibyo. Umurimo uzaba uwurangije. Nibaramuka bagiye ku rubuga rwacu, bakahasomera igitabo, nyuma bagafungura imitima yabo bakareka Yesu akinjiramo, uzaba ufashije cyane gukiza imitima.

Ushobora gutanga komande y'amakarita yacu unyuze ku rubuga rwacu (ku madollari gusa 36 ukabona amakarita 1000). Numara kubona izo karita zawe, ushobora kuja uzigendana mu isakoshi yawe, mu ivarisi yawe, ushobora kuzitunga mu biro byawe, cyangwa se mu modoka yawe. Ushobora no kugira izo ugendana mu mufuka wawe umaze kuzitegura. Ntabwo wamenya igihe Imana yaguhuriza n'umuntu uzikeneye, kandi wifuza ko ubuzima bwe buhinduka. Bityo rero ushobora kuba umuntu ufasha guhindura abandi. Ushobora kuba umuntu udasanze - Igishashi - utunze izo karita kandi ubwira abandi ko bakwiriye kwiga bakamenya ubushake bw'Imana ku buzima bwabo. Ushobora kuba wa muntu, muri uwo mwanya, ufite ibyo bashakaga kuva kera. Niba bafite icyifuzo cyo guhinduka, ibyo wakora byose bahe kuri izo karita.

Wabonye uburyo ki byoroshye kuba Igishashi?

Umugereka D: Impano y'Imana ni Ubuntu- bityo rero ibyo dutunze twabihereye Ubuntu!

Niba wabashije gusoma iki gitabo - warangije gusobanukirwa uwo Yesu ariwe kandi dufite ibyiringiro ko uzabwira abandi ibyerekeye iki gitabo cy'ubuntu.

Tekereza ku bantu waba uzi bakeneye gusobanukirwa n'ubushake bw'Imana ku buzima bwabo - hanyuma tuzaboherereza igitabo. Abo bantu bashobora kuba inshuti zawe, abaturanyi, umukozi wawe, uwo mufitanye isano, mushobora kuba muatanije urugendo muri bisi cyangwa gari ya moshi, ashobora kuba ari umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe. Ntacyo bitwaye. Biroroshye, jya ku rubuga rwacu www.UnderstandGodsWill.com ujye kuri paji yacu Contact Us utwoherereze amazina y'abo bifuza igitabo, ushyireho aderesi yabo - nyuma tuzaboherereza igitabo.

Ushobora no gushishikariza itorero ryawe gutanga komande y'amakarita yacu nyuma bakazandikaho gahunda z'icyumweru cyangwa se andi makuru ayo ariyo yose. Abantu nibagendana nayo bashobora kuyaha no kubandi. Reba paji yacu y'umugereka ibisobanuro birambuye kubijyanye n'aya makarita.

Dufite nanone ku rubuga rwacu ibitabo bya [pdf](#) ushobora gukurura ukaba wabyoherereza abandi bantu kuri email zabo. Ibi bizabafasha kugisomera kuri mudasobwa yabo cyangwa kuri laptop, cyangwa se bashobora no kugisohora bakagisoma nk'ikinyamakuru.

Dufite nanone ibitabo byo mu bwoko bwa [e-book](#) ku rubuga rwacu nabyo ushobora kubikurura ukaba wabisomera kuri phone yawe. Tuhafite ubwoko bwa iPad na Kindle.

Dufite nanone ibitabo bivuga [audio version](#) (.mp3) ku rubuga rwacu, kuri ba bandi bashobora kumva igitabo cyacu batwaye imodoka, bari mu rugendo, bari mu kazi ko mu rugo, kumva bari kumwe n'abana babo, ndetse n'abandi. Ushobora kumvira igitabo cyacu nonaha ku rubuga rwacu cyangwa se ubasha gukurura mp3 zacu ukazishyira kuri smart phone cyangwa kuri mp3 player ukumva igitabo kuri radiyo yo mu modoka yawe.

Dufite nanone igitabo kiri mu nyuguti nini [LARGE TEXT version](#) kuri ba bandi babasha gusoma ibiri mu nyuguti nini. Ibitabo bisanzwe bigora abafite amaso amaze gusaza - nuko rero iki gitabo kizabafasha. Ushobora gusohora iki gitabo nyuma ukazifungira hamwe. Ibi bizafasha abantu kugisoma nk'abasoma ikinyamakuru, igihe urangije kugisoma ugomba kugihanga undi nawe agasoma. Mbega impano y'igitangaza.

Dufite nanone ku rubuga rwacu imfashanyigisho [study guide](#) z'abanyeshuri hamwe n'imfashanyigisho z'abayobozi bigisha mu matsinda [group leader's guide](#). Icyo wakora ni ukubikurura ku rubuga rwacu noneho ukabikuzamo kopi nynshi mu icapiro kandi tukwifurije kubikora.

Buri gitabo cyose uzifuza guhitamo - byose ni Ubuntu. Ntitwifuzako hagira inzitizi iboneka yatuma tudasoma iki gitabo ndetse ngo tunagize abandi. Icyo bizagusaba ni akanya gato cyane, nako gasa naho ari ubuntu kuko uzaba wihitira.

Ntiwibagirwe gusura uru rubuga rwacu www.UnderstandGodsWill.com kugira ngo wunguke ibindi bitekerezo ndetse n'andi makuru.

Nkwifurije imigisha myinshi wowe n'abawe.

Kubirebana n'imfashanyigisho n'igitabo cyo kumva

Ukimara gusoma iki gitabo - ushobora kwifuza gukurikirana inyigisho za Bibiliya. Twateguye imfashanyigisho ushobora kwifashisha ku giti cyawe, cyangwa uri kumwe n'abandi, ushobora kuzikurura ku rubuga rwacu uri bubone hasi y'iyi paji. Hamwe n'imfashanyigisho zacu ushobora kumenya ibintu byinshi utigeze umenya - ndetse n'ibyo utigeze utekereza mbere kubirebana na Bibiliya.

Imfashanyigisho yacu yateguwe neza ku buryo ibasha kujyana n'igitabo cyacu cyo kumva (urugero, nayo iboneka ku rubuga rwacu uri bubone hasi). Ushobora gufungura imfashanyigisho yacu, ukande kuri "play" ku gitabo cyacu cyo kumva, noneho igihe uzumva igisubizo cy'ikibazo gikurikiyeho ushobora gukanda kuri Pause ku gitabo cyacu cyo kumva kugira ngo ubashe kwandika neza igisubizo cyawe. Ibi ntuzabasha kubibona ku matsinda yishyize hamwe akurikirana inyigisho - mushobora kwigira hamwe! Buri wese uzasanga yifitiye imyumvire ye (cyangwa se intumbero ye) kubyo Bibiliya ivuga ku hantu hamwe na hamwe, noneho ushobora guhagarika igitabo cyo kumva mugatangira ibiganiro. Iyo biturutse mu nyigisho za Bibiliya - ibibazo byose ni byiza.

Ibirebana n'igitabo cyacu cy'ubuntu n'ibindi

Ibitabo byacu byo mu bwoko bwa e-books, imfashanyigisho (free study guides), ibitabo bivuga (free audio books) n'ibindi uzabisanga ku rubuga rwacu urububone hasi y'iyi paji. Impano y'Imana ni Ubuntu, byongeye kandi ibitabo byacu byose bitangirwa Ubuntu ndetse n'imfashanyigisho ni Ubuntu. Yego, byose ni Ubuntu. Turizera ko uzifatanya natwe ukaba igishashi (reba umutwe wa 6). Waremewe kwamamaza ubutumwa bwiza!

Indangamirongo

Bibiliya nyinshi z'ubwoko butandukanye zahawe agaciro muri iki gitabo. Byaratubabaje ariko , kubera yuko zimwe murizo, harimo NIV, NKJV, NASV, RSV,NRSV, NAB, n'izindi nyinshi, zifite ubudahangarwa bikaba byaradusabaga kwishyura mbere yuko dukoresha imirongo yazo (kuko muri iki gitabo dufite amashakiro y'imirongo ya Bibiliya hafi 700). Kuri twe kugira ngo tubashe gukwirakwiza iki gitabo ku isi yose, kandi ibitabo byacu e-books bikagumya kuba ubuntu ndetse n'amakarita yacu akagumya kuba ku giciro gito cyane, ntitwagombaga gufata icyemezo cyo kwishyura ayo mafaranga y'ikirenga. Imirongo myinshi y'izo Bibiliya ni myiza – ariko bayihendaho ku buryo byagombaga kubangamira gahunda dufite yo gukwirakwiza iki gitabo ku isi yose kandi ku buntu. Nuko rero byadusabye gufata icyemezo gikomeye cyo gukoresha Bibiliya itishyura kugira ngo tuyikoreshe mu ndangamirongo y'igitabo cyacu. Iyi Bibiliya Yera twahisemo gukoresha ni Ubuntu yanditswe n'ikigo cya American Standard Version (1901) isohoka yitwa World English Bible. Indi Bibiliya twakoresheje ni iyitwa ASV isobanura Bibiliya neza. Indi Bibiliya ya New American Standard Bible (NASB) nayo yakoreshejwe muri iki gitabo kuko NASB yatwemereye gukoresha imirongo irenga 500 nyuma yo kwaka uburenganzira kandi nta kiguzi.

Niba ufite ikibazo cyerekeranye n'indangamirongo twakoresheje muri iki gitabo turakugira inama yo kwifashisha Bibiliya ukunda gusoma – kugira ngo wumve neza icyo iyo mirongo ivuga. Ntidushyigikiye cyangwa se ngo turwanye Bibiliya runaka, icyo twifuza gusa ni ukugeza ubu butumwa ku isi yose – nta kiguzi – kugira ngo abantu bose batuye iyi si babashe kumenya Yesu no gusobanukirwa n'ubushake bw'Imana ku buzima bwabo.

Byongeye kandi: Ibyanditswe byakuwe muri Bibiliya yitwa NEW
AMERICAN STANDARD BIBLE®,
Copyright © 1960,1962,1963,1968,1971,1972,1973,1975,1977,1995
Yanditswe na The Lockman Foundation.
Twahawe uburenganzira

¹ Matayo 7:8 Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa.

² Gutegeka kwa kabiri 4:29 Ariko niba uzashakiraye Uwiteka Imana yawe, uzayibona nuyishakisha umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose.

³ Zakariya 2:10 "Ririmba unezerwe wa mukobwa w'i Siyoni we, dore nanjye ndaje, ngututemo imbere. Ni ko Uwiteka avuga."¹¹Uwo munsu

amahanga menshi azahakwa ku Uwiteka, babe abantu banjye. Nanjye nzatura muri wowe imbere, nawe uzamenya yuko Uwiteka Nyiringabo yakuntumyehe.

⁴ Abalewi 26:12 Nzagendera hagati muri mwe mbe Imana yanyu, namwe mube ubwoko bwanjye

⁵ Yesaya 7:14 Ni cyo kizatuma Uwiteka ubwe ari we uzabihera ikimenyetso. Dore Umwari azasama inda, azabyara umwana w'umuhungu amwite izina Imanweli.

⁶ Yesaya 9:6 Gutegeka kwe n'amahoro bizagwirira ku ntebe ya Dawidi n'ubwami bwe, bitagira iherezo kugira ngo bibukomeze, bibushyigikize guca imanza zitabera no gukiranuka, uhereye none ukageza iteka ryose. Ibyo ngibyo Uwiteka Nyiringabo azabisohoresha umwete we.

⁷ Yesaya 42:14 "Dore imbarara nacecekeye, narahoze ndiyumanganya, noneho ndataka cyane nk'uko umugore uramukwa asamaguzwa asemeka.¹⁵ Nzarimbura imisozi n'udusozi, numishe ubwatsi bwose kandi imigezi nzayihindura ibirwa, n'ibidendezi nzabikamya.¹⁶ "Impumyi nzaziyobora inzira zitazi, nzinyuze mu tuyira zitigeze kumenya. Umwijima nzawuhindurira umucyo imbere yazo, n'ahagoramye nzahagorora. Ibyo nzabibakorera kandi sinzabahana.

⁸ Yesaya 42:1 Dore umugaragu wanjye ndamiye, uwo natoranije umutima wanjye ukamwishimira. Mushyizeho umwuka wanjye, azazanira abanyamahanga gukiranuka."

⁹ Yeremiya 31:31 Uwiteka aravuga ati "Dore iminsi izaza, nzasezerana isezerano rishya n'inzu ya Isirayeli n'inzu ya Yuda,³² ridakurikije isezerano nasezeranye na ba sekuruza, ku munsu nabafataga ukuboko nkabakura mu gihugu cya Egiputa. Rya sezerano ryanjye bararyishe nubwo nari umugabo wabo wabirongoreye. Ni ko Uwiteka avuga.³³ Ariko isezerano nzasezerana n'inzu ya Isirayeli hanyuma y'iyi minsi ngiri, ni ko Uwiteka avuga ngo 'Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika, nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye.'

¹⁰ Abaheburayo 8:10 Kuko iri sezerano ari ryo nzasezerana n'inzu ya Isirayeli, Hanyuma y'iyi minsi, ni ko Uwiteka avuga, 'Nzashyira amategeko yanjye mu bwenge bwabo, Nyandike mu mitima yabo, Kandi nzaba Imana yabo, Na bo bazaba ubwoko bwanjye

¹¹ Yesaya 53:6 Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese

¹² Yesaya 1:18 Nimuze tujye inama", ni ko Uwiteka avuga, "Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na

shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera

¹³ Zekariya 3:9 Dore ibuye nshinze imbere ya Yosua, ku ibuye rimwe hari amaso arindwi, nzarikebaho amabara, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, kandi gukiranirwa kw'icyo gihugu nzagukuraho umunsi umwe.

¹⁴ Yesaya 53:5 Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.

¹⁵ Zaburi 16:10 Kuko utazareka ubugingo bwanyije ngo bujye ikuzimu, Kandi utazakundira umukunzi wawe ko abona kubora

¹⁶ Zaburi 68:18 Urazamutse ujya hejuru ujyanye iminyago, Uhērewe impano hagati y'abantu, Ni koko, uziherewe hagati y'abagome na bo, Kugira ngo Uwiteka Imana ibane na bo

¹⁷ Yesaya 44:3 "Uwishwe n'inyota nzamusukiraho amazi, nzatembesha imigezi ku butaka bwumye, urubyaro rwawe nzarusukaho Umwuka wanjye n'abana bawe nzabaha umugisha.

¹⁸ Yoweli 3:1 Hanyuma y'ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n'abasore banyu bazerekwa. 2 Ndetse n'abagaragu banjye n'abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye muri iyo minsi.

¹⁹ Ezekiyeli 39:29 Ntabwo nzongera kubima amaso ukundi, kuko nasutse Umwuka wanjye ku nzu ya Isirayeli." Ni ko Umwami Uwiteka avuga.

²⁰ Imigani 10:16 Umurimo w'umukiranutsi werekeye ku bugingo, Inyungu z'umunyabyaha zerekeye ku byaha.

²¹ Abakolosayi 1:15 Ni na we shusho y'Imana itaboneka, ni we mfura mu byaremwe byose. 16 kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe.

²² Abaheburayo 1:3 Uwo kuko ari ukurabagirana k'ubwiza bwayo n'ishusho ya kamere yayo, kandi akaba ari we uramiza byose ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu yicara iburyo bw'ikomeye cyane yo mu ijuru.

²³ Abaheburayo 2:17 17Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana, abe n'impongano y'ibyaha by'abantu

²⁴ Matayo 9:12 Abyumvise arababwira ati “Abazima si bo bifuza umuvuzi, keretse abarwayi. 13 Ariko nimugende, mwige uko iri jambo risobanurwa ngo ‘Icyo nkunda ni imbabazi, si ibitambo.’ Sinazanywe no guhamagara abakiranuka, keretse abanyabyaha.”

²⁵ Yesaya 53:5 Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. 6 Twese twayobye nk’intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwituka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese.

²⁶ Mariko 14:58 “Twumvise avuga ati ‘Nzasenya uru rusengero rwubatswe n’intoki, nubake urundi mu minsi itatu rutubatswe n’intoki.’ ”

²⁷ Matayo 20:28 “nk’uko Umwana w’umuntu ataje gukorera, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.”

²⁸ Mariko 14:29 Ariko Petero aramubwira ati “Naho bese bari buhemuke, ariko jye sindi buhemuke.” ³⁰ Yesu aramubwira ati “Ndakubwira ukuri yuko muri iri joro rya none, inkoko itarabika kabiri, wowe ubwawe uri bunyihakane gatatu.” ³¹ Ariko we arirenga arahamya ati “N’aho byatuma mpfana nawe, sindi bukwihakane na hato.” Nuko bese bavugaga batyo.”

²⁹ Yohana 13:18 Simbavuze mwese kuko nzi abo natoranije, keretse ko ibyanditswe bikwiriye gusohora, ngo ‘Urya ibyokurya byanyije ni we umbangiriye umugeri’, ¹⁹ Dore ubu mbababwiye bitari byaba, kugira ngo nibiba muzizere ko ndi We

³⁰ Mariko 14:17 Bugorobye azana n’abo cumi na babiri. ¹⁸ Bicaye barya, Yesu arababwira ati “Ndababwira ukuri yuko umwe muri mwe, uwo dusangira ari bungambanire

³¹ Luka 18:32 “Azagambanirwa mu bapagani, azashinyagurirwa, bazamukoza isoni bamucire amacandwe, ³³ “kandi nibamara kumukubita imikoba bazamwica, maze ku munsu wa gatatu azazuka.”

³² Mariko 9:31 “kuko yigishaga abigishwa be yuko Umwana w’umuntu azagambanirwa, agafatwa n’abantu bakamwica, ariko hashira iminsi itatu bamwishe, akazuka.”

³³ Yohana 16:16 “Hasigaye igihe gito ntimumbone, maze hazabaho ikindi gihe gito mumbone.” ¹⁷ “Bamwe mu bigishwa be barabazanya bati ‘Ibyo atubwiye ni ibiki ngo ‘Hasigaye igihe gito ntimumbone, maze hazabaho igihe gito mumbone’, kandi ngo ‘Kuko njya kuri Data.’ ” ¹⁸ “Kandi bati ‘Ibyo ni ibiki ngo ‘Igihe gito’? Ntituzi ibyo avuze.” ¹⁹ Yesu amenye ko bashakira kumubaza arababaza ati “Murabazanya ibyo mbabwiye ibyo ngo ‘Hasigaye igihe gito ntimumbone, maze hazabaho

ikindi gihe gito mumbone'? 20 Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko mwebweho muzarira mukaboroga, ariko ab'isi bazanezerwa. Mwebweho muzababara, ariko umubabaro wanyu uzahinduka umunezero.

³⁴ Mariko 10:33 "Dore turazamuka tujya i Yerusalemu, Umwana w'umuntu azagambanirwa mu batambyi bakuru n'abanditsi, bazamucira urubanza rwo kumwica, bazamugambanira mu bapagani,³⁴ bazamushinyagurira, bamucire amacandwe, bamukubite imikoba bamwice, iminsi itatu nishira azazuka."

³⁵ Yohana 17:11 "Jye sinkiri mu isi ariko bo bari mu isi, naho jye ndaza kuri wowe. Data Wera, ubarindire mu izina ryawe wampaye, ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe."

³⁶ Luka 24:45 Maze abungura ubwenge ngo basobanukirwe n'ibyanditswe, 46 ati "Ni ko byanditswe ko Kristo akwiriye kubabazwa no kuzuka ku muni wa gatatu, 47 kandi ko kwihana no kubabwirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rye, bahereye kuri Yerusalemu. 48 Ni mwe bagabo b'ibyo. 49 Kandi dore ngiye kubohereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru."

³⁷ Luka 13:32 Arababwira ati "Nimugende mubwire iyo ngunzu muti 'Dore arirukana abadayimoni, arakiza abantu none n'ejo, maze ku muni wa gatatu azaba arangije rwose. 33 Ariko nkwiye kugenda none n'ejo n'ejo bundi, kuko bidashoboka ko umuhanuzi yicwa atari i Yerusalemu."

³⁸ Luka 18:31 Yesu yihererana n'abo cumi na babiri arababwira ati "Dore turazamuka tujye i Yerusalemu, kandi ibyanditswe n'abahanuzi byose bizasohora ku Mwana w'umuntu. 32 Azagambanirwa mu bapagani, azashinyagurirwa, bazamukoza isoni bamucire amacandwe, 33 kandi nibamara kumukubita imikoba bazamwica, maze ku muni wa gatatu azazuka."

³⁹ Matayo 17:22 "Bakigenda i Galilaya, Yesu arababwira ati "Umwana w'umuntu arenda kuzagambanirwa afatwe n'abantu, 23 bazamwica maze ku muni wa gatatu azurwe." Barababara cyane."

⁴⁰ Matayo 16:21 Yesu aherako yigisha abigishwa be ko akwiriye kujya i Yerusalemu, akababazwa uburyo bwinshi n'abakuru n'abatambyi bakuru n'abanditsi, akicwa, akazazurwa ku muni wa gatatu."

⁴¹ Izayi 42: 6 "Jyewe Uwitwaga n'aguhamagariye gukiranuka, nzagufata ukuboko, nzakurinda nguhe kuba isezerano ry'abantu no kuba umucyo uvira abanyamahanga, 7 no guhumura impumyi, ukabohora imbohe ugakura ababa mu mwijima mu nzu y'imbohe."

⁴² Ibyakozwe 13:38 Nuko bagabo bene Data, mumenye ko ari muri uwo tubabwira kubabwirwa ibyaha, 39 kandi uwizera wese atsindishirizwa na we mu bintu byose, ibyo amategako ya Mose atabashaga kubatsindishiriza.”

⁴³ Imigani 8:35 “Kuko umbonye wese aba abonye ubugingo, Kandi azahabwa umugisha n’Uwiteka, 36 Ariko uncumuraho aba yononnye ubugingo bwe, Abanyanga bose baba bakunze urupfu.”

⁴⁴ Yohana 16:7 “Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereza. 8 Ubwo azaza azatsinda ab’isi, abemeze iby’icyaha n’ibyo gukiranuka n’ibyo amateka; 9 iby’icyaha, kuko batanyizeye, 10 n’ibyo gukiranuka kuko njya kwa Data, kandi namwe muzaba mutakimbona, 11 n’ibyo amateka kuko umutware w’ab’iyi si aciriweho iteka.”

⁴⁵ 1 Abakorinto 15:6 “hanyuma akabonekera bene Data basaga magana atanu muri abo benshi baracyariho n’ubu ariko bamwe barasinziriye.”

⁴⁶ Ibyakozwe 1:3 Amaze kubabazwa ababonekera ari muzima, atanga ibimenyetso byinshi, agumya kubabonekera mu minsi mirongo ine avuga iby’ubwami bw’Imana. 4 Nuko abateraniriza hamwe, abateguka kutava i Yerusalemu ati “Ahubwo murindire ibyo Data yasezeraniye, ibyo nababwiye: 5 kuko Yohana yababwirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzababwirishwa Umwuka Wera.”

⁴⁷ Mariko 16:19 Nuko Umwami Yesu amaze kuvugana na bo, ayanwira mu ijuru yicara iburyo bw’Imana.

⁴⁸ Abaheburayo 10:14 “Kuko abezwa yabaturunganyishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose”.

⁴⁹ Abaheburayo 10:10 “Uko gushakira kw’Imana ni ko kwatumye twazwa, tubiheshejwe n’uko umubiri wa Yesu watambwe rimwe gusa ngo bibe bihagije iteka.”

⁵⁰ Abalewi 16:30 Kuko uwo muni ari ho muzajya muhongererwa kugira ngo muhumanurwe, nuko imbere y’Uwiteka muzaba muhumanutse ibyaha byanyu byose.”

⁵¹ Yohana 6:38 Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakije, ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwatumye ashakira, 39 kandi ibyo uwatumye ashakira ni ibi: ni ukugira ngo mu byo yampaye byose ntatira na kimwe nzimiza, ahubwo ngo nzakizure ku muni w’imperuka.

⁵² Luka 15:4 Ni nde muri mwe waba afite intama ijana akazimiza imwe muri zo, ntasige izindi mirongo urwenda n'icyenda mu gasozi, akajya gushaka iyazimiye kugeza aho ari buyibonere?

⁵³ Ezekiyeli 18:4 “Dore ubugingo bwa bose ni ubwanjye, ubugingo bw'umwana ni ubwanjye nk'ubugingo bwa se, ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa.”

⁵⁴ 1 Yohana 1:5 Ubu ni bwo butumwa twumvise buvuye kuri we tukabubabwira, yuko Imana ari umucyo kandi ko muri yo hatari umwijima na muke.”

⁵⁵ Yeremiya 29:11 Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga.

⁵⁶ Zaburi 18:28 Kuko uzakiza abacishijwe bugufi, Ariko amaso yibona uzayasubiza hasi.

⁵⁷ Yohana 10:10 Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.

⁵⁸ Matayo 5:16 Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.

⁵⁹ 1 Yohana 4:10 Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu.

⁶⁰ Imigani 2:1 Mwana wanjye, niwemera amagambo yanjye, Ugakomeza amategako yanjye, 2 Bituma utegera ubwenge amatwi, Umutima wawe ukawuhugurira kujijuka, 3 Niba uririra ubwenge bwo guhitamo, Kandi ijwi ryawe ukarangurira urihamagaza kujijuka, 4 Ukabushaka nk'ifeza, Ubugenzura nk'ugenzura ubutunzi buhishwe, 5 Ni bwo uzamenya kubaha Uwiteka icyo ari cyo, Ukabona kumenya Imana. 6 Uwiteka ni we utanga ubwenge, Mu kanwa ke havamo kumenya no kujijuka. 7 Abikira abakiranutsi agakiza, Abagendana umurava ababera ingabo, 8 Kugira ngo arinde amayira y'imanza zitabera, Kandi atunganye inzira z'abera be. 9 Ni bwo uzamenya gukiranuka n'imanza zitabera, No gutungana ndetse n'inzira zose zitunganye. 10 Nuko ubwenge buzingira mu mutima wawe, Kandi kumenya kuzanezeza ubugingo bwawe. 11 Amakenga azakubera umurinzi, Kujijuka kuzagukiza”

⁶¹ Mariko 4:15 Izo mu nzira aho iryo jambo ribibwa, abo ni bo bamara kumva, uwo mwanya Satani akaza agakuramo iryo jambo ryabibwe muri bo.

⁶²Abefeso 1:11 Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byo-se nk'uko ibishaka mu mutima wayo

⁶³Yohana 10:10 Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.

⁶⁴Mariko 1:21 Bagera i Kaperinawumu, nuko ku isabato yinjira mu isinagogi arigisha. 22 Batangazwa no kwigisha kwe, kuko yabigishaga nk'ufite ubutware, ntase n'abanditsi. 23 Mu isinagogi yabo harimo umuntu utewe na dayimoni, arataka cyane ati, 24 "Duhuriye he Yesu w'i Nazareti? Uje kuturimbura? Ndakuzi uri uwera w'Imana." 25 Yesu aramucyaha ati "Hora muvemo." 26 Dayimoni aramutigisa, ataka ijwi rirenga amuvamo.

⁶⁵Abaheburayo 12:2 dutumbira Yesu wenyine, ari we Banze ryo kwizera kandi ari we ugusohozwa rwose, yihanganiye umusaraba ku bw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo, yicara iburyo bw'intebe y'Imana.

⁶⁶Abagalatiya 6:8 Ubibira umubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka muri uwo Mwuka azasaruramo ubugingo buhoraho.

⁶⁷Yohana 10:3 Umurinzi w'irembo aramwugururira, kandi intama zumva ijwi rye. Ahamagara intama ze mu mazina yazo akazahura. 4 Iyo amaze kwahura ize zose azijya imbere, intama zikamukurikira kuko zizi ijwi rye. 5 Undi ntizamukurikira, ahubwo zamuhunga kuko zitazi amajwi y'abandi."

⁶⁸Yesaya 30:30 Uwiteka azumvikanisha ijwi rye ry'icyubahiro, kandi kumanuka k'ukuboko kwe azakwerekanisha uburakari bwe n'umujinya we, n'ikirimi cy'umuriro ukongora n'inkubi y'umuyaga n'urubura.

⁶⁹Yohana 18:37 Pilato aramubaza ati "Noneho ga uri umwami?" Yesu aramusubiza ati "Wakabimenye ko ndi umwami. Iki ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi: ni ukugira ngo mpamye ukuri, uw'ukuri wese yumva ijwi ryanjye."

⁷⁰Gutegeka 5:32 Nuko mujye mwitondera ibyo Uwiteka Imana yanyu yabategetse, ntimugatambikire iburyo cyangwa ibumoso. 33 Mujye mugenda mu nzira yose Uwiteka Imana yanyu ibayoboye, kugira ngo mubeho mubone ibyiza, muramire mu gihugu muzahindura.

⁷¹Abaheburayo 10:22 twegere dufite imitima y'ukuri twizera rwose tudashidikanya, imitima yacu iminjirirweho gukurwamo kwimenyaho ibibi, n'imibiri yacu yuhagijwe amazi meza.

⁷² Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

⁷³ Ibyahishuwe 17:17 Kuko Imana yashyize mu mitima yabyo gukora ibyo yagambiriye, no guhuza inama no guha ya nyamaswa ubwami bwabyo, kugeza aho amagambo y'Imana azasohorera.

⁷⁴ 2 Abakorinto 4:4 ari bo batizera, abo imana y'iki gihe yahumiye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo, ari we shusho y'Imana utabatambikira.

⁷⁵ Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

⁷⁶ 1 Petero 5:8 Mwirinde ibisindisha mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera. 9 Mumurwanye mushikamye kandi mufite kwizera gukomeye, muzi yuko bene Data bari mu isi muhuje imibabaro.

⁷⁷ Mariko 13:22 kuko hazaduka abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bakora ibimenyetso n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. 23 Ariko mwebwe mwirinde, dore mbibabwiye byose bitaraba.

⁷⁸ Zaburi 32:8 Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, Ijisho ryanjye rizakugumaho.

⁷⁹ Yakobo 1:5 Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.

⁸⁰ Yeremiya 29:11 Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. 12 Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira. 13 Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.

⁸¹ 1 Timoteyo 2:4 ishaka ko abantu bose bakizwa bakamenya ukuri.5 Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu Kristo, 6 witangiye kuba incungu ya bose. Ibyo byahamijwe mu gihe cyabyo,

⁸² Abaroma 12:1 Nuko bene Data, ndabingira ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira

ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

⁸³ Yakobo 1:5 Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.

⁸⁴ Itangiriro 1: 26 Imana iravuga iti “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’amatungo n’isi yose, n’igikururuka hasi cyose. 27 Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y’Imana ni ko yamuremye, umugabo n’umugore ni ko yabaremye.

⁸⁵ Itangiriro 2:7 Uwiteka Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w’ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima. 8 Uwiteka Imana ikeba ingobyi muri Edeni mu ruhande rw’iburasirazuba, iyishyiramo umuntu yaremye. 9 Uwiteka Imana imezamo igiti cyose cy’igikundiro cyera imbuto ziribwa, imeza n’igiti cy’ubugingo hagati muri iyo ngobyi, imezamo n’igiti cy’ubwenge bumenyeshya icyiza n’ikibi.

⁸⁶ Abakolosayi 1:15 Ni na we shusho y’Imana itaboneka, ni we mfura mu byaremwe byose. 16 kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n’ibitaboneka, intebe z’ubwami n’ubwami bwose, n’ubutware bwose n’ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe. 17 Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we.

⁸⁷ Yesaya 48:13 Ukuboko kwanjye ni ko kwashyizeho urufatiro rw’isi, ukuboko kwanjye kw’iburyo ni ko kwabambye ijuru, iyo mbihamagaye biritaba.

⁸⁸ Zaburi 139:13 Kuko ari wowe waremye ingingo zanjye, Wanteranirije mu nda ya mama. 14 Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza.

⁸⁹ 2 Petero 1:4 Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by’igicro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanywa na kamere y’Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.

⁹⁰ Abaroma 8:29 kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n’ishusho y’Umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri bene se benshi 30 Abo yatoranirije kera yarabahamagaye, kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n’abo yatsindishirije yabahaye ubwiza.

⁹¹ Yohana 4:24 Imana ni Umwuka, n’abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri.”

⁹² Abafiripi 2:6 Uwo nubwo yabanje kugira akamero k’Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n’Imana ari ikintu cyo kugundirwa, 7 ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k’umugaragu w’imbata, agira ishusho y’umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y’umuntu 8 yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.

⁹³ Yesaya 53:5 Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.

⁹⁴ Gutegeka 6:5 Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’imbaraga zawe zose. 6 Aya mategeko ngutegeka uyu muni ahore ku mutima wawe.

⁹⁵ Zaburi 147:5 Umwami wacu arakomeye, Ni umunyambaraga nyinshi, Ubwenge bwe ntibugira akagero.

⁹⁶ Yesaya 40:13 Ni nde wigeze kugenzura Umwuka w’Uwiteka, akamuhugura nk’umugira inama? 14 Ni nde yigeze kugisha inama kandi ni nde wigeze kumwigisha, akamwereka uburyo bwo guca imanza zitabera, akamwigisha ubwenge, akamuha uburyo bwo kwitegereza?

⁹⁷ Yesaya 55:8 “Erega ibyo nibwira si ibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n’izanjye!” Ni ko Uwiteka avuga. 9 “Nk’uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n’ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira.

⁹⁸ Abaroma 2:15 bakagaragaza ko umurimo utegetswe n’amategeko wanditswe mu mitima yabo, ugahamywa n’imitima ihana ibabwiriza, igafatanya n’ibitekerezo byabo kubarega cyangwa se kubaregura.

⁹⁹ Itangiriro 1:21 Imana irema ibifi binini byo mu nyanja, n’ibintu byose byigenza bifite ubugingo, amazi biyuzuramo nk’uko amoko yabyo ari. Irema n’inyoni n’ibisiga byose nk’uko amoko yabyo ari, Imana ibona ko ari byiza.

¹⁰⁰ Abakolosayi 1:16 kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n’ibitaboneka, intebe z’ubwami n’ubwami bwose, n’ubutware bwose n’ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe.

¹⁰¹ Yesaya 40:26 Nimwubure amaso zanyu murebe hejuru. Ni nde waremye biriya, agashora ingabo zabyo mu mitwe, zose akazihamagara mu mazina? Kuko afite imbaraga nyinshi akagira amaboko n’ububasha, ni cyo gituma nta na kimwe kizimira.

¹⁰² Yesaya 45:18 Kuko Uwiteka waremye ijuru ari we Mana, ari we waremye isi akayibumba akayikomeza, ntiyayiremye idafite ishusho

ahubwo yayiremeye guturwamo avuga ati “Ni jye Uwiteka, nta wundi ubaho.

¹⁰³ Yesaya 45:12 Naremye isi nyiremeramo abantu, ijuru nararyibambiye n'intoki zanjye, n'ingabo zaryo zose ndazitegeka.

¹⁰⁴ Ezekiyeli 11:5 Maze Umwuka w'Uwiteka anzaho arambwira, ati “Vuga uti 'Uwiteka yavuze ngo ibyo ni byo mwavuze mwa b'inzu ya Isirayeli mwe, kuko nzi ibyo mwibwira.

¹⁰⁵ Luka 5:22 Maze Yesu amenya ibyo biburanya, arababaza ati “Muriburanya iki mu mitima yanyu?

¹⁰⁶ 2 Abami 8:10 Elisa aramusubiza ati “Genda umubwire uti ‘Gukira ko uzakira’, ariko rero Uwiteka anyeretse ko azapfa.”

¹⁰⁷ Imigani 8:10 Aho gushaka ifeza mutore ibyo nigisha, Mushake ubwenge kuburutisha izahabu nziza. 11 “Kuko ubwenge buruta amabuye ya marijani, Kandi mu bintu byifuzwa byose nta gihwanye na bwo.

¹⁰⁸ 1 Abakorinto 1:18 Ijambo ry'umugarabika ku barimbuka ni ubupfu, ariko kuri twebw abakizwa ni imbaraga z'Imana, 19 kuko byanditswe ngo “Nzarimbura ubwenge bw'abanyabwenge, N'ubuhanga bw'abahanga nzabuhindura ubusa.” 20 Mbese none umunyabwenge ari he? Umwanditsi ari he? Umunyampaka wo muri iki gihe ari he? Ubwenge bw'iyi si Imana ntiyabuhinduye ubupfu? 21 Kuko ubwo ubwenge bw'Imana bwategetse ko ab'isi badaheshwa kumenya Imana n'ubwenge bw'isi, Imana yishimiye gukirisha abayizera ubupfu bw'ibibwirizwa.

¹⁰⁹ 1 Abakorinto 2:9 Ariko nk'uko byanditswe ngo “Ibyo ijisho ritigeze kureba, N'ibyo ugutwi kutigeze kumva, Ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, Ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.” 10 Ariko Imana yabiduhishurishije Umwuka wayo, kuko Umwuka arondora byose ndetse n'amayoberane y'Imana.

¹¹⁰ Yakobo 1:5 Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa. 6 Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze.

¹¹¹ Zaburi 111:10 Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge, Abakora ibyo bafite ubwenge nyakuri, Ishimwe rye rihoraho iteka ryose.

¹¹² Yakobo 3:13 Ni nde muri mwe w'umunyabwenge kandi w'umuhanga? Niyerekane ingeso nziza imirimo ye, afite ubugwaneza n'ubwenge. 14 Ariko niba muhoro amakimbarane akaze mu mitima yanyu mugahorana intonganya, ntimukabyirane ngo

mubeshyere ukuri. 15 Bene ubwo bwenge si bwo bumanuka buvuye mu ijuru, ahubwo ni ubw'isi, ni ubw'inyamaswabantu ndetse ni ubw'abadayimoni, 16 kuko aho amakimbirane n'intonganya biri, ari ho no kuvurungana kuri no gukora ibibi byose.

¹¹³ Yesaya 5:20 Bazabona ishyano abita ikibi icyiza n'icyiza bakacyita ikibi. Umwijima bawushyira mu cyimbo cy'umucyo, n'umucyo bakawushyira mu cyimbo cy'umwijima, ibisharira babishyira mu cyimbo cy'ibiryohereye, n'ibiryohereye bakabishyira mu cyimbo cy'ibisharira.

¹¹⁴ 1 Abakorinto 2:7 Ahubwo tuvuga ubwenge bw'ubwiru bw'Imana ari bwo bwenge bwahishwe, Imana yaringaniye ibihe byose bitarabaho ngo buduheshe icyubahiro.

¹¹⁵ Itangiriro 9:3 Ibyigenza byose bifite ubugingo bizaba ibyokurya byanyu, mbibahaye byose nk'uko nabahaye ibimera bibisi.

¹¹⁶ Itangiriro 9:7 "Namwe mwororoke mugwire, mubyarire cyane mu isi, mugwiremo."

¹¹⁷ Daniyeli 7:14 Nuko ahabwa ubutware n'icyubahiro n'ubwami, kugira ngo abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe bajye bamukorera. Ubutware bwe ni ubutware bw'iteka ryose butazashira, kandi ubwami bwe ni ubwami butazakurwaho.

¹¹⁸ Daniyeli 4:3 bituma ntegeka ko banzanira abanyabwenge b'i Babuloni bose, kugira ngo bansobanurire ibyo neretswe.

¹¹⁹ Matayo 19:29 Umuntu wese wasize urugo cyangwa bene se cyangwa bashiki be, cyangwa se cyangwa nyina cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bw'izina ryanjye, azahabwa ibibiruta incuro ijana, kandi azaragwa n'ubugingo buhoraho.

¹²⁰ Matayo 25:46 Abo bazajya mu ihaniro ry'iteka, naho abakiranutsi bazajya mu bugingo buhoraho."

¹²¹ Ibyahishuwe 14:11 Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo."

¹²² 2 Abatesalonike 1:9 Bazahanwa igihano kibakwiriye ari cyo kurimbuka kw'iteka ryose, bakohērwaho ngo bave imbere y'Umwami no mu bwiza bw'imbaraga ze,

¹²³ Ibyahishuwe 21:8 Ariko abanyabwoba n'abatizera, n'abakora ibizira n'abicanyi, n'abasambanyi n'abarozi n'abasenga ibishushanyo n'abanyabinyoma bose, umugabane wabo uzaba mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ari yo rupfu rwa kabiri."

¹²⁴ Abefeso 4:23 mugahinduka bashya mu mwuka w'ubwenge bwanyu, mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse.

¹²⁵ Abakolosayi 3:10 mukambara umushya uhindurirwa mushya kugira ngo agire ubwenge, kandi ngo ase n'ishusho y'Iyamuremye.

¹²⁶ Ibyakozwe 17:26 Kandi yaremye amahanga yose y'abantu bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z'aho batuye, 27 kugira ngo bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye, kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe, 28 kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho, nk'uko bamwe bo mu bahimbi b'indirimo banyu bavuze bati 'Turi urubyarwo rwayo.'

¹²⁷ Zaburi 139:14 Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza.

¹²⁸ Zaburi 139:13 Kuko ari wowe yaremye ingingo zanjye, Wanteranirije mu nda ya mama.

¹²⁹ Yesaya 64:8 Uwiteka, wirakara cyane bikabije, we guhora wibuka gukiranirwa kwacu iteka ryose, turakwinginze witegereze, twese turi abantu bawe

¹³⁰ Amaganya ya Yeremiya 4:2 Abahungu b'ibikundiro b' I Siyoni, bari bameze nk'izahabu nziza, ko bagereranijwe n'ibibindi bibumbwa, umurimo w'amaboko y'umubumbyi.

¹³¹ Abaroma 9:21 Mbese umubumbyi ntegeka ibumba, ngo mu mugoma umwe abumbemo urwabya rumwe rwo gukoresha iby'icyubahiro, n'urundi rwo gukoresha ibiteye isoni?

¹³² Luka 2:26 Yari yarahanuriwe n'Umwuka Wera, ko atazapfa atarabona Kristo w'Umwami Imana.

¹³³ Zaburi 37:4 Kandi wishimire Uwiteka, Na we azaguha ibyo umutima wawe usaba

¹³⁴ Zaburi 37:4 Kandi wishimire Uwiteka, Na we azaguha ibyo umutima wawe usaba

¹³⁵ Abefeso 2:10 kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

¹³⁶ Zaburi 139:13 Kuko ari wowe waremye ingingo zanyje, Wanteranirije mu nda ya mama. 14 Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza. 15 Igikanka cyanyje ntiwagihishwe, Ubwo naremerwaga mu rwihiho, Ubwo naremesherezwaga ubwenge mu byo hasi y'isi. 16 Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, Mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanyje yose, Yategetswe itarabaho n'umwe.

¹³⁷ Imigani 8:22 "Uwiteka mu itangira ry'imirimo ye yarangabiye, Ataragira icyo arema. 23 Uhereye kera kose narimitswe, Uhereye mbere na mbere isi itararemwa.

¹³⁸ Yeremiya 1:5 "Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga."

¹³⁹ Abaroma 8:29 kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri bene se benshi. 30 Abo yatoranirije kera yarabahamagaye, kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije yabahaye ubwiza.

¹⁴⁰ Matayo 17:20 Arabasubiza ati "Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano uje hirya' wahava, kandi ntakizabanirira.

¹⁴¹ Zaburi 147:7 Muririmbire Uwiteka mumushimire ibyo yakoze, Muririmbirire ku nanga Imana yacu ishimwe.

¹⁴² Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye,

¹⁴³ Yesaya 45:9 Utonganya Iyamuremye azabona ishyano, kandi ari urujy mu zindi njoye z'isi. Mbese ibumba ryabaza urubumba riti "Urubumba iki?" Cyangwa icyo urema cyavugaga kiti "Nta ntoki afite?" 10 Azabona ishyano ubaza se ati "Urabyara iki?" Akabaza nyina ati "Uwiteka iki?" 11 Uwiteka Uwera wa Isirayeli, Umuremyi we arabaza ati "Mbese mwangisha impaka z'ibizaza, mukantegekera iby'abahungu banjye n'ibyo nkoresha intoki? 12 Naremye isi nyiremeramo abantu, ijuru nararyibambiye n'intoki zanyje, n'ingabo zaryo zose ndazitegeka.

¹⁴⁴ Zaburi 139:13 Kuko ari wowe waremye ingingo zanyje, Wanteranirije mu nda ya mama. Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza. 15 Igikanka cyanyje ntiwagihishwe, Ubwo naremerwaga mu rwihiho, Ubwo naremesherezwaga ubwenge mu byo hasi y'isi. 16 Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, Mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanyje yose, Yategetswe itarabaho n'umwe.

¹⁴⁵ Gutegeka 7:6 Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe, kandi Uwiteka Imana yawe ikagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye.

¹⁴⁶ Yeremiya 29:11 Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. 12 Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira. 13 Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.

¹⁴⁷ Umubwiriza 7:29 Dore icyo nabonye gusa ni iki: ni uko Imana yaremeye umuntu utunganye, ariko abantu bishakiye ibihimbano byinshi.”

¹⁴⁸ Abaroma 5:12 Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose kuko bakoze ibyaha. 13 Amategeko ataratangwa icyaha cyahozeho mu isi, ariko ntawe kibarwaho amategeko adahari. 14 icyakora uherye kuri Adamu ukageza kuri Mose, urupfu rwatwaraga ndetse n'abatakoze ibyaha bihwanye n'igicumuro cya Adamu, wasuraga uwajyaga kuzaza.

¹⁴⁹ Zaburi 51:5 Kuko nzi ibicumuro byanjye, ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka.

¹⁵⁰ Itangiriro 8:21 Uwiteka ahumirirwa n'umubabwe, Uwiteka aribwira ati “Sinzongera ukundi kuvuma ubutaka ku bw'abantu, kuko gutekereza kw'imitima y'abantu ari kubi, uherye mu bwana bwabo, kandi sinzongera kwica ibifite ubugingo byose nk'uko nakoze.

¹⁵¹ Matayo 15:19 Kuko mu mutima w'umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi: kwica no gusambana no guheheta, kwiba no kubeshyera abandi n'ibitutsi.

¹⁵² Abaheburayo 3:12 Nuko bene Data, mwirinde hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera, umutera kwimūra Imana ihoraho.

¹⁵³ 1 Yohana 3:4 Umuntu wese ukora icyaha, aba agomye, kandi icyaha ni bwo bugome.

¹⁵⁴ Zaburi 58:3 Ahubwo mukorera ibyo gukiranirwa mu mitima yanyu, Urugomo rw'amaboko yanyu ni rwo rubanza mucira mu gihugu.

¹⁵⁵ Yesaya 48:8 Ni ukuri koko ntabwo wumvise kandi nta cyo wamenye, uherye kera ugutwi kwawe ntikwari kwazibuka, kuko nari nzi yuko wariganije cyane kandi wiswe umunyabyaha ukivuka.

¹⁵⁶ Yesaya 7:15 Amata n'ubuki ni byo bizamutunga kugeza aho azamenyera ubwenge bwo kwanga ibibi agakunda ibyiza, 16 kuko uwo

mwana ataramenya ubwenge bwo kwanga ibibi ngo akunde ibyiza,
igihugu cy'abo bami bombi wazinutswe kizatabwa

¹⁵⁷ Abagalatiya 6:7 Ntimuyobe: Imana ntinegurizwa izuru, kuko ibyo umuntu abiba ari byo azasarura. 8 Ubibira umubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka

¹⁵⁸ Abagalatiya 6:7 Ntimuyobe: Imana ntinegurizwa izuru, kuko ibyo umuntu abiba ari byo azasarura. 8 Ubibira umubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka.

¹⁵⁹ Hoseya 4:6 “Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi. Ubwo wibagiye amategako y’Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.

¹⁶⁰ Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk’uko yabigambiriye,

¹⁶¹ Zaburi 45:8 Wakunze gukiranuka wanga ibyaha, Ni cyo cyatumye Imana ari yo Mana yawe, Igusiga amavuta yo kwishima, Kukurutisha bagenzi bawe.

¹⁶² Yesaya 59:2 Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu, n’ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva.

¹⁶³ Yesaya 42:14 “Dore imbaraza nacecekeye, narahozze ndiyumanganya, noneho ndataka cyane nk’uko umugore uramukwa asamaguza asemeka. 15 Nzirimburira imisozi n’udusozi, numishe ubwatsi bwose kandi imigezi nzayihindura ibirwa, n’ibidendezi nzabikamya. 16 “Impumyi nzaziyobora inzira zitazi, nzinyuze mu tuyira zitigeze kumenya. Umwijima nzawuhindurira umucyo imbere yazo, n’ahagoranye zahagorora. Ibyo nzabibakorera kandi sinzabahana.

¹⁶⁴ Yesaya 53:6 Twese twayobye nk’intama zizimiye, twese twabayeho intatane, Uwitwaga amushyiraho gukiranirwa kwacu twese.

¹⁶⁵ Yesaya 53:3 Yarasuzugurwaga akangwa n’abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk’umuntu abandi bima amaso natwe ntumwubaha.

¹⁶⁶ 2 Abakorinto 1:5 kuko nk’uko ibyo Kristo yababajwe byadusesekayeho cyane, ni ko no guhumurizwa kwatugwijijwemo na Kristo.

¹⁶⁷ Matayo 10: 28 Kandi ntumuzatinye abica umubiri badashobora kwica ubugingo, ahubwo mutinye ushobora kurimburira ubugingo n’umubiri muri Gehinomu.

¹⁶⁸ Ibyakozwe 3:19 Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mmwami Imana, 20 itume Yesu ari we Kristo wabatoranirijwe kera, 21 uwo ijuru rikwiriywe kwakira kugeza ibihe ibintu byose bizongera gutunganirizwa, nk'uko Imana yavugiywe mu kanwa k'abahanuzi bera bayo bose uhereye kera kose.

¹⁶⁹ 1 Petero 5:10 “Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo ibakomeze, ibongerere imbaraga nimumara kubabazwa akanya gato.”

¹⁷⁰ Abaroma 12:2 “Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

¹⁷¹ Ibyakozwe 14:22 bakomeza imitima y'abigishwa, babahugura ngo bagumirize kwizera. Bababwira uburyo dukwiriywe guca mu makuba menshi, niba dushaka kwinjira mu bwami bw'Imana.

¹⁷² Yohana 16:33 Ibyo mbibabwiriywe kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi.”

¹⁷³ Itangiriro 2:15 “Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri iyo ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde. 16 Uwiteka Imana iramutegeka iti “Ku giti cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, 17 ariko igiti cy'ubwenge bumenyeshya icyiza n'ikibi ntuzakiriyeho, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa.”

¹⁷⁴ Itangiriro 3:17 “Na Adamu iramubwira iti “Ubwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti nakubujije ko utazakiriyaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya urya ibibuvamo ugombye kubiruhira,

¹⁷⁵ Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriywe,

¹⁷⁶ Yeremiya 29:11 “Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. 12 Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira. 13 Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.

¹⁷⁷ Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriywe,

¹⁷⁸ Yeremiya 29:11 Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. ¹² Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga

nanjye nzabumvira.¹³ Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.

¹⁷⁹ 1 Petero 1:7 kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igicro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa.

¹⁸⁰ 1 Petero 1:7 kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igicro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa.

¹⁸¹ Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye,

¹⁸² Gutegeka 2 13:3 "icyo kimenyetso cyangwa icyo gitangaza kigasohora, icyo yakubwiye agira ati "Duhindukirire izindi mana izo utigeze kumenya tuzikorere",

¹⁸³ Yakobo 1:13 Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati "Imana ni yo inyoheje", kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha. 14 Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. 15 Nuko iryo rari riratwita rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura bikabyara urupfu.

¹⁸⁴ Yakobo 1:13 Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati "Imana ni yo inyoheje", kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha. 14 Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. 15 Nuko iryo rari riratwita rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura bikabyara urupfu.

¹⁸⁵ Yereimiya 17:9 Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukura. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri?

¹⁸⁶ Matayo 28:18 Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati "Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.

¹⁸⁷ Mariko 3:27 "Kandi nta muntu wabasha kwinjira mu nzu y'umunyamaboko, ngo amusahure ibintu atabanje kumuboha, kuko ari bwo yabona uko asahura inzu ye.

¹⁸⁸ 1 Abakorinto 10:13 Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu, kandi Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira

kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.

¹⁸⁹ Luka 22:31 “Kandi Umwami Yesu aravuga ati “Simoni, Simoni, dore Satani yabasabye kugira ngo abagosore nk’amasaka, 32 ariko weho ndakwiringiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe.”

¹⁹⁰ Luka 22:32 “ariko weho ndakwiringiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe.”

¹⁹¹ Yakobo 1:2 “Bene Data, mwemere ko ari iby’ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n’ibibagerageza bitari bimwe,

¹⁹² Yakobo 1:2 Bene Data, mwemere ko ari iby’ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n’ibibagerageza bitari bimwe, mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana.

¹⁹³ Yakobo 1:2 Bene Data, mwemere ko ari iby’ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n’ibibagerageza bitari bimwe,

¹⁹⁴ Yakobo 4:7 Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.

¹⁹⁵ Ibyakozwe 20:28 wirinde ubwanyu, murinde n’umukumbi wose Umwuka Wera yabashyiriyeho kuba abarinzi, kugira ngo muragire Itorero ry’Imana, iryo yaguze amaraso yayo. 29 Nzi yuko nimara kuvaho, amasega ariyana azabinjiramo ntababarire umukumbi. 30 Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavugira ibigoramye, kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo.

¹⁹⁶ 1 Yohana 4:1 Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi b’ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi. 2 Iki ari cyo kibamenyesha Umwuka w’Imana: umwuka wose uvuga ko Yesu Kristo yaje afite umubiri ni wo wavuye ku Mana, riko umwuka wose utavuga Yesu utyo ntiwavuye ku Mana, ahubwo ni umwuka wa Antikristo, uwo mwumvise ko uzaza kandi none umaze kugera mu isi.

¹⁹⁷ Ibyakozwe 14:17 Ariko ntiyirekeraho itagira icyo kuyihamya, kuko yabagiriraga neza mwese, ikabavubira imvura yo mu ijuru, ikabaha imyaka myiza ikabahaza ibyokurya, ikuzuza imitima yanyu umunezero.”

¹⁹⁸ Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n’ab’iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

¹⁹⁹ 2 Petero 1:10 Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu, kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato,

²⁰⁰ Abaroma 8:20 kuko ibyaremwe byashyizwe mu bubata bw'ibitagira umumaro. icyakora si ku bw'ubushake bwabyo ahubwo ni ku bw'ubushake bw'Uwabubishyizemo,

²⁰¹ Itangiriro 3:17 Na Adamu iramubwira iti "Ubwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya urya ibibuvamo ugombye kubiruhira,

²⁰² Ibyahishuwe 17:17 Kuko Imana yashyize mu mitima yabyo gukora ibyo yagambiriye, no guhuza inama no guha ya nyamaswa ubwami bwabyo, kugeza aho amagambo y'Imana azasohorera.

²⁰³ 2 Abakorinto 4:4 "ari bo batizera, abo imana y'iki gihe yahumiye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo, ari we shusho y'Imana utabatambikira.

²⁰⁴ Ibyahishuwe 21:27 Muri rwo ntihazinjiramo ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama.

²⁰⁵ Abaroma 8:26 "Uko ni ko n'Umwuka adufasha mu ntege nke zacu kuko tutazi uko dukwiriye gusenga, ariko Umwuka ubwe ni we udusabira anihira iminiho itavugwa, ²⁷ kandi Irondora imitima izi ibyo Umwuka atekereza, kuko Umwuka asabira abera nk'uko Imana ishaka.

²⁰⁶ 1 Yohana 5:19 "Tuzi ko turi ab'Imana, naho ab'isi bose bari mu Mubi.

²⁰⁷ Matayo 24:14 "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize.

²⁰⁸ Matayo 11:28 "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura.

²⁰⁹ Yohana 16:33 Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi."

²¹⁰ Yesaya 48:10 Dore ndagutunganyije ariko si nk'ifeza, nkugeragereje mu ruganda rwo kubabazwa. 11 Ku bwanjye nzabyikorera, nta cyatuma izina ryanjye ritukwa kandi icyubahiro cyanjye sinzagihira undi.

²¹¹ 2 Abakorinto 1:3 Hashimwe Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo ari yo na Se, ari na yo Data wa twese w'imbabazi n'Imana nyir'ihumure ryose, 4 iduhumura mu makuba yacu yose kugira ngo natwe tubone

uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n'Imana, 5 kuko nk'uko ibyo Kristo yababajwe byadusesekayeho cyane, ni ko no guhumurizwa kwatugwijiwemo na Kristo.

²¹² Yobu 42:5 Ibyawe nari narabyumvishije amatwi, Ariko noneho amaso yanjye arakureba.

²¹³ Yakobo 1:4 “Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato.

²¹⁴ Gutegeka 2 8:5 Emeza umutima wawe yuko Uwiteka Imana yawe iguhanisha ibihano, nk'uko umuntu ahana umwana we.

²¹⁵ Yobu 5:17 “Hahirwa umuntu Imana ihana, Nuko rero ntugasuzugure igihano Ishoborabyose iguhana.

²¹⁶ Abaheburayo 12:5 kandi mwibagiwe kwa guhugura kubabwira nk'abana ngo “Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana, Kandi ntugwe isari nagucyaha. 6 Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be.” 7 Nimwihanganira ibihano, muba mugaragaje ko muri abana b'Imana. Mbese ni mwana ki udahanwa na se? 8 Ariko niba mudahanwa nk'abandi bose, noneho muba muri ibibyarwa mutari abana nyakuri. 9 Ko dufite ba data batubayeye ku mubiri, bakaduhana natwe tukabubaha, ntudukwiriye kurushaho cyane kugandukira Se w'imyuka tugahoraho? 10 Kuko ba bandi baduhanaga iminsi mike nk'uko byari bibabereye byiza, naho uwo aduhanira kugira ngo bitubere byiza dusangire kwera kwe. 11 Nta gihano kinezeza ukigihanwa ahubwo kimutera umubabaro, ariko rero hanyuma cyera imbuto zo gukiranuka zihesha amahoro abamenyerejwe na cyo.

²¹⁷ Imigani 22:8 Ubiba gukiranirwa azasarura ishyano, Inkoni y'uburakari bwe izavunika

²¹⁸ Yobu 4:8 “Nk'uko nabyiboneye abahinga gukiranirwa bakabiba amahane, ni byo basarura.”

²¹⁹ Imigani 11:18 “Umunyabyaha ahabwa ibihembo by'ibishukano, Ariko ubiba gukiranuka azabona ibihembo by'ukuri.”

²²⁰ 1 Petero 3:14 icyakora, nubwo mwababazwa babahōra gukiranuka, mwaba muhuriwe. Ntimugatinye ibyo babatinyisha kandi ntimugahagarike imitima,

²²¹ Yakobo 1:12 Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry'ubugingo, iryo Imana yasezeraniye abayikunda.

²²² Abaheburayo 12:7 Nimwihanganira ibihano, muba mugaragaje ko muri abana b’Imana. Mbese ni mwana ki udahanwa na se?

²²³ Imigani 28:9 Uwiziba amatwi ngo atumva amategeko, Gusenga kwe na ko ni ikizira.

²²⁴ Imigani 13:24 Urinda umwana inkoni aba amwanze, Ariko ukunda umwana we amuhana hakiri kare.

²²⁵ Abaheburayo 12:5 “kandi mwibagiwe kwa guhugura kubabwira nk’abana ngo “Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana, Kandi ntugwe isari nagucyaha. 6 Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be.”

²²⁶ Gutegeka 8:5 “Emeza umutima wawe yuko Uwiteka Imana yawe iguhanisha ibihano, nk’uko umuntu ahana umwana we.

²²⁷ Abaheburayo 12:8 Ariko niba mudahanwa nk’abandi bose, noneho muba muri ibibyarwa mutari abana nyakuri.

²²⁸ 1 Petero 4:12 Bakundwa, mwe gutangazwa n’ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu ngo mumere nk’abagushije ishyano.

²²⁹ Abaheburayo 12:11 Nta gihano kinezeza ukigihanwa ahubwo kimutera umubabaro, ariko rero hanyuma cyera imbuto zo gukiranuka zihesha amahoro abamenyerejwe na cyo.

²³⁰ abagalatiya 6:9 “Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari.

²³¹ Yesaya 40:31 Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk’ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora.

²³² Matayo 7:13 Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n’inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. 14 Ariko irembo rifunganye, n’inzira ijya mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake.

²³³ Matayo 7:24 “Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk’umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, 25 imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinze ku rutare. 26 Kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze, azaba ari nk’umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi, 27 imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu iragwa, kandi kugwa kwayo kwabayeye kunini.”

²³⁴ Luka 24:44 “Maze arababwira ati “Aya ni amagambo nababwiraga nkiri kumwe namwe, yuko ibyanditswe kuri jye byose mu mategeko ya Mose, no mu byahanuwe no muri Zaburi bikwiriye gusohora.” ⁴⁵ Maze abungura ubwenge ngo basobanukirwe n’ibyanditswe,

²³⁵ 2 Timoteyo 3:16 Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka 17 kugira ngo umuntu w’Imana abe ashwitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.

²³⁶ 1 Abakorinto 4:6 “Nuko bene Data, ibyo mbyigereranijeho jyewe na Apolo ku bwanyu nk’ubacira umugani, kugira ngo ibyo mvuze kuri twe bibigishe kumwerekereza ibirenze ibyanditswe, hatagira umuntu wihimbaza arwana ishyamba ry’umwe agahinyura undi.

²³⁷ Yesaya 53:5 Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhashe amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.

²³⁸ Luka 22:20 N’igikombe akigenza atyo bamaze kurya ati “Iki gikombe ni isezerano rishya ryo mu maraso yanjye ava ku bwanyu.]

²³⁹ Zaburi 16:10 “Kuko utazareka ubugingo bwanyu ngo bujye ikuzimu, Kandi utazakundira umukunzi wawe ko abona kubora.

²⁴⁰ Abaroma 14:12 Nuko rero umuntu wese muri twe azimurikira ibyo yakozwe imbere y’Imana.

²⁴¹ 2 Abakorinto 5:10 Kuko twese dukwiriye kuzagaragarizwa imbere y’intebe y’imanza ya Kristo, kugira ngo umuntu wese ahabwe ibikwiriye ibyo yakozwe akiri mu mubiri, ari ibyiza cyangwa ibibi.

²⁴² 1 Petero 4:17 “Kuko igihe kigiye gusohora urubanza rukazabanziriza mu b’inzu y’Imana. Ariko se niba rubanziriza kuri twe, iherezo ry’abatwumvira ubutumwa bwiza bw’Imana rizamera rite?

²⁴³ Yakobo 1:14 “Ahubwo umuntu wese yoshywe iyo akururwe n’ibyo arariye bimushukashuka. 15 Nuko iryo rari riratwita rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura bikabyara urupfu.

²⁴⁴ Abaheburayo 4:15 Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha.

²⁴⁵ Abaheburayo 9:28 ni ko na Kristo amaze gutambwa rimwe ngo yishyireho ibyaha bya benshi, azaboneka ubwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha, abonekerere abamutegereza kubazanira agakiza.

²⁴⁶ Yeremiya 31:34 Kandi ntibazigishanya ngo umuntu wese yigishe mugenzi we, n'umuntu wese uwo bava inda imwe ati 'Menya Uwiteka', kuko bose bazamenya uherye ku uworoheje hanyuma y'abandi ukageza ku ukomeye kurusha bese, ni ko Uwiteka avuga, kuko nzababarira gukiranirwa kwabo kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi."

²⁴⁷ Zaburi 89:34 Ariko sinzamukuraho rwose imbabazi zanjye, Sinzivuguruzwa umurava wanjye.

²⁴⁸ Luka 16:17 Icyoroshye ni uko ijuru n'isi byashira, kuruta ko agace k'inyuguti imwe yo mu mategeko kavaho.

²⁴⁹ Zaburi 111:7 "Imirimo y'intoki ze ni umurava no kutabera, Amategeko ye yose arahamye.

²⁵⁰ Abaroma 8:4 "kugira ngo gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe, abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakurikiza iby'Umwuka."

²⁵¹ Abagaliya 5:16 "Ndavuga nti "Muyoborwe n'Umwuka", kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira 17 kuko kamere irarikira ibyo Umwuka yanga, kandi Umwuka yifuza ibyo kamere yanga kuko ibyo bihabanye, ni cyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora. 18 Ariko niba muyoborwa n'Umwuka, ntimuba mugitwarwa n'amategeko.

²⁵² Abaroma 3:20 kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegegetse n'amategeko, kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha.

²⁵³ Matayo 5:19 "Nuko uzica rimwe ryo muri ayo mategeko naho ryaba ryoroshye hanyuma y'ayandi, akigisha abandi kugira batyo, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mutoya rwose. Ariko uzayakora akayigisha abandi, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mukuru.

²⁵⁴ Itangiriro 2:15 "Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri iyo ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde. 16 Uwiteka Imana iramutegeka iti "Ku giti cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, 17 ariko igiti cy'ubwenge bumenyeshya icyiza n'ikibi ntuzakiryehe, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa."

²⁵⁵ Itangiriro 3:2 "Uwo mugore arayisubiza ati "Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, 3 keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti 'Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.' " 4 Iyo nzoka ibwira umugore, iti "Gupfa ntimuzapfa,

²⁵⁶ 2 Abakorinto 4:4 "ari bo batizera, abo imana y'iki gihe yahumiye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo, ari we shusho y'Imana utabatambikira.

²⁵⁷ Ibyahishuwe 17:17 “Kuko Imana yashyize mu mitima yabyo gukora ibyo yagambiriye, no guhuza inama no guha ya nyamaswa ubwami bwabyo, kugeza aho amagambo y’Imana azasohorera.”

²⁵⁸ Ibyahishuwe 12:4 Umurizo wacyo ukurura kimwe cya gatatu cy’inyenyeri zo ku ijuru, uzijugunya mu isi. icyo kiyoka gihagarara imbere y’uwo mugore waramukwaga, kugira ngo namara kubyara gihereko kirye umwana we kimutsōtsōbe.

²⁵⁹ Itangiriro 3:8 Bumva imirindi y’Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi, wa mugabo n’umugore we bihisha hagati y’ibiti byo muri iyo ngobyi amaso y’Uwiteka Imana. 9 Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubaza iti “Uri he?”

²⁶⁰ Itangiriro 1:26 “Imana iravuga iti “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’amatungo n’isi yose, n’igikururuka hasi cyose.” 27 Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y’Imana ni ko yamuremye, umugabo n’umugore ni ko yabaremye.

²⁶¹ Timoteyo 6:16 “Ni yo yonyine ifite kudapfa, iba mu mucyo utegerwa: nta muntu wigeze kuyireba kandi nta wabasha kuyireba. icyubahiro n’ubutware budashira bibe ibyayo, Amen.

²⁶² Yohana 1:18 Uhereye kera kose nta muntu wigeze kubona Imana, ahubwo Umwana w’ikinege uri mu gituza cya Se, ni we wayimenyekanishije.

²⁶³ Yohana 10:30 “Jyewe na Data turi umwe.”

²⁶⁴ Matayo 19:14 “Ariko Yesu arababwira ati “Mureke abana bato ntumubabuze kunsanga, kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.”

²⁶⁵ Yeremiya 15:19 “Ni cyo gituma Uwiteka avuga atya ati “Nugaruka nzakugarura kugira ngo uhagarare imbere yanjye, kandi ibishimwa nubivana mu bigawa uzaba nk’akanwa kanjye. Bazakugarukira ariko ntuzabagarukire. 20 Kandi nzakugira inkike yubakishijwe imiringa ibe igihome gikingiye abo bantu, na bo bazakurwanya ariko ntibazakunesha, kuko ndi kumwe nawe ngo ngukize kandi nkurokore. Ni ko Uwiteka avuga. 21 Nzakurokora nkuvane mu maboko y’abanyabyaha, kandi nzagukiza amaboko y’abateye ubwoba.”

²⁶⁶ Yohana 3:36 “uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho, ariko utumvira uwo Mwana ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w’Imana uguma kuri we.”

²⁶⁷ Yohana 5:24 “Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwumva ijambo ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo.

²⁶⁸ Abaroma 6:18 maze mubatuwe ku byaha, muhinduka imbata zo gukiranuka.

²⁶⁹ Abaroma 3:19 Tuzi yuko ibyo amategeko avuga byose abibwira abatwarwa na yo, kugira ngo akanwa kose kazibwe, kandi abari mu isi bose batsindirwe n’urubanza imbere y’Imana, 20 kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimu itegetswe n’amategeko, kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha.

²⁷⁰ Yesaya 1:18 “Nimuze tujye inama”, ni ko Uwiteka avuga, “Naho ibyaha byanyu byatukura nk’umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk’ubwoya bw’intama bwera.

²⁷¹ Ibyakozwe 2:23 “uwo muntu amaze gutangwa nk’uko Imana yabigambiriye, ibimenye bitari byaba, mwamubambishije amaboko y’abagome muramwica.

²⁷² 2 Abakorinto 5:21 “kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw’Imana.

²⁷³ Yohana 8:56 “Aburahamu sekuruza wanyu yifujije cyane kureba umunsi wanjye, kandi awubonye aranezerwa.”

²⁷⁴ Ibyahishuwe 21:6 Kandi iti “Birarangiye. Ni jye Alufa na Omega, itangiriro n’iherezo. Ufite inyota nzamuhera ubuntu kunywa ku isoko y’amazi y’ubugingo.

²⁷⁵ Ibyahishuwe 1:8 “Ndi Alufa na Omega, itangiriro n’iherezo”, ni ko Umwami Imana ivuga, iriho kandi yahozeho kandi izahoraho, ari yo ishobora byose.

²⁷⁶ Abaroma 3:25 Ni we Imana yashyizeho kuba impongano y’uwizera amaraso ye, kugira ngo yerekane gukiranuka kwayo kwayiteye kwirengagiza ibyaha byakozwe mbere y’icyo gihe, ubwo Imana yabyihanganiraga,

²⁷⁷ Yakobo 1:13 Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati “Imana ni yo inyohereje”, kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n’ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha.

²⁷⁸ 1 Peter 5:10 Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo

ibakomeze, ibongerere imbaraga nimumara kubabazwa akanya gato.
11 icyubahiro n'ubutware bibe ibyayo iteka ryose. Amen.

²⁷⁹ Ibyakozwe 26:18 kugira ngo ubahumure amaso na bo bahindukire bave mu mwijima bajye mu mucyo, bave no mu butware bwa Satani bajye ku Mana, bahereko bababwirwe ibyaha byabo baraganwe n'abejeje no kunyizera.'

²⁸⁰ Kuva 33:19 Uwiteka aramubwira ati "Ubwanyije nzanyuza kugira neza kwanjye kose imbere yawe, nzivugira mu izina imbere yawe ko ndi Uwiteka, kandi nzagira ubuntu uwo nzagira ubuntu, kandi nzababwirira uwo nzababwirira."

²⁸¹ Mika 7:18 Ni iyihe Mana ihwanye nawe ibabwirira gukiranirwa, ikirengagiza igicumuro cy'abasigaye b'umwanda wayo? Ntikorana uburakari bwayo iteka, kuko yishimira kugira imbabazi.

²⁸² Kubara 14:18 'Uwiteka atinda kurakara, afite kugira neza kwinshi, ababwirira gukiranirwa n'ibicumuro, ntatsindishiriza na hato abo gutsindwa, ahora abana gukiranirwa kwa ba se akageza ku buzukuruza n'ubuvivi.'

²⁸³ Abaroma 1:18 Umujyira w'Imana uhishurwa uva mu ijuru, ubyukirijwe ubugome no gukiranirwa by'abantu byose, bashikamiza ukuri gukiranirwa kwabo

²⁸⁴ Kuva 34:6 Uwiteka anyura imbere ye arivuga ati "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, 7 igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibababwirira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha. Ntatsindishiriza na hato abo gutsindwa, ihora abana gukiranirwa kwa ba se ikageza ku buzukuruza, n'abuzukuruza n'ubuvivi."

²⁸⁵ Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye,

²⁸⁵ Abaroma 12:2 Kandi ntamwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

²⁸⁷ Gutegeka 6:5 "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose.

²⁸⁸ Imigani 3:5 Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikira ku buhanga bwawe.

²⁸⁹ Matayo 17:20 Arabasubiza ati "Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwirira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka

sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano ujye hirya' wahava, kandi ntakizabanira.

²⁹⁰ Ezekiyeli 5:7 Ni cyo gituma Umwami Uwiteka avuga ati "Kuko muri inkubaganyi kurusha abanyamahanga babakikije, kandi mukaba mutagendeye mu mateka yanjye, ntimukomeze n'amategeko yanjye cyangwa ngo mukurikize amategeko y'abanyamahanga babakikije." ⁸ Ni cyo gituma Umwami Uwiteka avuga ati "Dore jye ubwanjye ndakwibasiye, kandi nzagusohozaho ibihano abanyamahanga babireba.

²⁹¹ Yobu 4:8 Nk'uko nabyiboneye abahinga gukiranirwa bakabiba amahane, ni byo basarura.

²⁹² Imigani 22:8 Ubiba gukiranirwa azasarura ishyano, Inkoni y'uburakari bwe izavunika.

²⁹³ 1 Petero 3:14 "Icyakora, nubwo mwababazwa babahōra gukiranuka, mwaba muhiriwe. Ntimugatinye ibyo babatinyisha kandi ntimugahagarike imitima,

²⁹⁴ Yakobo 1:12 Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry'ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda.

²⁹⁵ 1 Petero 1:7 kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igicro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahashe ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa.

²⁹⁶ 1 Petero 5: 10 Kandi Imana igira Ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo ibakomeze, ibongerere imbaraga nimumara kubabazwa akanya gato.

²⁹⁷ Yobu 1:12 Uwiteka asubiza Satani ati "Dore ibyo atunze byose biri mu maboko yawe, keretse we ubwe we kumuramburaho ukuboko kwawe." Nuko Satani aherako ava imbere y'Uwiteka. Imana yemerera Satani kumunyaga no kumwicira abana

²⁹⁸ Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

²⁹⁹ Abefeso 1:4 nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo. 5 Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo, 6 kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo.

³⁰⁰ Abefeso 1:11 Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo 12 ngo tube abo gushimisha ubwiza bwayo, twebwwe abiringiye Kristo uhereye kera.

³⁰¹ Abefeso 1:13 Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe,

³⁰² Yohana 15:26 "Umufasha naza, uwo nzaboherereza ava kuri Data, ari we Mwuka w'ukuri ukomoka kuri Data, azampamya.

³⁰³ Yohana 14:26 ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.

³⁰⁴ Zaburi 37:4 Kandi wishimire Uwiteka, Na we azaguha ibyo umutima wawe usaba.

³⁰⁵ Ibyakozwe 15:8 Imana ironдора imitima y'abantu yarabahamije, ubwo yabahaye Umwuka Wera nk'uko yamuduhaye natwe.

³⁰⁶ Ibyakozwe 1:8 icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi."

³⁰⁷ Tito 3:5 iradukiza, itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera,

³⁰⁸ 1 Petero 1:3 Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari na yo Se, ishimwe kuko yatubayeye ubwa kabiri nk'uko imbabazi zayo nyinshi ziri, kugira ngo tugire ibyiringiro bizima tubiheshejwe no kuzuka kwa Yesu Kristo,

³⁰⁹ Ibyakozwe 17:26 Kandi yaremye amahanga yose y'abantu bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z'aho batuye, 27 kugira ngo bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye, kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe, 28 kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho, nk'uko bamwe bo mu bahimbi b'indirimo banyu bavuze bati 'Turi urubyaro rwayo.'

³¹⁰ Ibyakozwe 17:26 Kandi yaremye amahanga yose y'abantu bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu

ingabano z'aho batuye, 27 kugira ngo bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye, kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe, 28 kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho, nk'uko bamwe bo mu bahimbyi b'indirimo banyu bavuze bati 'Turi urubyaro rwayo.'

³¹¹ Zaburi 19:2 Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, Isanzure ryerekana imirimo y'intoki zayo. 3 Amanywa abwira andi manywa ibyayo, Ijoro ribimenyesha irindi joro. 4 Nta magambo cyangwa ururimi biriho, Nta wumva ijwi ryabyo. 5 Umugozi ugera wabyo wakwiriye isi yose, Amagambo yabyo yageze ku mpera y'isi. Muri ibyo yabambiye izuba ihema,

³¹² Ibyakozwe 17:27 kugira ngo bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye, kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe,

³¹³ Zaburi 6:11 Uzamenyesha inzira y'ubugingo, Imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye, Mu kuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza iteka ryose.

³¹⁴ Abefeso 4:18 ubwenge bwabo buri mu mwijima kandi ubujiji buri muri bo no kunangirwa kw'imitima yabo, byabatandukanije n'ubugingo buva ku Mana. 19 Kandi babaye ibiti biha ubusambanyi bwinshi, gukora iby'isoni nke byose bifatanije no kwifuza.

³¹⁵ Abaroma 1:24 Ni cyo cyatumye Imana ibareka ngo bakurikize ibyo imitima yabo irarikiye, bakor ibiteye isoni bononane imibiri yabo, 25 kuko baguraniye ukuri kw'Imana gukurikiza ibinyoma, bakaramya ibyaremwe bakabikorera kubirutisha Imana Rurema, ari yo ishimwa iteka ryose, Amen.

³¹⁶ Umubwiriza 7:29 Dore icyo nabonye gusa ni iki: ni uko Imana yaremye umuntu utunganye, ariko abantu bishakiye ibihimbano byinshi."

³¹⁷ Abaroma 1:21 kuko ubwo bamenye Imana batayubahirije nk'Imana, habe no kuyishima, ahubwo bahinduka abibwira ibitagira umumaro, maze imitima yabo y'ibirimarima icura umwijima. 22 Biyise abanyabwenge bahinduka abapfu, 23 maze ubwiza bw'Imana idapfa babuhindura ibishushanyo by'abantu bapfa, n'iby'ibiguruka, n'iby'ibigenza amaguru ane, n'iby'ibikururuka. 24 Ni cyo cyatumye Imana ibareka ngo bakurikize ibyo imitima yabo irarikiye, bakor ibiteye isoni bononane imibiri yabo, 25 kuko baguraniye ukuri kw'Imana gukurikiza ibinyoma, bakaramya ibyaremwe bakabikorera kubirutisha Imana Rurema, ari yo ishimwa iteka ryose, Amen. 26 Ni cyo cyatumye Imana ibarekera kurarikira ibyonona, ndetse bigeza ubwo abagore babo bakoresha imibiri yabo uburyo bunyuranye n'ubwo yaremewe. 27 Kandi n'abagabo ni uko, bareka kugirira abagore ibyo imibiri yabo yaremewe, bashyushywa no kurarikirana. Abagabo bagirirana n'abandi bagabo

ibiteye isoni, bituma mu mibiri yabo bagarurirwa ingaruka mbi ikwiriye kuyoba kwabo. 28 Kandi ubwo banze kumenya Imana, ni cyo cyatumye Imana ibareka ngo bagire imitima yabaye akahebwwe bakora ibidakwiriye. 29 Buzuye gukiranirwa kose n'ububi, no kurarikira n'igomwa, buzuye n'ishyari n'ubwicanyi, n'intonganya n'ubugambanyi no gukina ku mubyimba, no gusebaniriza mu byongorerano, 30 n'abatukana, n'abanga Imana n'abanyagasuzuguro, n'abirarira n'abahimba ibibi, n'abatumvira ababyeyi 31 n'indakurwa ku izima, n'abava mu masezerano n'abadakunda ababo n'intababarira, 32 nubwo bamenye iteka ry'Imana yuko abakora ibisa bityo bakwiriye gupfa, uretse kubikora ubwabo gusa bashima n'abandi babikora.

³¹⁸ Zaburi 14:1 Zaburi iyi yahimbiwe umutware w'abaririmbyi. Ni iya Dawidi. Umupfapfa ajya yibwira ati "Nta Mana iriho." Barononekaye, bakoze imirimo yo kwangwa urunuka, Nta wukora ibyiza.

³¹⁹ Zaburi 107:17 Ibirimarima bibabarizwa ibicumuro byabyo, No gukiranirwa kwabyo.

³²⁰ Imigani 1:32 Ubuhemu bw'abaswa buzabicisha, Kandi kugubwa neza kw'abapfu kuzabarimbura.

³²¹ Imigani 14:9 Abapfapfa bahinyura igitambo cy'ibyaha, Ariko mu bakiranutsi ho hariho gushimwa n'Imana.

³²² Yuda 1:4 Kuko hariho bamwe baseseye muri mwe rwihishwa bagenewe kera gucirwa ho iteka: ni abantu batubaha Imana, bahindura ubuntu bw'Imana yacu isoni nke, bakihakana Yesu Kristo ari we wenyine Databuja n'Umwami wacu.

³²³ Luka 17:20 Abafarisayo baramubaza bati "Ubwami bw'Imana buzaza ryari?" Arabasubiza ati "Ubwami bw'Imana ntibuzaza ku mugaragaro, 21 kandi ntibazavuga bati 'Dore ngubu', cyangwa bati 'Nguburiya', kuko ubwami bw'Imana buri hagati muri mwe."

³²⁴ Abefeso 2:14 Uwo ni we mahoro yacu, kuko yahinduye twebwe ababiri kuba umwe akuyeho ubwanzi, ari bwo rusika rwari hagati yacu rutugabanya, 15 amaze gukuzaho amategeko y'iby'imihango umubiri we, kugira ngo ba babiri abarememo umuntu umwe mushya muri we ngo azane amahoro atyo, 16 kandi ngo bombi abagire umubiri umwe, abungishe n'Imana umusaraba awicishije bwa bwanzu. 17 Yaraje ababwira ubutumwa bwiza bw'amahoro mwebwe abari kure, kandi abari bugufi na bo ababwira iby'amahoro, 18 kuko ari we uduhesha uko turi amaharakubiri, kwegera Data wa twese turi mu Mwuka umwe.

³²⁵ Imigani 2:1 Mwana wanjye, niwemera amagambo yanjye, Ugakomeza amategeko yanjye, 2 Bituma utegera ubwenge amatwi, Umutima wawe ukawuhugurira kujijuka, 3 Niba uririra ubwenge bwo guhitamo, Kandi ijwi ryawe ukarangurura urihamagaza kujijuka, 4

Niba uririra ubwenge bwo guhitamo, Kandi ijwi ryawe ukarangurura urihamagaza kujijuka, 5 Ni bwo uzamenya kubaha Uwiteka icyo ari cyo, Ukabona kumenya Imana.

³²⁶ Ibyakozwe 2:23 uwo muntu amaze gutangwa nk'uko Imana yabigambiriye, ibimenye bitari byaba, mwamubambishije amaboko y'abagome muramwica.

³²⁷ 2 Abakorinto 5:21 kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.

³²⁸ 1 Petero 1:7 kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igicro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahashe ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa.

³²⁹ Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye.

³³⁰ Ibyahishuwe 21:4 Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize.”

³³¹ 2 Petero 3:13 Kandi nk'uko yasezeraniye dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo.

³³² Matayo 13:45 Kandi ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umutunzi ushaka imaragarita nziza.

³³³ Matayo 25:1 “Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n'abakobwa cumi bajyanye amatabaza yabo, baja gusanganira umukwe.

³³⁴ Abefeso 1:3 ko mpishurirwa ubwiru bwayo mu iyerekwa nk'uko nabanje kwandika mu magambo make.

³³⁵ Gutegeka 7:19 ibigerageresho bikomeye amaso yawe yiboneye, n'ibimenyetso n'ibitangaza n'amaboko menshi n'ukuboko kurambutse Uwiteka Imana yawe yagukujeyo. Uko ni ko Uwiteka Imana yawe izagenda amahanga yose utinya.

³³⁶ Luka 22:28 Ni mwe mwagumanye nanjye, twihanganana mu byo nagerajwe

³³⁷ 1 Abatesalonike 3:3 kugira ngo hatagira umuntu muri mwe unyeganyezwa n'aya makuba, kuko ubwanyu muzi yuko ari cyo twashyiriweho.

-
- 338 1 Petero 1:6 Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibagerageza byinshi,
- 339 1 Petero 4:12 Bakundwa, mwe gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu ngo mumere nk'abagushije ishyano. 13 Ahubwo munezezwe n'uko mufatanije imibabaro ya Kristo, kugira ngo muzanezerwe mwishima bihebuje, ubwo ubwiza bwe buzahishurwa.
- 340 Amaganya 3:38 Mbese ku bushake bw'Isumbabyose, Ntihatuka ibibi n'ibyiza?
- 341 Abaroma 8:28 Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye,
- 342 Abaheburayo 10:16 "Iri ni ryo sezerano nzasezerana na bo, Hanyuma y'iyi minsi, ni ko Uwiteka avuga, Nzashyira amategeko yanyje mu mitima yabo, Kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika."
- 343 Yeremiya 24:7 Nzabaha umutima wo kumenya yuko ari jye Uwiteka, bazaba ubwoko bwanyje nanjye nzaba Imana yabo, kuko bazangarukira n'umutima wabo wose.'
- 344 Matayo 7:8 Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa.
- 345 Abaroma 1:19 kuko bigaragara ko bazi Imana, Imana ikaba ari yo ubwayo yabahishuriye ubwo bwenge, 20 kuko ibitaboneka byayo ari byo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo, bigaragara neza uhaye ku kuremwa kw'isi, bigaragazwa n'ibyo yaremye kugira ngo batagira icyo kwireguza,
- 346 Zaburi 19:1 Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, Isanzure ryerekana imirimo y'intoki zayo. 2 Amanywa abwira andi manywa ibyayo, Ijoro ribimenyesha irindi joro. 3 Nta magambo cyangwa ururimi biriho, Nta wumva ijwi ryabyo. 4 Umugozi ugera wabyo wakwiriye isi yose, Amagambo yabyo yageze ku mpera y'isi. Muri ibyo yabambiye izuba ihema,
- 347 Matayo 21:22 Kandi ibyo muzasaba mwizeye muzabihabwa byose."
- 348 Imigani 3:5 Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe.
- 349 Nahumu 1:7 Uwiteka ni mwiza, ni igihome ku muni w'amakuba kandi azi abamwiringira.
-

³⁵⁰ Yeremiya 39:18 Ni ukuri nzagukiza kandi ntuzicishwa inkota, ahubwo ubugingo bwawe uzabutabarura, kuko wanyiringiye.” Ni ko Uwiteka avuga.

³⁵¹ Zaburu 111:7 Imirimo y'intoki ze ni umurava no kutabera, Amategeko ye yose arahamye.

³⁵² Abaheburayo 11:6 ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka.

³⁵³ Zaburi 17:6 Mana, ndakwambaje kuko uri bunsubize, Ntegera ugutwi wumve ibyo mvuga.

³⁵⁴ Ibyakozwe 5:32 Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira.”

³⁵⁵ 2 Abakorinto 6:6 dufite umutima uboneye, dufite ubwenge, tutarambirwa, tugira neza, dufite Umwuka Wera, dufite n'urukundo rutaryarya;

³⁵⁶ Abaroma 15:13 Imana nyir'ibyiringiro ibuzuze umunezero wose n'amahoro biheshwa no kwizera, kugira ngo murusheho kwiringira mubiheshejwe n'imbaraga z'Umwuka Wera.

³⁵⁷ 2 Timoteyo 1:14 Ikibitsanyo cyiza wabikijwe, ukirindishe Umwuka Wera utubamo.

³⁵⁸ Luka 1:37 kuko ari nta jambo Imana ivuga ngo rihere.”

³⁵⁹ Imigani 3:6 Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.

³⁶⁰ Gutegeka 17:11 Uko amategeko ari bakwigishije, n'uko urubanza ruri baciye bakaba barukubwiye, azabe ari ko ugenza. Ntuzatambikire iburyo cyangwa ibumoso, ngo uve mu rubanza bakubwiye.

³⁶¹ Imigani 3:5 Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe.

³⁶² Zaburi 46:10 Akuraho intambara kugeza ku mpera y'isi, Avunagura imiheto, amacumu ayacamo kabiri, Amagare ayatwikisha umuriro.

³⁶³ Mariko 5:36 Akuraho intambara kugeza ku mpera y'isi, Avunagura imiheto, amacumu ayacamo kabiri, Amagare ayatwikisha umuriro.

³⁶⁴ Abafiripi 4:6 Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiyeye, mushima.

³⁶⁵ Abafiripi 2:3 Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. 4 muntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

³⁶⁶ Gutegeka 8:6 Ujye witondera amategeko y'Uwiteka Imana yawe, ugende mu nzira ikuyoboye, uyubahe.

³⁶⁷ Zaburi 46:1 Imana ni yo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu, Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba.

³⁶⁸ Luka 10:27 Aramusubiza ati "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda."

³⁶⁹ Yohana 14:26 ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.

³⁷⁰ Zaburi 37:4 Kandi wishimire Uwiteka, Na we azaguha ibyo umutima wawe usaba.

³⁷¹ Abaroma 15:13 Imana nyir'ibyiringiro ibuzuze umunezero wose n'amahoro biheshwa no kwizera, kugira ngo murusheho kwiringira mubiheshejwe n'imbaraga z'Umwuka Wera.

³⁷² 2 Petero 1:2 Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe, mubiheshwa no kumenya Imana na Yesu Umwami wacu,

³⁷³ Zekariya 2:14 "Ririmba unezerwe wa mukobwa w'i Siyoni we, dore nanjye ndaje, ngututemo imbere. Ni ko Uwiteka avuga. ¹⁵ Uwo muni amahanga menshi azahakwa ku Uwiteka, babe abantu banjye. Nanjye nzatura muri wowe imbere, nawe uzamenya yuko Uwiteka Nyiringabo yakuntumyeheho.

³⁷⁴ Abalewi 26:12 Nzagendera hagati muri mwe mbe Imana yanyu, namwe mube ubwoko bwanjye.

³⁷⁵ Zekariya 3:9 Dore ibuye nshinze imbere ya Yosua, ku ibuye rimwe hari amaso arindwi, nzarikebaho amabara, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, kandi gukiranirwa kw'icyo gihugu nzagukuraho umunsi umwe.

³⁷⁶ Ibyahishuwe 3:13 Kristo yaducunguriye kugira ngo dukizwe umuvumo w'amategeko, ahindutse ikivume ku bwacu (kuko byanditswe ngo "Havumwe umuntu wese umanitswe ku giti"),

³⁷⁷ Ibyakozwe 4:12 Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina muni y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo."

³⁷⁸ Yohana 14:6 Yesu aramubwira ati “Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo: nta wujya kwa Data ntamujyanye. 7 yaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramuzi kandi mwamurebye.”

³⁷⁹ Yesaya 43:11 “Jyewe, jye ubwanjye ni jyewe Uwiteka, kandi nta wundi mukiza utari jyewe.

³⁸⁰ Ibyakozwe 13:38 Nuko bagabo bene Data, mumenye ko ari muri uwo tubabwira kubabarirwa ibyaha, 39 kandi uwizera wese atsindishirizwa na we mu bintu byose, ibyo amategako ya Mose atabashaga kubatsindishiriza.

³⁸¹ Abefeso 2:4 Ariko Imana kuko ari umutunzi w’imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo 5 ku bw’urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu (ubuntu ni bwo bwabakijije),

³⁸² Yohana 3:13 Ntawazamutse ngo ajye mu ijuru, keretse Umwana w’umuntu wavuye mu ijuru, akamanuka akaza hasi. 14 “Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa, 15 kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.”

³⁸³ Abefeso 2:8 Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana. 9 Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira, 10 kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

³⁸⁴ Abaroma 10:9 Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, 10 kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa. 11 Kuko ibyanditswe bivuga bita “Umwizera wese ntazakorwa n’isoni.” 12 Nta tandukaniro ry’Umuyuda n’Umugiriki, kuko Umwami umwe ari Umwami wa bose, ni we ubereye abamwambaza bese ubutunzi, 13 kuko umuntu wese uzambaza izina ry’Umwami azakizwa.

³⁸⁵ Abaroma 3:22 ni ko gukiranuka kw’Imana abizeye bese baheshwa no kwizera Yesu Kristo ari nta tandukaniro,

³⁸⁶ 1 Petero 2:24 Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije. 25 Kuko mwari nk’intama zizimiye, ariko none mukaba mwaragarukiye Umwungeri w’ubugingo bwanyu ari we Murinzi wabwo.

³⁸⁷ 1 Yohana 2:2 Uwo ni we mpongano y’ibyaha byacu, nyamara si ibyaha byacu gusa ahubwo ni iby’abari mu isi bese.

³⁸⁸ Matayo 27:46 Maze ku isaha ya cyenda Yesu avuga ijwi rirenga ati “Eli, Eli, lama sabakitani?” Bisobanurwa ngo “Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?”

³⁸⁹ Yesaya 53:5 Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. 6 Twese twayobye nk’intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese.

³⁹⁰ Yohana 6:38 Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakiye, ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwantumye ashaka, 39 kandi ibyo uwantumye ashaka ni ibi: ni ukugira ngo mu byo yampaye byose ntagira na kimwe nzimiza, ahubwo ngo nzakizure ku muni w’imperuka. 40 Kuko icyo Data ashaka ari iki: ni ukugira ngo umuntu wese witegereze Umwana akamwizera ahabwe ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzure ku muni w’imperuka.”

³⁹¹ Ibyahishuwe 12:9 Cya kiyoka kinini kiracibwa, ari cyo ya nzoka ya kera yitwa Umwanzi na Satani, ari cyo kiyobya abari mu isi bose. Nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo.

³⁹² Ibyakozwe 10:41 icyakora ntiyamweretse abantu bose, ahubwo yamweretse abagabo yatoranije bitari byaba, ni twe bwe abasangiraga na we amaze kuzuka.

³⁹³ Hoseya 6:2 Azaduhembura tumaze kabiri, ku muni wa gatatu azaduhagurutsa, kandi tuzabaho turi imbere ye.

³⁹⁴ Ibyakozwe 1:3 Amaze kubabazwa ababonekera ari muzima, atanga ibimenyetso byinshi, agumya kubabonekera mu muni mirongo ine avugaga iby’ubwami bw’Imana.

³⁹⁵ Mariko 16:19 Nuko Umwami Yesu amaze kuvugana na bo, ayanwaga mu ijuru yicara iburyo bw’Imana.

³⁹⁶ Luke 23:32 Kandi bajyana n’abandi babiri bari inkozi z’ibibi, ngo babicane na we.

³⁹⁷ Luke 23:39 Umwe muri abo bagome babambwe aramutuka ati “Si wowe Kristo? Ngaho ikize natwe udukize.” 40 Ariko uwa kabiri amusubiza amucyaha ati “No kubaha Imana ntuyubaha, uri mu rubanza rumwe n’urwe? 41 webweho duhowe ukuri, tukaba twituwe ibihwanye n’ibyo twakoze, ariko uyu nta kibi yakoze.” 42 Nuko abwira Yesu ati “Mwami, uzanyibuke ubwo uzazira mu bwami bwawe.” 43 ramusubiza ati “Ndakubwira ukuri, yuko uyu muni turi bubane muri Paradiso.”

³⁹⁸ Abefeso 2:8 Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana.

³⁹⁹ Yohana 12:31 Ubu urubanza rw'ab'isi rurasohoye, ubu umutware w'ab'iyi si abaye igicibwa.

⁴⁰⁰ Yohana 16:11 n'iby'amateka kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka.

⁴⁰¹ Abaroma 10:9 Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa,

⁴⁰² Matayo 5:16 Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.

⁴⁰³ Yeremiya 1:5 "Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga."

⁴⁰⁴ Matayo 5:13 "Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira.

⁴⁰⁵ 2 Abakorinto 6:18 Kandi nzababera So, Namwe muzambere abahungu n'abakobwa, Ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuye."

⁴⁰⁶ Matayo 22:37 Na we aramusubiza ati "Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose.' 38 Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry'imbere. 39 N'irya kabiri rihwanye na ryo ngiri 'Ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.'

⁴⁰⁷ Matayo 22:36 "Mwigisha, itegeko rikomeye mu mategeko ni irihe?" 37 Na we aramusubiza ati "Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose.' 38 Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry'imbere. 39 N'irya kabiri rihwanye na ryo ngiri 'Ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.' 40 Muri ayo mategeko yombi, amategeko yose n'ibyahanuwe ni yo yuririraho."

⁴⁰⁸ Yohana 16:27 kuko Data na we abakunda ubwe kuko mwankunze mukizera yuko navuye ku Mana.

⁴⁰⁹ Yeremiya 32:19 Ushobora inama kandi no mu mirimo uyikomeyemo, amaso yawe areba inzira z'abantu zose, ugaha umuntu wese ibihwanye n'imigenzereze ye n'ibihwanye n'imbuto z'imirimo ye.

⁴¹⁰ Umubwiriza 8:5 Ukomeza itegeko ntazamenya ikibi, umutima w'umunyabwenge ugenzura ibihe n'imanza,

⁴¹¹ Abafiripi 2:13 kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.

⁴¹² Zaburi 119:105 Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye.

⁴¹³ 2 Timoteyo 3:16 Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka

⁴¹⁴ Zaburi 119:133 Ujye utunganya intambwe zanjye mu ijambo ryawe, Gukiranirwa kose kwe kuntegeka.

⁴¹⁵ Yakobo 1:5 Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.

⁴¹⁶ Imigani 2:6 Uwiteka ni we utanga ubwenge, Mu kanwa ke havamo kumenya no kujijuka.

⁴¹⁷ Imigani 2:10 Nuko ubwenge buzinjira mu mutima wawe, Kandi kumenya kuzanezeza ubugingo bwawe.

⁴¹⁸ Imigani 1:7 Kubaha Uwiteka ni ishingiro ryo kumenya, Ariko umupfapfa ahinyura ubwenge n'ibibwiriza.

⁴¹⁹ Zaburi 32:8 Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, Ijisho ryanjye rizakugumaho.

⁴²⁰ Yeremiya 29:11 Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. 12 Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira. 13 Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.

⁴²¹ Yohana 10:27 Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi kandi zirankurikira.

⁴²² Imigani 15:22 Aho inama itari imigambi ipfa ubusa, Ariko aho abajyanama benshi bari irakomezwa.

⁴²³ Imigani 18:1 Uwitandukanya n'abandi aba ashaka ibyo ararikiye, Akanga ubwenge bwose butunganye afite ubukana.

⁴²⁴ 1 Abakorinto 11:1 Mugere ikirenge mu cyanjye, nk'uko nanjye nkigera mu cya Kristo.

⁴²⁵ 2 Abakorinto 1:3 Hashimwe Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo ari yo na Se, ari na yo Data wa twese w'imbabazi n'Imana nyir'ihumure ryose, 4 iduhumuriza mu makuba yacu yose kugira ngo natwe tubone

uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n'Imana,

⁴²⁷ Imigani 16:3 Imirimo yawe yose uyiharire Uwiteka, Ni ho imigambi yawe izakomezwa.

⁴²⁸ Zaburi 119:105 Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanyije, Ni umucyo umurikira inzira yanyije.

⁴²⁹ Abaheburayo 11:6 ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka.

⁴³⁰ Matayo 17:20 Arabasubiza ati "Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano ujye hirya' wahava, kandi ntakizabananira.

⁴³¹ Yobu 33:33 Niba ari nta cyo untegere amatwi, Ceceka nanjye nkwigishe ubwenge."

⁴³² 1 Yohana 1:9 Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.

⁴³³ Abaroma 8:1 Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, 2 kuko itegeko ry'Umwuka w'ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambatuye ububata bw'itegeko ry'ibyaha n'urupfu,

⁴³⁴ Yakobo 1:5 Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa. 6 Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujanwa n'umuyaga ushushubikanywa.

⁴³⁵ Abaroma 16:27 Icyubahiro kibe icy'Imana ifite ubwenge yonyine iteka ryose, ku bwa Yesu Kristo, Amen.

⁴³⁶ Yeremiya 17:7 "Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro. 8 Kuko azahwana n'igiti cyatewe hafi y'amazi gishorera imizi mu mugezi. Ntikizatinya amapfa nacana, ahubwo ikibabi cyacyo kizahorana itoto, ntikizita ku mwaka wacanyemo amapfa kandi ntikizareka kwera imbuto zacyo."

⁴³⁷ Gutegeka 11:13 Nimugira umwete wo kumvira amategeko yanyije mbategeka uyu munsu, ngo mukunde Uwiteka Imana yanyu, muyikoreshereze imitima yanyu yose n'ubugingo bwanyu bwose, 14 nzavubira igihugu cyanyu imvura mu bihe bikwiriye, imvura y'umuhindo n'iy'itumba, kugira ngo musarure imyaka yanyu y'impeke, na vino yanyu n'amavuta ya elayo yanyu.

⁴³⁸ Zaburi 112:1 Haleluya. Hahirwa uwubaha Uwiteka, Akishimira cyane amategeko ye. 2 Urubyaro rw'uwo ruzagira amaboko mu isi, Umuryango w'abatunganye uzahabwa umugisha.

⁴³⁹ Gutegeka 31:8 Uwiteka ubwe azakujya imbere, azabana nawe ntazagusiga, ntazaguhana. Ntutinye, ntukuke umutima."

⁴⁴⁰ Yakobo 1:4 Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato.

⁴⁴¹ Zaburi 62:8 Mwa bantu mwe, mujye muyiringira, Ibyo mu mitima yanyu mubisuke imbere yayo, Imana ni yo buhungiro bwacu.

⁴⁴² Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

⁴⁴³ Abafiripi 4:6 Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.

⁴⁴⁴ Yohana 3:16 Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikineye kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

⁴⁴⁵ Zaburi 5:11 Mana ubagire uko ugira abanyabyaha, Imigambi yabo ibatere kugwa, Ibicumuro byabo byinshi bigutere kubirukana, Kuko bakugomeye.

⁴⁴⁶ Zaburi 91:14 "Kuko yankunze akaramata ni cyo nzamukiriza, Nzamushyira hejuru kuko yamenye izina ryanjye.

⁴⁴⁷ Zaburi 67:1 Imana itubabarire iduhe umugisha, Itumurikishirize mu maso hayo. 2 Kugira ngo inzira yawe imenywe mu isi, Ubugingo bwawe bukiza bumenywe mu mahanga yose.

⁴⁴⁸ 2 Abakorinto 9:8 Kandi rero Imana ishobora kudasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose

⁴⁴⁹ Matayo 19:26 Yesu arabitegereza arababwira ati "Ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana byose birashoboka."

⁴⁵⁰ Zaburi 37:4 Kandi wishimire Uwiteka, Na we azaguha ibyo umutima wawe usaba.

⁴⁵¹ Yakobo 4:2 Murararikira ariko nta cyo mubona, murica kandi mugira ishyari ariko ntimushobora kunguka, muratabara mukarwana nyamara ntimuhabwa kuko mudasaba,

⁴⁵² Yakobo 1:23 kuko uwumva ijambo gusa ntakore ibyaryo, ameze nk'umuntu urebeye mu maso he mu ndorerwamo.

⁴⁵³ Yakobo 1:25 Ariko uwitegereza mu mategeko atunganye rwose atera umudendezo, agakomeza kugira umwete wayo, atari uwumva gusa akibagirwa ahubwo ari uyumvira, ni we uzahabwa umugisha mu byo akora.

⁴⁵⁴ Imigani 5:21 Kuko imigendere y'umuntu iri imbere y'amaso y'Uwiteka, Kandi ni we umenya imigenzereze ye yose.

⁴⁵⁵ Yeremiya 23:24 Hari uwabasha kunyihisha ahiherereye simubone? Ni ko Uwiteka abaza. Si jye ukwiriye ijuru n'isi?

⁴⁵⁶ Abaheburayo 4:13 Nta cyaremwe kitagaragara imbere yayo, ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambaye ubusa mu maso y'izabwaza ibyo twakoze.

⁴⁵⁷ Abaheburayo 4:16 Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.

⁴⁵⁸ Zaburi 62:8 Imana ni yo irimo agakiza kanjye n'icyubahiro cyanjye, Igitare cy'imbaraga zanjye n'ubuhungiro bwanjye biri mu Mana.

⁴⁵⁹ Yesaya 1:18 "Nimuze tujye inama", ni ko Uwiteka avuga, "Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera

⁴⁶⁰ Abefeso 1:4 nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo.

⁴⁶¹ Imigani 15:29 Uwiteka aba kure y'inkozi z'ibibi, Ariko yumva gusaba k'umukiranutsi.

⁴⁶² Zaburi 34:15 Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, N'amatwi ye ari ku gutaka kwabo.

⁴⁶³ Yakobo 5:16 Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe. Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete.

⁴⁶⁴ Matayo 11:29 Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu,

⁴⁶⁵ Yohana 8:34 Yesu arabasubiza ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko umuntu wese ukora ibyaha ari imbata y'ibyaha. 35 Imbata ntiba

mu rugo iteka, ahubwo mwene nyirarwo ni we urugumamo iteka. 36
Nuko Umwana nababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri

⁴⁶⁶ Yesaya 59:2 Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije
n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga
no kumva.

⁴⁶⁷ Yakobo 4:4 Yemwe basambanyi, namwe basambanyikazi, ntimuzi
yuko ubucuti bw'iby'isi butera kwangwa n'Imana? Nuko rero umuntu
wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana.

⁴⁶⁸ Yeremiya 29:13 Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima
wanyu wose. 14 Nzabonwa namwe, ni ko Uwiteka avuga, kandi
nzagarura abanyu bajanywe ari imbohe, nzabakoranya mbakuye mu
mahanga yose n'ahantu hose, aho nari narabatanyirije, ni ko Uwiteka
avuga, kandi nzabagarura aho nabakuje mukajyanwa muri imbohe.”

⁴⁶⁹ Ezeziyari 33:11 Ubabwire uti 'Umwami Uwiteka aravuga ati:
Ndirahiye, sinezewa no gupfa k'umunyabyaha, ahubwo nezezwa n'uko
umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye maze akabaho.
Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda
gupfa mwa ab'inzu ya Isirayeli mwe?'

⁴⁷⁰ Abagalatiya 5:4 Mwebwe abashaka gutsindishirizwa n'amategeko
mutandukanijwe na Kristo, kuko mwaguye muretse ubuntu bw'Imana.

⁴⁷¹ 2 Petero 2:20 Niba kumenya neza Yesu Kristo Umwami wacu
n'Umukiza kwarabateye guhunga, bakava mu by'isi byonona maze
bakongera kubyizingitiranizamo bikabanesha, ibya nyuma byabo biba
birushije ibya mbere kuba bibi.

⁴⁷² Abaroma 8:27 kandi Irondora imitima izi ibyo Umwuka atekereza,
kuko Umwuka asabira abera nk'uko Imana ishaka.

⁴⁷³ Abaroma 8:34 Ni nde uzazicira ho iteka? Ni Kristo Yesu kandi ari we
wazipfiriye, ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw'Imana adusabira?

⁴⁷⁴ Yesaya 59:2 Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije
n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga
no kumva.

⁴⁷⁵ Yakobo 5:15 Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi
Umwami amuhagurutse, kandi naba yarakoze ibyaha azaba
abibabariwe.

⁴⁷⁶ Zaburi 38:1 Uwiteka ntumpanishe umujinya wawe, Kandi
ntumpanishe uburakari bwawe bwotsa.

⁴⁷⁷ Abaheburayo 12:6 Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be.”

⁴⁷⁸ Amosi 3:2 “Ni mwe gusa namenye bo mu miryango yose yo mu isi, ni cyo gituma nzabahanira ibicumuro byanyu byose.”

⁴⁷⁹ Matayo 12:36 “Kandi ndababwira yuko ijambo ry’impfabusa ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku muni w’amateka. 37 Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi n’amagambo yawe ni yo azagutsindisha.”

⁴⁸⁰ Zaburi 66:18 Iyaba naribwiraga ibyo gukiranirwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye.

⁴⁸¹ Yesaya 33:6 Mu bihe byawe hazabaho gukomera n’agakiza gasāze n’ubwenge no kujijuka, kubaha Uwiteka ni ko butunzi bwe.

⁴⁸² Gutegeka 28:2 kandi iyi migisha yose izakuzaho, ikugereho niwumvira Uwiteka Imana yawe.

⁴⁸³ Malaki 2:2 Nimwanga kumva mukanga kuryitaho, ntimuheshe izina ryanjye icyubahiro nzabavuma wa muvumo ndetse n’imigisha yanyu nzayivuma, na ko maze kuyivuma kuko mutitaye ku itegeko ryanjye. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

⁴⁸⁴ Gutegeka 30:19 Uyu muni ntanze ijuru n’isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n’urupfu, n’umugisha n’umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho wowe n’urubyarwawe,

⁴⁸⁵ Imigani 3:33 Umuvumo w’Uwiteka uhora mu rugo rw’umunyabyaha, Ariko ubuturo bw’umukiranutsi abuha umugisha.

⁴⁸⁶ 2 Petero 3:9 Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, nk’uko bamwe batekereza yuko iritinda. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n’umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana.

⁴⁸⁷ Abefeso 1:3 Imana y’Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y’umwuka yo mu ijuru,

⁴⁸⁸ Gutegeka 28:1 Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, n’uwo kwitondera amategeko yayo yose ngutegeka uyu muni, Uwiteka Imana yawe izagusumbisha amahanga yose yo mu isi,

⁴⁸⁹ Zefaniya 3:8 Ni cyo gituma Uwiteka avuga ati “Nimuntegereze muzeze ku muni nzahagurutswa no kubanyaga, kuko nagambiriye guteraniriza amahanga hamwe, ibihugu byose binteranireho,

mbasukeho uburakari bwanyje n'umujinya wanyje ukaze, kuko isi yose izatsembwaho n'umuriro wo gufuha kwanjye.

490 Yakobo 1:3 mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana.

491 Matayo 17:20 Arabasubiza ati "Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano ujye hirya' wahava, kandi ntakizabananira.

492 Amaganya 3:25 Uwiteka abereye mwiza abamutegereje, N'ubugingo bw'umushaka. 26 Ni byiza ko umuntu yiringira, Ategereje agakiza k'Uwiteka atuje.

493 Zaburi 37:7 Turiza Uwiteka umutegereze wihanganye, Ntuhagarikwe umutima n'ubona ibyiza mu rugendo rwe, N'umuntu usohozza inama mbi.

494 Zaburi 62:1 Umutima wanyje uturize Imana yonyine, Ni yo agakiza kanjye gaturukaho.

495 Yesaya 40:29 Ni yo iha intege abarambiwe, kandi utibashije imwongeramo imbaraga.

496 Ibyahishuwe 3:16 Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka. 17 Nuko uvuga uti "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabwirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa.

497 Malaki 2:16 Nuko nanga gusenda, ni ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuga, nanga n'umuntu utwikiriza urugomo umwambaro we. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga. Nuko rero murinde imitima yanyu mwe kuriganya.

498 Abaheburayo 11:17 Kwizera ni ko kwatumye Aburahamu atamba Isaka, ubwo yageragezwaga. Kandi dore uwasezeranijwe ibyasezeranijwe yari agiye gutamba umwana we w'ikinege,

499 Matayo 5:3 "Hahirwa abakene mu mitima yabo, Nuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.

500 Matayo 5:9 Hahirwa abakiranura, Nuko ari bo bazitwa abana b'Imana.

501 Matayo 5:10 ahirwa abarenganyirijwe gukiranuka, Nuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.

502 Matayo 5:7 Hahirwa abanyambabazi, Nuko ari bo bazazigirirwa.

⁵⁰³ Matayo 5:5 Hahirwa abagwa neza, Kuko ari bo bazahabwa isi.

⁵⁰⁴ Luka 11:28 nawe aramusubiza ati “Ahubwo hahirwa abumva ijambo ry’Imana bakaryitondera.”

⁵⁰⁵ 1 Ibyo ku Ngoma 28:9 Nawe Salomo mwana wanjye, umenye Imana ya so, ujye uyikorera n’umutima utunganye kandi ukunze, kuko Uwiteka agenzura imitima yose, akamenya ibyo imitima yibwira byose, numushaka uzamubona, ariko numureka azaguka iteka ryose.

⁵⁰⁶ Matayo 11:28 “Mwese abarushye n’abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. 29 Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, 30 kuko kunkorera kutaruhije, n’umutwaro wanjye utaremereye.”

⁵⁰⁷ Imigani 19:8 Uwishakira ubwenge aba akunda ubugingo bwe, Ukomeza kwitonda azabona ibyiza.

⁵⁰⁸ Yesaya 40:29 Ni yo iha intege abarambiwe, kandi utibashije imwongeramo imbaraga. ³⁰ Abasore b’imigenda bazacogora baruhe, n’abasore bazagwa rwise, ³¹ Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk’ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora.

⁵⁰⁹ Yesaya 43:7 nzanira umuntu wese witiriwe izina ryanjye, uwo naremye kumpesha icyubahiro. Ni jye wamuremye, ni jye wamubumbye

⁵¹⁰ Zaburi 139:15 Igikanka cyanjye ntiwagihishwe, Ubwo naremerwaga mu rwiwaho, Ubwo naremesherezwaga ubwenge mu byo hasi y’isi.

⁵¹¹ Zaburi 139:16 Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, Mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanjye yose, Yategetswe itarabaho n’umwe.

⁵¹² Yohana 9:1 Akigenda abona umuntu wavutse ari impumyi.² Abigishwa baramubaza bati “Mwigisha, ni nde wakoze icyaha, ni uyu cyangwa ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi?”³ Yesu arabasubiza ati “Uyu nta cyaha yakozwe cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imirimo y’Imana yerekaniwe muri we.

⁵¹³ 2 Abakorinto 1:22 Ni yo yadushyizeho ikimenyetso, iduha Umwuka wayo mu mitima yacu ho ingwate.

⁵¹⁴ Abaroma 8:27 kandi Irondora imitima izi ibyo Umwuka atekereza, kuko Umwuka asabira abera nk’uko Imana ishaka.

⁵¹⁵ Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose

⁵¹⁶ Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose

⁵¹⁷ Abefeso 1:4 nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo; ⁵ Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ⁶ kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo, ⁷ Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ari ko kubabariwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri, ⁸ ubwo yadushagiriye bukubera ubwenge bwose no kumenya, ⁹ itumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ari byo yagambiriye kera, ¹⁰ kugira ngo ibihe nibisohora ibone uko iteraniriza ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi; ¹¹ Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo

⁵¹⁸ Matayo 7:13 Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n'inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. 14 Ariko irembo rifunganye, n'inzira ijya mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake.

⁵¹⁹ Abaroma 8:37 Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze. ³⁸ kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abatega, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, ³⁹ cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu

⁵²⁰ Yohana 16:27 kuko Data na we abakunda ubwe kuko mwankunze mukizera yuko navuye ku Mana.

⁵²¹ Yohana 3:16 Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

⁵²² 2 Abakorinto 5:21 kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.

⁵²³ Ibyakozwe 4:12 Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina muni y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriyeye gukirizwamo."

⁵²⁴ Yohana 14:6 Yesu aramubwira ati “Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo: nta wujya kwa Data ntamujyanye. 7 Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramuzi kandi mwamurebye.”

⁵²⁵ Yesaya 43:11 “Jyewe, jye ubwanjye ni jyewe Uwiteka, kandi nta wundi mukiza utari jyewe.

⁵²⁶ Ibyakozwe 13:38 Nuko bagabo bene Data, mumenye ko ari muri uwo tubabwira kubabariwa ibyaha, 39 kandi uwizera wese atsindishirizwa na we mu bintu byose, ibyo amategako ya Mose atabashaga kubatsindishiriza.

⁵²⁷ Abefeso 2:1 Namwe yarabazuye, mwebwe abari bapfuye muzize ibicumuro n’ibyaha byanyu, 2 ibyo mwagenderagamo kera mukurikiza imigenzo y’iyi si, mugakurikiza umwami utegeka ikirere, ari we mwuka ukorera mu batumvira. 3 Kandi natwe twese twahoze muri bo dukurikiza ibyo kamere yacu yifuza, tugakora ibyo kamere n’imitima byacu byishakira, kandi ku bwa kavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya nk’abandi bese. 4 Ariko Imana kuko ari umutunzi w’imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo 5 u bw’urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu (ubuntu ni bwo bwabakijije)

⁵²⁸ Yohana 3:13 Ntawazamutse ngo ajye mu ijuru, keretse Umwana w’umuntu wavuye mu ijuru, akamanuka akaza hasi. 14 “Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa,

⁵²⁹ Abefeso 2:8 Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana. 9 Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira, 10 kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

⁵³⁰ Abefeso 5:17 Nuko ntumukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu ashaka.

⁵³¹ Gutegeka 28:2 kandi iyi migisha yose izakuzaho, ikugereho niwumvira Uwiteka Imana yawe.

⁵³² Zaburi 128:2 Kuko uzatungwa n’imirimo y’amaboko yawe, Uzajya wishima, uzahirwa.

⁵³³ Yobu 32:8 Ariko mu bantu harimo umwuka, Kandi guhumeka kw’Ishoborabyose ni ko kubaha kujijuka.

⁵³⁴ Yobu 22:28 Uzagira icyo ugambirira kikubere uko ushaka, Kandi umucyo uzamurikira inzira zawe.

-
- ⁵³⁵ Zaburi 119:105 Ijamba ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye.
- ⁵³⁶ Zaburi 27:1 Zaburi ya Dawidi. Uwiteka ni we mucyo wanjye n'agakiza kanjye, Nzatinye nde? Uwiteka ni we gihome gikingira ubugingo bwanjye, Ni nde uzampinza umushyitsi?
- ⁵³⁷ Matayo 5:16 Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereke bahimbaze So wo mu ijuru.
- ⁵³⁸ Imigani 20:27 kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu,
- ⁵³⁹ Zaburi 6:22 "Itabaza ry'umubiri ni ijisho. Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo,
- ⁵⁴⁰ Yakobo 4:7 Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.
- ⁵⁴¹ 1 Peter 5:9 Mumurwanye mushikamye kandi mufite kwizera gukomeye, muzi yuko bene Data bari mu isi muhuje imibabaro.
- ⁵⁴² Abafiripi 1:6 icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko lyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurungiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo,
- ⁵⁴³ Abakolisayi 1:6 bwabagezeho namwe, nk'uko bwageze no mu isi yose bukera imbuto bugakura, nk'uko no muri mwe bwazeze uherye wa muni mwumviyemo mukamenya ubuntu bw'Imana by'ukuri,
- ⁵⁴⁴ Kuva 31:3 mwuzuzwa Umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora, n'ubuhanga n'ubukorikori bwose 4 byo guhimba imirimo y'ubuhanga, no gucura izahabu n'ifeza n'imiringa,5 no gukeba amabuye yo gukwikirwa no kubāza, no kugira ubukorikori bwose.
- ⁵⁴⁵ 2 Abakorinto 3:5 si uko twihagije ubwacu ngo dutekereze ikintu cyose nk'aho ari twe cyaturutseho, ahubwo tubashishwa n'Imana.
- ⁵⁴⁶ Zaburi 41:3 Uwiteka azamwiye gamiza ahondobereye ku buriri, Ni wowe umubyukiriza uburiri iyo arwaye.
- ⁵⁴⁷ Zaburi 55:22 Ikoreze Uwiteka umutwari wawe na we azakuramira, Ntabwo azakundira umukiranutsi kunyeganyezwa.
- ⁵⁴⁸ Zaburi 147:6 Uwiteka aramira abanyamubabaro, Acisha abanyabyaha bugufi akabageza hasi.
-

⁵⁴⁹ Yesaya 50:4 Umwami Imana impaye ururimi rw'abigishijwe kugira ngo menye gukomereshya urushye amagambo, inkangura uko bukeye, ikangurira ugutwi kwanjye kumva nk'abantu bigishijwe.

⁵⁵⁰ Abaheburayo 1:3 Uwo kuko ari ukurabagirana k'ubwiza bwayo n'ishusho ya kamere yayo, kandi akaba ari we uramiza byose ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu yicara iburyo bw'Ikomeye cyane yo mu ijuru.

⁵⁵¹ Yesaya 46:4 nkabageza mu za bukuru, ndi We. Muzarinda imvi ziba uruyenzi nkibaheka, ni jye waremye, ni jye uzaheka. Ni koko nzaheka kandi nzajya nkiza.

⁵⁵² Luka 9:23 Abwira bese ati "Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire,

⁵⁵³ Abakolosayi 2:7 mushoreye imizi muri we kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk'uko mwigishijwe, mufite ishimwe ryinshi risesekaye.

⁵⁵⁴ Gutegeka 28:1 Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, n'uwo kwitondera amategeko yayo yose ngutegeka uyu muni, Uwiteka Imana yawe izagusumbisha amahanga yose yo mu isi,

⁵⁵⁵ Zaburi 128:2 Kuko uzatungwa n'imirimo y'amaboko yawe, Uzajya wishima, uzahirwa.

⁵⁵⁶ Yesaya 55:12 "Muzasohokana ibyishimo, muzashorerwa amahoro muvayo. Imisozi n'udusozi bizaturagara birimbire imbere yanyu, ibiti byose byo mu gasozi bizakoma mu mashyi.

⁵⁵⁷ Abaroma 14:17 kuko ubwami bw'Imana atari ukurya no kunywa, ahubwo ari ubwo gukiranuka n'amahoro no kwishimira mu Mwuka Wera.

⁵⁵⁸ Abagalatiya 5:22 Aiko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka,

⁵⁵⁹ Yesaya 32:17 Umurimo wo gukiranuka ni amahoro, kandi ibiva ku gukiranuka ni ihumure n'ibyingiro bidashidikanywa iteka ryose.

⁵⁶⁰ 2 Abakorinto 12:10 Ni cyo gituma ku bwa Kristo nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo mbaye umunyantega nke ari ho ndushaho kugira imbaraga.

-
- ⁵⁶¹ Abaheburayo 10:36 Kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka, muzahabwe ibyasezeranijwe.
- ⁵⁶² Yeremiya 1:19 bazakurwanya, ariko ntibazakubasha kuko ndi kumwe nawe kugira ngo nkurokore.” Ni ko Uwiteka avugaga.
- ⁵⁶³ Yohana 16:33 Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi.”
- ⁵⁶⁴ Zaburi 33:11 Imigambi y’Uwiteka ikomera iteka ryose, Ibyo yibwira mu mutima we bihora ibihe byose.
- ⁵⁶⁵ Abaroma 12:16 Muhuze imitima, ntumukararikire ibikomeye ahubwo mwemere kubana n’ibyorohereje. Ntimukiyite abanyabwenge.
- ⁵⁶⁶ 1 Abakorinto 12:12 Nk’uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk’uko ingingo z’umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari,
- ⁵⁶⁷ Ibyakozwe 2:38 Petero arabasubiza ati “Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabwirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano y’Umwuka Wera,
- ⁵⁶⁸ 1 Abakorinto 7:7 kuko nashaka ko abantu bose bamera nkanjye, ariko umuntu wese afite impano ye yahawe n’Imana, umwe ukwe undi ukwe.
- ⁵⁶⁹ 1 Abakorinto 12:7 umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bese bafashwe.
- ⁵⁷⁰ 2 Petero 3:18 Ahubwo mukurire mu buntu bw’Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n’Umukiza. icyubahirwa kibe icye none n’iteka ryose. Amen.
- ⁵⁷¹ 1 Abakorinto 12:1 Bene Data, ibyerekeye impano z’Umwuka sinshaka ko mutabimenya.
- ⁵⁷² 1 Abakorinto 12:4 icyakora hariho impano z’uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe.
- ⁵⁷³ 1 Petero 4:10 kandi nk’uko umuntu yahawe impano ari ari ko muzigaburirana, nk’uko bikwiriye ibisonga byiza by’ubuntu bw’Imana bw’uburyo bwinshi.
- ⁵⁷⁴ 2 Abakorinto 8:12 kuko iyo umuntu yemeye gutanga akurikije ibyo afite, ibyo birahagije nta wukwiriye gutanga ibyo adafite.
-

⁵⁷⁵ 1 Petero 4:10 kandi nk'uko umuntu yahawe impano abe ari ko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi.

⁵⁷⁶ 1 Abakorinto 1:7 bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k'Umwami wacu Yesu Kristo.

⁵⁷⁷ 1 Abakorinto 12:7 umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe.

⁵⁷⁸ 1 Petero 4:10 kandi nk'uko umuntu yahawe impano abe ari ko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi.

⁵⁷⁹ Abefeso 2:10 kuko turi abo yaremeye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

⁵⁸⁰ 1 Petero 4:10 kandi nk'uko umuntu yahawe impano abe ari ko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi. 11 Umuntu navuga avuge nk'ubwirijwe n'Imana, nagabura ibyayo abigabure nk'ufite imbaraga Imana itanga, kugira ngo Imana ihimbazwe muri byose, ku bwa Yesu Kristo nyir'icyubahiro n'ubutware, iteka ryose. Amen.

⁵⁸¹ Zaburi 133:1 ndirimbo ya Dawidi y'Amazamuka. Dorere, erega ni byiza n'iby'igikundiro, Ko abavandimwe baturana bahuje!

⁵⁸² Matayo 7:7 Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa.

⁵⁸³ Gutegeka 28:1 Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, n'uwo kwitondera amategeko yayo yose ngutegeka uyu munsu, Uwiteka Imana yawe izagusumbisha amahanga yose yo mu isi, 2 kandi iyi migisha yose izakuzaho, ikugereho niwumvira Uwiteka Imana yawe. 3 Uzagirira umugisha mu mudugudu, uzawugirira no mu mirima.

⁵⁸⁴ Abaroma 12:1 Nuko bene Data, ndabingira ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. 2 Kandi ntumwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

⁵⁸⁵ Yohana 14:16 Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose,

⁵⁸⁶ Yohana 15:26 "Umufasha naza, uwo nzaboherereza ava kuri Data, ari we Mwuka w'ukuri ukomoka kuri Data, azampamya.

⁵⁸⁷ Abaroma 8:26 Uko ni ko n'Umwuka adufasha mu ntege nke zacu kuko tutazi uko dukwiriye gusenga, ariko Umwuka ubwe ni we udusabira aniha iminiho itavugwa

⁵⁸⁸ Yuda 1:20 Ariko mwebweho bakundwa, mwiubake ku byo kwizera byera cyane, musengere mu Mwuka Wera.

⁵⁸⁹ Abaroma 8:27 kandi Irondora imitima izi ibyo Umwuka atekereza, kuko Umwuka asabira abera nk'uko Imana ishaka.

⁵⁹⁰ Yakobo 5:13 Mbese muri mwe hariho ubabaye? Nasenge. Hariho unezerewe? Naririmbire Imana.

⁵⁹¹ Yakobo 5:13 Mbese muri mwe hariho ubabaye? Nasenge. Hariho unezerewe? Naririmbire Imana

⁵⁹² Yakobo 5:14 Muri mwe hariho urwaye? Natumire abakuru b'Itorero, bamusabire bamusize amavuta mu izina ry'Umwami.

⁵⁹³ Yakobo 5:15 Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yarakoze ibyaha azaba abibabariwe.

⁵⁹⁴ Yakobo 5:16 Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe. Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete

⁵⁹⁵ Matayo 6:6 Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhareke usenge So mwihereranye. Nuko So ureba ibyihereye azakugororera.

⁵⁹⁶ Matayo 5:43 "Mwumvise ko byavuzwe ngo 'Ukunda mugenzi wawe, wange umwanzi wawe.' ⁴⁴ Ariko jyweweho ndababwira nti 'Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, ⁴⁵ ni bwo muzaba abana ba So wo mu ijuru, kuko ateguka izuba rye kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranuka n'abakiranirwa abavubira imvura. ⁴⁶ Nimukunda ababakunda gusa, muzahembwa iki? Mbese abakoresha ikoro na bo ntibagira batyo? ⁴⁷ Nimuramutsa bene wanyu bonyine, abandi mubarusha iki? Mbese abapagani na bo ntibagira batyo? ⁴⁸ Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka.

⁵⁹⁷ Matayo 6:9 Nuko musenge mutya muti "Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe. ¹⁰ Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk'uko biba mu ijuru. ¹¹ Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu muni. ¹² Uduharire imyenda yacu, Nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu. ¹³ Ntuduhanze mu bitwoshya, Ahubwo udukize Umubi, Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari byawe, None n'iteka ryose.

⁵⁹⁸ 2 Timoteyo 3:1 Umenye yuko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya. ² kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, biraŋira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, ³ badakunda n'ababo, batūzura, babeshyerana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza, ⁴ bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana; ⁵ bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako. Abameze batyo ujye ubatera umugongo.

⁵⁹⁹ Zekariya 4:6 Aransubiza ati "Jambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati 'Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

⁶⁰⁰ Yesaya 40:28 Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Umuremyi w'impera z'isi ntirambirwa, ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka.

⁶⁰¹ Luka 9:26 Kuko umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanjye, Umwana w'umuntu na we azagira isoni zo kumwemera, ubwo azaza afite ubwiza bwe n'ubwa se, n'ubw'abamarayika bera.

⁶⁰² 1 Petero 3: 15 ahubwo mwubahe Kristo mu mitima yanyu ko ari we Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'ibyiringiro mufite, ariko mufite ubugwaneza, mwubaha

⁶⁰³ Matayo 17:20 Arabasubiza ati "Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano ujye hiry' wahava, kandi ntakizabananira.

⁶⁰⁴ 1 Yohana 2:2 Uwo ni we mpongano y'ibyaha byacu, nyamara si ibyaha byacu gusa ahubwo ni iby'abari mu isi bose.

⁶⁰⁵ Yesaya 53:5 Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhashe amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.

⁶⁰⁶ Matayo 28:19 Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, 20 mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi."

⁶⁰⁷ Ibyakozwe 10:42 Adutegeka kubwiriza abantu no guhamya ko ari we Imana yategetse kuba Umucamanza w'abazima n'uw'abapfuye.

⁶⁰⁸ 1 Petero 3:15 ahubwo mwubahe Kristo mu mitima yanyu ko ari we Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'ibyiringiro mufite, ariko mufite ubugwaneza, mwubaha

⁶⁰⁹ Matayo 7:12 “Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n’ibyahanuwe.

⁶¹⁰ Ezeziyeli 3:11 maze ugende usange abo mu bwoko bwawe bajanywe ari imbohe, uvugane na bo ubabwire uti ‘Uku ni ko Umwami Uwiteka avuze’, nubwo babyumva naho batabyumva.”

⁶¹¹ Luka 9:26 Kuko umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanyje, Umwana w’umuntu na we azagira isoni zo kumwemera, ubwo azaza afite ubwiza bwe n’ubwa se, n’ubw’abamarayika bera.

⁶¹² Abagalatiya 5:22 Ariko rero imbuto z’Umwuka ni urukundo n’ibyishimo n’amahoro, no kwihangana no kugira neza, n’ingeso nziza no gukiranuka.

⁶¹³ Imigani 11:30 Imbuto z’umukiranutsi ni igiti cy’ubugingo, Kandi umunyabwenge agarura imitima.

⁶¹⁴ Luka 12:5 Ahubwo ndabereka uwo mukwiriye gutinya: mutinye umara kwica umuntu agashobora kumujugunya muri Gehinomu. Ni koko, ndababwira abe ari we mutinya.’

⁶¹⁵ Luka 12:8 Kandi ndababwira yuko uzampamiriza imbere y’abantu, nanjye Umwana w’umuntu nzamuhamiriza imbere y’abamarayika b’Imana.

⁶¹⁶ 1Yohana 1:3 Ibyo twabonye tukabyumva ni byo tubabwira kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n’Umwana we Yesu Kristo.

⁶¹⁷ Luka 15:10 Ndababwira yuko ari ko haba umunezero mwinshi imbere y’abamarayika b’Imana, bishimira umunyabyaha umwe wihannye.

⁶¹⁸ Luka 10:2 Arababwira ati “Ibisarurwa ni byinshi ariko abasaruzi ni bake, nuko mwingingye nyir’ibisarurwa ngo yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye.”

⁶¹⁹ 2Abakorinto 5:5 Imana ni yo yaturemeye iyo ngiyo, ndetse yayiduhereye Umwuka ho ingwate.

⁶²⁰ Imigani 10:22 Umugisha Uwiteka atanga uzana ubukire, Kandi nta mubabaro yongeraho.

⁶²¹ Ezekiyeli 28:4 Ubwenge bwawe no kumenya kwawe byaguhesheje ubutunzi, ukuzuza izahabu n'ifeza mu bubiko bwawe.

⁶²² Imigani 19:14 Urugo n'amatungo umuntu abiragwa n'ababyeyi be, Ariko umugore witonda amuhabwa n'Uwiteka.

⁶²³ Umubwiriza 6:2 umuntu Imana yahaye ubutunzi n'ubukire n'icyubahiro, ntabure ibyo umutima we wifuza byose, ariko Imana ntimuhe inda yo kubirya, ahubwo umushyitsi akaba ari we ubyirira, ibyo na byo ni ubusa, n'indwara mbi.

⁶²⁴ Imigani 3:9 Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, N'umuganura w'ibyo wunguka byose

⁶²⁵ Imigani 11:4 Ubutunzi nta cyo bumara ku muni w'uburakari, Ariko gukiranuka kudukiza urupfu.

⁶²⁶ Yakobo 5:3 izahabu zanyu n'ifeza zanyu ziriwe n'ingese. Ingese yazo ni yo izaba umugabo wo kubahamya, izarya imibiri yanyu nk'umuriro. Mwabitse ubutunzi bwanyu mu minsi y'imperuka.

⁶²⁷ Mariko 4:19 maze amaganya y'iyi si n'ibihendo by'ubutunzi, n'irari ryo kwifuza ibindi, iyo bibinjiye mu mutima biniga iryo jambo ntirere.

⁶²⁸ 1Timoteyo 6:17 bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri.

⁶²⁹ Umubwiriza 5:10 Ukunda ifeza ntabwo ahaga ifeza n'ukunda kunguka byinshi na we ni uko. Ibyo na byo ni ubusa.

⁶³⁰ Zaburi 49:20 Ubugingo bwe buzasanga ba sekuruza, Batazareba umucyo ukundi.

⁶³¹ Ibyakozwe 10:42 Adutegeka kubwiriza abantu no guhamya ko ari we Imana yategetse kuba Umucamanza w'abazima n'uw'abapfuye.

⁶³² Abaroma 12:2 Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

⁶³³ Abefeso 5:17 Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu ashaka.

⁶³⁴ Zaburi 94:8 Mwa bameze nk'inka mwe bo mu bantu, mwite kuri ibi, Mwa bapfu mwe, muzagira ubwenge ryari?

⁶³⁵ 2 Abakorinto 11:14 Kandi ibyo si igitangaza, kuko na Satani ubwe yihindura nka marayika w'umucyo.

⁶³⁶ Abaroma 2:7 Abashaka ubwiza n'icyubahiro no kudapfa babishakisha gukora ibyiza badacogora, izabitura ubugingo buhoraho.

⁶³⁷ Zaburi 119:105 jambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanyje, Ni umucyo umurikira inzira yanyje.

⁶³⁸ Ibyakozwe 2:21 Kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa.'

⁶³⁹ Matayo 7:13 "Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n'inzira iyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi.

⁶⁴⁰ Yakobo 1:22 Ariko rero muje mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka, 23 kuko uwumva ijambo gusa ntakore ibyaryo, ameze nk'umuntu urebeye mu maso he mu ndorerwamo; 24 Amaze kwireba akagenda, uwo mwanya akiyibagirwa uko asa. 25 Ariko uwitegereza mu mategeko atunganye rwose atera umudendezo, agakomeza kugira umwete wayo, atari uwumva gusa akibagirwa ahubwo ari uyumvira, ni we uzahabwa umugisha mu byo akora.

⁶⁴¹ Matayo 7:23 Ni bwo nzaberurira nti 'Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe.'

⁶⁴² 2 Abatesalonike 7:14 maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu.

⁶⁴³ Zaburi 25:14 Ibihishwe by'Uwiteka bihishurirwe abamwubaha, Azabereke isezerano rye.

⁶⁴⁴ Yohana 15: 15 Sinkibita abagaragu kuko umugaragu atazi ibyo shebuja akora, ahubwo mbise incuti kuko ibyo numvise kuri Data byose mbibamenyesheje.

⁶⁴⁵ Abefeso 1:18 ngo amaso y'imitima yanyu abone uko ahweza mumenye ibyo mwiringizwa n'iyabamahagaye, mumenye n'ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyo azaraga abera, ¹⁹ mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri

⁶⁴⁶ Abefeso 4:22 bibabwiriza iby'ingeso zanyu za kera ko mukwiriye kwiymbura umuntu wa kera uheneberezwa no kwifuza gushukana, ²³ mugahinduka bashya mu mwuka w'ubwenge bwanyu, ²⁴ mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse

⁶⁴⁷ 2Petero 3:18 Ahubwo mukurire mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza. icyubahiro kibe icye none n'iteka ryose.

⁶⁴⁸ 2 Timoteyo 2:15 Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.

⁶⁴⁹ 2 Timoteyo 3:16 Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka, ¹⁷ kugira ngo umuntu w'Imana abe ashytse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.

⁶⁵⁰ Abefeso 3:18 muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, ¹⁹ mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana.

⁶⁵¹ Yesaya 26:4 Mujye mwiringira Umwami iminsi yose, kuko Umwami Yehova nyine ari we Rutare ruhoraho iteka ryose.

⁶⁵² 1 Petero 4:2 bayobejwe n'uburyarya bw'abigisha b'abanyabinyoma, bafite inkovu z'ibyaha mu mitima yabo nk'iz'ubushye

⁶⁵³ Matayo 6:33 Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa.

⁶⁵⁴ 1 Abatesalonike 5:18 mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.

⁶⁵⁵ Ezira 10:11 None nimwaturire Uwiteka Imana ya ba sogokuriza mukore ibyo ishaka, mwitandukanye n'abanyamahanga bo mu gihugu, n'abagore b'abanyamahangakazi

⁶⁵⁶ Abaheburayo 2:4 Imana ifatanije na bo guhamya ihamirisha ibimenyetso n'ibitangaza n'imirimo ikomeye y'uburyo bwinshi, n'impano z'Umwuka Wera zagabwe nk'uko yabishatse?

⁶⁵⁷ Abaheburayo 13:21 ibatunganye rwose mu byiza byose kugira ngo mukore ibyo ishaka, ikorera muri mwe ibishimwa imbere yayo ku bwa Yesu Kristo, icyubahiro kibe icye iteka ryose

⁶⁵⁸ Abefeso 1:11 Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo

⁶⁵⁹ 1 Abakorinto 10:24 Ntihakagire umuntu wizirikana ubwe, ahubwo azirikane na mugenzi we

⁶⁶⁰ Matayo 5:16 Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.

⁶⁶¹ 1 Petero 2:15 Kuko ibyo Imana ishaka ari uko mujibisha abantu b'abapfapfa batagira icyo bamenya, gukora neza kwanyu.

⁶⁶² 1 Abatesalonike 4:3 Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwwa kwanyu no kwirinda gusambana

⁶⁶³ 2 Timoteyo 3:16 Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka

⁶⁶⁴ Yohana 9:31 Tuzi yuko Imana itumva abanyabyaha, ariko uyubaha agakora ibyo ishaka, uwo ni we yumva.

⁶⁶⁵ 1 Yohana 5:14 Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka,

⁶⁶⁶ Abefeso 4:29 Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo muje muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha.

⁶⁶⁷ 1 Petero 4:19 Nuko rero, abababazwa nk'uko Imana ibishaka, nibabitse uwo Muremyi wo kwizerwa ubugingo bwabo, bagumye bakore neza

⁶⁶⁸ Gutegeka 15:10 Ntuzabure kumuha kandi numuha ntibizakubabaze, kuko icyo ngicyo kizatuma Uwiteka Imana yawe iguhera umugisha umurimo wawe wose, n'ibyo ugerageza gukora byose

⁶⁶⁹ Matayo 6:19 "Ntimukibikire ubutunzi mu isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba;²⁰ Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe;²¹ kuko aho ubutunzi bwawe buri ari ho n'umutima wawe uzaba.

⁶⁷⁰ Abaheburayo 10:36 Kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka, muzahabwe ibyasezeranijwe.

⁶⁷¹ Yohana 3:13 Ntwazamutse ngo ajye mu ijuru, keretse Umwana w'umuntu wavuye mu ijuru, akamanuka akaza hasi. ¹⁴ Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa,¹⁵ kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.

⁶⁷² Abefeso 2:8 Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana,⁹ Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira.¹⁰ Kuko turi abo yaremeye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo

⁶⁷³ Abaroma 10:9 Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, 10 kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa. 11 Kuko ibyanditswe bivuga bita "Umwizera wese ntazakorwa n'isoni. 12 Nta tandukaniro ry'Umuyuda n'Umugiriki, kuko Umwami umwe ari Umwami wa bose, ni we ubereye abamwambaza bose ubutunzi. 13 Kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa.

⁶⁷⁴ 1Petro 2:24 Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije. 25 Kuko mwari nk'intama zizimiye, ariko none mukaba mwaragarukiye Umwungeri w'ubungo bwanyu ari we Murinzi wabwo

⁶⁷⁵ Abefeso 1: 17 kugira ngo Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo Data wa twese w'icyubahiro, ibahe umwuka w'ubwenge no guhishurirwa bitume muyimenya

⁶⁷⁶ Yakobo 1:5 Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa.

⁶⁷⁷ Abefeso 2:10 Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose

⁶⁷⁸ Zaburi 139:14 Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza.

⁶⁷⁹ Zaburi Kandi wishimire Uwiteka, Na we azaguha ibyo umutima wawe usaba

⁶⁸⁰ Abefeso 2:10 Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose

⁶⁸¹ 2 Timoteyo 4:7 Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera.

⁶⁸² Matayo 17:20 Arabasubiza ati "Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano ujye hirya' wahava, kandi ntakizabananira.

⁶⁸³ 2 Abakorinto 9:10 Iha umubibyi imbuto n'imitsima yo kumugaburira ni yo izabaha, ibongerere imbuto zanyu zo kubiba kandi igwize imbuto zo gukiranuka kwanyu.

⁶⁸⁴ Imigani 11:25 Umunyabuntu azabyibuha, Kandi uvomera abandi na we azavomerwa.

⁶⁸⁵ Gutegeka 15:10 Ntuzabure kumuha kandi numuha ntibizakubabaze, kuko icyo ngicyo kizatuma Uwiteka Imana yawe iguhera umugisha umurimo wawe wose, n'ibyo ugerageza gukora byose.

⁶⁸⁶ 2 Abakorinto 9:6 Ariko ndavuga ibi ngo "Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi.

Ese waba warigeze kwibaza...

- Ese nshobora kumenya Imana?
- Ni gute naremwe mu ishusho y'Imana?
- Isi yacu yuzuyemo umubabaro n'ubukene- Ese ni Imana ibitera cyangwa ni Satani?
- Ese Imana ni Imana ihana? Ese yaba impanira ibintu bibi naba nakoze?
- Mu by'ukuri – Yesu ni nde?
- Ese Imana yaba ikoresha Satani mu nyungu zayo?
- Kuki muri iyi Si harimo ibibi n'ibyaha byinshi?
- Ndasenga, ariko Imana ntijya isubiza amasengesho yanjye. Kuki?
- Kuki Imana igabira abandir umugisha, ariko njye ikawunyima?
- Kuki navutse, noneho ni ubuhe bushake bw'Imana ku buzima bwanjye?
- Ni iki nakora kugira ngo mbeho ubuzima busobanutse kandi bufite intego?

Niba warigeze kwibaza kuri ibi bintu – kandi ukaba utari-wabibonye ibisubizo, iki gitabo gishobora kuba icyawe. Iki gitabo cyakorewe gusubiza ibibazo by'ingenzi cyane byerekanye ubuzima- harimo ibibazo biri hejuru ndetse n'ibindi byinshi byose.

Tuzashimishwa no kukumva Numara gusoma iki gitabo.

Hari umwanya w'ibitekerezo ku rubuga rwacu uri bubone hasi.

Jim Harper

Abaroma 12:2

Kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka -ari byo byiza bishimwa, kandi bitunganye rwose.

Ukeneye ibitabo bya e-books, imfashanyigisho, ibitabo bivuye, wasura:

www.UnderstandGodsWill.com